




**INTEKO  
Y'UMUCO**  
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY



# **INKORANYAMUGA Y'IKORANABUHANGA**


2026





# INKORANYAMUGA Y'IKORANABUHANGA

2026



**Umwanditsi:**

**Inteko y'Umuco**

*Rwanda Cultural Heritage Academy*

*Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda*

Agasanduku k'Iposita: 630 Butare, Rwanda

Imeri: info@rwandaheritage.gov.rw

Urubuga: rwandaheritage.gov.rw

© 2026 Inteko y'Umuco (RCHA)

*Uburenganzira bwose burashinganye. Nta gice na kimwe cy'iki gitabo gishobora kwiganwa, kubikwa ku kintu icyo ari cyo cyose cyangwa gutangwa nta ruhushya rwanditse rw'Inteko y'Umuco.*

Irangwa ry'igitabo:

**Inteko y'Umuco.2026. Inkoranyamuga y'ikoranabuhanga**

**Huye: RCHA**

**ISBN: 978-99977-0-699-7**

**Icapwa rya mbere: 2026**

**Icapiro : Image Designing Center Ltd**

## Ijambo ry'ibanze

Inteko y'Umuco ifite inshingano yo gukungahaza no guteza imbere Ikinyarwanda mu ngeri z'ubumenyi zitandukanye. Bumwe mu buryo bukoresheya kugira ngo iyo nshingano yuzuzwe ni ukwandika inkoranyamugamba n'inkoranyamuga.

Inteko y'Umuco ifite gahunda irambuye yo kwandika inkoranyamuga zinoze zo mu ngeri zose z'ubumenyi kugira ngo irushaho gushakira Ikinyarwanda amagambo mashya gikeneye, yungura ubumenyi bw'Abanyarwanda kandi inabafasha kurushaho gusabana mu bumenyi baniteza imbere.

Mu gukungahaza Ikinyarwanda ku muga y'ubuhanga n'ubumenyi, Inteko y'Umuco yanditse *Inkoranyamuga y'Ikoranabuhanga* igira ngo ikemure ikibazo cyari kimaze iminsi usanga abafatanyabikorwa bagaragaza ko hakenewe inkoranyamugamba ku ikoranabuhanga mu Kinyarwanda.

Mu kwandika inkoranyamuga y'ikoranabuhanga mu Kinyarwanda hakurikijwe igenamikorere ry'ubushakashatsi mu by'ihangamuga, hakorwa ikusanyamuga haherewe ku magamba akoreshwa mu bigo bifite aho bihuriye n'ikoranabuhanga, twavugaga nka Minisitiri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT), Ikigo cy'u Rwanda Gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA) n'Urwego Ngenzuramikorere (RURA). Inteko y'Umuco yakusanyije kandi amugamba mu bigo bikoresheya cyane ikoranabuhanga, ibyaduhaye amugamba bikoresheya muri serivisi batanga. Hasuwe kandi imbuga zitandukanye za murandasi zibonekaho intonde z'amugamba y'ikoranabuhanga mu zindi ndimi. Hibanzwe by'umwihariko ku muga Umunyarwanda usanzwe azakenera mu gukoresheya mudasobwa n'ibijyanye na yo.


Iyi nkoranyamuga y'ikoranabuhanga mu Kinyarwanda yanditswe ku bufatanye bw'inzego. Abakozi b'Inteko y'Umuco bagize uruhare mu iyandikwa ry'iyi nkoranyamuga y'ikoranabuhanga mu Kinyarwanda ni KABAGEMA Egide, MUSABEYEZU Théogène, MBARUBUKEYE Jean de la Croix, UWERA Marcelline na MUSHIKIYASE Chantal. Nyuma yo gutegura inyandiko y'ibanze y'inkoranyamuga y'ikoranabuhanga, Inteko y'Umuco yegereye abafatanyabikorwa bayo bayiha inzobere zo kunoza iyo nyandiko. Inzobere zagize uruhare muri iki gikorwa ni Bwana MUSONERA Emile (RISA), Dr. HITIMANA Eric (CST), Bwana

HABUMUREMYI Emmanuel (ARJ) na Bwana NSHUNGUYIMFURA Abou-Bakar (MINUBUMWE).

Ingeri y'ikoranabuhanga igizwe n'ibitsibo byinshi cyane bitewe n'uko ari rigari. Ariko hagendewe ku muga yegeeranyijwe, agaragara mu bitsibo bikurikira: itangazabumenyi koranabuhanga (ICT), ikoranabuhanga rya mudasobwa (Computer Hardware), ikoranabuhanga rya murandasi (Internet Technology), itumanaho koranabuhanga (Telecommunication), isakazamakuru (Broadcasting), ubwenge buhangano (Artificial Intelligence), urusobe ntangamakuru (Multimedia), ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso (Forensics), Ikoranabuhanga ndangamuntu (Digital Identification) n'ikoranabuhanga ry'imari (Digital Finance).

Inteko y'Umuco ikangurira inzego kugira uruhare runini mu guhindura mu Kinyarwanda amuga yo mu zindi ndimi zikoresha mu kazi kazo ka buri muni, zigafatanyaga n'Inteko y'Umuco kunoza amuga bakoresha mu Kinyarwanda. Iyi nkoranyamuga y'ikoranabuhanga ikaba ije ari urugero rwiza rukurikira izindi nkoranya zayibanjirije mu gukungahaza Ikinyarwanda.

Twese hamwe dukomeze dufatanye mu gukungahaza Ikinyarwanda, tugira uruhare mu guhanga amuga mu rurimi rwacu kavukire kuko bizihutisha iterambere twese duharanira.



**Amb. Robert MASOZERA,**  
Intebe y'Inteko y'Umuco.



## ISHAKIRO

Ijambo ry'ibanze .....	II
Ishakiro .....	IV
Imiterere y'inkoranyamuga y'ikoranabuhanga n'impine zakore-shejwe .....	V



<b>A</b>	1
<b>B</b>	13
<b>C</b>	15
<b>D</b>	15
<b>E</b>	15
<b>F</b>	15
<b>G</b>	16
<b>H</b>	20
<b>I</b>	20
<b>J</b>	180
<b>K</b>	180
<b>L</b>	188
<b>M</b>	188
<b>N</b>	198
<b>P</b>	200
<b>R</b>	203
<b>S</b>	203
<b>T</b>	207
<b>U</b>	208
<b>V</b>	261
<b>W</b>	263
<b>Y</b>	264
<b>Z</b>	264

## Imiterere y'inkoranyamuga y'ikoranabuhanga n'impine zakoreshejwe

Uretse indatwa, ibindi byose byanditse muri Book Antiqua, 12.

**Iryuga ry'indatwa:** Ubusanzwe, *iryuga* ni ijambo rya gihanga mu mwuga runaka. *Iryuga ry'indatwa* ryo ni iryo jambo rya gihanga rigenderewe gusobanurwa mu nkoranya. Ijambo ry'indatwa ryandikwa mu nyuguti zitsitse zo mu ibara ry'umukara wijimye (Bodoni MT Black), zikagira ingano ya 12. Urugero: **Mwandikisho**. Iryuga ry'indatwa ryerekanwa imisomerwe mu dukubo hakoreshejwe inyandiko y'amasaku (hirinzwe inyandiko nyemvugo kuko ishobora kuzanamo amasaku abantu batamenyereye ndetse n'ibihekane abenshi batazi). Urugero: **Mwandikisho** (mwaandikiisho). Mu rwego rwo korohereza abayisoma bakoresha Ikinyarwanda, iryuga ry'indatwa ryatiwe mu zindi ndimi ari izina bwite rya sosiyete cyangwa ikigo ryanditswe mu Kinyarwanda, ariko rikaguma kwandikwa uko risanzwe mu gice cyandikwamo iryo bihuye mu Cyongereza no mu Gifaransa. Urugero: **Porogaramu ya Webegisi** (porogaraamu ya wêbegîsi). Eng: **Webex**. Fr: **Webex**.

**Impuzanyito:** Impuzanyito ni iryuga rivuga kimwe n'indatwa, bikaba byabangikana iyo bigaragara ko indatwa itahitayumvwa na buri wese. Iyo impuzanyito ihari, irangwa n'impine **HI** itari mu nyuguti zitsindagiye. Impuzanyito ishyirwa mu nyuguti zitsindagiye. Urugero: **Mwandikisho**. HI: **Urwandikiro rwa mudasobwa**. Impuzanyito ikurikirwa n'inyandiko yayo mu masaku ikagaragaza uburyo ijambo risomwa. Urugero: HI: **Urwandikiro rwa mudasobwa** (urwaandikiro rwaa mûdasobwâ).

**Iryuga ry'Icyongereza:** Iryuga ryandikwa mu nyuguti zitsindagiye. Hari igihe usanga haragaragaye amuga menshi y'icyongereza avuga inshoza imwe. Icyo gihe hagaragazwamo iry'indatwa rikandikwa ku buryo buthindagiye, ayandi akarikurikira ku buryo budatsindagiye kandi iryuga rigatandukanywa n'irindi hakoreshejwe akabago n'akitso kuko aba ari mu cyiciro kimwe cy'igisobanuro. Iryuga ry'icyongereza ribanzirizwa n'impine **Eng** iri mu nyuguti zidatsindagiye. Urugero: Eng: **Computer keyboard**; keyboard.

**Iryuga ry'Igifaransa:** Iryuga ry'igifaransa ryandikwa mu nyuguti zitsindagiye, haba hari impuzanyito zikandikwa mu nyuguti zisanzwe, zigatandukanywa hakoreshejwe akabago n'akitso. Iryuga ry'igifaransa ribanzirizwa n'impine **Fr** itari mu nyuguti zitsindagiye. Urugero: Fr: **Clavier d'ordinateur**; clavier.

**Igitsibo cy'ikoranabuhanga:** Igitsibo iryuga ribarizwamo cyandikwa mu nyuguti zitsindagiye, kikabanzirizwa n'impine NK ivuga ingeri y'ikoranabuhanga. Byumvikane neza ko turi mu ngeri imwe y'ikoranabuhanga, ikaba igizwe n'ibice bito byitwa ibitsibo. Muri aya muga hagaragaramo ibitsibo bikuru bikurikira: itangazabumenyi koranabuhanga (ICT), ikoranabuhanga rya mudasobwa (IT), ikoranabuhanga rya murandasi (internet technology), itumanaho koranabuhanga (telecommunication), isakazamakuru (Broadcasting), ubwenge buhangano (Artificial Intelligence), urusobe ntangamakuru (Multimedia) rurimo ikoranabuhanga ry'amajwi (sound technology) ndetse n'iry'amashusho (video/visual technology), ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso (Forensics), Ikoranabuhanga ndangamuntu (Digital Identification) n'ikoranabuhanga ry'imari (Digital Finance). Urugero: NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.**

**Inshoza:** Igisobanuro kigufi cy'iryuga. Hari igihe bigaragara ko hari utuntu tw'umwihariko tujyanye n'ikoranabuhanga usanga ko byaba byiza twongewe ku gisobanuro cy'ibanze. icyo gihe twongerwamo n'ubwo igisobanuro kiba cyumvikanye. Ubundi igisobanuro nticyagombye kurenza imirongo itanu. Inshoza ibanzirizwa n'ikimenyetso cy'impine SH ivuga inshoza nyine, ikaba mu nyuguti zidatsindagiye. Urugero: **Mwandikisho.** SH: Igikoresho cyifashishwa mu kwinjiza amakuru muri mudasobwa hakoreshejwe gukanda inyoborakimenyetso ya mudasobwa haba iy'inyuguti, iy'imibare cyangwa iy'ibimenyetso byihariye.

### Urutonde rw'ibimenyetso mpine

**HI:** Impuzanyito

**Eng:** icyongereza

**Fr:** Igifaransa

**NK:** Ingeri y'ikoranabuhanga/igitsibo

**SH:** Inshoza/igisobanuro

Izindi mpine ziba ziherekeje iryuga zisobanuye.

## INKORANYAMUGA Y'IKORANABUHANGA



**Abafatanyabikorwa bifashisha urubuga** (abafâtanyabîkorwâ biifâshiisha urubûga). Eng: **Website affiliate**; affiliate. Fra: **Affilié du site Web**; affilié du site de la toile; affilié. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umufatanyabikorwa utangaza umurongo uhuza abasura urubuga rwe, abasomyi b'urubuga rwe, cyangwa urubuga rwe nkoranyambaga.

**Abagarutse kuri murandasi** (abagâruka kurî murâandasî). Eng: **Returning visitors**. Fr: **Visiteurs qui reviennent**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Abashyitsi basuye urubuga rwa murandasi, bakaba barugarutseho.

**Abashya kuri murandasi** (abashyâ kurî murâandasî). Eng: **New Visitors**; New Users. Fr: **Nouveaux visiteurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Abasuye urubuga rwa murandasi bwa mbere.

**Aderesi** (adereêsi). Eng: **Address**. Fr: **Adresse**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingenamikorere cyangwa urufunguzo rwihariye ruranga ahantu habitswe amakuru yihariye mu mbikamakuru ya mudasobwa cyangwa y'ihuzanzira nyamibare, yifashisha inzungano n'inkoranabuhanga bishobora gutahura, kubona cyangwa kugarura amakuru ku buryo buhamye.

**Aderesi ndangarubuga** (adereêsi ndâangarûbuga). HI: **Indangarubuga ya murandasi**, (indâangarûbuga ya mûraandasî). Eng: **Web Address, Uniform Resource Locator (URL)**. Fr: **Adresse web**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikiranga gikoreshwa mu gushakisha ikintu kiri kuri murandasi nk'urubuga, ifoto, cyangwa videwo.

**Aderesi nyunganizi** (adereêsi nyungaanizi). Eng: **Subnet address**. Fr: **Adresse de sous-réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igice cy'umubare ndanga wa mudasobwa cyangwa w'igikoresho cy'ihuzanzira cyerekana agace k'ihuzanzira kiri hamwe n'irindi huzanzira ryagutse.

**Aderesi y'ubutumwa koranabuhanga** (adereêsi kôranabûhaânga). HI: Imeri (imêeri). Eng: **E-mail**; email. Fr: **Courriel**; Courrier électronique. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bw'itumanaho bukoresha ibikoresho by'itumanaho mu kohereza ubutumwa ku mbuga nkoranyambaga, urugero: info.

**Aderesi yihariye kuri murandasi** (adereêsi yihâriye kuri murâandasî). Eng: **Internet Protocol Address (IP)**; Internet protocol. Fr: **Adresse de protocole Internet**; protocole Internet. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Numero rukumbi iranga buri gikoresho gihujwe na murandasi mu rwego rw'itumanaho.

**Agace kadindiye** (agacê kaâdiindiye). Eng: **Under-served area**. Fr: **Zone mal desservie**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ahantu hagenwe aho iboneka rya serivisi z'itumanaho riri hasi, aho serivisi ya interineti ifite umuvuduko wa 100 Mbps kugeza kuri 20 Mbps.

**Agace nyongeragaciro k'inkoranabuhanga** (agacê nyôngeeragâciiro k'iinkôranabûhaânga). Eng: **Software Module**. Fr: **Module logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rwigenga mu nkoranabuhanga rufite ibyiciro byinshi bikenera urwinjiriro rwihariye n'isohokero riteguwe n'inzira izwi.

**Agaciro ngenzurayangirika** (agacîiro ngêenzurayângiirika). Eng: **Checksum**. Fr: **Somme de contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agaciro gato k'amakuru gakomoka ku makuru menshi, gakoreshwa mu kumenya amakosa ashobora kubaho mu gihe cyo kohereza amakuru cyangwa kuyabika.

**Agaciro nyamwanya** (agacîiro nyamwaânya). Eng: **Code page value**; character Set; encoding. Fr: **Valeur de codes**; jeu de caractères; codage. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umumaro umwanya ugira muri mudasobwa ukaba ushobora guhagararamo ishusho, ijwi cyangwa inyuguti.

**Agahembe ka anteni** (agaheêmba kaa anteêni). Eng: **Spurn antenna**; spur; horn-spur. Fr: **Antenne défilée**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ubwoko bwa sisiteme ya anteni y'icyogajuru bufite ubushobozi bwo guhuza n'icyogajuru ikuraho amakuru hatitawe ku ngendo zacyo mu kirere.

**Agahuza** (agahuûza). Eng: **Straight Tip connector**; ST connector. Fr: **Connecteur à pointe droite**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cyifashishwa mu guhuza no gutandukanya insinga z'ihuzanzira zinyuzwa mu butaka.



**Agakayi koranabuhanga** (agakayî kôranabuhaânga). Eng: **OneNote**. Fr: **OneNote**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ikora incamake koranabuhanga, ikagira ububiko bumwe rukumbi ishyiramo incamake z'inyandiko, z'ubushakashatsi, muri make ibyo ugomba kwibuka kugira ngo ucunge urugo rwawe, akazi kawe cyangwa ibyo ugomba kwibuka ku ishuri.

**Agasanduka k'ibikoresho koranabuhanga** (agasâandukâ k'ibikôreesho kôranabûhaânga). Eng: **ICT Toolbox**. Fr: **Boîte à outils informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Zimwe mu ntambwe ziteguye zinyurwamo mu gihe cyo kwandika porogaramu za mudasobwa.

**Agasanduku k'ubutumwa koranabuhanga** (agasâandukû k'ûbutumwâ kôranabûhaânga). Eng: **Email box**; e-mailbox; electronic mailbox; mailbox. Fr: **Boîte aux lettres électronique**; boîte de messagerie; boîte e-mail; boîte aux lettres e-mail; boîte e-mail; messagerie. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ububiko bw'ikoranabuhanga bwakira, bugashyingura bukanacunga ubutumwa koranabuhanga bw'ukoresha ikoranabuhanga.



**Agashusho ndangabubiko** (agashusho ndâangabûbiiko). Eng: **My computer**. Fr: **Mon ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akarango gashyirwa ahagana ibumoso h'ikirahure kuri mudasobwa hagamijwe kwerekana ibiri muri mudasobwa.

**Agashusho nyobora** (agashusho nyobora). HI: **Agashusho ndanga** (agashusho ndaanga). Eng: **Icon**. Fra: **Icône**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho igaragara ku ndebera ya mudasobwa ikerekana inkoranabuhanga ikoreshwa, igikoresho nkoranabuhanga cyangwa indi nshoza cyangwa imiterere yihariye ifite icyo isobanuye ku muntu ukoresha mudasobwa.



**Agatabo ka aderesi** (agatabo kaa adereêsi). Eng: **Adress book**. Fr: **Carnet d'adresses**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urutonde rwa aderesi za imeri zose ukoresha kenshi.

**Agatabo ndanga** (agatabo ndaanga). HI: **Ubushyinguro paji** (ubushyiinguro paâji). Eng: **Bookmark**. Fr: **Signet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga bw'ikigo cya Mikorosofuti bufasha porogaramu za murandasi zitandukanye bukanagira imikorere myiza y'ishakiro ry'amakuru kuri murandasi.

**Agatemberezo** (agatemberezo). Eng: **Slider; Trackbar**. Fr: **Barre de défilement**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Akantu gakoreshwa mu kugenda wihuse ku rupapuro mu byerekezo byose by'indebero, kakereka ukoresha mudasobwa aho ari bushyire icyo ashaka kongera mu byo yandika cyangwa yakoraga kuri urwo rupapuro, cyangwa aho icyo ashaka gukora kiri bukorerwe, gakunda.



kuba kari mu isura ry'ikiganza cyangwa ikimenyetso cyo guteranya ku makarita.

**Agatende k'imbeba** (agateênde k'imbeba). Eng: **Stroll wheel; scroll wheel**. Fr: **Molette de défilement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akagurudumu kaba ku mbeba ya mudasobwa kakagira umumaro wo kuzamura cyangwa kumanura ifishiye, akenshi gakoze muri pulasitiki ikomeye iriho agakawucu, kakaba hagati y'imfatamakuru mwikarago iri mu mbeba.



**Ahabanza** (ahabâanza). Eng: **Home page; homepage; start page**. Fr: **Page d'accueil**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urukuta (ipaji) rubanza ku rubuga, aho urusuye agomba kunyura, bigafasha kwereka urusuye aho yanyura bitewe n'ibyo akeneye.



**Ahagera ihuzanzira** (ahagêra ihuuzanzira). Eng: **Network Coverage; Internet coverage; coverage**. Fr: **Couverture Internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ahantu hose hagerwa n'ihuuzanzira n'indi miyoboro ya murandasi, bikagaragazwa n'ingano y'abantu bashobora kubona no kwakira uburyo bw'ihuuzanzira kuri telefoni zabo cyangwa mudasobwa.


**Ahaherereye amakuru** (ahaherereye amakuru). Eng: **Location**. Fr: **Emplacement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu hashobora gusobanurwa hifashishijwe ibisobanuro byanditse ari byo imibare y'inyabubiri, hakarangwa no kugira indanga, korohereza ibika ry'amakuru cyangwa kuyabona.

**Ahandikwa** (ahaândikwa). Eng: **Text window**. Fr: **Fenêtre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akadirishya ko muri sisiteme yo gushushanya kuri mudasobwa, gashyirwamo amagambo mbere yo kuyajyana aho agenewe.



**Ahandikwa ku ifoto** (ahaândikwa ku ifoto). Eng: **Text box**. Fr: **Zone de texte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruganiriro rushyirwa ku ishusho cyangwa ifoto (GUI) haba hameze nk'urukiramende, hashobora kwimurwa cyangwa guhindurirwa ingano, hagakoreshwa mu kwandikamo, guhindura ibyanditse cyangwa kwerekana inyandiko, bigafasha abakoresha mudasobwa gukorana n'inkoranabuhanga cyangwa urubuga rwa mudasobwa umuntu yandika inyandiko, ayishyiraho cyangwa akaba yayisoma.

**Akabikamuriro** (akabiikamuriro). Eng: **Capacitor**. Fr: **Condensateur**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imiraba**. SH: Agakoresho ko mu ikoranabuhanga kakira gusa, gakoreshwa mu kubika igihe gito amashanyarazi, kakagira ahantu hashashe habiri ntwaremashanyarazi hatandukanywa n'inkumiramashanyarazi (ibumba, purasitiki,...).



**Akadege** (akadeêge). Eng: **AirFlight mode**. Fr: **Mode avion**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bw'imikorere y'igikoresho gitotoniki, twavuga nka telefoni, aho icyo gikoresho kitajya ku ihuzanzira nziramugozi, bityo ntigishobore kohereza cyangwa kwakira amakuru (guhamagara, ubutumwa), ndetse ntigishobore gufata murandasi arikoi kikaba gishobora gukomeza gukoreshwa ku bundi buryo.



**Akadirishya rembo** (akadirishyâ rêmbo). EnIg: **Home tab**. Fr: **Onglet Accueil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu ubanziriza

kuri mudasobwa harimo ibikoresho by'ibanze byo guhindura no gutunganya inyandiko.

**Akadirishya rugo** (akadîrishyâ rugô). Eng: **Another added tab**. Fr: **Onglet Accueil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu ubanziriza kuri mudasobwa harimo ibikoresho by'ibanze byo guhindura no gutunganya inyandiko.

**Akagega k'umuyoboro mugufi** (akagega k'ûmuyoboro mugufi). Eng: **LAN server**; file server; server to a local-area network (LAN). Fr: **Serveur LAN**; serveur de fichiers, serveur vers un réseau local (LAN). NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa ifite ububasha bwo kohereza amakuru ku gipimo cyo hejuru, ikaba ibitse gahunda z'inkoranabuhanga n'amafishiye ya zamudasobwa zihuriye ku ihuzanzira.

**Akagege** (akageege). Eng: **Rack**. Fr: **Bai**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu gashyirwaho za mugabuzi cyangwa ibindi bikoresho by'ihuzanzira akenshi karangwa no kugira imyanya igerekeranye.




**Akamashini kishyurirwaho** (akamâshini kiishyûrirwahô). Eng: **Payment terminal**; Card machine; Credit card machine. Fr: **Terminal de paiement électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Igikoresho cyifashishwa mu bucuruzi mu kwishyura mu buryo bw'ikoranabuhanga no gukora ibikorwa bya serivisi za banki.



**Akamashini mbikambikuza** (akamâshiîni ko kwishyuriraho). Eng: **Point of selling (POS) system**. Fr: **Système de point de vente (PDV)**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Igikoresho kigizwe n'ibice bibiri: mudasobwa cyangwa ikindi gikora nka yo n'inkoranabuhanga, byoroshya mu kugura k'umukiriya, gucunga igurisha, no gukurikirana imbona nkubone ibihunitswe ku buryo usanga ari urubuga nsanganya ku mucuruzi w'umudandaza, amahoteri cyangwa ibigo bitanga serivisi.

**Akamenyesha** (akamenyeesha). Eng: **Alert Dialog Box**; Dialog box; Alert Box. Fr: **Boîte de dialogue d'alerte**; boîte de dialogue; boîte d'alerte; boîte de message. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:



Akadirishya kizana ku ndebero kugira ngo kakumenyeshe ko mudasobwa yawe yenda kugira icyo ikora gishobora kugira ingaruka zangiza, bityo ukaba ugomba guhitamo ikigomba gukorwa ari cyo kuyemerera cyangwa kuyihakanira.

**Akamyasa** (akamyasa). HI: **Inyoboranyandiko** (inyoboranyandiko). Eng: **Text cursor**. Fr: **Curseur de texte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingaragaza ihumbaguza, igaragara ku ndebero, ikagaragaza aho inyandiko yandikwa, ihindurwa cyangwa yongerwamo ikintu.

**Inzira mpuzamakuru** (inzira mpûuzamâkurû). HI: **Inzira ndangamakuru** (inzira ndâangamâkurû); **indangamakuru** (indâangamâkurû); **urwinjiriro** (urwîinjiriro). Eng: **Hyperlink**; link. Fr: **Lien hypertexte**; lien. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko cyangwa igishushanyo gishyirwa mu nyandiko yo mu ikoranabuhanga kiba imbarutso yo gukora ikindi gikorwa cyangwa kubona indi nyandiko.

**Akayoboro mwihariko** (akayoboro mwîihariko). HI: **Ihuzanzira rigufi** (ihuuzanzira rigufi). Eng: **Personal area network (PAN)**. Fr: **Réseau personnel**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira rituma haba ihuzwa ry'ibikoresho gitoroniki mu hantu h'akazi k'umuntu.

**Akayoboro nziramugozi** (akayoboro nzîramûgozî). HI: **Ihuzanzira nziramugozi rya hafi** (ihuuzanzira nzîramûgozî ryaa hâafi). Eng: **Wireless local area network (WLAN)**; wireless LAN. Fr: **Réseau local sans fil**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro wa murandasi udakoresha umugozi ahubwo ukoresha amajwi ya radiyo, ugahuza za mudasobwa cyangwa ibindi bikoresho bihuriye ku nzira imwe hakoreshejwe amajwi aho hafi nko mu nzu, mu ishuri, muri raboratwari ya mudasobwa, ikigo cya kaminuza, cyangwa mu nyubako yagenewe ibiro.

**Akayunguruzo k'imfatashusho** (akayuunguruzo k'imfatashusho). Eng: **Charged Coupled Device (CCD)**. Fr: **Dispositif couplé chargé**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Akuma kari muri kamera

kayungurura urumuri cyangwa amabara mbere y'uko amashusho afatwa.

**Akazamuriro** (akazaamuuriro). Eng: **Scroll bar**. Fr: **Barre de défilement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akarongo gashyirwa mu ruhande rwa mudasobwa kerekana uko ukoresha mudasobwa ari kuzamura cyangwa se amanura urupapuro rwe.

**Akugara k'indangururamajwi** (akûugaarâ k'iindâangururamajwi). HI: **Akugara** (akûugaarâ). Eng: **Diaphragm**. Fr: **Diaphragme**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Akantu kizengurukije gashobora kwikunja kaba mu ndangururamajwi cyangwa mu muzindaro kagatuma byirangira bigatanga amajwi yumvikana kurushaho.



**Amabwiriza agenga ukugera ku makuru** (amabwiiriza agêenga ukugera ku makurû). Eng: **Access control protocol**; controlled access protocol. Fr: **Protocole d'accès contrôlé**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu shingiro mu mutekano w'amakuru, kigena ufite uburenganzira bwo kugera ku makuru no ku mutungo w'ikigo, no kubikoresha.

**Amabwiriza akwemerera kugera ku makuru** (amabwiiriza akwêemerera ukugera ku makurû). Eng: **Data access protocol**. Fr: **Protocole d'accès aux données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amategeko atuma inkoranabuhanga zitandukanye n'inzungano bihana amakuru bigasangira amakuru kuri murandasi.

**Amabwiriza nyoborantima** (amabwiiriza nyôborantîma). Eng: **Microinstruction**. Fr: **Micro-instruction**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itegeko rya mudasobwa rikoresha imiyoboro ikenewe kugira ngo hashe gukorwa igikorwa kimwe cy'umurimo wa mudasobwa, cyane cyane mu gihe hakorwa itegeko ryo mu rurimi rwa mashini.

**Amabwiriza nyoherezamakuru** (amabwiiriza nyôherezamâkurû). HI: **Imbonezanzira nryanabutumwa** (imbonezanzira nryanabûtumwâ). Eng: **Hypertext Transfer Protocol Secure (https)**. Fr: **Protocole de transfert hypertext sécurisé (https)**; protocole HTTP. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ishingiro rya murandasi rikoresha mu gushyira ibintu

ku mapaji ya murandasi hifashishijwe inzira ndangamakuru, akaba ari uburyo bwizewe bwo kohereza amakuru kuri interineti burinda umutekano wayo.

**Amabwiriza yoroshye yo kugera ku makuru** (amabwiiriza yoorôshye yô kugera ku makurû). Eng: **Lightweight directory access protocol (LDAP)**. Fr: **Protocole d'accès léger aux répertoires**. **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amabwiriza mashya agenga imitangire ya serivisi ziboneka kuri murandasi.

**Amaguru ya kamera** (amaguru ya kamera) Eng: **Tripod**, Fr: **Trépied**. Igikoresho cy'amaguru atatu ahurira hejuru ahaterekwaho kamera cyangwa imfatafoto mu gihe cyo gufata videwo cyangwa amafoto kikayibuza kunyeganyega.

**Amajwi ya mudasobwa** (amajwî ya mûdasobwâ). Eng: **Computer audio**; audio. Fr: **Audio informatique**; audio. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ihindura mu mibare, isesengura, ibika n'isomwa ry'amajwi hakoreshejwe urwungano koranabuhanga.

**Amakuru bwite** (amakurû bwiitê). Eng: **Personal data**. Fr: **Données à caractère personnel**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Amakuru ayo ari yo yose yerekeye ufatika uriho uzwi cyangwa ushobora kumenyekana, haba ku bijyanye n'indanga mbonera (amazina, inomeru ndangamuntu) cyangwa indanga nziguro (aderesi yihariye kuri murandasi, indanga ya kuki, amakuru ndangahantu) bifasha gutahura umuntu uwo ari we cyangwa kumenya aho akerereye.

**Amakuru bwite yigengeserwa** (amakurû bwiitê yigêngeserwa). Eng: **Sensitive personal data**. Fr: **Données à caractère personnel**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Amakuru agaragaza isanomuzi y'umuntu, uko ubuzima bwe buhagaze ko yafunzwe cyangwa atafunzwe, dosiye ye yo kwa muganga, inkomoko ye mu muryango, imyemerere ye ishingiyeye ku idini cyangwa ku mitekerezereze, ibitekerezo bye bya politiki, amakuru ndangasano cyangwa ay'imiterere ye, ay'ubuzima bw'imibonano mpuzabitsina cyangwa umwirondoro w'umuryango.

**Amakuru inzovu** (amakurû inzovu). Eng: **Big data**. Fr: **Mégadonnée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru aremereye ashobora gufata umwanya munini ku bubiko bwa mudasobwa ndetse no

mu gihe cyo kuyahererekanya bigafata umwanya munini bitewe n'imiterere y'ayo makuru.

**Amakuru ndangamiterere** (amakurû ndâangamîteêrere). Eng: **Biometric data**. Fr: **Données biométriques**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Ibiranga umuntu bikubiyemo ifoto igaragaza mu maso, ibikumwe n'ishusho y'imboni.

**Amakuru rusange** (amakurû rûsaânge). Eng: **Non-personal data**. Fr: **Données non personnelles**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru yose adafite aho ahuriye n'umuntu tuvuge nk'amakuru y'iteganyagihe.

**Amakuru y'inyatsa remezo** (amakurû y'înyatsa remezo). Eng: **Master Boot Record (MBR)**. Fr: **Secteur de démarrage principal**; Enregistrement de démarrage principal. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'urwego rw'ibikoresho byo gutangiza porogaramu biherereye mu gice cya mbere cy'ibikoresho byo kubika amakuru bigizwe n'ibice bibiri, nka disiki zikomeye cyangwa disiki zishobora gukuraho, zigenewe sisitemu zijyanye na IBM PC ndetse na nyuma yaho.

**Amakuru ya mudasobwa** (amakurû ya mudâsobwâ). Eng: **Computer data**. Fr: **Données informatiques**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko, imibare, amafoto, amajwi, videwo n'ibindi bintu bibikwa, bitunganywa cyangwa bikoherezwa hakoreshejwe sisitemu ya mudasobwa.

**Amakuru yigengeserwa** (amakurû yiigêengeseerwa). Eng: **Sensitive Data**. Fr: **Données sensibles**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Amakuru agaragaza amakuru bwite cyangwa ay'ingenzi nk'ubuzima, imyizerere, cyangwa ibitekerezo bya politiki.

**Amakuru yo mu muyoboro w'itumanaho** (amakurû yô mu muyoboro w'îitûmanahô). Eng: **Network Data**. Fr: **Données-réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Amakuru ateguwe ku buryo agaragaza ihuzanzira cyangwa amasano ari hagati ibikoresho.

**Amasezerano koranabuhanga** (amasezerano kôranabûhaânga). Eng: **Smart contract**. Fr: **Contrat intelligent**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwumvikane hagati y'abantu babiri cyangwa ibigo bibiri ku buryo mbonezamikorere bwa mudasobwa bugenwe ku buryo

y'iyi mudasobwa yikoresha hagati yabyo hatagize undi wa gatatu uzamo kandi igisubizo kikaba cyizewe ko ari cyo.

**Amasezerano nsangiramakuru** (amaseezerano y'isâangiramâkurû). Eng: **Data Sharing Agreement**. Fr: **Accord de partage de données** (DSA). NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubwumvikane hagati y'inzego agaragaza uburyo amakuru akoreshwa, asangirwa, kandi arindwa.

**Amashusho mbonankubone** (amashusho mbônankûbonê). Videwo mbonankubone (videwo mbônankûbonê). Eng: **Live video**; livestream. Fr: **Vidéo en direct**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gusakaza amashusho mu gihe nyacyo.

**Amashusho mpuzabiganiro** (amashusho mpuuzabigaaniro). Eng: **Interactive video** (IV). Fr: **Vidéo interactive**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Videwo koranabuhanga ishyira imbere kuganira n'ukoresha mudasobwa.

**Amashusho mu isegonda** (amashusho mu iisêgondâ). Eng: **Frames Per Second** (FPS). Fr: **Images par seconde**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igipimo cy'umuvuduko umukino w'amashusho koranabuhanga ushobora gukoreraho ukanagaragaza amashusho.

**Amayinite** (amayinite). Eng: **Airtime credit**; Prepaid mobile plan; Mobile airtime; Airtime payment; Airtime charge. Fr: **Crédit de communication**; credit; temps d'antenne. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwahanzwe bw'amafaranga akoreshwa kuri telefoni aho umuntu atanga amafaranga agahabwa igihe cyo kuvugira kuri telefoni ye.

**Anteni** (anteêni). Eng: **Antenna**; Aerial. Fr: **Antenne**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ikoranabuhanga ryifashishwa mu kwakira cyangwa kohereza imiraba y'itumanaho nk'iya radiyo, televiziyo, telefoni zigendanwa, interineti cyangwa itumanaho nziramuguzi.



**Anteni nyabyerekezo** (anteêni nyabyêerekezo). Eng: **Omnidirectional antenna**. Fr: **Antenne omnidirectionnelle**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubwoko w'anteni yakira imiraba nsakazamakuru ituruka mu byerekezo byose.



**Anteni nyacyerekezo** (anteêni nyacyêerekezo). Eng: **Unidirectional antenna**. Fr: **Antenne Unidirectionnelle**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubwoko w'anteni yakira imiraba nsakazamakuru ituruka gusa ku cyerekezo yerekejweho.

**Anteni y'icyogajuru** (anteêni y'icyoogajuru). Eng: **Satellite antenna**. Fr: **Antenne satellite**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Igikoresho gishyirwa hanze cyangwa hejuru y'inzu kugira ngo gihure n'umuraba w'icyogajuru mu kirere, kikakira cyangwa kigashyira hanze ibimenyetso by'itumanaho.



**Anteni y'icyogajuru y'umweru** (anteêni y'icyoogajuru y'umwêru). Eng: **White Satellite Antenna**. Fr: **Antenne Satellite Blanche**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubwoko bw'anteni y'igisahani ifite ibara ry'umweru ikoreshwa mu kwakira no kohereza imiraba y'itumanaho hagati y'Isi n'icyogajuru cy'itumanaho kiri mu kirere, ku buryo ibasha kwihanganira ubushyuhe bwinshi n'imihindagurikire y'ikirere.

**Anteni y'icyogajuru yo ku butaka** (anteêni y'icyoogajuru yô ku butaka). Eng: **Earth station antenna**; Ground satellite antenna. Fr: **Antenne de station terrestre**; Antenne satellite terrestre. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubwoko bw'anteni nini iba ku butaka yakira kandi ikohereza imiraba y'itumanaho hagati yayo n'icyogajuru kiri mu kirere.

**Anteni y'igisahani** (anteêni y'igisahaani). HI: **Anteni y'ikidasesa** (anteêni y'ikidâsêesâ). Eng: **Satellite dish antenna**; Parabolic antenna. Fr: **Antenne Parabolique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubwoko bw'anteni ifite ishusho nk'iyisahani ishyirwa hanze y'inzu cyangwa ku nkingi, igakoreshwa mu kwakira no kohereza imiraba nsakazamakuru hagati y'ibikoresho by'itumanaho n'icyogajuru kiri mu kirere, ishobora kwakira cyangwa kohereza ibimenyetso nsakazamakuru bya radiyo mu buryo bw'uruhande rwose, bivuze ko itayobora ku cyerekezo kimwe gusa.



**Anteni y'udushami** (anteêni y'udushâmi). Eng: **Directional antenna**; Yagi antenna. Fr: **Antenne directionnelle**; antenne Yagi. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Igikoresho mfamajwi cyangwa



amashusho gifite utwuma tugishamitseho gishyirwa ku cyerekezo runaka kugira ngo kiyobore cyangwa gikomeze ibimenyetso mu cyerekezo kimwe gusa, aho kuba mu mpande zose.

**Antivirusi** (antivirûusi). Eng: **Antivirus software**; antivirus; anti-virus; AV. Fr: **Logiciel antivirus**; antivirus. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'inkoranabuhanga ikoreshwa mu gukumira, gushakisha, gutahura no gusiba virusi muri mudasobwa.



**Bando** (baandô). Eng: **Bundle**; Packet. Fr: **Paquet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Indundo irimo inkoranabuhanga n'ibindi bikenewe bigurirwa hamwe kugira ngo ikore.

N. K: **Ikoranabuhanga ry'itumanaho**. SH: Indundo y'amayinite akenewe kugira ngo ukoreshe murandasi.

**Banki koranabuhanga** (baânki kôranabûhaânga). Eng: **Digital Banking; Electronic Banking; E-Banking, Online Banking**. Fr: **Banque numérique**; Système bancaire électronique; banque à distance. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Gukoresha mudasobwa, telefoni zigendanwa, imashini za ATM cyangwa interineti mu gukora ibikorwa bya banki utiriwe usura ishami rya banki.

**Banki ngendanwa** (baânki ngeendânwa). Eng: **Mobile banking**. Fr: **Banque mobile**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Igikorwa cyo gukora ibikorwa by'imari hifashishijwe ibikoresho bigendnwa nka telefoni.

**Bayiti** (bayîti). Eng: **Byte**. Fr: **Octet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urukurikirane rw'imyanya nyantera ifite umumaro wo gushyirwamo amakuru nk'amashusho, amajwi cyangwa uruvange rw'ibitangazwa, ikagira agaciro ku ipaji ka zero (0), umwanya nyantera ugizwe n'imyanya nkoranabuhanga 8.

**Biti mu isogonda** (biti mu iisogôondâ). Eng: **Bits per second (bps)**. Fr: **Bits par seconde**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: bwo buryo busanzwe bwo gupima umuvuduko w'amakuru anyura kuri interineti cyangwa sisitemu ya telefoni.

**Biti nyabubiri** (inyâbubîri). Eng: **Dibit**. Fr: **Dibit**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itsinda rya bibiri rifatwa nk'ikintu kimwe, kuko nyakamwe ya bayiti ingana na 0 cyangwa 1 habaho uburyo bune ari bwo 00, 11, 01 na 10 buboneka hahereye kwikurikiranya rya za nyakamwe ari zo 00, 01, 10 na 11.

**Bodi** (boôdi). Eng: **Baud**. Fr: **Baud**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: igice cyo gupima umuvuduko w'ibimenyetso, cyangwa umubare w'impinduka zidasanzwe mu kimenyetso kuri buri segonda.

**Buto mfungamibare** (buto mfûungamîbarê). HI: **Imfungamibare** (imfûungamîbarê). Eng: **Num Lock key**; Num Lock. Fr: **Touche de verrouillage numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akamenyetso kaba ku rubaho rwa mudasobwa kifashishwa mu guhinduranya ibimenyetso mu mibare.

**Buto mfungamudasobwa** (buto mfûungamûdasobwâ). HI: **Imfungamudasobwa** (imfuungamûdasobwâ). Eng: **Close button**. Fr: **Bouton de fermeture**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akabuto kaba kuri porogaramu cyangwa ku idirishya, gakunzwe kugaragazwa n'inyuguti "X", gakoreshwa mu gufunga idirishya, agasanduku k'ikiganiro, cyangwa porogaramu.

**Buto yo gucapa** (buto yô gucapa). HI: **Incapisho** (incapiisho); **buto yo gusohora** (buto yô gusohora). Eng: **Print button**. Fr: **Bouton Imprimer**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu ko kuri mucapyi gatangiza igikorwa cyo gusohora inyandiko.

**Buto yo gufunga idirishya** (buto yô gufûunga idîrîshyâ). HI: **Gufunga** (gufuunga). Eng: **Close**. Fr: **Fermer**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu gakoreshwa mu gufunga inyandiko cyangwa porogaramu kuri mugaragaza.



## C

**Cyatekerejweho** (cyaatekerejwehô). Eng: **Sentient**. Fr: **Sensible**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ubushobozi bwo kumva no kugira ibiyumvo, nko kumva ububabare, ibyishimo, cyangwa ubwoba.

## D

**Disiki nyatsamudasobwa** (diisiki nyâtsamûdasobwâ). HI: **Agace nyatsa** (agacê nyatsa); **impagurutsa** (impagûrutsa). Eng: **Boot Sector**. Fr: **Secteur de démarrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: icyiro cya mbere cy'imbikamakuru ruziga, akaba ari ahantu hihariye h'igikoresho mbikamakuru kirimo amabwiriza y'ibanze ya ngombwa mu guhagurutsa urwungano nyoboramikorere rwa mudasobwa, ni urufunguzo rutangiza inzira y'iyaka rya mudasobwa.

## E

**Efemu ihinduye** (efêemu ihîinduye). Eng: **Modified frequency modulation**. Fr: **Modulation de fréquence modifiée** (MFM). NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo bwo kubika amakuru ku bikoresho bifite rukuruzi.

**Egizabayiti** (egizabayîti). Eng: **Exabyte**. Fr: **Exaoctet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe cy'ibara (kubara) rya bayiti mu ikoranabuhanga kingana na jigabiyiti miriyari imwe.

## F

**Fishiye ya awutuluku** (fishiye y'awûtuluûku). Eng: **Outlook File**. Fr: **Fichier Outlook**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Fishiye ya porogaramu ikoreshwa mu gucunga imeri n'amakuru y'umuntu ku giti cye.

**Fishiye ya vuba** (fishiye ya vûba). Eng: **Recent file**. Fr: **Fichier récent**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Fishiye ukoresha mudasobwa aba aheruka gufungura mu gihe gishize.

**Furashi** (furaâshi). HI: **Imbikamakuru nto** (imbûikamâkurû ntô); **imbitsi ngendanwa** (imbûitsi ngeendônwa); **disike ngendanwa** (diisike ngeendânwa); **furashi disiki** (furaâshi diisiki); **Imbikamakuru USB** (imbûikamâkurû USB). Eng:



**USB drive**; USB flash drive; flash drive; **Flash disk**; USB memory stick; flash disk; flash; USB Memory Key; Flash memory drive; Keychain drive; Thumb drive; Pen drive; Jump drive; Storage chip. Fr: **Clé USB**; **Mémoire disk**; clé mémoire USB; clé USB porte-clés; Puce de stockage. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gito cyitwazwa gicomekwa kuri mudasobwa cyangwa ku bindi bikoresho hakoreshejwe inzira USB yo mu rwego rwa A iba yubakiyemo mu nsomamakuru, kibikwamo ibintu igihe kirekire kandi ntibizimire niyo umuriro wagenda, ikoresha cyane mu nzungano zubatse muri mudasobwa, ikaba yarakozwe haherewe ku mbikamakuru ishobora guhindurirwa ururimi cyangwa igahanagurwa.



**Gihamyã koranabuhanga** (gihamyã kôranabûhaânga). Eng: **Digital Evidence**. Fr: **Preuve numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso**. SH: Amakuru ayo ari yo yose yashyinguwe cyangwa yoherejwe ku buryo bw'ikoranabuhanga, akaba yakoresha mu rwego rwo gushaka amakuru yifashishwa n'ubutabera cyangwa y'ubushinjacyaha.

**Gihamyã mvamuyoboro** (gihamyã mvâamuyoboro). HI: **Gihamyã yo mu ihuzanzira** (gihamyã yô mu iihuuzanzira). Eng: **Evidence**; Network-based Evidence. Fr: **Preuve**; preuve du réseau. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru ayo ari yo yose akurwa mu bikorwa byo ku ihuzanzira akoresha mu kugaragaza cyangwa mu guhakana ikintu gikekwa ko cyabaye mu rwego rwo gushaka amakuru yifashishwa n'ubutabera cyangwa y'ubushinjacyaha.

**Gucapura** (gucapura). Eng: **Print**. Fr: **Imprimer**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kohereza inyandiko muri mucapyi kugira ngo isohoke ku mpapuro.

**Gucomeka** (gucômeka). Eng: **Connect**. Fr: **Connecter**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Guhuza ibyiciro bibiri by'ibikoresho bikarumana hagamijwe kohererezanya amakuru biciye mu nzira nkoranabuhanga ntwaramakuru.

**Gucomokora** (gucômokoora). Eng: **Disconnect**. Fr: **Déconnecter**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gutandukanya ibikoresho bibiri byari birumanye mu rwego rwo guhererekanya amakuru yanyuraga mu nzira nkoranabuhanga ntwaramakuru, ava mu gikoresho kimwe aya mu kindi.

**Gufotora** (gufotora). Eng: **Photograph**, Fr: **Photographier, prendre une photo**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Igikorwa cyo gufata amafoto hakoreshejwe imfatafoto ari na yo bita kamera, ukayatunganya akanayasohora byaba ari mu buryo bw'impapuro cyangwa bwa dijitari.

**Gufunga byose** (Gufuunga byôose). HI: **Funga porogaramu zose** (fuunga porogaraamu zôose). Eng: **Close all programs**. Fr: **Fermer tous les programmes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gufunga porogaramu zose zirimo gukora.

**Guhahira mu ikoranabuhanga** (guhaahira mu iikôranabûhaânga). Eng: **Armchair shopping; teleshopping**. Fr: **Téléachat**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Guhaha wifashishije tekini z'itumanaho cyangwa za radiyo.

**Guhindura umubare w'ibanga** (guhiindura umubarê w'ibaanga). Eng: **Pin re-issue**. Fr: **Changement de NIP**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Guhabwa umubare w'ibanga mushya igihe uwari usanzwe wibagiranye, wibwe, cyangwa ushaka kuwuhindura ku mpamvu z'umutekano.

**Guhishura amakuru** (guhîshuura amakurû). Eng: **Disclosure of data**. Fr: **Dévoiler les données**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ukuba amakuru y'ibanga cyangwa yihariye ashyizwe ahagaragara, yaba ku bushake cyangwa ku buryo butateganyijwe.

**Guhitamo** (guhîtamô). Eng: **Selection; Select**. Fr: **Sélection; sélectionner**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gutoranya inyandiko cyangwa ikintu kugira ngo gikoreshweho igikorwa runaka.

**Gukata** (gukata). Eng: **Cut**. Fr: **Couper**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gukuraho inyandiko wahisemo ukayishyira mu bubiko bw'igihe gito.

**Gukoporora** (gukoporora). Eng: **Copy**. Fr: **Copier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ugufata kopi y'inyandiko wahisemo utayikuye aho yari iri.



**Gukoresha porogaramu nyinshi** (gukôreesha porogaraamu nyiînshi). Eng: **Multi-tasking**. Fr: **Multitâche**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukoresha porogaramu nyinshi icyarimwe kuri mudasobwa.

**Gukuraho** (gukûurahô). Eng: **Unmount**. Fr: **Démonter**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo gukura igikoresho cyakira amakuru kuri murandasi ku buryo bw'itumanaho kugira ngo kidakomeza gukoreshwa cyangwa ngo gikorweho imirimo y'ikoranabuhanga.

**Gukwirakwiza itumanaho kuri bose** (gukwîirakwiiza itûmanahô kuri bôose). HI: **Ikwirakwiza ry'itumanaho kuri bose** (ikwîikwiiza ry'itûmanahô kuri bôose). Eng: **Universal access to communication**. Fr: **Accès universel à la communication**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Inshingano yo gutanga serivisi z'ibanze z'itumanaho, ku nyungu za rubanda kandi ku giciro gikwiye.

**Gusangiza ihuzanzira** (gusaangiza ihuuzanzira). Eng: **Tethering**. Fr: **Partage de connexion**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwo gutiza ihuzanzira rya murandasi ibindi bikoresho nka telefoni yindi, mudasobwa ngendanwa nto cyangwa mudasobwa isanzwe iturutse kuri telefoni hakoreshejwe amayinite.

**Gushaka amakuru** (gushaaka amakurû). Eng: **Data Search**. Fr: **Recherche de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gushakisha inyandiko cyangwa amakuru mu bubiko hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Gushyikiriza** (gushyikiriza). Eng: **Submit**. Fr: **Soumettre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kohereza inyandiko

cyangwa amakuru ku buryo bwemewe ngo bisuzumwe bifatirwe icyemezo.

**Gushyira ku rubuga** (gushyîra ku rubûga). HI: **Kohereza ku rubuga** (koohereza ku rubûga). Eng: **Uploading**; upload. Fr: **Téléversement**; mettre sur le web. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gushyira amakuru arimo inyandiko, amafoto, amashusho n'amajwi bitunganyije ku miyoboro itandukanye y'imbuga nkoranyambaga ku mpamvu zo kubicuruza ku mbuga nkoranyambaga.

**Gushyiraho nimeru** (gushyiraho nomero). HI: **Inomero ndangamuyoboro** (inomero ndaangamuyoboro). Eng: **Numbering**. Fr: **Numérotation**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Urukurikirane rw'imibare, igaragaza impera y'umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga, igizwe n'amakuru ya ngombwa mu kugeza ubutumwa kuri nyir'ubwite mu gihe ahamagawe.

**Gusikana** (gusikana). Eng: **Scanning**; scan. Fr: **Numérisation**; numériser. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gufata cyangwa kubika amakuru hifashishijwe igikoresho nka sikaneri.

**Gusohoka** (gusohoka). Eng: **Sign out**. Fr: **Se déconnecter**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kuva muri konti wari winjijemo.

**Gutegura ububiko mbikamakuru** (gutêguura ububîiko mbiikamâkurû). HI: **Iboneza rya mudasobwa** (ibôneza ryaa mûdasobwâ). Eng: **Formating**. Fr: **Formatage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ihanagurwa ry'ibyari muri mudasobwa byose ndetse na sisitemu zari zirimo na zo zigakurwamo, hagashyirwamo sisitemu nshyashya.

**Gutunganya amakuru bwite** (gutûungaanya amakurû bwîite). Eng: **Processing of personal data**. Fr: **Traitement des données personnelles**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Igikorwa cyangwa urukurikirane rw'ibikorwa bikorerwa amakuru bwite y'umuntu byaba bikozwe cyangwa bitakozwe ku buryo bwikora.

## II

**Hanya ukande** (hanya ukaandê). Eng: **Point and click**. Fr: **Pointer et cliquer**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kimwe mu bikorwa by'ukoresha mudasobwa aho yimura akayoborambeba akajyana ahantu runaka ku irebero hanyuma agakanda akarango k'imbeba cyangwa k'ikindi gikoresho cya mudasobwa kiranga.

## I

**Ibanga** (ibaanga). Eng: **Confidentiality**. Fr: **Confidentialité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kurinda icyahungababanya ikumira ryemewe ku iyinjira n'igaragazamakuru hakubiyemo uburyo bwo kurinda ubuzima bwite n'amakuru yihariye.

**Ibanga nk'iry'ihuzanzira ngiramugozi** (ibaanga nk'iiry'ihuuzanzira ngiramûgozi). Eng: **Wired Equivalent Privacy (WEP)**. Fr: **Confidentialité équivalente à celle du réseau filaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: porotokole y'umutekano ikoreshwa mu miyoboro ya Wi-Fi.

**Ibanga rikomeye** (ibaanga rikomêye). Eng: **Top Secret**. Fr: **Top secret**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Amakuru atangazwa kandi bitatangiwe uburenganzira kandi bikaba byateza igihombo cyangwa ingorane ikomeye cyane yo mu rwego rw'umutekano w'igihugu.

**Ibanga ry'amakuru** (ibaanga ry'âmakurû) Eng: **Privacy data**. Fr: **Confidentialité des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo amakuru amwe n'amwe ari ibanga ndetse kandi atemerewe kurebwa na buri wese utabifitiye uburenganzira.

**Ibarankuru kinyamwuga** (ibârankûru kinyamwuuga). eng: **Voiceover**; voice over; voice-over. fr: **voix off**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Inkuru z'umwuga kuri filime, televiziyo, ikinamico, imikino, videwo cyangwa ibiganiro byafashwe muri studio y'umwuga y'amajwi cyangwa mu rugo.

**Ibarwa ry'iyinjira** (ibarwâ ry'îiyînjira). Eng: **Logging**. Fr: **Journalisation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gushyira amakuru muri sisitemu ya mudasobwa.

**Iberamisha** (ibêramiisha). HI: **Inyandiko iberamye** (inyandiko ibêramye). Eng: **Italic**. Fr: **Italique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gutunganya inyandiko butuma inyuguti zihengamira iburyo kugira ngo zitandukane n'izisanzwe.



**Ibibazo by'inkoranabuhanga** (ibibâzo by'înkôranabûhaânga). Eng: **Software entropy**. Fr: **Entropie du logiciel**; entropie logicielle. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibibazo bititezwe inkoranabuhanga isanzwe ikora yazagira iramutse ihinduwe cyangwa ntijye igera ku ntego cyangwa byombi bikaba.

**Ibigaragara ku ngaragazashusho** (ibigâragara kuu ngaragarashusho). Eng: **On-screen**. Fr: **À l'écran**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru agaragarira mu kirahure cy'irebero rya mudasobwa.

**Ibikoresho by'umwubatsi w'intangazamakuru** (ibikôreesho by'ûumwûubatsi w'întâangaazamâkurû). Eng: **Multimedia developer's kit**. Fr: **Kit du développeur multimédia**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gitunganywa n'uruganda rwa Mikorosofuti cyorohereza abakora bakanarema imbuga zigiye zitandukanye gukora porogaramu zifashishwa mu gucuranga amajwi n'amashusho ndetse no kugaragaza amafoto.



**Ibikoresho bya mudasobwa** (ibikôreesho byaa mûdasobwâ). Eng: **Computer Hardware**; hardware. Fr: **Matériel informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibikoresho bifatika nka mudasobwa, ikigega mpuzamakuru, intanganzira, telefoni igezweho (simatifoni), bigahurira ku gucunga ububiko bw'amakuru.

**Ibikoresho mpuzanzira** (ibikôreesho mpuzanzira). Eng: **Networking hardware**; network equipment; computer networking devices. Fr: **Matériel de réseautage**; équipement de réseau; périphérique de réseau informatique. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ibikoresho bya



eregitoronike biba ari ngombwa kugira ngo itumanaho n'isangiramakuru hagati y'ibikoresho by'ihuzanzira, ari byokohererezanya amakuru mu ihuzanzira ry'ikoranabuhanga.

**Ibikoresho nsuzumamwimerere** (ibikôreesho nsûuzumamwîmerêre). HI: **Serivisi nsuzumamwimerere** (seriviîsi nsûuzummwîmerêre). Eng: **Authentication products or services means**. Fr: **Produits ou services d'authentification**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ibikoresho cyangwa serivisi bigamije kwereka abandi nyir'umukono koranabuhanga.

**Ibikoresho nyongera bya mudasobwa** (ibikôreesho nyôngêerâ byaa mûdasobwâ). Eng: **Computer peripheral**; peripheral devices; peripherals. Fr: **Périphériques d'ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibikoresho byiyongera kuri mudasobwa bikayifasha kongera ubushobozi. Hari nk'imbeba, urwandikiro, mucapyi, cyangwa indebero.



**Ibikorwa by'ihuzanzira** (ibikorwâ by'ihuuzanzira). Eng: **Network facilities**. Fr: **Installation de réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ibikoresho byose byitabazwa by'umwihariko mu miyoboro rusange y'itumanaho koranabuhanga.



**Ibikorwa remezo by'urufunguzo rusange** (ibikorwâremezo by'ûrufuunguûzo rûsaânge). Eng: **Public Key Infrastructure (PKI)**. Fr: **Infrastructure de clé publique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'utanga serivisi z'icyemezo bukoreshwa mu gucunga ibyemezo, kubishyingura, gucunga imfunguzo, n'ibiranga imirimo y'abafatabuguzi mu ikoreshwa ry'uburyo bukora umukono.

**Ibikorwa remezo bya murandasi** (ibikorwâ remezo byaa mûraandasî). Eng: **Internet infrastructure**. Fr: **Infrastructure Internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Sisitemu zifatika nk'insinga z'ihuzanzira, iminara y'itumanaho n'inkoranabuhanga (inkusanyamakuru ya murandasi, ibigo ntangamakuru, na mudasobwa

bwite) bikoreshwa mu guhuza za mudasobwa n'abakoresha murandasi, ibyo bikorwa bigatuma habaho itumanaho kuri murandasi.

**Ibikorwa remezo koranabuhanga** (ibikorwâ remezo kôranabûhaânga). Eng: **Digital infranstructure**. Fr: **Infrastructure numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibintu shingiro bifatika hamwe n'uburyo bukenewe bw'ikoranabuhanga bikoreshwa mu gutanga ibicuruzwa na serivisi, twavuga nk'ibigo by' amakuru, sisitemu y'imikorere n'ibindi.

**Ibikorwa remezo koranabuhanga by'ingenzi** (ibikorwâ remezo by'ikôranabûhaânga by'ingeenzi). Eng: **Critical information infrastructure**. Fr: **Infrastructures d'information critiques**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibintu byifashisha ikoranabuhanga mu gutanga serivisi ku baturage kandi bifite uruhare rukomeye mu iterambere ry'ubukungu, imibereho myiza n'umutekano by'Igihugu.

**Ibimenyetso nyaruririmi rwa mudasobwa** (ibimenyetso nyarûrimi rwaa mûdasobwâ). Eng: **Coding variable**. Fr: **Variable de codage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umwanya w'ububiko ufite izina urimo umubare ushobora guhinduka mu gihe hariho hakorwa gahunda ya mudasobwa.

**Ibipimo ndangamiterere** (ibipimo ndâangamîteêrere). HI: **Igenzurabanga nyamubiri** (igeenzuurabaanga nyamubiri). Eng: **Biometrics**; Biometric technology; Biometrics data. Fr: **Biométrie**; Technologie biométrique; Données biométriques. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Ikoranabuhanga nyamwikoresha rituma hemezwa hakanatahurwa ibimenyetso by'umubiri w'umuntu nk' ibimenyetso by'intoki, indiba y'ijisho, imbengeza y'amaso, ingero mbonera z'ijwi, ingero mbonera zo mu maso n'ibipimo by'ibiganza.

**Ibirango by'amakuru** (ibiraango by'âmakurû). Eng: **Data annotation**. Fr: **Annotation des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gushyira ibimenyetso ku makuru, kugira ngo werekane ibyo ushaka ko mudasobwa yawe yiga cyangwa iteganya.

**Ibirebana n'ikoranabuhanga** (ibirêbana n'ikôranabûhaânga). Eng: **IT context**; context. Fr: **Contexte informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikoranire yihariye cyangwa uruhurirane

rw'ibikenerwa byifashishwa mu nzungano n'imikorere koranabuhanga harimo ibigenderwaho nk'ibiranga umukoreshabuhanga, inzira y'imikorere n'amakuru agenewe abaturage.

**Ibiro koranabuhanga** (ibiro kôranabûhaânga). Eng: **Digital Workplace**; Digital office Fr: **Office digitale** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu cyangwa uburyo byorohereza abantu gukora bifashishije ikoranabuhanga.



**Ibitabo byo kuri murandasi** (ibitabo byô kurî murâandasî). Eng: **Electronic book (e-book)**. Fr: **Livre électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inyandiko zidafatika zanditse mu buryo bw'igitabo zibikwa ku mbuga nkoranyambaga zabugenewe aho umuntu wujuje ibisabwa azibona yifashishije igikoresho cy'e ikoranabuhanga.

**Ibiye ndanga** (ibiye ndaanga). Eng: **Trackball**. Fr: **Boule de commande**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gikozwe n'ibiye rishyigikiwe n'ikintu kirimo imfatamakuru zibona izunguruka ryaryo ku nsanganya (axe) ebyiri, kikaba gikoreshwa n'intoki mu kwimura akanyerezo ngaragazahantu ku irebero rya mudasobwa.



**Ibogama** (ibogama). Eng: **Bias**. Fr: **Biais**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ikosa riri hagati y'ukuri kw'ibiboneka n'ikomeza kugaruka rikaboneka mu rugero rwigirwaho nyirizina bitewe n'inkeko zikocamye mu rugendo rwo kwigiraho kwa mudasobwa.

**Ibonezabucuruzi koranabuhanga** (ibônezabûcuruuzi kôranabûhaânga). Eng: **Computer aided acquisition and logistic support**; continuous acquisition and life cycle support. Fr: **Soutien logistique intégré**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga buhuza amakuru y'ihanga, ikora, iyamamaza n'igemura ry'ibicuruzwa no kubungabunga inganda.

**Ibonezamakuru** (ibônezamâkurû). Eng: **Data organization**; data organizing. Fr: **Organisation des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itondekanya mbonera ry'amakuru mu isura yubakitse kugira ngo horoshywe ishakisha, isesengura n'isobanura ryayo.

**Ibonezamikorere mbonera** (ibônezamikorêre mbonerâ). HI: **Ururimi mbonera rwa mudasobwa** (ururîmi mbonerâ rwaâ mûdasobwâ). Eng: **Logic programming**; logic code; logic language. Fr: **Langage de programmation logique**; programmation logique; code logique; langage logique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igenamikorere y'ikigega cy'amakuru n'igaragazashuho y'ubumenyi rishingiye ku mbonezamitekerereze mbonera harimo gushyiraho gahunda ziboneye zitanga ibisubizo ku bibazo byihariye binyuze mu guha hakoreshejwe ibonezamitekerereze ku rurimi mbonera rwa mudasobwa hakaboneka igisubizo cyifujwe.

**Ibonezarurimi rya mudasobwa** (ibônezarûrimi rya mûdasobwâ). Eng: **Coding syntax**. Fr: **Syntaxe de codage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amategeko n'imiterere yihariye iyobora imyandikire y'ururimi rwa mudasobwa mu rurimi rw'ibonezamikorere bituma mudasobwa ishobora kurwumva no kurukoresha.

**Ibungabungamafishiye** (ibuungabuungamafishiye). Eng: **File management**. Fr: **Gestion de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gucunga amadosiye bikubiyemo kwita amazina, kubika no gutunganya amadosiye muri sisitemu cyangwa porogaramu kugira ngo byorohera kuyashakisha.

**Ibura rya murandasi** (ibûra ryaa mûraandasi). Eng: **Internet outage**; internet blackout; internet shutdown; network outage. Fr: **Panne d'internet**; panne de réseau; arrêt d'internet. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihagarara rya burundu cyangwa igice cya serivisi z'ihuzanzira rya murandasi.

**Ibura rya murandasi** (ibûra ryaa mûraandasi). HI: **Icikagurika rya murandasi** (icîikagurika ryaa mûraandasi); **kuvaho** (kuvahô). Eng: **Internet Disconnection**; Disconnection. Fr: **Déconnexion internet**; coupure. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Kubura murandasi cyangwa kuba icikagurika bitewe n'inyoboragikoresho itakigezweho cyangwa yangiritse kubera amavirusi cyangwa se iyo inkoranabuhanga iriho ikoreshwa kimwe na modemu ndetse n'intanganzira bidaheruka kuvugururwa.

**Ibuto mbarutso** (ibuto mbârutso). HI: **Imbarutso** (imbârutso); **buto yo kwatsa** (buto yô kwaatsa), **incanyi** (incâanyi). Eng: **Start button**; Power button. Fr: Bouton de démarrage; bouton Démarrer ; bouton d'alimentation. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu ka mbere kuri mudasobwa bakanda iyo batsa cyangwa bazimya mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho cy'ikoranabuhanga.




**Ibuto ntangamabwiriza** (ibuto ntâangamâbwiiriza). Eng: **Command button**; Push button; Boutton. Fr: **Bouton de commande**; bouton poussoir; Bouton. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho ngenzuzi giha uri gukoresha mudasobwa uburyo bworoshye bwo gutangiza igikorwa nko gushaka igisabwa mu nshakishamakuru cyangwa gukorana n'agatangazo menyesha, twavuga nko kwemeza igikorwa.

**Ibuto yatsa ikanazimya** (ibuto yaatsâ ikanâzimya). HI: **Akarango ko ku ruhande** (akaraango kô ku ruhaânde). Eng: **Side button**. Fr: **Bouton latéral**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akarango kaba ku ruhande rwa telefoni zigezweho cyangwa irebero mudasobwa, ikagira umumaro wo kwatsa no kuzimya cyangwa kongera no kugabanya ijwi, hari n'ubwo gahabwa undi mumaro, kuri mudasobwa zo muri iki gihe aka karango kari mu mashini mo imbere, mu itendekamikorere.



**Ibwiriza jwi** (ibwiiriza jwî). HI: **Ijwi ntegeka** (ijwî ntegeka). Eng: **Voice command**. Fr: **Commande vocale**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amabwiriza atangwa n'ukoresha mudasobwa akoresheje ijwi kugira ngo inkoranabuhanga nkorabikorwa ikore umurimo runaka, bukaba ari uburyo umuntu aganiramo na robo mu buryo busa n'ikiganiro gisanzwe, bityo bikongera imikorere myiza n'uburyo bworoshye bwo gukoresha sisitemu bakoresheje ijwi ryabo aho gukoresha intoki.

**Ibwiriza neapura** (ibwiiriza ncapura). HI: **Ibuto nsohoranyandiko** (ibuto nsohoranyandiko). Eng: **Print command**. Fr: **Commande d'impression**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itegeko rituma abakoresha mudasobwa basohora inyandiko zanditseho handitswe inyandiko yagaragara mu mashini, bikaba byakorwa ku nzungano nkoresha zitandukanye.



**Ibwiriza ntahuramabara** (ibwiiriza ntâahuuramâbara). HI: **Imbonamabara** (imbônâmbâbara). Eng: **Color detection algorithm**. Fr: **Algorithme de détection des couleurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imbonezamibare ibona utunyangingo foto tw'ishusho tujyanye n'ibara cyangwa n'uruhurirane rw'amabara runaka, utwo tunyangingo tukaba twahindurwa bikenewe kugira ngo dutandukanywe n'ibindi bisigaye by'ishusho.

**Ibyasuwe** (ibyaâsuuwe). Eng: **Pageviews**. Fr: **Pages vues**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umubare wose w'amapaji abantu barebye kuri murandasi.

**Ibyinjije** (ibyiinjije). HI: **Urwakiro rw'ubutumwa bugufi** (urwaakiiriro rw'ubutumwâ bugufi). Eng: **Inbox**. Fr: **Boîte de réception**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu ho kubika ubutumwa mu buryo bw'ikoranabuhanga aho wakira kandi ukabika ubutumwa bwinjira, nka za email, amatangazo, cyangwa ubutumwa butaziguye, bitewe n'urubuga cyangwa serivisi ukoresha.

**Ibyinjizwa** (ibyiinjizwa). Eng: **Input**. Fr: **Saisie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru cyangwa amabwiriza byinjizwa muri gahunda ya mudasobwa hagamiywe gutuma ikora, twavuga nko gukoresha urwandikiro, gukanda imbeba, cyangwa gukoresha inyoboramajwi, hakajyamo uvuye ku nyandiko ukagera ku bikomeye nko gufata amashusho cyangwa amajwi.

**Ibyishingikirizwa** (ibyiishiingikirizwa). Eng: **Reference**. Fr: **Référence**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agaciro gatuma ingenamikorere ya mudasobwa igera ku makuru yihariye ku buryo buziguye (twavuga nk'agaciro k'umubare cyangwa ibyafashwe amajwi cyangwa amashusho) ari mu mbikamakuru ya mudasobwa cyangwa mu kindi gikoresho kibika amakuru.

**Icamurongo** (icâamuroongo). Eng: **Underline**. Fr: **Souigné**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gutunganya inyandiko bushyira umurongo muni y'inyandiko.



**Icapura ngaragazamubyimba** (icapa ngâragazamûbyiimba). Eng: **3D Printing**. Fr: **Impression tridimensionnelle**; Impression en 3D. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukora ibintu bifatika bifite ingano eshatu hongerwaho ibikoresho ku byiciro hashingiwe ku gishushanyo cyo kuri mudasobwa.

**Icimbura** (iciimbura). Eng: **Truncation**. Fr: **Troncation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere cyangwa igikorwa cyo guhina cyangwa gukuraho igice cy'amakuru cyangwa amakuru amwe kugira ngo ugabanye uburebure cyangwa ubunini bwayo.

**Icubira** (icubira). Eng: **Learning Regression**; Regression. Fr: **Régression d'apprentissage**; régression. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Tekiniki yo kwigiraho kwa mudasobwa kugenzurwa gukoreshwa mu kugena agaciro gakurikirana hagamijwe kugena umurongo ugororotse cyangwa umurongo uhese nyamukuru hagati y'amakuru, umurongo mbonera ukagira ubwoko bw'ibipimo bitatu ari byo tandukaniro, icyama n'ikosa.

**Icungajambo banga** (icungajaambo baanga). Eng: **Password management**. Fr: **Gestion des mots de passe**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gucunga ijambo ry'ibanga n'uruhererekane rw'amahame n'ibikorwa byiza abakoresha bagomba gukurikiza mu gihe babitse kandi bagacunga ijambo ry'ibanga neza kugira ngo babungabunge umutekano ushoboka kandi birinde kubuza kwinjira.

**Icungamari koranabuhanga** (icûngamâârâ kôranabûhaânga). Eng: **Electronic finance**. Fr: **Finance électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Itangwa rya serivisi y'imari n'imikoranire y'amasoko y'imari hifashishijwe ikoranabuhanga ry'itumanaho n'iry'ikoranabuhanga rya mudasobwa.


**Icungamakuru** (icûngamâkurû). Eng: **Data management**. Fr: **Gestion des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gucunga amakuru bikubiyemo gukusanya, kubika no gukoresha amakuru mu buryo bwizewe, bunoze.

**Icyago** (icyâago). HI: **Impanuka** (impanuka); **icyitonderwa** (icyiitoonderwa). Eng: **Hazard**. Fr: **Danger**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukuba urwungano rutari gukora neza bitewe n'ikibuza kitari giteganyijwe kibonetse kuri mudasobwa.

**Icyaha cy'ikoranabuhanga** (icyâaha cy'ikôranabûhaânga). Eng: **Cybercrime**. Fr: **Cybercriminalité**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikorwa kitemewe n'amategeko gikororwa kuri murandasi cyangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

**Icyaha gikorewe kuri mudasobwa** (icyâaha gikorêwe kuri mûdasobwâ). Eng: **Computer-related offence**. Fr: **Infractions liée à l'informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa kinyuranyije n'amategeko gikorwa hakoreshejwe mudasobwa cyangwa imiyoboro yayo.

**Icyambu** (icyaâmbu). HI: **Ikiraro huzanzira** (ikiraro huuzanzira); **ipfundo huzanzira** (ipfûundo huuzanzira). Eng: **Gateway**; Network Bridging; bridge. Fr: **Passerelle**; pont réseau; Pontage de réseau. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ahahurirwa n'ihuzanzira ritandukanye hakoresha mu itumanaho, hagahuza ihuzanzira ebyiri zifite imbenezanzira nyoherezamakuru zitandukanye.



**Icyambu mpuzabubiko** (icyaâmbu mpûuzabûbiiko). HI: **Icyambu cya API** (icyaâmbu cya API); **irembo rya API** (irêembo rya API). Eng: **Application Programming Interface (API)**; API Gateway. Fr: **Passerelle API**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Irembo rifasha kugenzura no guhuza imikoranire hagati ya serivisi nyinshi z'ikoranabuhanga mu buryo butekanye.


**Icyambu ntangabutumwa** (icyaâmbu ntâangabûtumwâ). Eng: **Mail gateway**; Manchester coding. Fr: **Passerelle de messagerie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imashini icunga imfatahuzanzira hagati ihuzanzira zikora imbenezanzira zitandukanye z'itumanaho cyangwa se itumanaho hagati y'ihuzanzira ritandukanye zikoresha imbenezanzira imwe.

**Icyemezo koranabuhanga** (icyêemezo kôranabûhaânga). Eng: **Digital certificate**. Fr: **Certificat numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya**

**mudasobwa.** SH: Inyandiko yoherezwa muri imeyiri igamije gusuzuma niba ukoresha konti ariwe nyirayo cyangwa akoreraho ubucuruzi bwizewe.

**Icyemezo ntahurambuga** (icyêemezo ntâahuurambûga). Eng: **Secure sockets layer certificate** (SSL); SSL certificate; secure certificate; certificate. Fr: **Certificat SSL**; certificat sécurisé; certificat. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: icyemezo cy'ikoranabuhanga cyemeza umwironoro w'urubuga kandi kigatuma habaho guhuza urubuga n'umukoresha.

**Icyesha n'iringanizangano** (icyêsha n'îringaniza). HI: Iringaniza nkeshafoto (iringaniza nkeshafoto). Icyesha ndinganizafoto (icyêsha ndiinganizafoto). Eng: **Resolution and Resizing.** Fr: **Résolution et redimensionnement.** NK: **Urusobe ntangamakuru.** SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga bwo guhindura ubunini bw'ifoto hakurikijwe umubare w'utunyangingo foto (**pixels**), bikagira ingaruka ku bunini bwa dosiye no ku bwiza bw'imigaragarire y'ifoto.



**Icyiciro cy'amabwiriza mbonezanzira** (icyiiciro cy'âmabwiiriza mbonezanzira). Eng: **Protocol layer.** Fr: **Couche de protocole.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Igikoresho cyihariye kandi cyubatswe ku buryo hari ibiruta ibindi bikoze icyuma nyaruherekane cyangwa ikoranabuhanga rya murandasi, kikaba gishinzwe kuyobora imimaro, amategeko n'imikoranire yihariye mu ihuzanzira.



**Icyiciro cy'inkoranabuhanga** (icyiiciro cy'înkôranabûhaânga). Eng: **Application layer.** Fr: **Couche d'application.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Agace nyurabwenge kagena imbonezanzira zisangiwe z'itumanaho n'imikorere y'uruganiriro ikoreshwa n'abakoresha ihuzanzira ry'itumanaho.

**Icyiciro ntwaramakuru** (icyiiciro ntwâaramâkurû). Eng: **Transport layer.** fr: **Couche de transport.** NK: **Itumanaho koranabuhanga.** SH: Inzira ntwaramakuru yo ku rwego rwa kane mu buryo bw'itumanaho

bwa OSI butanga igisubizo cyuzuye ku ntangiriro no ku iherezo mu ihererekanyamakuru ryizewe hagati y'abantu babiri kuko rikoresha mu ntangiriro no mu iherezo ry' ihererekanyamakuru IP.

**Icyogajuru** (icyoogajuru). Eng: **Satellite**. Fr: **Satellite**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho gihuza kikabika amakuru yose ahererekanywa mu duce dutandukanye tw'isi hifashishijwe ibikoresho by'itumanaho.

**Icyoherejwe** (icyoôherejwe). Eng: **Sent**. Fr: **Message envoyé**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ububiko bubamo kopi za imeri zose wohereje.

**Icyuma ntangafaranga** (icyûuma ntaangafaraanga)

**Icyuma mpererekanyafaranga** (icyuma

mpererekanyafaranga). HI:; **icyuma mbikurafaranga**

(icyûuma mbiikuurafaraanga). Eng: **Automated teller**

**machine (ATM)**. Fr: **Guichet automatique bancaire**

(GAB); distributeur automatique de billets (DAB). NK:

**Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Aho umuntu ashobora

kubika amafaranga ye, kuyabikuza, kureba asigaye kuri

konti atarinze kuja muri banki ahubwo hakoreshejwe uburyo

bw'ikoranabuhanga bw'ikarita.



**Icyumba cy'itumanaho** (icyuûmba cy'itûmanahô). Eng:

**Communication room**. Fr: **Salle de communication**. NK:

**Isakazamakuru**. SH: Icyumba cyubatswe mu nyubako aho sosiyete

yakora itumanaho rigezweho n'ibikoresho byose by'urusobe.

**Icyumba mpahabwenge** (icyuûmba mpâahabwêenge). HI : **Iguriro rya**

**murandasi** (iguriro ryaa mûraandasi). HI: **Iguriro rya interineti** (iguriro

ryaa interineêti). Eng: **Internet café**. Fr: **Cybercafé**. NK: **Ikoranabuhanga**

**ry'imari**. SH: Ahantu hagenewe kwakira abantu bashaka gukoresha

interineti batanze ubwishyu. Hagurwa serivisi itangwa n'iyi interineti :

Risanzweho ryarafashe.

**Idadira** (idâdira). HI: **Ikare** (ikare). Eng: **Lock**. Fr: **Verrou**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo butuma bidashoboka

kugera ku ifishiye cyangwa ku yandi makuru.

**Idadirakonti** (idâdirakôonti). HI: **Ikare ya konti** (ikare yâ koonti); **ikumiranzira** (ikumiiiranzira). Eng: **Lockout**. Fr: **Verrouillage de compte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere izana umutekano w'ibanze ishyirirwaho kubuza abagerageza gutwara ijambo banga ku ngufu.

**Idanangira** (idânaangira). HI: **Ihishamisomere y'amakuru** (ihîshamîsomêre y'âmakurû). Eng: **Encryption**. Fr: **Chiffrement**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwa tekini bukoreshwa mu gutuma ibikubiye mu makuru bidasomeka k'uwo ariwe wese atagenewe.

**Idandaza koranabuhanga** (idâandaza kôranabûhaânga). Eng: **Retail Digital**. Fr: **Commerce de détail numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bukoresha ikoranabuhanga cyangwa interineti bukoreshwa na banki cyangwa ikigo mu gutanga serivisi ku bakiriya ku giti cyabo (abakiriya b'ubucuruzi).

**Idirishya** (idîrîshyâ). Eng: **Window**. Fr: **Fenêtre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agace ka ekara kagaragaza amakuru yerekeye porogaramu runaka.

**Ifaranga korabuhanga** (ifaraanga kôranabûhaânga). Eng: **Electronic money**. Fr: **Monnaie électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Agaciro k'amafaranga kaba kari ku kintu gikora ku buryo bw'ikoranabuhanga nk'ikarita yabugenewe cyangwa konti iri kuri interineti, kagahagararira amafaranga nyakuri (ibiceri n'inoti) tugendana.

**Ifaranga koranabuhanga** (ifaraanga kôranabûhaânga). Eng: **E-cash**. Fr: **Argent électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kohereza cyangwa kwakira amafaranga hifashishijwe ikoranabuhanga, hagati y'abantu babiri, ukoresheje telefoni cyangwa porogaramu ya banki.

**Ifaranga koranabuhanga** (ifaraanga kôranabûhaânga). HI: **Ifaranga koranabuhanga ritekanye** (ifaraanga kôrabûhaânga riteekânyr); **ifaranga ridafatika** (ifaraanga ridafatika). Eng: **Cryptocurrency**; electronic currency; Electronic cash; e-cash; electronic money; e-money; digital currency; digital money. Fr: **Crypto-monnaie**; Monnaie électronique; Argent électronique. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ifaranga ry'uburyo bw'ikoranabuhanga ryagenewe gukora nk'uburyo bwo guhanahana amakuru binyuze mu muyoboro wa mudasobwa

udashingiye ku buyobozi ubwo ari bwo bwose, nka guverinoma cyangwa banki, kugira ngo ubushyigikire cyangwa ububungabunge.

**Ifasi y'umusingi nyabicu** (ifaâsi y'ûmusiîngi nyabicu). Eng: **Landing zone**; cloud foundation. Fr: **Zone d'atterrissage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agace kamwe mu tugize ibikoresho by'ikoranabuhanga katabikwaho amakuru ayo ari yo yose.

**Ifatabuguzi kuri murandasi** (ifâtabûguzî kurî murandasi). Eng: **Online subscription**. Fr: **Abonnement en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburenganzira bwo kwakira serivisi cyangwa kubona amakuru ku murongo koranabuhanga mu gihe runaka.

**Ifatamajwi mpuzamakuru y'urukiko** (ifâtamâjwi mpûuzamâkurû y'ûrukîiko). HI: **Ifatamajwi mpuzabimenyetso** (ifâtamâjwi mpûuzabimenyeetso). Eng: **Digital Court Recording System (DCRS)**. Fr: **Système d'enregistrement numérique des tribunaux (SENT)**. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso**. SH: Uburyo bushingiye ku ikoranabuhanga bukoreshwa mu nkiko mu gufata amajwi n'amashusho y'ibibera mu rubanza, kubibika no kubitunganya, aho kwishingikiriza gusa ku nyandiko zandikwa n'intumwa cyangwa ku busobanuro bwanditswe n'intumwa z'inkiko.

**Ifatamuyoboro** (ifatamuyoboro). HI: **Ihuzamiyoboro** (ihuuzamiyoboro); **ifatanzira** (ifatanzira). Eng: **Network connectivity**. Fr: **Connectivité-réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inzira yagutse kandi yuzuye aho ibice bitandukanye by'urusobe runaka bihurizwa hamwe.

**Ifatamuyoboro nganamakuru** (ifatamuyoboro ngânamâkurû). HI: **Ihuzamakuru ryagutse** (ihûuzamâkurû ryaagûtse). Eng: **Open Database Connectivity (ODBC)**. Fr: **Connectivité ouverte de base de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Impuza ikoreshwa mu gokora ururimi rw'inkoranabuhanga isanzwe kandi ifunguye ituma abahangarurimi rw'inkoranabuhanga bagera ku buryo bworoshye ku makuru abitse mu kigeza.

**Ifatashusho** (ifatashusho). HI: **Ubuganga bw'ifatashusho** (ubuhaânga mu ifatashusho). Eng: **Cinematography**. Fr: **Cinématographie**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Ubugeni bwo gufata amashusho ayega afite cyangwa adafite amajwi hifashishijwe kamera (imfatashusho) yaba ari isanzwe cyangwa igezweho.



**Ifatiro huzamuyoro** (ifâtiro huuzamuyoboro). HI: **Ifatiro ry'itumanaho** (ifâtiro ry'itumanahô). Eng: **Access network; Last mile**. Fr: **Réseau d'accès; dernier kilomètre**. NK: **Ikoranabuhanga ry'itumanaho**. SH: Agace ka nyuma k'ihuzanzira ry'itumanaho rihuza ku buryo bufatika abakoresha baryo ba nyuma (nk'imiryango, ibigo cyangwa ibikoresho) n'ihuzanzira remezo cyangwa ku cyicaro cy'utanga murandasi.

**Ifatishanzira mbonera** (ifatiishanzira mbonerâ). Eng: **Point-to-point (P2P) connection; point-to-point link; P2P link; private line; leased line**. Fr: **Connexion point à point; liaison point à point ; Lien P2P ; ligne privée; ligne louée**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Isano ritaziguye hagati y'ikoranabuhanga rya mudasobwa.

**Ifatishanzira rya murandasi** (ifatiishanzira rya mûraandasi). Eng: **Connection; Internet access; Access to Internet**. Fr: **Connection internet; accès internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo buri gikoresho cya buri muntu ku giti cye cyangwa ihuzanzira y'ibikoresho biri mu gace kamwe bihuzwa na murandasi y'isi yose, izo mashini zikabasha guhuzwa mu itumanaho zigahererekanya amakuru.

**Ifishi koranabuhanga** (ifiîshi kôranabûhaânga). Eng: **Electronic form**. Fr: **Forme électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru cyangwa inyandiko ikorwa, yoherezwa, yakirwa, cyangwa ibikwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga nka mudasobwa, telefoni, cyangwa interineti aho kuba ku mpapuro.

**Ifishiye** (ifiîshiye). HI: **Ifayiro** (ifayîro). Eng: **File**. Fr: **Fichier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itsinda ry'inyandiko runaka zifite amakuru afitanye isano cyangwa ikaba itsinda ry'amakuru runaka ari muri porogaramu ajyanye n'ibikorwa bikorerwa muri iyo porogaramu.

**Ifishiye mbikabirango** (ifishiye mbiikabiraango). Eng: **Metafile**. Fr: **Métafichier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko ikubiyemo izindi, akenshi ziba ari izirimo amashusho.

**Ifishiye ndangamperero** (ifishiye ndaangampereero). Eng: **Zone File**. Fr: **Fichier de zone**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko irimo amakuru yerekeye urwego cyangwa akarere runaka muri Sisitemu y'amazina y'urwego.

**Ifishiye nkomatanyamabwiriza** (ifishiye nkômatanyamâbwîriza). Eng: **Batch File**. Fr: **Fichier batch**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko irimo urukurikirane rw'amabwiriza akorwa uko bikurikirana n'umusemuzi w'umurongo w'amabwiriza wa sisitemu ikora.

**Ifishiye nyimuramakuru** (ifishiye nyîmuramâkurû). Eng: **Interchange format file**. Fr: **Fichier de format d'échange**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandikorifite imiterere ikunze gukoreshwa mu guhererekanya amakuru hagati ya porogaramu zitandukanye.

**Ifoto** (ifoto). Eng: **Photographic image**; photograph; picture. Fr: **Photographie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho yakozwe n'urumuri ruhinduka ishusho hakoreshejwe sensa cyangwa filime ifata amashusho.


**Ifoto rebero** (ifoto rebero). Eng: **Screenshot**; screen grab; screen capture; Print screen. Fr: **Capture d'écran**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho yafashwe igaragaza ako kanya ibiri ku ndebera ya mudasobwa, ya telefoni cyangwa y'ikindi gikoresho koranabuhanga.

**Ifotora** (ifotora). Eng: **Photography**; Image Capture; image acquisition. Fr: **Prise d'image**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Uburyo bwo kubona ishusho koranabuhanga biturutse ku mfatamakuru nyarumuri, twavuga nk'imfatafoto.

**Igabanyaburemere** (igâbanyabûremêere). Eng: **Compression**. Fr: **Compression**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kugabanya ingano y'amafishiye y'amakuru usanga akubiyemo amafoto, amajwi n'amashusho, inyandiko, inyandiko nyamibare n'ibindi.

**Igaragaraza makuru** (igâragarazamâkurû). Eng: **External Data Representation (XDR)**. Fr: **Représentation des données externes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingano mbonera y'itondeka ry'amakuru akoreshwa nko mu mbonezanzira z'ihuzanzira rya murandasi, igatuma iyohereza ry'amakuru hagati y'inzungano z'ikoranabuhanga zinyuranye rishoboka.

**Igaragazangano** (igaragazangano). HI: **Igaragazabipimo y'indebero** (igaragazabipimo y'indeebero). Eng: **Aspect ratio**. Fr: **Rapport d'aspect**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igipimo kigaragaza ingano iri hagati y'ubugari n'ubuhagarike bw'ishusho kigaragazwa n'imibare ibiri itandukanyijwe n'utubago (:). Urugero, **4:3**, ku ishusho, bivuze ko ubugari ari ibice bine (4) mu gihe ubuhagarike ari ibice bitatu (3).



**Igaragazashusho** (igaragazashusho). Eng: **Image Display**. Fr: **Affichage d'image**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kwerekana amashusho ku irebero.

**Igarukiranzira** (igarukiranzira). HI: **Ikimirana ry'ubutumwa** (ikimirana ry'ûbutumwâ). Eng: **Bounce**. Fr: **Renvoi**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Isubizwa inyuma ry'ubutumwa bwoherejwe muri imeri bukagarukira uwabwoherereje bumubwira ko uwoherezwa atabonetse.

**Igarura** (igarura). Eng: **Retrieval**. Fr: **Récupération**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kugarura cyangwa gusubiza ikintu cyabitswe cyangwa cyatakaye.

**Igaruramakuru ya murandasi** (igâruramâkurû ya mûraandasî). HI: **Igaruramakuru** (igâruramâkurû). Eng: **Online information retrieval**. Fr: **Récupération d'informations en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Sisitemu yifashishwa n'abakoresha mudasobwa igihe ashaka kubona, gushaka no kugaragaza amakuru ya mudasobwa yifashishije interineti.

**Igaruramutekano** (igâruramûteeakaano). Eng: **Security Recovery; Cyber recovery; recovery**. Fr: **Récupération de sécurité; cyber-récupération; récupération**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Igikorwa cyo gusubiranya amakuru cyangwa amafishiye yabuze, yatakaye cyangwa yangiritse.

**Igenacyiicro** (igencyiiciiro). Eng: **Framing**. Fr: **Cadrement**; **tramage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kwerekana urubibi bw'ibinyabumwe ntangamakuru mu mujyo waza nyabubiri woherezwa mu muyoboro w'itumanaho, bukaba uburyo bwuzuye bwo guhuza za mudasobwa cyangwa ibindi bikoresho hifashishijwe umugozi ucibwamo n'amakuru mu buryo bw'umujyo wa nyabubiri.

**Igenafoto nkoranabuhanga ya kamera** (igenafoto nkôranabûhaânga ya kamera). Eng: **Camera raw**. Fr: **Appareil photo raw**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'ifishi irimo amakuru y'amashusho atarutunganywa yafashwe n'imfatashusho cyangwa indemashusho koranabuhanga.

**Igenamabara** (igênamabâra). Eng: **Color coding**. Fr: **Codage des couleurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi nyamibare aho imibare ihagararira amabara yihariye nk'iyo mu ndatwa y'amabara RGB (Umutuku, Icyatsi, Ubururu).

**Igenamikorere rya mudasobwa** (igênamikorêre ryaa mudâsobwâ). Eng: **Computer file system**. Fr: **Système de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo butegura kandi buteguzura uko amakuru abikwa kandi aboneka kuri mudasobwa.

**Igenamiterere** (igênamîteêrere). Eng: **Setting**. Fr: **Paramètre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ikoreshwa mu guhindura uko igikoresho cyangwa porogaramu ikora.

**Igenamiterere y'inkoranabuhanga** (igênamîteêrere y'iinkôranabûhaânga). Eng: **Software design**. Fr: **Conception logicielle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira ihanitse ihuza ubushishozi, ihanga, ubumenyi, ubushobozi n'ubunyakuri cyangwa gukurikiza amabwiriza umuntu ahanga ibicuruzwa bisubiza ibyifuzo by'abakiriya, cyane cyane bikorewe mu kazi.

**Igenamiterere y'insinga z'ikoranabuhanga** (igênamîteêrere y'insinga z'iinkôranabûhaânga). Eng: **ICT Wire Design**. Fr: **Conception de fils TIC**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umugozi n'uburyo bwo kunyuzamo amakuru muri rusange kuva ku murongo umwe ujya mu bindi.

**Igenamiterere ya mudasobwa** (igênamîteêrere ya mûdasobwâ). HI: **Igenamiterere** (igênamîteêrere). Eng: **Computer Design**; Computer designing. Fr: **Conception informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira igenda igaruka ikubiyemo isubizwa ry'ibibazo mbonera kandi ngaruka bishingiye ku ihange ry'isakara ry'urumuri, ku ikoreshwa ry'ibikoresho bikoresha urumuri mu ifatwa ry'ishusho no ku ikoreshwa ry'izindi koranabuhanga mu gukora umwanzuro w'igikorwa, hagamijwe kongera imiterere iboneye y'ikigezweho.

**Igenamiti koranabuhanga** (igênamîti kôranabûhaânga). Eng: **Electronic Prescribing** (eRx). Fr: **Prescription électronique**; e-prescription; eRx. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'ikoranabuhanga rya mudasobwa rishoboza umuganga gusuzuma no kugena imiti igenewe umurwayi no guhita abyohereza farumasi runaka y'aho umurwayi aherereye.

**Igenamwanya** (igênamwâanyâ). HI: Igihe cy'ihitisha (igihe cy'ihitiisha). Eng: **Air time** (radio/TV). Fr: **Temps d'antenne** (radio/TV). NK: **Isakazamakuru**. SH: Igihe nyacyo gahunda runaka itangarizwaho.

**Igenzamikoreshereze ya murandasi** (Igêenzamîkorêeshereze ya mûraandasî). Eng: **Internet surveillance**. Fr: **Surveillance Internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikorwa cyo kwegeranya, kugenzura no gusesengura amakuru ava kuri murandasi, yaba ari imeri, imbuga nkoranyambaga, kujya ku mbuga z'ikoranabuhanga.

**Igenzura** (igeezuura). Eng: **Control**. Fr: **Contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi bwo gucunga, gutunganya cyangwa gushyira mu bikorwa ikintu kuri mudasobwa.

**Igenzura rihanitse ry'ihuzamakuru** (igeezuura rihanîtse ry'ihûuzamâkurû). Eng: **High-level data link control** (HDLC). Fr: **Contrôle de liaison de données de haut niveau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo mbonera bukoreshwa mu ikoranabuhanga rya murandasi kugira ngo hizerwe ko amakuru yoherejwe ku buryo nyabwo bwizewe hagati y'ibikoresho bihuzwa.

**Igenzura ry'ihuza mbonera** (igeezuura ry'ihûuza mbonerâ). Eng: **Logical Link Control** (LLC). Fr: **Contrôle de liaison logique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Amakuru ahuza imbenezanzira

zitanga kugenzura amakosa, kugenzura imigendekere no gutumanaho hagati ya porogaramu nyinshi ku murongo utari rusange.

**Igenzurabanga nyamubiri** (igeenzuurabaanga nyamubiri). Eng: **Biometrics**; Biometric technology; Biometrics data. Fr: **Biométrie**; Technologie biométrique; Données biométriques. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Ikoranabuhanga nyamwikoresha rituma hemezwa hakanatahurwa ibimenyetso by'umubiri w'umuntu nk'ibimenyetso by'intoki, indiba y'ijisho, imbengeza y'amaso, ingero mbonera z'ijwi, ingero mbonera zo mu maso n'ibipimo by'ibiganza.

**Igenzurabwemerwe** (igêenzuurabwêemerwe). Eng: **Acceptance test**; testing. Fr: **Test d'admission**; test d'acceptation; test. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Isuzuma rigamiye kwemeza niba igikoresho gishya cyakozwe gishobora gukora neza ibyo cyakorewe.

**Igenzurahinduka** (igeenzuurahiinduka). Eng: **Calculus**. Fr: **Calcul différentiel**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: inyigo y'impinduka zihoraho n'inshuro zazo.

**Igenzuramakosa** (igêenzuramâkosâ). Eng: **Error control**; Error detection and correction. Fr: **Contrôle des erreurs**; détection et la correction des erreurs. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukomeye bw'ihuzanzira koranabuhanga butuma habaho kwizera n'ubunyakuri mu kohereza amakuru.

**Igenzuramukono** (igêenzuuramûkonô). HI: **Igenzuramukono koranabuhanga ukozwe mu mibare** (igêenzuuramûkonô kôranabûhaânga ukôzwe mu mibarê). Eng: **Verification of a digital signature**. Fr: **Vérification une signature numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iyemeza bihamye ko umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare wakozwe hakoreshejwe urufunguzo rwihariye rufitanye isano n'urufunguzo rusange zombi zigaragara ku cyemezo kandi ko inyandiko itononekaye kuva aho umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare wayo wokorewe.

**Igenzuramutekano w'urusobe koranabuhanga** (igêenzuuramûteekano w'ûrusobê kôranabûhaânga). Eng: **Cyber security control**. Fr: **Contrôle de la sécurité des cybers**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ibyemezo by'umutekano n'imvuguruza zabyo bikoreshwa mu kurinda urwungano

ntangamakuru, ihuzanzira n'amakuru birindwa ibyabyangiza, twavuga nk' ibyemezo tekini, by'ubuyobozi cyangwa bifatika, bishyirwaho kugira ngo bigabanye ibyago byabaho kandi no kurinda ibanga, ubusugire no kuboneka kw'inzungano.

**Igerageza rya porogaramu** (igerageza ryaa porogaraâmu) HI: Igerageza rya porogaramu ya mudasobwa (igerageza ryaa porogaraâmu ya mûdasobwâ). Eng: **Software testing**. Fr: **Test de logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira y'igenzura ko inkoranabuhanga ikora ibyo yagenewe gukora.

**Igice koreshabuhanga nkomatanya** (igicê kôreeshabûhaânga nkomatanya). HI: **Igice koranabuhanga cy'ingenzi** (igicê kôranabûhaânga cy'ingenzi). Eng: **Functional unit** (input, processor, output). Fr: **Unité fonctionnelle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cy'ingenzi cya mudasobwa kiri ugutatu, ni: ibyinjizwa, intima n'igisubizo cya mudasobwa, bikaba bikorana hagamijwe gutunganya igikorwa runaka.

**Igice ngenzunzi** (Igicêngeenzuuzi). Eng: **Control unit**; control system. Fr: **Unité de contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cyo gutunganya mudasobwa (CPU) kiyobora imikorere ya poroseseri.

**Igiciyemo umurongo** (ingaragaza y'ibikêneye kunôzwa). Eng: **Strikethrough**. Fr: **Barré**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo mu ikoranabuhanga bukoreshwa mu kwerekana umurongo wasibwe kugira ngo utekerezweho.

**Igicumbi cy'ikoranabuhanga** (igicuûmbi cy'îikôranabûhaânga). HI: **Ihuriro ry'ikoranabuhanga** (ihûuriro ry'îikôranabûhaânga). Eng: **ICT Hub**. Fr: **Pôle TIC**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu hakorerwa ibikorwa by'ubuvumbuzi, ubucuruzi, n'ubufatanye mu by'ikoranabuhanga.

**Igihe amaze akora** (igihe amazê akôra). Eng: **User Session**. Fr: **Session d'utilisateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igihe umuntu ukoresha murandasi ari umwe ayimarahô mu gihe kigenwe, twavuga nk'umunsi cyangwa ukwezi, ari ukuyisura cyangwa kubona ibiyiturutsemo, twavuga nk'ibyamamazwa, imeri n'ibinyamakuru.

**Igihe cy'isakara** (igihe cy'isaakaara). Eng: **Reverb and echo**; delay. Fr: **Écho et réverbération**; délai. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igihe bifata ikimenyetso cyangwa amakuru kugira ngo akwire ava ahantu hamwe aya ahandi, hakubiyemo ibintu binyuranye nko gusesengura amakuru, kuba ategereje, kuyohereza no kuyasakaza.

**Igihe yamaze ku ipaji** (igihe yamâze ku iipaâji). Eng: **Time on Page**. Fr: **Temps sur la page**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Igihe kiringaniye umuntu amara ku rubuga rwa murandasi.

**Igihe yinjiriye** (igihe cy'iyinjira). Eng: **Access time**. Fr: **Temps d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igihe cyo gutegereza kiba hagati yo gusaba urwungano nka mudasobwa cyangwa igikoresho ngendanwa amakuru abitswe n'igihe amakuru wasabye akugereraho.

**Igikoresho** (igikôreesho). HI: **Igikoresho koranabuhanga** (igikôreesho kôranabûhaânga). Eng: **Appliance**. Fr: **Appareil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho (cyangwa imiterere myinshi y'inzungano zikomatanijye n'ibisubizo bijyana na zo bireba amahuriro y'amakuru) cyakira amakuru aciye mu nzira koranabuhanga kikayabika, kikayakoresha, kikayasesengura, kikayagarura kibisabwe, kikayohereza aho gitegetswe, twavuga nka mudasobwa, telefoni zigezweho, televiziyo koranabuhanga cyangwa inyakirabutumwa koranabuhanga.

**Igikoresho cy'isuzuma koranabuhanga** (gbikôreesho cy'isuuzuma kôranabûhaânga). Eng: **Computer diagnostic tool**. Fr: **Outil de diagnostic informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu gifasha gutahura ibibazo mu rwungano cyangwa mu gikoresho, kigasesengura ibice bitandukanye by'urwungano kugira ngo hatahurwe ibibazo, icyo gikoresho gishobora gukoreshwa kuri mudasobwa, imashini n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga, ifasha mu gusesengura imbikamakuru ahoraho, kugenzura amakosa ari mu mbikamakuru, kugenzura ubushyuhe bw'inshobozamudasobwa no gutanga amakuru ku kindi gikoresho gihujwe na mudasobwa.

**Igikoresho cy'urusobe ntangazamakuru** (igikôreesho cy'urusobê ntâangaazamâkurû). Eng: **Multimedia terminal**. Fr: **Terminal multimédia**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igikoresho kigizwe na mugaragaza na mwandikisho.

**Igikoresho cya mudasobwa** (igikôreeshe cyaa mûdasobwâ). Eng: **Computing device**. Fr: **Appareil informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imashini ikoreshwa mu kugura, kubika, gusesengura, gutunganya, no gutangaza amakuru n'andi makuru mu ikoranabuhanga.

**Igikoresho cya murandasi ngendanwa** (igikôreeshe cyaa mûraandasî ngeendânwa). HI: **Igikoresho cy'ihuzanzira ngendanwa** (igikoôreeshe cy'ihuuzanzira ngeendânwa). Eng: **Mobile Internet Device (MID)**. Fr: **Appareil Internet mobile**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga ngendanwa nziramugozi gitanga ihuzanzira rya murandasi biciye mu ihuzanzira rya WIFI cyangwa rya telefoni.

**Igikoresho koranabuhanga** (igikoreesho kôranabûhaânga). Eng: **ICT tool; IT tool; IT interface**. Fr: **Outil TIC; outil informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: icyifashishwa mu itumanaho hakoreshejwe ibintu cyangwa inkoranabuhanga, twavuga mudasobwa, imfotoranyandiko, ingaragazamakuru, ikibaho cy'umweru nyoroshyakazi, isesenguranyandiko, murandasi, imfatamajwi, telefoni ngendanwa, inkoranabuhanga nkoreshwa z'imbuga nkoranyambaga nka Whatsapp usanga bikoreshwa mu rwego rw'ikoranabuhanga rya mudasobwa.



**Igikoresho mbikamakuru** (igikôreeshe mbïkamâkurû). HI: Disike (diisike). Eng: **Disk**. Fr: **Disque**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gikoze mu cyuma cyangwa parasitike kifashishwa mu kubika amakuru (Flopp disk, SSD, Flash, external disk...).

**Igikoresho mpuzamiyoboro** (igikôreeshe mpuuzamiyoboro). HI: **Igikoresho cy'ihuzanzira** (igikôreeshe cy'ihuuzanzira). Eng: **Network Connectivity Device; Network device**. Fr: **Périphérique réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igice cyihariye gikoreshwa mu ihuzanzira kiyobora imimaro, gutanga amategeko no guhuza ku buryo bwihariye imiyoboro y'ihuzanzira nk'iy'ibikoreshe bihera cyangwa nkoramumaro, intanganzira, impinduranzira, intangamakuru, inkomatanyanzira n'amakarita mpuzanzira.

**Igikoresho ngendanwa** (igikôreesho ngeendânwa). Eng: **Mobile device**. Fr: **Appareil mobile**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga umuntu ashobora kwitwaza kikaba kitaremereye kandi ari gito ku buryo cyafatwa mu kiganza, kikaba cyakoreshwa mu rugendo ku buryo cyigenga, aha twavuga telefoni igezweho n'ikibaho nkoranabuhanga.

**Igikoresho nsesenguzi** (igikôreesho nsêseenguzi). Eng: **Analytic tool; Business Intelligence tool; decision support system**. Fr: **Outil d'analyse; systèmes d'aide à la décision; outils d'intelligence d'affaires**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu cyangwa sisitemu ifasha abakoresha gusesengura amakuru kugira ngo babone ubumenyi, barusheho gufata ibyemezo, kandi barusheho kunoza inzira.

**Igikoresho nziramugozi** (igikoresho nzîramûgozi). Eng: **Wireless device**. Fr: **Appareil sans fil**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: mudasobwa ikora nta rutsinga rugaragara ikoresheje ahubwo yifashishije ikoranabuhanga nka Wi-Fi cyangwa Bluetooth, bikayifasha kugera kuri murandasi no guhererekanya amakuru hamwe no gukoresha ubushobozi nkoranabuhanga butandukanye ndetse no gukoresha inkoranabuhanga nkoreshwa.

**Igikumwe koranabuhanga** (igikûmwe kôranabûhaânga). Eng: **Fingerprint**. Fr: **Empreinte digitale**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikimenyetso gisigwa n'imigongo y'igikumwe iyo umuntu akojeje urutoki ku kamashini kagenzura amakuru atanga uburenganzira bwo gufungura imashini kakayemeza.

**Igipimo cy'igihe cy'isaha** (igipimo cy'igihe cy'îisâahâ). Eng: **Clock Cycle; machine cycle; clock tick**. Fr: **Cycle d'horloge; tick d'horloge**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igice cy'ibanze cy'igihe cya poroseri ya mudasobwa (CPU).

**Igipimo cy'inyuguti mu ikoranabuhanga** (igipimo cy'inyugûti mu iikôranabûhaânga). Eng: **Code page; character set; encoding**. Fr: **Page de codes; jeu de caractères; codage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imbonerahamwe y'agaciro aho buri nyuguti ihagararirwa n'umubare, bigatuma mudasobwa ishobora kumenya inyuguti, bityo ikagaragaza nta kosa inyandiko.

**Igipimo cy'ubwaguke** (igipimo cy'ubwaâguke). Eng: **F-number/Aperture**  
Fr: **Ouverture, Nombre F.** NK:  
**Ikoranabuhanga ry'amashusho** SH:



Uburyo imboni koranabuhanga ya kamera yongera cyangwa igabanya urumuri ruyinjiramo mu ifatashusho.

**Igipimo cy'umurimo koranabuhanga** (igipimo cy'umurimo kôranabûhaânga). Eng: **Thread.** Fr: **Fil Conducteur.** NK:  
**Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: itsinda rito cyangwa urukurikirane rw'amabwiriza mudasobwa ishobora gukoresha no gushyira mu bikorwa, ni ryo shingiro ry'ikoreshwa ry'ingufu zo gutunganya.

**Igipimo mbonera 802.11** (igipimo mbonerâ 802.11). Eng: **802.11b.** Fr: **802.11b.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Ivugurura ry'imiterere ya IEEE 802.11 ya interineti idafite insinga, ifata 11 Mbps kuri bande imwe ya 2.4 GHz.

**Igipimo mbonera 802.11a** (igipimo mbonerâ 802.11a). Eng: **802.11a.** Fr: **802.11a.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Uburyo bwa Wi-Fi bwakozwe na IEEE bwo kohereza amakuru hakoreshejwe umuyoboro udafite umugozi, ikoresha umuyoboro wa 5 GHz kandi yemerera kohereza amakuru ku muvuduko wa 54 Mbps.

**Igipimo mbonera 802.11g** (igipimo mbonerâ 802.11g). Eng: **802.11g.** Fr: **802.11g.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Umurongo ngenderwaho usobanura uburyo bwo guhuza imiyoboro idafite insinga ku muyoboro w'ahantu hadafite insinga ukorera muri radiyo ya 2.4 GHz.

**Igipimo mbonera 802.11n** (igipimo mbonerâ 802.11n). Eng: **802.11n.** Fr: **802.11n.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Umurongo ngenderwaho cya IEEE ku miyoboro idafite insinga cyongera umuvuduko, ubwizerwe, n'urwego rw'itumanaho ridafite insinga mu miyoboro idafite insinga yo mu gace k'itumanaho.

**Igipimo ndangamakuru** (igipimo ndâangamâkurû). Eng: **Data descriptor.** Fr: **Descripteur de données.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Imyubakire nyamibare y'ahantu cyangwa ibimenyetso by'ishusho, byakorewe gufata ibimenyetso byihariye kugira ngo imbenezamibare zishobore kubigereranya no kubihuza n'ibindi

bimenyetso, hakavamo ikintu nk'ameza n'ayandi makuru nk'izina ameza, izina ry'ifishi ishusho irimo, n'ibihamyamakuru bikora ishusho y'ameza, iyi myubakire itanga amakuru asobanura amakuru.

**Igipimo ngaragazamakosa** (igipimo ngâragazamâkosâ). Eng: **Error rate**. Fr: **Taux d'erreur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bugaragaza umubare w'amakosa abonrka mu makuru yoherezwa cyangwa atunganywa, ugereranyije n'amakuru yose yoherejwe.

**Igipimo nsumbabyose hererekanyamakuru** (igipimo nsûumbabyôose hêerekanyamakuru). Eng: **Maximum transmission rate**; data transmission rate. Fr: **Débit de transmission de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ubwinshi bw'amakuru yoherezwa mu muyoboro nyoherezamakuru cyangwa mu gikoresho mpuza cy'amakuru mu kigero cy'igihe kimwe cyagenwe, akenshi ni myanya nkoranabuhanga runaka mu isogonda.

**Igisanduku cya mudasobwa** (igisâandukû cyaa mûdasobwâ). Eng: **Computer housing**; computer case; computer chassis. Fr: **Boîtier d'ordinateur**; boîte d'ordinateur; châssis d'ordinateur. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu gishyirwamo ibikoresho byenda kuba byose bigize mudasobwa bwite.

**Igishushanyo** (igishushaanyo). HI: **Ishusho** (ishusho). Eng: **Graphic**. Fr: **Graphique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igishushanyije gikoze cyangwa cyerekanwa hakoreshejwe mudasobwa na porogaramu zihariye, nk'amashusho, ibishushanyo, imbonerahamwe, n'ibindi bintu bifatika bikoreshwa mu gutanga amakuru, kongera itumanaho cyangwa kongera ubwiza bw'amashusho ku itangazamakuru koranabuhanga.

**Igishushanyo hanahanamakuru** (igishushaanyo hâanahaanamâkurû). Eng: **Data flow diagram (DFD)**. Fr: **Diagramme de flux de données (DFD)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imbonerahamwe igaragaza itembera ry'amakuru muri sisiteme.

**Igishushanyo ngaragazasano** (igishushaanyo ngâragazasâano). Eng: **Entity Relationship Diagram**; ER Diagram. Fr: **Diagramme de relation d'entité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukwerekana uburyo ibintu bitandukanye (nk'abantu, ibintu cyangwa ibitekerezo) mu

rwungano bifitanye isano, ubusanzwe bikoreshwa mu guhanga imiterere y'ikigega cy'amakuru hashushanywa ikarita igaragaza ibintu, ibibiranga n'amasano bifitanye hagati yabo, bigatanga cyane cyane imbata yerekana ukuntu amakuru azaba ateye kandi ahujwe mu rwungano.

**Igisubizo cya mudasobwa** (igisûbizo cyaa mûdasobwâ). Eng: **Output**. Fr: **Sortie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibiboneka bigaragara nk'amashusho, ibyumvishwa amatwi cyangwa intoki bitanzwe na mudasobwa nyuma y'isesengurwa ry'amakuru yatanzwe, twavuga nk'inyandiko, ishusho, ijwi, cyangwa amashusho agenda yerekanywe ku irebero rya mudasobwa cyangwa biciye mu ndangururamajwi kimwe no mu nyandiko cyangwa iy'abatfite ubumuga bwo kutabona biturutse mu ncpanyandiko.

**Igitangazamakuru** (igitâangaazamâkurû). Eng: **Media agency**; Media outlet. Fr: **Agence de média**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Ikigo kigizwe n'inzobere mu iyamamaza zizi gukora igenamigambi no gushyira hamwe no gukurikirana amakuru yavuye mu iyamamaza ryashyizwe ku bintu bitandukanye.

**Igitero gifatira ku mwirondoro** (igitêero gifatira ku mwîroondooro). HI: Igitero gishingiye ku ndanga (igitêero gishiingîye kuu ndaanga). Eng: **Identity-based threat**; Identity-based attack. Fr: **Attaque/menace basée sur l'identité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibitero bya murandasi byibanda ku makuru y'itahurwa ry'abakoresha mudasobwa, twavuga nk'amazina y'abayikoresha, amagambo banga n'ingaragazaburenganzira nyemeza zabo kugira ngo bashobore kwinjira ku buryo butemewe mu nzungano no ku makuru.

**Igitero koranabuhanga** (igitêero kôranabûhaânga). Eng: **Cyber attack**. Fr: **Cyber-attaque**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Buri gikorwa cyose cyakwibasira kikanabangamira sisitemu ya mudasobwa, imiyoboro y'itumanaho, mudasobwa cyangwa se ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga rigezweho.

**Igitero mpatiriza** (igitêero mpaatiriza). HI: **Igitero mwiyahuzi** (igitêero mwîiyahuzi). Eng: **Brute force attack**. Fr: **Attaque par force brute**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kwiba bukoresha gufoza mu gufundura amagambo banga, amakuru y'ifatanzira, imfunguzo z'iyandikabanga mu mibare.

**Igurisha ry'iyakure** (iguriisha ry'iyakure). HI: **Igurisha mu ikoranabuhanga** (iguriisha mu iikōranabūhaānga). Eng: **Distance selling**; telephone sales; telephone selling; telesales. Fr: **Télévente**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ubucuruzi bukoresha tekini z'ikoranabuhanga cyangwa za radiyo bushingiye ku kugurisha igicuruzwa cyangwa serivisi ku bantu cyangwa ku bigo hakoreshejwe telefoni.

**Igurisha ryuzuye** (iguriisha ryuuzūye). Eng: **Completed Store Transactions**. Fr: **Transactions en magasin terminées**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Agaciro k'ihindura gapima umubare w'ibyaguzwe kuri murandasi.

**Ihamagara** (ihāmagara). Eng: **Voice call**. Fr: **Appel vocal**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo koranabuhanga buguhuza n'umuntu nkaho muri kumwe mukaganira kuri telefoni, bigakemura ibibazo ku buryo bwihuse, ukaba wakumva niba afite imbamutima, mbese mugashyikirana.

**Ihanga rya porogaramu za mudasobwa** (ihaanga ryaa porogaraāmu zaa mūdāsobwā). HI: **Ihanga ry'inkoranabuhanga** (ihaanga ry'iinkōranabūhaānga). Eng: **Software engineering**. Fr: **Génie logiciel**; ingénierie logicielle. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishami rya siyansi ya mudasobwa rishinzwe gushushanya, guteza imbere, gupima no kubungabunga porogaramu za mudasobwa.

**Ihangabimenyetso** (ihaangabimeneyetso). Eng: **Coding theory**. Fr: **Théorie du codage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyigo y'imiterere y'indimi n'ihuzwa ry'inkoranabuhanga zihariye.

**Ihangabishya koranabuhanga** (ihāangabīshya kōranabūhaānga). Eng: **Digital innovation**. Fr: **Innovation numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere mishya ishingiyeye ku kunoza serivisi cyangwa se ku bikorwa by'ikigo runaka binyuze mu guhindura uburyo bwakoreshwaga ahubwo iyo mikorere igasanishwa n'ikoranabuhanga rizezweho kugira ngo bihuzwe n'umuvuduko ikoranabuhanga ririho.

**Ihanganyandiko rubuga** (ihaanganyandiko rubūga). Eng: **Web scripting**. Fr: **Script Web**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Uburyo bwo guhanga no kwinjiza inyandiko ku rubuga rwa murandasi, bityo ibihashyizwe bikitwa inyandiko yo ku rubuga.

**Ihangashusho** (ihaangashusho). HI: **Ihangashusho rya mudasobwa** (ihaangashusho ryaa mûdasobwâ). Eng: **Computer imaging**. Fr: **Imagerie informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gufata amashusho kuri mudasobwa bikubiyemo gufata ishusho ya sisitemu y'imikorere, cyangwa ishusho y'icyitegererezo, uherye kuri mudasobwa y'icyitegererezo ukayishyira mu gikoresho kimwe cyangwa byinshi.

**Ihange nyamakuru** (ihaânge nyamâkurû). Eng: **Information theory**. Fr: **Théorie de l'information**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Hakoreshejwe isesengura ry'amakuru, hashakwa umubare w'imyanya koranabuhanga wa ngombwa mu guhagararira amakuru agize ukwiyumvisha amakuru ava ku isoko.

**Ihange nyamwikoresha** (ihaânge nyamwiikoreesha). Eng: **Automata Theory**. Fr: **Théorie des automates**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishami ryibanda ku ihange ry'ikoranabuhanga rishingiye ku ibonezabitekerezo ry'imibare, rigatanga ishingiro ry'iyumvwa ry'imibare no kugena za sisitemu z'indundo na musenguzi, rikiga ku mashini nyabuhanga zitwa nyamwikoresha no ku bushobozi bwazo bwo kubara.

**Ihange ry'ibara** (ihaânge ry'ibara). Eng: **Theory of computation**. Fr: **Théorie du calcul**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishami rihuza siyansi ya mudasobwa n'imibare rivuga ku buryo ibibazo bishobora gukemurwa hakoreshejwe uburyo bwo kubara, hakoreshejwe uburyo bwa aligoritime.

**Ihange ry'ibarika** (ihaânge ry'ibarika). Eng: **Computability Theory; Computability Theory**. Fr: **Théorie de la calculabilité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubuganga bwo kubara bushakashaka ibibazo bishobora gukemurwa n'imbenezamibare na za mudasobwa byibanda ku mbibi z'ibara no kuba hariho ibibazo bidashobora kubonerwa igisubizo twavuga nk'ikibazo cy'ihagarara ry'igikoresho koranabuhanga.

**Ihaza koranabuhanga** (ihaaza kôranabûhaânge). Eng: **IT coverage; Coverage**. Fr: **Couverture informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya**

**mudasobwa.** SH: Ahantu cyangwa ingano y'abantu bashobora kubona no kwakira uburyo bw'ihuzanzira kuri telefoni zabo.

**Ihekeranangiro** (iheekeranangiro). Eng: **Convolution.** Fr: **Convolution.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uburyo bukomeye cy'imibare gikoreshwa mu gutunganya ibimenyetso, amashusho, no mu by'ubwubatsi bw'ikoranabuhanga.

**Ihererekanya** (ihêererekanya). Eng: **Forward (FW).** Fr: **Transfert.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikorwa cyo kohereza amakuru, ubutumwa cyangwa imiraba uturutse ahantu hamwe cyangwa kuri mudasobwa ujya ku yindi, akenshi yohererezwa umuntu wagenwe, akaba ari amahitamo ukoresha mudasobwa afite atuma yohereza ubutumwa yari abonye ku wundi muntu kandi bikagaragara ko ari ubutumwa budaturutse ku ubwohereje ahubwo ko na we yari yabwohererejwe.

**Ihererekanya** (ihêererekanya). Eng: **Transaction.** Fr: **Transaction.** NK: **Itumanaho koranabuhanga.** SH: Ihanahana ry'amakuru ryaba iryo mu rwego rw'ubucuruzi cyangwa urutari urw'ubucuruzi hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Ihererekanya koranabuhanga** (ihêererekanya kôranabûhaânga). Eng: **Online Transactions.** Fr: **Transactions en ligne.** NK: **Ikoranabuhanga ry'imari.** SH: Kugura, kugurisha, kwishyura, cyangwa kohereza amafaranga kuri murandasi ukoresheje mudasobwa cyangwa telefoni igendanwa.

**Ihererekanyafaranga koranabuhanga** (iheererekanyafaraanga kôranabûhaânga). Eng: **Electronic transaction.** Fr: **Transaction électronique.** NK: **Ikoranabuhanga ry'imari.** SH: Uburyo bwo guhaha bugezweho budasaba ko uba ufite amafaranga mu ntoki, akenshi hifashishwa ikarita yabugenewe.

**Ihererekanyamakuru bupaki** (ihêererekanyamâkurû bupaki). HI: **Ihererekanyamakuru mu ipaki** (ihêererekanyamâkurû mu iipaki). Eng: **Packet switching.** Fr: **Commutation de paquets.** NK: **Itumanaho koranabuhanga.** SH: Uburyo bwo guherererekanya amakuru mu dupaki duto, hanyuma akongera kwegeranywa ku murongo n'abayakiriye.

**Ihererekanyamakuru koranabuhanga** (ihêererekanyamâkurû kôranabûhaânga). HI: **Ihererekanyamakuru rya EDI** (ihêererekanyamâkurû ryaa EDI). Eng: **Electronic data interchange (EDI)**. Fr: **Échange de données informatisées (EDI)**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ihererekanya ry'inyandiko rikozwe hagati ya zamudasobwa zikoresheje amabwiriza yumvikanyweho mu gutunganya izo nyandiko.

**Ihererekanyamakuru nyambukiranyamipaka** (ihêererekanyamâkurû nyâmbukiranyamîpakâ). Eng: **Transborder data flow**. Fr: **Flux transfrontalier de données**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uguhererekanya amakuru ava mu gihugu kimwe ajya mu kindi hifashishijwe icyogajuru cyangwa imiyoboro yo kubutaka.

**Ihererekanyamakuru nyamurandasi** (ihêererekanyamâkurû nyamûraandasi). HI: **Ihererekanyamakuru kuri murandasi** (ihêererekanyamâkurû kurî murâandasi). Eng: **Exchange Online**. Fr: **Échange en ligne**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Urubuga rwo kohererezanya ubutumwa rushingiye ku bubiko bw'iyakure butanga za aderesi nkoranabuhanga, karendari, ibiranga n'ibigomba gukorwa.

**Ihererekanyamakuru rya UDP** (ihêererekanyamâkurû rya UDP). Eng: **User Datagram Protocol (UDP)**. Fr: **Protocole du datagramme de l'utilisateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoresha n'abantu bafata amashusho akaba ari kugaragazwa ahandi hantu harimo n'amajwi bakoresheje umugozi (ayo majwi n'amashusho anyura mu muguzi).

**Ihererekanyamiraba** (iheererekanyamiraaba). Eng: **Microwave transmission**. Fr: **Transmission par micro-ondes**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Itumanaho ryifashisha imiraba ifite ingufu zo hejuru inakoresha igipimo kinini cy'amakuru, iri mu itumanaho ahanini rikoresha ku rwego mpuzamahanga cyangwa mu byogajuru.

**Ihindagurika nyagihe ry'amakuru** (ihiindagurika nyagihe ry'âmakurû). HI: **Ihindagurika nyagihe mbonamakuru** ((ihiindagurika nyagihe mbônâmâkurû). Eng: **Jitter**. Fr: **La gigue**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: ihindagurika ry'igihe amakuru amara mu muyoboro w'itumanaho kugira ngo agere aho yoherejwe.

**Ihindura** (ihindura). Eng: **Conversion**. Fr: **Conversion**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ihindura koranabuhanga aho ikintu kiva mu miterere imwe kijya mu yindi, ariko indemo yacyo ntihinduke. Urugero, ushobora guhindura inyandiko ya Word uyigira PDF cyangwa videwo ukayihindura amajwi gusa.

**Ihindurajwi** (ihindurajwi). Eng: **Audio conversion**. Fr: **Conversion audio**. NK: **Urusobe ntangamakuru**. SH: Uburyo bw'ihindura koranabuhanga aho amajwi ari mu miterere imwe runaka ashyirwa mu yindi, ariko indemo ntihinduke., urugero, amajwi: yafashwe mu buryo bwa WAV akajya muri MP3 akenshi bigamije koroshya ikoreshwa ry'ayo majwi.

**Ihinduramiterere** (ihinduramiteêrere). Eng: **Format Conversion; Encoding**. Fr: **Conversion de format; encodage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ihindura koranabuhanga rikoresha mu guhindura uburyo amakuru yanditsemo, urugero nko guhindura inyuguti zikoresha, cyangwa guhindura imiterere ya dosiye z'amajwi n'amashusho aha mu miterere imwe ajya mu yindi.

**Ihinduramiterere y'amajwi** (ihinduramiteêrere y'amajwi). Eng: **Sound conversion ; Audio conversion**. Fr: **Conversion sonore; Conversion audio**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Uburyo bw'ihindura koranabuhanga ry'amajwi aho amajwi akurwa mu miterere yayo karemano akajya mu miterere y'ikoranabuhanga mudasobwa zishobora kubika, gutunganya no kohera.

**Ihinduramiterere y'amakuru** (ihinduramiteêrere y'amakuru). Eng: **Data Conversion**. Fr: **Conversion des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ihindura koranabuhanga aho amakuru ari mu miterere imwe runaka ashyirwa mu yindi, ariko indemo ntihinduke hagamijwe koroshya ikoreshwa ryayo. Urugero, ushobora guhindura amakuru ya CSV uyagira Excel.

**Ihinduramiterere y'ibara** (ihinduramiteêrere y'ibara). Eng: **Color Space Transformation**. Fr: **Transformation de l'espace colorimétrique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga bwo guhindura uko amabara ahagararirwa mu ifoto cyangwa ishusho, urugero nko guhindura ishusho iri mu mabara ya RGB (Umutuku, icyatsi, Ubururu) ikajya muri Grayscale (umweru n'umukara) kugira ngo igabanye umwanya ifata mu bubiko cyangwa kuyihindura muri YIQ

(Ubukeshya, umuhondo ushyira ubururu n'idoma ryijimyemo ibihogo rishyira icyatsi kibisi) bigafasha mu kugabanya uburemere mu mabara y'amafoto cyangwa y'amashusho.

**Ihinduramiterere y'ifoto** (ihinduramiteerere y'ifoto). HI: **Ihinduramiterere y'ishusho** (ihinduramiteerere y'ishusho). Eng: **Image conversion**. Fr: **Conversion d'image**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Uburyo bw'ihindura koranabuhanga aho ifoto iva mu miterere imwe ijya mu yindi, cyangwa ikava mu bwoko bumwe bwa dosiye ijya mu bundi, cyangwa mu buryo bumwe bw'amabara ijya mu bundi.

**Ihinduramiterere y'ishusho nyandiko** (ihinduramiteerere y'ishusho nyandiko). Eng: **Image-to-Text Conversion**. Fr: **Conversion d'image en texte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ni uburyo bw'ikoranabuhanga bwo guhindura ishusho mu nyandiko ukoresheje ikoranabuhanga rya **OCR (Optical Character Recognition)** mu gusoma amashusho cyangwa inyandiko zafotowe, maze zigahindurwa inyandiko sisitemu ishobora gusoma, guhindura, no gushakisha byoroshye.

**Ihindurafishiye** (ihindurafishiye). Eng: **File Conversion**. Fr: **Conversion de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ihindura koranabuhanga aho inyandiko iri mu miterere imwe runaka ishyirwa mu yindi, ariko indemo ntihinduke hagamijwe koroshya ikoreshwa ryayo, nk'urugero umuntu ashobora guhindura inyandiko ya *word* ikaba *pdf*.

**Ihinduramiterere ya fishiye** (ihinduramiteerere ya fishiye). Eng: **File Format Conversion**. Fr: **Conversion de format de fichier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo guhindura inyongera za fishiye ziva mu bwoko bumwe bwa dosiye zijya mu bundi, urugero nko guhindura dosiye ya BMP cyangwa raw image ikajya muri PNG, JPEG, cyangwa GIF, kugira ngo ibashe gukoreshwa neza muri porogaramu runaka.

**Ihinduramiterere ya sisitemu** (ihinduramiteerere ya sisitemu) HI: **Kwimura sisitemu** (kwimura sisitemu). **System Conversion; Migration**. Fr: **Conversion de système; Migration**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kureka gukoresha sisitemu ishaje y'amakuru ugakoresha sisitemu nshya, hakoreshejwe uburyo

butandukanye nko gukoresha sisitemu zombi icyarimwe cyangwa guhita uhagarika ishaje ugakoresha inshya ako kanya.

**Ihinduramunara** (ihînduramûnarâ). Eng: **Data roaming**. Fr: **Itinérance des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ugukoresha serivisi zitanga amakuru kuri telefoni zo hanze y'ikigo, bigatuma uguha serivisi ya murandasi kuri telefoni agira amafaranga yongeraho ku kiguzi bitewe n'aho amakuru yoherezwa ndetse n'icyo agamije gukoreshwa.

**Ihinduramuvuduko w'ijwi** (ihînduramûvuduko w'îjwî). HI: **Efemu** (efêemu). Eng: **Frequency modulation**. Fr: **Modulation de fréquence** (FM). NK: **Isakazamakuru**. SH: Igenamikorere nkoranabuhanga riba riri mu muraba mwikorezi hahinduwe igipimo ugenderaho.

**Ihindurandimi koranabuhanga** (ihîndurandîmi kôranabûhaânga). Eng: **Machine Translation (MT)**. Fr: **Traduction automatique (TA)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo guhindura inyandiko z'amagambo hakoreshejwe porogaramu cyangwa sisitemu y'ikoranabuhanga aho umuntu adakoresha imbaraga nyinshi mu guhindura.

**Ihindurashusho** (ihîndurashusho). Eng: **Video conversion; Image conversion**. Fr: **Conversion vidéo; Conversion d'images**. NK: **Urusobe ntangamakuru**. SH: Uburyo bw'ihinduria koranabuhanga aho videwo iri mu miterere imwe runaka ishyirwa mu yindi, ariko indemo ntihinduke, nk'urugero, guhindura videwo yafashwe mu buryo bwa AVI, MOV, MKV ikaba MP4 akenshi bigamije koroshya ikoreshwa ry'iyi videwo.

**Ihindurashusho koranabuhanga** (ihîndurashusho kôranabûhaânga). Eng: **Raster-to-Vector Conversion; Image Tracing**. Fr: **Conversion raster-vecteur; traçage d'image**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga bwo guhindura uduce duto tw'amabara tugize amashusho tugahindurwamo ibishushanyo bya vekiteri.

**Ihinyuza ryisubira** (ihinyuza ryiisûbiira). Eng: **Cross-reference**. Fr: **Référencement croisé**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urutonde rwa buri zina ry'ifishi na numero yo ku rutonde yayo aho ingaragazabwite yahawe izina yatanzwe yigaragaza mu rutonde nkomoko rw'imbonezamikorere.

**Ihuriro** (ihûuriro). HI: **Impuza** (impuûza). Eng: **Hub**. Fr: **Hub**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gihuza mudasobwa nyinshi n'ibikoresho.

**Ihuriro ry'ihinduranya ngendanwa** (ihûuriro ry'ihinduranya ngeendânwa). Eng: **Mobile Switching Center**. Fr: **Centre de Commutation Mobile**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:



Inkingi ya mwamba y'ihuzanzira rya GSM /CDMA ikora nk'urwungano mpinduranyamiyoboro rugendanwa (NSS) ruhuza abahamagarwa b'abafatabuguzi ruhinduranya amatsinda y'amajwi koranabuhanga hagati y'inzira huzanzira, rugatanga amakuru ya ngombwa mu kwita ku bafatabuguzi ba serivisi ngendanwa nko kwiyandikisha no kwemeza abakoresha umuyoboro.

**Ihuriro ry'imiyoboro ya murandasi** (ihûuriro ry'imiyoboro ya mûraandasi). Eng: **Internet Exchange Point (IXP)**. Fr: **Point d'échange Internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ahantu hafatika ibigo bitanga murandasi bihurira bigahana amakuru, ibyo bigo ni nk' abagurisha kwinjira muri murandasi (FAI) n' urubuga rusakaza indemo zo kuri murandasi (CDN).

**Ihuzamabara rya CMYK** (ihûuzamâbara ryaa CMYK). Eng: **Cyan Magenta Yellow Black (CMYK)**; CMYK color model; process color; four color. Fr: **Modèle de couleur CMJN**; quadrichromie. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo guhuza amabara y'ubururu bw'ikirere, umwura, umuhondo n'umukara bukoreshwa mu icapiro bugatanga amabara yose bifuzwa.



**Ihuzamabara rya RGB** (ihûuzamâbara ryaa RGB). Eng: **Red Green Blue (RGB) Color Model**. Fr: **Modèle de couleur RVB**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo guhuza amabara y'umutuku, icyatsi kibisi, n'umukara bukoreshwa mu icapiro bugatanga amabara yose bifuzwa.



**Ihuzamajwi** (ihûuzamâjwi). Eng: **Reverberation**; Reverb. Fr: **Réverbération**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Ijwi rikomatanyirijwe n'andi majwi yagarutse vuba cyane, bigatuma

humvikana ijwi rihoraho, rikarangwa no gutinda hagati y'ijwi ry'umwimerere n'iryasubijwe biba ari igihe gito (<0.1 sec), amwe mu majwi arivanga ntushobore kumva buri jwi riyihariye.

**Ihuzamakuru banga nyamubiri** (Ihûuzamâkurû baanga nyamubiri). Eng: **Biometrics integration**. Fr: **Intégration biométrique**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Imashini gitoroniki yakorewe gutahura no kwemeza biciye mu bimenyetso nyamubiri cyangwa nyamyitwarire nko gutahura isura, gusoma ibimenyetso by'intoki, gutahura ikiganza n'ibindi, bigafasha mu kazi kumenya abaje mu kazi, ibyo bakoze kuri buri gikorwa, bigatanga ishusho rusange y'imigendekere y'akazi.

**Ihuzamikoraniye koranabuhanga** (ihûuzamîkorânire kôranabûhaânga). Eng: **Interoperability**. Fr: **Interopérabilité**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ikigero inkoranabuhanga, ibikoresho n'inkoranabuhanga nkoreshwa cyangwa ikindi kintu cyose gishobora gufatana n'ibindi bigahererekanya amakuru ku buryo buri ku murongo hatabayeho igikorwa cy'ukoresha mudasobwa.

**Ihuzamikoraniye y'imashini** (Ihûuzamîkorânire y'imashini). Eng: **Machine to machine communication**. Fr: **Communication de machine à machine**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igihe ibikoresho bya mudasobwa bitandukanye bishobora kwifashisha interineti byambukiranya amakuru hagati yabyo hatabayeho uruhare rwa muntu.

**Ihuzamiraba mbonezamunyaruko** (ihûuzamirâba mbônezamûnyaruko). Eng: **Wavelength division multiplexing (WDM)**. Fr: **Multiplexage par répartition en longueur d'onde**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga ryonge ra umuyoboro uhitisha amakuru, utuma hashoboka koherezwa icyarimwe ingano zitandukanye z'amakuru hifashishijwe imiyego nyawisubira itandukanye ku ihuzanzira rimwe ry'umugozi munyaruko.

**Ihuzamiyoboro y'itumanaho** (ihuuzamiyoboro y'itûmanahô). HI: **Ihuzwa ry'imiyoboro** (ihûuzwa ry'imiyoboro). Eng: **Network interconnection**; interconnection. Fr: **Interconnexion des reseaux**; interconnexion. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Itumanaho rihuza imiyoboro ibiri



cyangwa myinshi ikorehwa n'imiryango itandukanye cyangwa ikorera mu muryango umwe ariko mu mipaka itandukanye.

**Ihuzamuyoboro** (ihuuzamiyoboro). Eng: **Network**. Fr: **Réseau**. NK : **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwunge rwa za mudasobwa ebyiri cyangwa nyinshi cyangwa ibindi bikoresho byahujwe kugira ngo bihererekanye amakuru cyangwa bisangire ibikoresho by'ibanze nk'insohoranyandiko, imbikamakuru ruziga, cyangwa guhererekanya amafishiye, ziba zihujwe n'umugozi, umurongo wa telefoni, imiraba ya radiyo, icyogajuru cyangwa urwunge rw'imiraba ndengamutuku.

**Ihuzanzira** (ihuuzanzira). Eng: **Connectivity**. Fr: **Connectivité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi bwa mudasobwa bwo gufatisha mu buryo bw'ihuzanzira ikindi gikoresho koranabuhanga cyangwa murandasi.

**Ihuzanzira mpekeranyangiro** (ihuuzanzira mpekeranyangiro). Eng: **Convolutional Neural Network (CNN)**. Fr: **Réseau de neurones convolutifs**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: imiterere y'ubumenyi bwimbitse ikorehwa mu bikorwa bitandukanye, harimo gutunganya amashusho na videwo, gutunganya ururimi karemano (NLP), hamwe na sisitemu zo gutanga inama.

**Ihuzanzira rya Leta** (ihuuzanzira ryaa leeta). Eng: **E-government**. Fr: **Gouvernement électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoreshwa ry'itumanaho n'ikoranabuhanga mu mikorere ya Leta.

**Ijambo banga** (ijaambo baanga). Eng: **Password**; Machine registration code. Fr: **Mot de passe**; Code d'enregistrement de la machine. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urufunguzo bwite rwinjiza umuntu ubyemerewe mu rwungano koranabuhanga rwa mudasobwa, rukanagaragaza uruhare rwa nyir'urufunguzo mu ihererekanyabikorwa n'impinduka zibaye ku bintu byo mu rwungano cyane cyane amakuru.

**Ijambo banga mperwaho** (ijaambo baanga mpeerwâhò). Eng: **Default password**. Fr: **Mot de passe par défaut**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ubwirinzi bwa sisitemu runaka y'igikoresho kivuye mu ruganda, ahanini ikunze kuba ifite na konti yashyizwemo n'uruganda.

**Ikandamajwi** (ikâandamâjwi). Eng: **Audio compression**. Fr: **Compression audio**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kugabanya mu buryo bw'ikoranabuhanga ingano y'uburemere bw'amajwi runaka kugira ngo atware umwanya muto.

**Ikandamashusho** (ikaandamashusho). HI: Igabanyaburemere ry'amashusho (igâbanyabûremêere ry'amashusho). Eng: **Video compression**; Image compression. Fr: **Compression vidéo**; compression d'images. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kugabanya mu buryo bw'ikoranabuhanga ingano y'uburemere bw'amashusho cyangwa videwo runaka kugira ngo bitware umwanya muto.

**Ikandamakuru** (Ikâandâmakurû). Eng: **Data compression**. Fr: **Compression des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukuraho icyuho, amakuru atari ngombwa kugira ngo hagabanywe ububiko cyangwa ikorehwa ry'amakuru n'ubwinshi bw'ibibitswe.

**Ikandanyandiko** (ikaandanyandiko). HI: **Igabanyaburemere ry'innyandiko** (igâbanyabûremêere ry'innyandiko). Eng: **Text compression**; Document compression. Fr: **Compression de texte**; compression de documents. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kugabanya mu buryo bw'ikoranabuhanga ingano y'uburemere bw'innyandiko runaka kugira ngo itware umwanya muto.

**Ikaramu nyarumuri** (ikâramû nyarumuri). Eng: **Light pen**. Fr: **Stylo lumineux**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoreho cya mudasobwa giteye nk'ikaramu kifitemo akareharumuri kamenya umwimerere w'amashusho.

**Ikarita bwishyu** (Ikarîta bwiîshyû). Eng: **Corporate card**. Fr: **Carte d'entreprise**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: | Igikoreho bwite cyo kurahiraho ibicuruzwa gitangwa n'ikigo cy'ubucuruzi, kigahabwa bamwe mu bakozi bacyo kugira ngo bashobore kuriha ibikenerwa by'umwuga.

**Ikarita bwishyu imenyereye** (ikarîta bwiîshyû imênnyerewe). Eng: **Classic Card (VISA; Mastercard)**. Fr: **Carte classique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bukoreshwa mu kugura ibintu

utitwaje amafaranga ahubwo biciye mu ikoranabuhanga hakoreshewe ikarita ya banki nka viza.

**Ikarita mbikamakuru** (ikarîta mbîikamâkurû). HI: **Akabikamakuru ngendanwa** (akabîikamâkurû ngendanwa). Eng: **Memory card**. Fr: **Carte mémoire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'ihunika ry'amakuru gitoroniki gikoreshwa mu guhunuka amakuru koranabuhanga, muri rusange hakoreshewe imbikamakuru ntaremya.

**Ikarita mbikuzi** (ikarîta mbîikuuzi). Eng: **Debit card**. Fr: **Carte de débit**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ikarita yishyurirwaho avanse ya serivisi mbere yo kuyishyura yose.



**Ikarita ngaragazamashusho** (ikarîta ngaragazamashusho). HI: **Ikarita y'amashusho** (ikarîta y'âmashusho). Eng: **Graphics card**; video card; graphics processing unit (GPU). Fr: **Carte graphique**; carte vidéo; unité de traitement graphique (GPU). NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga gikora ibijyanye n'amashusho ahagaze n'agenda ndetse na videwo, imikino, kohereza imirasire, gukora ibishushanyo no kugaragaza amafaranga koranabuhanga.

**Ikarita nyaguriro** (ikarîta nyâguriro). Eng: **Expansion board**. Fr: **Carte d'extension**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikarita ntwaremakuru ishobora gushyirwa muri mudasobwa kugira ngo yongere ubushobozi bwa mudasobwa, urugero hongerwa imbikamakuru cyangwa hongererwa agaciro ibishushanyo cyangwa amafoto.

**Ikarita nyamajwi** (ikarîta nyamâjwî). Eng: **Sound card**. Fr: **Carte-son**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho koranabuhanga gikora amajwi kikanayafata.

**Ikarita ya Gugo** (ikarîta ya Gûugô). Eng: **Google map**. Fr: **Carte sur Google**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikarita tubona twifashishije ibikoresho by'itumanaho, iyo karita ishushanyo ibice by'ahantu ikagaragaza amerekezo uturutse aho uyikoresha aherereye ndetse n'aho ashaka kujya.

**Ikemurabibazo hifashishijwe ubwenge buhangano** (ikêmurabîbazo hîifashiishijwe ubwênge buhaangano). Eng: **A.I. problem-solving**. Fr:

**Résolution de problèmes par I.A.** NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Igitekerezo cy'ibanze cy'ubwenge buhangano (AI), aho sisitemu zigenewe kumenya imbogamizi, gufata ibyemezo, no gushaka ibisubizo bifatika.

**Ikibaho koranabuhanga** (ikibâahô kôranabôhaânga). Eng: **Electronic Blackboard**; electronic whiteboard; Smart Board. Fr: **Tableau noir électronique**; tableau blanc électronique; tableau intelligent. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gifite indemo nk'iy'ikibaho gisanzwe ariko kikaba gishobora gukorana na mudasobwa.

**Ikigega cy'amakuru y'igihugu** (ikigega cy'âmakurû y'îgihûgu). Eng: **National Data Centre**. Fr: **Centre national de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu habikwa kandi hagatunganyirizwa amakuru y'igihugu mu buryo bwizewe.

**Ikigega cy'amakuru ya mudasobwa** (ikigega cy'âmakurû ya mûdasobwâ). HI: **Imbikamakuru** (imbîkamâkurû); **ububiko bw'amakuru** (Ububiiko bw'âmakurû). Eng: **Computer database**; database; Storage device. Fr: **Base de données informatiques**; base de données; périphérique de stockage. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikusanyamakuru ryateguwe cyangwa ubwoko bw'ububiko bw'amakuru bushingiye ku ikoreshwa rya sisitemu yo gucunga amakuru.

**Ikigega mfasha ngendanwa** (ikigega mfasha ngeendânwa). Eng: **Mobile First Server**. Fr: **Serveur MobileFirst**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhande rw'inkoranabuhanga ngendanwa rucomekwa ku kigega mpuzamakuru rw'inkoranabuhanga ngendanwa rutanga rugatuma hashobora gukoreshwa ibice by'inkoranabuhanga nko kuyobora no gucunga umutekano w'inkoranabuhanga cyane cyo mu bijyanye n'irangabikoresho n'ababikoresha ndetse no kuranga inkoranabuhanga, kandi bigaha inkoranabuhanga ngendanwa yawe gushobora kugera ku ndakomwa y'inkoranabuhanga biciye mu mpuzabikoresho.

**Ikigega mpererekanyamakuru cya Mikorosofuti** (ikigega mpêerekanyamakurû cyaa Mikorosofuti). Eng: **Microsoft Exchange Server**; Microsoft exchange. Fr: **Serveur d'Échange de Microsoft**; Échange Microsoft. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Porogaramu ikorana n'iyitwa Windows 95, igena uburyo ubutumwa butandukanye bwoherezwa ndetse bukanakirwa kuri mudasobwa.

**Ikigega nyamakuru mwihariko** (ikigega nyamâkurû mwîihariko). Eng: **Dedicated server**. Fr: **Serveur dédié**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: seriveri ifatika yahawe ishyirahamwe rimwe.

**Ikigega nyamakuru rusange** (ikigega nyamâkurû rusaânge). Eng: **Non-dedicated server**. Fr: **Serveur non dédié**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa ikoresha sisitemu z'ihuzanzira igihe iri gukoreshwa ndetse ikaba yanabasha gukoresha porogaramu zisanzweho icyarimwe (nk'intima, imbikamakuru ya RAM, ububiko bwa mudasobwa n'ubushobozi bw'umuyoboro mugari) biba bisaranganyijwe abakoresha serivisi, inkoranabuhanga cyangwa imbuga za murandasi.

**Ikigega nyamurandasi** (ikigega nyamûraandasî). Eng: **Web server**. Fr: **Serveur web**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Mudasobwa ibika amapaji y'ishyirahamwe agakora urubuga rwo kuri murandasi.

**Ikigero nsumbabyose hererekanamakuru** (ikigero nsûumbabyôose hêererekanyamâkurû). Eng: **Maximum transmission unit (MTU)**. Fr: **Unité de transmission maximale**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ingano nini ishoboka y'ikigero cy'amakuru yo mu mbonezanzira gishobora koherezwa icyarimwe anyuze mu cyiciro cy'imbonezanzira.

**Ikigo gitanga serivisi z'inkoranabuhanga** (ikigô gitaangâ seriviîsi z'înkôranabûhaânga). Eng: **Application Service Provider (ASP)**. Fr: **Fournisseur de services applicatifs**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: ikigo gitanga porogaramu kuri interineti, bigatuma abakiriya bazigeraho kandi bazikoresha batabanje kuzishyira cyangwa kuzibungabunga kuri seriveri zabo.

**Ikigo ntangamurandasi** (ikigô ntâangamûraandasî). Eng: **Internet service provider (ISP)**. Fr: **Fournisseur de services internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ahantu hatangirwa serivisi za murandasi n'izindi zijyana na yo, zaba ari iz'abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo.

**Ikigohe cya kamera** (ikigôhe cyaa kamera) Eng: **Lens shader, lens hood.** Fr: **Parasoleil.** NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho.** SH: Igikoresho kijya kumera nk'umubirikira wagutse gishobora gushyirwa ku mfatafoto cyangwa kamera kugira ngo gikumire urumuri rudakenewe cyangwa ikindi gishobora kubangamira imboni ya kamera (nk'ibitonyanga,...) igihe bafotora cyangwa bafata videwo, ariko ntikibangamire uko igifotorwa kigaragara mu jisho ry'ufotora binyuze mu mfatafoto cyangwa kamera.



**Ikimenyetso** (ikimenyeetso). Eng: **Symbol.** Fra: **Symbole.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ubwoko bw'amakuru bwo hambere usanga imiterere yabwo bufite isura ishobora gusomwa n'umuntu.

**Ikimenyetso banga nyabuzima** (ikimenyeetso baanga nyabuzima). Eng: **Biometric password.** Fr: **Mot de Passe biométrique.** NK: **Ikoranabuhanga rya ngaragazabimenyetso.** SH: Ibimenyetso byo ku mubiri cyangwa by'imyitarire byihariye bikoreshwa mu kwemeza ko uwo umuntu ari we.

**Ikimenyetso bwirinzi** (ikimenyeetso bwiriinzi). Eng: **Security token.** Fr: **Jeton de sécurité.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikoresho gituma umuntu agera ku makuru akenera urufunguzo gitoroniki kugira ngo agerweho, akaba akoreshwa nk'inyunganizi cyangwa agakoreshwa mu mwanya w'urufunguzo banga.

**Ikimenyetso ndango cya mudasobwa** (ikimenyeetso ndaango cyaa mûdasobwâ). Eng: **Computer Code; code.** Fr: **Code informatique; code.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Urukomatane rw'amabwiriza cyangwa urusobe rw'amategeko yanditse mu rurimi rusomwa na mudasomwa (ururimi shingiro).

**Ikimenyetso nkomoko** (ikimenyeetso nkômooko). Eng: **Wildcard.** Fr: **Caractère générique.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: inyuguti ishobora gusimbura zero cyangwa irenga mu murongo.

**Ikimenyetso nyandiko** (ikimenyeeteso nyandiko). Eng: **Character.** Fr: **Caractère.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ikinyabumwe

ntangamakuru shingiro gishobora kuvangwa n'ikimenyetso kimwe rukumbi, twavuga nk'inyuguti, umubare, umwanya, akatuzo cyangwa ikimenyetso bishobora kwandikwa muri mudasobwa, bikaba ibanze mu kwandika inyandiko, amakuru, cyangwa amabwiriza mu nzungano koranabuhanga.

**Ikinyabumwe cy'ururimi rwa mudasobwa** (ikinyâbumwê cy'ûrurîmi rwaa mûdasobwâ). Eng: **Code unit**. Fr: **Unité de code**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itsinda rito nyarurimi rishobora gucungwa no gukorwa ukwaryo.

**Ikiragano cya 2 cya murandasi nziramugozi** (ikiragano cyaa 2 cyaa mûraandasî nzîramûgozî). HI: **2G (2G)**. Eng: **Second generation technology; 2G**. Fr: **Réseaux mobiles de deuxième génération; technologie 2G**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira rya telefoni ryahanzwe muri 1991, rizana ikoranabuhanga nyamibare mu itumanaho rya telefoni, risimbura itumanaho nyamuraba (analog), bigatanga ijwi ryiza kurushaho, no gukoresha ku buryo ntangamusaruro inziramugozi.

**Ikiragano cya 3 rya murandasi nziramugozi** (ikiragano cyaa 3 cyaa mûraandasî nzîramûgozî). HI: **3G (3G)**. Eng: **Third generation technology; 3G**. Fr: **Technologie 3G**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: icyiciro cy'ihuzanzira ryadutse mu mwaka wa 2000, rigatanga umuvuduko n'ubwaguke bw'ihuzanzira ntangamakuru n'irya murandasi buruse ubw'icyiciro cya kabiri, mu gutanga ibisubizo ku bisabwa n'isoko rizamuka rya telefoni zigezweho.

**Ikiragano cya 4 cya murandasi nziramugozi** (ikiragano cyaa 4 cyaa mûraandasî nzîramûgozî). HI: **4G (4G)**. Eng: **Fourth generation technology; 4G technology**. Fr: **Technologie 4G**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: icyiciro cy'ihuzanzira rya telefoni, ritanga umuvuduko w'amakuru wihuta cyane, n'itinda rike, ni ikoreshwa ry'imiraba ya radiyo itanga umusaruro kurushaho, ikagira ikurura n'ishyira kuri murandasi ryihuse cyane, n'amajwi ya telefoni yumvikana neza kurushaho.

**Ikiragano cya 5 cya murandasi nziramugozi** (ikiragano cyaa 5 cyaa mûraandasî nzîramûgozî). HI: **5G (5G)**. Eng: **Fifth generation technology; 5G technology**. Fr: **Technologie 5G**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira rya telefoni nziramugozi ku buryo

bw'uruganiriro rwa radiyo ruhujwe kandi runyuze abarukoresha kurushaho, rufite ubushobozi bwagutse cyane, rufite umuvuduko uri hejuru cyane, kuba rwizewe cyane kandi gutegereza ntibijya bibaho, ruzagura uburyo ngendanwa bukaba bwahuza ibintu byinshi, rikaba ryzewe ku buryo bwo hejuru busumbye ihuzanzira ryaribanjirije.

**Ikiragano cya mbere cya murandasi nziramugozi** (ikiragano cyaa mbere cyaa mûraandasî nzîramûgozî). HI: 1G (1G). Eng: **First-generation technology; 1G**. Fr: **Réseaux mobiles de première génération; technologie 1G**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira rya telefoni nziramugozi ryahanzwe muri 1979 mu Buyapani, ryakoreshaga uburyo bw'imiraba (anaroge) mu kohereza amajwi, ryakoreshaga imiraba ya 150 MHz cyangwa irenzeho.

**Ikiranga** (ikirâanga). Eng: **Specification**. Fr: **Spécification**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru arambuye ya tekiniiki ajyanye na mudasobwa, nk'ibikoresho byayo, sisitemu iyikoresha, n'ibindi bisobanuro by'ingenzi bigena ubushobozi n'imikorere ya mudasobwa.

**Ikirango** (Ikiraango). Eng: **Tag**. Fr: **Balise**. NK : **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikirango cyangwa ijambo rya ngombwa rishobora kuba rijyana n'amakuru, amakuru runaka, cyangwa indemo hagamiye koroshya itahura n'iboneza.

**Ikirango cy'ihuzanzira** (ikiraango cy'ihuuzanzira). Eng: **Virtual Local Area Network Tag; VLAN Tag**. Fr: **Balise VLAN**. NK : **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umutwe ufite bayiti winjizwa mu ihuzanzira nziramugozi (nk'indanga VLAN cyangwa VID) ukagira umumaro wo kwerekana ku buryo buhwitse agace k'urujya n'uruza rw'amakuru mu ihuzanzira buri paki ijyana nako, bityo urujya n'uruza rukagabwamo ingeri zitandukanye z'isakaza, bikongera ubwirinzi no koroshya icungwa ryabyo.

**Ikirango ndangabisobanuro** (ikiraango ndâangabîsobaanuro). Eng: **Feature descriptor**. Fr: **Descripteur de caractéristiques**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kugaragaza ishusho bwakorewe inkoranabuhanga zihariye hifashishijwe indoro ya mudasobwa, bugatuma hashakishwa ibintu ku buryo buhwitse mu mashusho hagiye hafatwa ibimenyetso muri buri gace bizana itandukaniriro cyangwa bikiranga, twavuga nk'impande, impindurantego

cyangwa indemakintu, bukagira umumaro mu kugereranya no guhuza amashusho kuko butuma imbenezamibare zibona ahantu cyangwa ibintu bisa mu mashusho atandukanye.

**Ikirango ndangafishi** (ikiraango ndâangafiishi). Eng: **ID3 Tag**. Fr: **Balise ID3**. NK : **Urusobe Ntangazamakuru**. SH: Imiterere y'innyobozi y'amakuru ikoreshwa mu ikoranabuhanga mu kubika amakuru avuye mu mafishiye y'amajwi, akenshi akabikwa mu miterere ya MP3, bigatuma hashobora gushyirwamo izina ry'umuhimbyi, izina ry'igihangano, iry'itsinda n'iry'ingeri ya muzika, umwaka, n'igifubiko cy'indirimo, bikagaragara mu nsoma ntangazamakuru, inkoranabuhanga y'itangazamakuru cyangwa ya DJ.

**Ikirango nsobanuramakuru** (ikiraango nsôbaanuramâkurû). Eng: **Metadata Tag**. Fr: **Balise de métadonnée**. NK : **Urusobe Ntangazamakuru**. SH: Indanga nyamiterere cyangwa ijamba ry'ingenzi rihabwa indemo nyamibare y'amafishiye, amashusho cyangwa imbuga za murandasi, igasobanura ibiranga iyo ndemo, icyiciro ibarizwamo naa nyirayo, bikoroshya ishakwa, irobanurwa, n'itunganya ry'amakuru, bikoroshya imicungire yayo.

**Ikiraro mpuzamiyoboro** (ikiraro mpuuzamiyoboro). HI: **Impuzamiyoboro** (impuzamiyoboro). Eng: **Bridgeware**; bridge. Fr: **Logiciel de pont**; pont. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho gifatika cyangwa kidafatika cyoroshya ihererekanya ry'amakuru hagati ya sisiteme za mudasobwa kibanje guhindura imiterere y'ibyoherazwa.

**Ikirere koranabuhanga** (ikîrêère koranabuhanga). HI: **Inkorerakirere** (inkôrerakirêère). Eng: **Cloud**; Cloud computing. Fr: **Nuage informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira ry'isi ry'ibigega by'imbuga, buri kigega gifite umumaro bwite wihariye, biciye muri murandasi, bikageza abantu ku mbonwa koranabuhanga ziri muri mugabuzi, ububiko, ikigega cy'amakuru no mu nkoranabuhanga bibitse mu mpunikamakuru ziri kure zicungwa n'abatanga serivisi z'amakuru ku giti cyabo.

**Ikomatanyamimaro** (ikomatanyamiyoboro). Eng: **Convergence**. Fr: **Convergence**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Guhuriza hamwe uburyo butandukanye bw'itumanaho kugira ngo bikorere hamwe.

**Ikomatanyankoranabuhanga** (ikômatanyankôranabûhaânga). Eng: **Application packaging**. Fr: **Groupement d'applications**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira yo gutegura inkoranabuhanga, kuzisakaza no kuzikwirakwiza hirya no hino mu bikoresho by'ikoranabuhanga.

**Ikopororamakuru** (ikôpororamâkurû). HI: **Ikoporora** (ikoporora). Eng: **Burning**. Fr: **Gravure; Graver**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iyandikwa ry'amakuru avanwa ku mbikamakuru ruzigwa ashwirwa ku yindi itarakoreshwa cyangwa bihita bihanagura ayariho.

**Ikoranabuhanga mpamyanyirondoro** (ikôranabûhaânga mpâmyamyiirondooro). Eng: **Authentication technology; authentication**. Fr: **Technologie d'authentification; authentification**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga rikoresha mu kugenzura ukuri kw'ibiranga umuntu hifashishijwe murandasi cyangwa se kureba amakuru abaruye muri sisitemu zabugenewe.

**Ikoranabuhanga mpurirane, riteganye, risaranganyije** (ikôranabûhaânga mpuûrirane, riteeganye, risarâanganyije). Eng: **Concurrent, parallel and distributed computing**. Fr: **Informatique simultanée, parallèle et distribuée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kuba mu rwungano ruhanganye n'urundi ibikorwa bibiri cyangwa byinshi, twavuga nk'ibonezagikorwa cyangwa gahunda, bigenda biteganye uko bishwirwa mu bikorwa, bityo bikozwe n'inzungano nyinshi zigenga, zihujwe hagati yazo kugira ngo zifatanye hagati yazo.

**Ikoranabuhanga mu buhinzi** (ikôranabûhaânga mu buhîinzi). Eng: **E-Agriculture**. Fr: **Agriculture numérique; E-Agriculture**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi no mu kugera ku masoko.

**Ikoranabuhanga mu itangazamakuru** (ikôranabûhaânga mu iitâangaazamâkurû). Eng: **Media technology**. Fr: **Technologie des médias**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu ihererekanya ry'indemo ntangamakuru, kuyibika no kuyikora hifashishwa byinshi guhera ku bikoresho n'imbuga koranabuhanga kugera ku nzungano zituma haba ikorwa ry'amakuru, kuyasakaza no kuyagurisha mu isi y'ikoranabuhanga yo muri iki gihe.

**Ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi** (ikôranabûhaânga mu iitûmanahô n'îsaakaazabumenyi). Eng: **Information, Communication Technology (ICT)**. Fr: **Technologies de l'information et de la communication (TIC)**. NK: **Itangazabumenyi koranabuhanga**. SH: Ubuhanga bwifashisha ikoranabuhanga mu bikorwa byo gutangaza no gusakaza amakuru n'ubumenyi, bukoresha cyane mudasobwa ifite murandasi cyangwa ibindi bikoresho biyifashisha.

**Ikoranabuhanga ndadizwabwemeranywe** (ikôranabûhaânga ndâdizwabwêemeranywe). Eng: **Blockchain technology**. Fr: **Technologie du Blockchain**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo gukoresha ikigega cy'amakuru ku buryo buteye imbere bituma haba isangira ry'amakuru mu ihuzanzira y'ikigo, bukaba bufite umumaro wo kubika amakuru mu byumba nyamutekano, bigahuzwa bigakora uruhererekane rutuma amakuru akoresha neza cyane, bikagabanya ibitero n'ubujura kuri murandasi.

**Ikoranabuhanga ngendanwa** (ikôranabûhaânga ngeendânwa). Eng: **Mobile technology**. Fr: **Technologie mobile**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubwoko bw'ikoranabuhanga aho urikoresha akoresha telefoni igendanwa kugira ngo akore imirimo ijyanye n'itumanaho, nko kuvugana n'inshuti, abavandimwe n'abandi.

**Ikoranabuhanga ngendanwa ritanga serivisi nyurakodi** (ikôranabûhaânga ngeendânwa ritaangâ seriviîsi nyûrakôodî). HI: **Ikoranabuhanga rya USSD** (ikôranabûhaânga rya USSD). Eng: **Unstructured Supplementary Service Data (USSD)**. Fr: **Données de service supplémentaires non structurées**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gukora ibikorwa bya banki ukoresheje kode zo kuri telefoni.

**Ikoranabuhanga nyamiraba** (ikôranabûhaânga nyamîraba). Eng: **Microwave technology**. Fr: **Technologie micro-ondes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itumanaho nziramugozi rya hafi rikoresha igikoresho cyabugenewe mu kohereza no kwakira amajwi miyego ku ntera ndende hadakoreshejwe urutsinga.

**Ikoranabuhanga nyunganirabushobozi bwa mudasobwa** (ikôranabûhaânga nyungaanirabushobozi bwaa mûdasobwâ). Eng: **Complementary Metal Oxide Semiconductor (CMOS)**. Fr: **Semi-**

**conducteur à oxyde métallique complémentaire.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ubwoko bw'ikoranabuhanga rikoreshwa mu gukora ibyuma bitunganya mudasobwa, utumashini duto two kubika amakuru, n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga.

**Ikoranabuhanga rihambaye** (ikôranabûhaânga rihaambâaye). HI : **Ikoranabuhanga riteye imbere** (ikôranabûhaânga riteeyê imbere). Eng: **Advanced technology**; New computer science technology; new technology. Fr: **Technologie avancée**; Nouvelle technologie informatique; nouvelle technologie. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ikoranabuhanga rigezweho risobanura udushya, ibikoresho, na sisitemu zigezweho kandi zigezweho, kandi zigaragaza iterambere rya siyansi n'ubwubatsi, akenshi zirimo guhuza ibintu bigoye, gukora ibintu bike, no gukoresha mudasobwa, kugira ngo habeho ibisubizo byiza kandi binoze mu nzego nk'ubwenge buhangano, n'ibindi.

**Ikoranabuhanga rikivumburwa** (ikôranabûhaânga rikivuumbûrwa). Eng: **Emerging Technology.** Fr: **Technologies émergentes.** NK: **Ubwenge buhangano.** SH: Ikoranabuhanga rishya kandi ritera imbere ritangiye kugira ingaruka zikomeye ku buryo abantu babaho, bakora, kandi baganira.

**Ikoranabuhanga rishya ry'ubumenyi bwa mudasobwa** (ikôranabûhaânga rishyâ ry'ûbumenyi bwaa mûdasobwâ). Eng: **New computer science technology**; new technology. Fr: **Nouvelle technologie informatique**; nouvelle technologie. NK: **Ubwenge buhangano.** SH: Ihangabishya mu rwego rw'ikoranabuhanga nko mu bwenge buhangano, isesenguramakuru, iyigishamashini, isi shusho yagutse, igenamiterere ya UI/UX n'ikoranabuhanga rya quanta.

**Ikoranabuhanga ry'ifatubuguzi rya murandasi rikoresha umurongo wa terefone** (ikôranabuhaânga ry'iifâtabuguzi ryaa mûraandasî rikorêsha umuroongo wa terefoône). Eng: **Digital Subscriber Line (DSL).** Fr: **Ligne d'abonné numérique.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Ikoranabuhanga rya modemu rikoresha imirongo ya telefoni isanzweho mu gutwara amakuru aca mu muhora mugari, twavuga itangazamakuru, amajwi n'amashusho, ribishyikiriza abafatabuguzi b'iyo serivisi.

**Ikoranabuhanga ry'imiyoborere** (ikôranabuhaânga ry'îmiyobôrere). Eng: **Digital democracy**; Internet democracy; E-democracy; democratic

network. Fr: **Démocratie numérique**; démocratie électronique; réseau démocratique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu itumanaho mu bijyanye na politiki n'imiyoborere.

**Ikoranabuhanga ry'indimi nyamuntu** (ikôranabûhaânga ry'iindîmi nyamuuntu). Eng: **Language Technologies**; Human Language Technologies. Fr: **Technologies langagières**; Technologies du langage humain. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu zishyirwa muri mudasobwa ziyifasha kumva icyo abantu bari kuvuga hanyuma igakora ihinduranyandiko uwo mwanya.

**Ikoranabuhanga ry'inkeshamashusho** (ikôranabûhaânga ry'inkeeshamashusho). Eng: **Active-matrix technology**. Fr: **Technologie à matrice active**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano ruboneza indebero zishashe zifite ubushobozi buhanitse aho buri buri ndemashusho ku giti cyayo igenzurwa na taranzisitoro yayo na kondansateri bijyana.

**Ikoranabuhanga rya kaseti** (ikôranabûhaânga ryaa kâseêti). Eng: **Tape technology**. Fr: **Technologie de la bande magnétique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoreshwa rya kaseti mu kubika amakuru menshi ku buryo bw'ibyiciro, ntushobora kugera ku yo ushaka hatabayeho kuyapangura.

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa** (ikôranabûhaânga ryaa mûdasobwâ). Eng: **Digital technology**. Fr: **Technologie numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga rigizwe n'ibikoresho, sisitemu cyangwa imikorere ishobora kubyara, guhanga, kubika cyangwa gukoresha amakuru hakoreshwe insimburabikorwa

**Ikoranabuhanga mu itumanaho n'isakazabumenyi** (ikôranabûhaânga mu itûmanahô n'îsaakaazabumenyi). Eng: **Information and communication technologies**; ICT Computing; Computing. Fr: **Technologie de l'information et de la communication**; informatique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubuhanga bwose rikoreshwa mu gucunga, gutunganya, kubika no gutangaza amakuru, rikubiyemo mudasobwa, porogaramu, imiyoboro, interineti, ibikoresho bigendanwa, n'itumanaho (nk'amatelefone n'ibimenyetso bitagira umugozzi) kugira ngo habeho kubona, gukura no gusangira amakuru.

**Ikoranabuhanga ryita ku bidukikije** (ikôranabûhaânga ryiitâ ku bidûkiikije). Eng: **Green ICT**. Fr: **TIC verte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ugukoresha ikoranabuhanga mu buryo burengera ibidukikije, rigabanya ikoresha ry'ingufu, imyanda y'ikoranabuhanga, n'ihumana ry'ibidukikije.

**Ikorasuzuma ry'ihuzanzira rya hafi** (ikorasuuzuma ry'ihuuzanzira rya hafi). Eng: **Local area network emulation**. Fr: **Émulation de réseau local**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Itumanaho aho ibikoresho n'ibindi ryifashisha usanga biri aho hafi, bitajya kure mbese, uburyo bwo gutuma umuyoboro wa ATM (Asynchronous Transfer Mode) ukora nk'umuyoboro wa LAN (Local Area Network) usanzwe, bigatuma porotokore na porogaramu za LAN zisanzweho zikora ku muyoboro wa ATM nta guhindura.

**Ikoresharenga mu buryo budateganyijwe** (ikôreesharêenga mu buryo budateganyijwe). Eng: **Arbitrary code execution (ACE)**. Fr: **Exécution de code arbitraire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi bw'ugabye igitero bwo gukoresha itegeko cyangwa ikimenyetso shingiro cya mudasobwa icyo ari cyo cyose yihitiyemo kuri mudasobwa cyangwa inzira yagabyeho igitero, bikaranga intege nke mu kurinda umutekano w'inkoranabuhanga cyangwa w'igikoresho bitanga uburenganzira bwo gukoresha ikimenyetso shingiro kidateganyijwe.

**Ikoreshiyakure** (ikoreeshiyakure). Eng: **Virtualisation**. Fr: **Virtualisation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga umuntu ashobora gukoresha mu guhanga ibihagararira ishusho bitandukanye nk'iby'ibigega by'amakuru, iby'ihuzanzira ndetse by'izindi mashini zifatika.

**Ikorwa rya porogaramu ya mudasobwa** (ikôrwa rya porogaraâmu ya mûdasobwâ). HI: **Ikorwa ry'inkoranabuhanga** (ikôrwa ry'inkôranabûhaânga). Eng: **Software development; development**. Fr: **Développement de logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rw'imirimo koranabuhanga igamije guhanga no kugena imiterere no kubaka no kubungabunga inkoranabuhanga ari yo mabwiriza cyangwa gahunda zereka mudasobwa icyo igomba gukora.

**Ikosora nkoranabuhanga** (ikosoora nkôranabûhaânga). Eng: **Debugging**. Fr: **Débogage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Uburyo bw'itahura n'ihanagurwa ry'amakosa mu bikoresho koranabuhanga no mu nkoranabuhanga.

**Ikubiranyamirongo** (ikubiranyamirongo). Eng: **Word Wrap**. Fr: **Retour à la ligne automatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gutunganya inyandiko butuma ijambo rikumira ku murongo umwe rikajya ku wundi murongo igihe ridashoboye kwinjira neza ku murongo uriho.

**Ikumira** (ikûmiira). Eng: **Isolation**. Fr: **Isolation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: ihame ry'ingenzi ry'umutekano w'ibikoresho bifasha kumenya ibanga no kuboneka kwa sisitemu y'amakuru.

**Ikumira ry'amakuru** (ikûmiira ry'âmakurû). Eng: **Data isolation**. Fr: **Isolation des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itandukanya rifatika, ihuzanzira, n'ibikorwa by'amakuru kugira ngo harindwe ibitero byo hanze ndetse n'iterabwoba ry'imbere kandi birashobora gufata imiterere itandukanye.

**Ikumira rya porogaramu ya mudasobwa** (ikûmiira rya porogaraâmu ya mudasobwa). HI: **Ikumira ry'inkoranabuhanga** (ikûmiira ry'inkôranabûhaânga). Eng: **Software isolation**. Fr: **Isolation de logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi bwo gutandukanya ingero nyinshi z'inkoranabuhanga kugira ngo buri rugero rube rwakwibona runiyangize gusa.

**Ikumirakaga** (ikûmiirakâaga). Eng: **Damage Mitigation; Threat mitigation**. Fr: **Atténuation des dommages; atténuation des menaces**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igabanya ry'iterabwoba rikubiyemo ingamba n'ibikorwa bikorehwa mu kugabanya ibikorwa bishobora guhungabanya umutekano.

**Ikumirakarere** (ikûmiirakarêrê). Eng: **Geo-blocking**. Fr: **Géoblocage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere koranabuhanga ibuza ihita ry'indemo cyangwa igabanya ubushobozi bwo kugera ku ndemo nk'urubuga rwa murandasi, amashusho, serivisi n'ibindi bitewe n'agace k'isi indemo iherereyemo, hakifashishwa indango IP y'igikoresho kiriho gikoreshwa kugira ngo hamenyekane igihugu kigikoresha, bityo hagahita hamenyekana niba cyemererwa cyangwa gikumirwa.

**Ikurikiranabakiriya** (ikurikiranabakiriya). Eng: **Administration-to-consumer**. Fr: **Administration à consommateur en ligne (ACL)**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Amategeko arengera abaguzi bagurira kuri murandasi ibicuruzwa cyangwa serivisi.

**Ikurikiranabintu** (ikurikiranabiintu). Eng: **Object tracking**. Fr: **Suivi d'objets**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Inkoranabuhanga yo kwigiraho guhanitse ikora ku buryo ifata itsinda rya mbere ry'ibonakintu igakora ikiranga cyihariye iha buri bonakintu y'ibanze hanyuma igakurikira ibintu byatahuwe iyo bigize aho byerekera mu mashusho ya video.

**Ikurikiranabucuruzi** (ikurikiranabucuruzi). Eng: **Business-to-administration**. Fr: **Entreprise à administration en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Imikorere ishingiyeye ku mikoranire binyuze mu ikoranabuhanga hagati y'ikigo cy'ubucuruzi n'ubuyobozi.

**Ikurikiranakintu rudori** (ikurikiranakiintu rudori). Eng: **Single object tracking (SOT)**. Fr: **Suivi d'objet unique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu kimwe (SOT) kirema agasanduku kagenewe gukurikiranwa hashingiwe ku murongo wambere w'ibishusho.

**Ikurikiranamashusho by'urwunge** (ikurikiranamashusho by'urwunge). Eng: **Multiple object tracking**. Fr: **Suivi multi-objets**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gukurikirana icyerekezo cya mudasobwa kirimo kumenya no gukurikirana ibintu byinshi mu buryo bwa videwo.

**Ikusanyamakuru** (ikusaanyamakuru). Eng: **Data collection**. Fr: **Collecte de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. Ihuriza hamwe ry'amakuru yatanzwe avuye imbere mu rwungano cyangwa inyuma yaho, akabikwa ahantu hamwe nk'ububiko bw'amakuru hagamijwe kubona amakuru ya ngombwa ku bakiriya.

**Imbago y'umurongo w'itumanaho** (imbago y'umuroongo w'itumanaho). Eng: **Radio spectrum**. Fr: **Spectre radioélectrique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'itumanaho**. SH: Umuyoboro inyurwamo n'itumanaho nziramugozi.

**Imbarabice** (Imbarabice). Eng: **Floating-point unit (FPU)**. Fr: **Unité à virgule flottante**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice

cy'ibikoresho bya poroseseri bikora ibikorwa by'imibare bihindagurika, bikaba ari ingenzi cyane ku bikorwa bisaba kubara neza cyane nka sisitemu zo kugenzura no gusesengura ibimenyetso by'ikoranabuhanga.

**Imbeba** (imbeba). Eng: **Computer mouse**; mouse. Fr: **Souris d'ordinateur**; souris. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyitwazwa gituma umuntu ahagarara aho ashaka kugira icyo ahakora mu irebero, gikoresha akanyerezo ngaragazahantu gahagaze gahumbaguzwa mu irebero bigatuma umuntu akora igenzura ryoroshye ry'irebero hakoreshejwe ingaragazamashusho ya mudasobwa.

**Imbeba nziramugozi** (imbeba nzîramûgozi). Eng: **Wireless mouse**; cordless mouse. Fr: **Souris sans fil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyinjizamakuru nziramugozi ituma ukoresha mudasobwa akorana na yo atarinze abangamirwa n'umugozi, igatanga imikoranire yoshye kandi iboneye.



**Imbibi z'ishusho y'igifotorwa** (imbibi z'îshusho y'îgîfôtorwa). Eng: **Pose Subject Isolation**. Fr: **Pose d'isolement du sujet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ni imbibi zigaragaza aho igifotorwa kimwe cyangwa byinshi bigarukira habaye gusesengura amashusho asanzwe cyangwa amashusho ya videwo.

**Imbikamakuru** (imbîkamâkurû). HI: **Disike** (diisîke). Eng: **Disk**. Fr: **Disque**. NK: **Urusobe ntagamakuru**. SH: Igikoresho cyabugenewe gikoreshwa mu kubika amakuru y'inyandiko, amafoto, amajwi, videwo na porogaramu ku buryo ushobora kuyasoma cyangwa ukayandika igihe cyose ubishakiye.

**Imbikamakuru adategerezwa** (imbîkamâkurû adâtegêrezwa). HI: **Imbikamakuru nyunganizi** (imbîkamâkurû nyungaanizi). Eng: **Cache memory**; cache. Fr: **Mémoire cache**; cache. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agace kabika amakuru y'igihe gito kugira ngo agerweho mu buryo bwihuse.

**Imbikamakuru ageza ku mashusho by'agateganyo** (imbîkamâkurû agêza ku mashusho by'âgatêganyo). HI: **Imbikamashusho ntazigwa** (imbîkamashusho ntazigwâ). Eng: **Video Random Access Memory (VRAM)**. Fr: **Mémoire vidéo à accès aléatoire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cya sisitemu

gikoreshwa neza mu kubika no gukoresha porogaramu ariko ku mbaraga z'ishusho n'ibishushanyo.

**Imbikamakuru by'agateganyo**

(imbikamakuru by'agateganyo). HI: **Imbikamakuru ya RAM** (imbikamakuru ya RAM). Eng: **Computer memory**; random Access Memory (RAM); main memory; memory. Fr: **Mémoire d'ordinateur**; mémoire vive (RAM), mémoire. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoreshwa mu kubika amakuru na gahunda ku buryo budahoraho cyangwa ku buryo buhoraho kugira ngo mudasobwa izayakoreshe.



**Imbikamakuru idasibama** (imbikamakuru idasibama). Eng: **Nonvolatile memory (NVM)**. Fr: **Mémoire non volatile**; stockage non volatile. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ububiko bushobora kubika amakuru igihe cyose niyo mudasobwa yaba izimijwe.

**Imbikamakuru munyarutsa** (imbikamakuru munyarutsa). HI: **Imbikamakuru ya SSD**

(imbikamakuru ya SSD). HI: **Disike ya SSD** (disike ya SSD). Eng: **Solid State Drive (SSD)**. Fr: **Disque SSD**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bwa disiki ikomeye, ariko ntigira ibice byimuka kandi ikaba igizwe na furashi yibuka ya banki ishobora gufata.



**Imbikamakuru ncomekwa** (imbikamakuru ncomekwa). HI: **Imbikamakuru nini ngendanwa**

(imbikamakuru nini ngeendana). Eng: **External disk**. Fr: **Disque externe**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igikoresho cyo kubika amakuru gifatirwa hanze ya mudasobwa, kigahuza na yo binyuze kuri USB cyangwa undi murongo wo kuyinyuza.



**Imbikamakuru nsomesharumuri** (imbikamakuru nsomesharumuri). HI: **Disike nsomesharumuri** (disike nsomesharumuri); **disike ya razeri** (disike ya razeeri). Eng: **Optical disk**. Fr: **Disque optique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bwa disike ibika amakuru akanasomwa hakoreshejwe ikoranabuhanga urumuri rwa razeri ku buso bwayo nka sede, dividi).

**Imbikamakuru nzibacyuho** (imbïkamâkurû nzibacyûho). HI: **Imbikamakuru shusho** (imbïkamâkurû shusho). Eng: **Virtual Memory**. Fr: **Mémoire virtuelle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gucunga ububiko bwa mudasobwa butuma mudasobwa ikoresha igice cy'ububiko bwo kuri disiki (Hard Disk cyangwa SSD) nk'aho ari RAM, bityo ikabasha gukoresha porogaramu nini cyangwa nyinshi icyarimwe.

**Imbikamakuru ruziga** (imbïkamâkurû ruzîga). Eng: **Compact Disc Recordable (CD-R)**. Fr: **Disque compact enregistable**. NK: **Urusobe ntangamakuru** SH: Ubwoko bw'igikoresho koranabuhanga kibika amakuru (umuziki, videwo, inyandiko n'inkoranabuhanga) kigasomeshwa umuraba, kigashoboza abagikoresha kwandikaho amakuru inshuro imwe gusa, ariko ukaba wayasoma inshuro nyinshi, kikaba kidasibwa cyangwa ngo gihindurwe.



**Imbikamakuru ruziga mpindurwa** (imbïkamâkurû ruzigâ mpiindurwa). Eng: **Compact Disc Re-Writable (CD-RW)**. Fr: **Disque compact réinscriptible (CD-RW)**. NK: **Urusobe ntangamakuru**. SH: Sede itarandikwaho na rimwe ishobora kwandikwaho n'inshushanyamakuru kuri sede, ikaba yahanagurwa, ikongera ikandikwaho andi makuru inshuro nyinshi, bikorohereza abayikoresha guhindura amakuru igihe babishakiye.



**Imbikamakuru ruziga nsomwa** (imbïkamâkurû ruzîga nsomwâ). HI: **Insomwa** (insomwâ). Eng: **Compact Disc Read-Only Memory (CD-ROM)**. Fr: **Mémoire morte sur disque compact (CD-ROM)**. NK: **Urusobe ntangamakuru** SH: Sede isomwa na mudasobwa ifite insomakuru nyamboni, ikaba ishobora gusomwa gusa, ntihindurwa cyangwa ngo ihanagurwe, bigatuma bayita imbikamakuru "yapfuye" kuko amakuru ariho ahoraho ntahinduke, umumaro wayo akaba ari ugasangiza ababikeneye inkoranabuhanga, amafishiye y'amakuru, n'ariho indirimbo n'amashusho.

**Imbikarutonde koranabuhanga rw'amakuru y'ubuvuzi** (imbïkarûtoônde kôranabûhaânga rw'âmakurû y'ûbuvuuzi). HI: **Imbikamakuru y'ubuvuzi koranabuhanga** (imbïkamâkurû y'ûbuvuuzi kôranabûhaânga). Eng: **Electronic Medical Record (EMR)**. Fr: **Dossier médical électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Uburyo bwo kubika amakuru yerekeye umurwayi hifashishijwe mudasobwa.

**Imboneza mvumburamperero** (imbôneza mvûumburampêrero). HI: **Imboneza ngaruka ndangahuzanzira** (imbôneza ngarukâ ndaangahuuzanzira). Eng: **Reverse Address Resolution Protocol (RARP)**. Fr: **Protocole de résolution d'adresse inversée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porotokore imashini ikoresha ikoranabuhanga ryo mu gace k'aho ikorera ishobora gukoresha kugira ngo isabe aderesi yayo ya IP.

**Imboneza ngenzura nzira** (imbonezangeenzuuranzira). Eng: **Transmission Control Protocol (TCP)**. Fr: **Protocole de contrôle de transmission**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igipimo ngenderwaho cy'itumanaho gituma gahunda z'inkoranabuhanga n'ikorabuhanga rya mudasobwa byoherezanya ubutumwa mu ihuzanzira, bityo cyohereza amakuru ku buryo bwizewe.

**Imboneza ngenzurabwinjiriro** (imbonêza ngêenzuurabwiinjiriro). Eng: **Access control system; access control**. Fr: **Système de contrôle d'accès; contrôle d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano gitoroniki rutuma umukozi ubyemerewe yiinjira ahantu hagenzurwa, hatwo kandi harinzwe yeretse gusa insomagisobanuro icyuma kimenyetso nsobanuzi, bityo rutuma ibigo birinda amakuru yabyo akomeye bigabanya uburyo bwo kuyageraho n'ibyo bashobora kuyakoraho.

**Imboneza ntahurandangamakuru** (imboneza ntaahuurandâangamâkurû). Eng: **Address Resolution Protocol (ARP)**. Fr: **Protocole de résolution d'adresse**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira cyangwa uburyo buhuza aderesi ya IP ihora ihinduka na aderesi isanzwe ya mashini, izwi kandi nka aderesi ya MAC, mu muyoboro w'aho uherereye.

**Imboneza nyamiraba ya terefoni** (imbôneza nyamîraba ya terefoûni). Eng: **Analog telephone adapter (ATA)**. Fr: **Adaptateur téléphonique analogique**. NK: **Ibikoresho bya mudasobwa**. SH: Igikoresho gikoreshwa mu guhuza telefoni ya analogi, imashini ya fakisi, cyangwa ibindi bikoresho bisa na byo kuri mudasobwa cyangwa umuyoboro wa interineti kugira ngo itumanaho rya interineti rishobore kuba ryiza.

**Imboneza y'ihuzanzira ngiramugozi** (imboneza y'ihuuzanzira ngîramûgozî). Eng: **Ethernet protocol**. Fr: **Protocole Ethernet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imbonezanzira y'itumanaho ikorera ku rwego rwa kabiri rw'icyitegererezo cya OSI gifite ibyiciro 7, ikagira umumaro ukomeye mu mpuzanzira z'amakuru yoroshya iyohereza ry'amapaki y'amakuru hagati ibikoresho.

**Imbonezahuzanzira** (imbonezahuuzanzira). Eng: **Networking protocol**. Fr: **Protocole réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwunge rw'amategako n'amasezerano ayobora iyohereza n'iyakira ry'amakuru mu itumanaho hagati y'ibikoresho by'ihuzanzira ku buryo buhwitse hatitawe ku ihangwa ryayo cyangwa ku nkoranabuhanga zakoreshejwe.

**Imbonezamibare ya mudasobwa** (imbônezamîbarê ya mûdasobwâ). Eng: **Arithmetic & logical unit (ALU)**. Fr: **Unité d'arithmétique-logique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cy'ishami rishinzwe gutunganya imibare n'imitekerereze gikora ibikorwa by'imibare n'imitekerereze ku magambo y'amabwiriza ya mudasobwa.

**Imbonezamikorerere ya Ayifoni** (imbônezamîkorêre ya Ayîfooni). Eng: **iPhone Operating System; IDevice Operating System; iOS**. Fr: **Système d'exploitation iPhone; iOS**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu yihariye yo gukoresha telefoni zigendanwa ikoresha telefoni zigendanwa nka iPhone na iPad.

**Imbonezamikorerere ya Ayipadi** (imbônezamîkorêre ya Ayîpaadi). Eng: **iPadOS**. Fr: **iPadOS**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu yo gukoresha telefoni igendanwa yakozwe na Apple Inc. ku murongo wayo wa tabuleti iPad.

**Imbonezamikorerere ya Makinitoshi** (imbônezamîkorêre ya Maâkinitoôshi). Eng: **Macintosh Operating System; Macintosh; macOS; mac**. Fr: **Système d'exploitation Macintosh; macOS**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu y'imikorere ikoresha Mac zose.

**Imbonezamikorerere ya mudasobwa** (imbônezamîkorêre ya mudasobwa). Eng: **Logic unit (LU)**. Fr: **Unité logique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cy'ishami rishinzwe

gutunganya amakuru rikora ibikorwa by'ubwenge ku mabwiriza y'amagambo ya mudasobwa.

**Imbonezamikoreshereze y'ubwenge buhangano** (imbônezamîkorêeshereze y'ûtbwêenge buhaangano). Eng: **AI Ethics**. Fr: **Éthique de l'IA**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Amahame ngenderwaho abafatanyabikorwa bakoresha kugira ngo ikoranabuhanga rikoreshe neza.

**Imbonezamirimo nkumirizi** (imbonezamirimo nkûmirizi). Eng: **Intrusion Prevention System**. Fr: **Système de prévention des intrusions**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'umutekano w'urusobe gihora gikurikirana urusobe rw'ibikorwa bibi kandi kigafata ingamba zo kukirinda harimo gutanga raporo, guhagarika cyangwa kukireka.

**Imbonezamirimo nyamakuru** (imbonezamirimo nyamâkurû). Eng: **Information system**. Fr: **Système d'Information**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo busanzwe bw'ikoranabuhanga n'imyubakire ya sisitemu igamije gukusanya, gutunganya, kubika, no gukwirakwiza amakuru.

**Imbonezamirimo ya mudasobwa** (imbonezamirimo ya mûdasobwâ). HI: **Urwungano koranabuhanga** (urwuungaano kôranabûhaângâ). Eng: **Computer system**. Fr: **Système informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiremekere ihanitse ya mudasobwa igizwe n'ibikoresho, inkoranabuhanga, n'ibikorwa byunganira byakorewe gukorera hamwe byunganirana kugira ngo hakoreshwe amakuru, bikabamo inyinjizamakuru, inshobozamakuru n'insohoramakuru.

**Imbonezangiro** (imbonezangiro). HI: **Arugoritime** (arugoriitime). Eng: **Algorithm**. Fr: **Algorithme**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice kimwe mu bigize porogaramu ya mudasobwa kigaragaza amabwiriza ndetse n'amategeko agenderwaho mu bikorwa byose by'iyi porogaramu ya mudasobwa.

**Imbonezanzira** (imbonezanzira). Eng: **Communication Protocol**. Fr: **Protocole de communication**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uruhurirane rw'amabwiriza aba agenwe agatuma ibintu bibiri byo mu ikoranabuhanga bishobora kohererezanya amakuru ku buryo bw'ihuzanzira.

**Imbonezanzira ndangamakuru** (imbonezanzira ndâangamâkurû). Eng: **Link control protocol (LCP)**. Fr: **Protocole de contrôle de lien**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho gishinzwe gushyiraho, gushushanya (kubaka) no kugerageza ihuzanzira ry'amakuru.

**Imbonezanzira nkoranabuhanga** (imbonezanzira nkôranabûhaânga). Eng: **Scientific computing application**. Fr: **Application de calcul scientifique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoreshwa ry'imikorere nyamibare mu ngeri nyabumenyi zinyuranye nk'ubutabire, ubugenge, ubumenyi bw'insoro ndemabuzima n'ubumenyi bw'isanzure, hifashishijwe ivangwa ry'imibare ihanitse n'ikoranabuhanga mu gusubiza ibibazo by'inkoranabuhanga hifashishijwe uburyo koranabuhanga.

**Imbonezanzira nkoranabuhanga nziramugozi** (imbonezanzira nkôranabûhaânga nzîramûgozî). Eng: **Wireless Application Protocol (WAP)**. Fr: **Protocole d'application sans fil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisiteme ifasha mu kubona amakuru kuri murandasi akoresheje igikoresho kidakenera insinga nka telefoni.

**Imbonezanzira nsangizamakuru** (imbonezanzira nsâangizamâkurû). HI: **Imbonezanzira ya bititorenti** (imbonezanzira ya biîtitoôreenti). Eng: **BitTorrent**. Fr: **BitTorrent**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imbonezanzira y'itumanaho ikoresbhwâ mu gusangira dosiye ya peer-to-peer (P2P), ifasha abayikoresha gukwirakwiza no kwakira dosiye nini neza kuri interineti.

**Imbonezanzira ntangabutumwa bwa murandasi** (imbonezanzira ntâangabûtumwâ bwaa mûraandasî). Eng: **Internet message access protocol (IMAP)**. Fr: **Protocole d'accès aux messages Internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urwungano rutuma bishoboka kwakira imeri abakoresha mudasobwa bagashobora kuzisoma biciye kuri mudasobwa zitandukanye.

**Imbonezanzira nyoherezabutumwa** (imbonezanzira nyôherezabûtumwâ). Eng: **Simple Mail Transfer Protocol (SMTP)**. Fr: **Protocole de transfert de courrier simple**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imbonezanzira y'itumanaho isanzwe kuri murandasi mu kohereza ubutumwa koranabuhanga.

**Imbonezanzira nyoherezamafishiye** (imbonezanzira nyoherezamafishiye). Eng: **File Transfer Protocol (FTP)**. Fr: **Protocole de transfert de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bw'itumanaho mbonera bukoresha mu kohererezanya amafishiye ya mudasobwa ava mu kigega mpuzamakuru ajya kuri mudasobwa hakoreshejwe murandasi (gukurura amakuru, gushyira ku rubuga, guhererekanya amafishiye).

**Imbonezanzira nyoherezanyandiko** (imbonezanzira nyoherezanyandiko). Eng: **HyperText Transfer Protocol (HTML)**. Fr: **Protocole HTTP**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inzira y'itumanaho ikoresha mu koherereza no kwakira paji za interineti n'andi makuru hagati ya mushakisha (browser) na seriveri kuri World Wide Web.

**Imbonezanzira y'ibyiciro nkoranabuhanga** (imbonezanzira y'ibyiciro nkôranabûhaânga). Eng: **Application layer protocol**. Fr: **Protocole de couche d'application**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urwunge rw'amategeko n'amabwiriza bituma inkoranabuhanga zoherezanya ubutumwa mu ihuzanzira zigena ingano y'amakuru n'imikorere y'iherekanya ry'amakuru hagati inzungano zitandukanye.

**Imbonezanzira y'imiyoboro minyaruko ibiri** (inzira y'imiyoboro minyâruko ibiri). Eng: **Layer two tunneling protocol**. Fr: **Protocole à deux tunnels**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Gahunda y'ihuzanzira shusho ryihariye rituma haba ihura ry'igikoresho koranabuhanga n'impuzamakuru hatarinze guhishwa indemo yoherezwa.

**Imbonezanzira y'itangazamakuru ntazigwa** (imbonezanzira y'itâangaazamakuru ntazigwâ). Eng: **Streaming protocol; broadcast protocol**. Fr: **Protocole de diffusion en continu; protocole de diffusion**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo amakuru y'uruhererekane yoherezwa kuri murandasi mu buryo bw'ikiganiro cy'amashusho cyangwa se bw'amajwi biri kuba ako kanya.

**Imbonezanzira y'iyinjira** (imbonezanzira y'iyinjira). Eng: **Access protocol**. Fr: **Protocole d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ijambo banga, urufunguzo banga, ibiranga bya gihanga, amategeko, imbonezanzira y'ihuzamakuru n'iyindi mikorere ihamye, ibyo byose bishobora gukenerwa mu gutuma umukiriya cyangwa undi wese

ukoresha ikoranabuhanga ubyemerewe kuba yakwinjira muri izo serivisi.

**Imbonezashusho** (imbonezashusho). Eng: **Video adapter**; graphics adapter; display adapter; graphics card; video card. Fr: **Adaptateur video**; carte graphique, carte graphique, carte graphique; carte vidéo. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kimwe mu bigize mudasobwa gishinzwe gutanga no kugaragaza amashusho ku nsakazamashusho.

**Imboni koranabuhanga** (imbôni kôranabûhaânga). Eng: **Lens**. Fr: **Objectif**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Igice cya kamera gikora nk'ijisho kigatuma ifoto cyangwa amashusho bifatwa neza.



**Amakuru** (amakurû). Eng: **Data**; Digital content. Fr: **Données**; Contenu digital. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibishobora gusesengurwa na mudasobwa usanga ari nk'ibikorwa, imibare, ibipimo, ibyitonderwa cyangwa se ibisobanuro.

**Amakuru ngendanwa** (amakurû ngeendânwa). HI: **Ihuzanzira ry'amayinite** (ihuuzanzira ry'âmayinite). Eng: **Mobile data**; Cellular data. Fr: **Donnée mobile**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Amakuru yoherezwa cyangwa yakirwa atangiwe kuri telefoni ku buryo bw'inziramuguzi telefoni idahujwe na WI-FI ahubwo ikoresheje amayinite yaguzwe.

**Amakuru ateguriwe ubwenge buhangano** (amakurû atêguuriwe ubwêenge buhangano). Eng: **AI-ready data**. Fr: **Données prêtes pour l'IA**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Amakuru yakusanyijwe neza, agasukurwa, agashyirwaho ibisobanuro (labels), kandi agatunganywa mu miterere ikwiriye ku buryo ashobora gukoreshwa byoroshye mu gutoza, kugerageza no gukoresha porogaramu z'ubwenge bw'ubukorano (AI).

**Imenyasura** (imênyasûurâ). HI: **Ibonasura** (ibônasûurâ). Eng: **Visual recognition**; image recognition. Fr: **Reconnaissance visuelle**; reconnaissance d'images. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere nyabwemge aho umuntu amenya kandi agashyira mu byiciro ibintu, amasura, cyangwa ibiba bibaye biciye mu gufindura amakuru nyamboni y'aho ari aboneka mu mafoto n'amashusho, ni kimwe no guha

mudasobwa amadarubindi agezweho atuma ibona ikanasobanukirwa iyi si dutuyemo, bigasaba gushobora gutahura ikintu, kuba warigeze kukibona, kugihuza n'amakuru aranga icyo kintu abitse mu mbikamakuru no gushobora kugera mu kigege mbikamakuru no gukurayo amakuru yizewe.

**Imeri menyesha** (imêeri menyeesha). Eng: **E-mail Alert**. Fr: **Alerte par courrier électronique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwo kumenyesha abakiriya amakuru ajyanye n'amakonti yabo hifashishijwe imeri.

**Imfasha** (imfashâ). Eng: **Wizard**. Fr: **Assistant**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igice cya porogaramu kikuyobora mu ntambwe zimwe na zimwe.

**Imfashajwi** (imfâshajwî). Eng: **Voice assistant**. Fr: **Assistant vocal**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo bugufasha kuganira n'ubwenge buhangano ukoresheje ururimi uvuga.

**Imfatafoto** (imfatafoto). Eng: **Camera**. Fr: **Appareil photo**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho** SH: Igikoresho gifata urumuri kikaruhinduramo ishusho, gikoresheje impitisharumuri irwegeranya ku buso mpunahunarumuri ahakorerwa ishusho (pelikile cyangwa imfatamakuru gitoroniki).



**Imfatafoto ya dijitale** (imfatafoto). Eng: **DSLR Digital Camera**. Fr: **Appareil photo numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Igikoresho gifata kikanabika amashusho mu buryo koranabuhanga, hakoreshejwe imfatamakuru mu guhindura urumuri mo imiraba gitoroniki na yo isesengurwa kugira ngo itange ishusho koranabuhanga

**Imfatajwi** (imfâtajwi). Eng: **Sound Recorder**. Fr: **Enregistreur de sons; magnétophone**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Igikoresho kibika amajwi ku kidongi cy'umugozi mbikamajwi, yaba yoherejwe n'amikoro cyangwa avuye ku yindi mbikamajwi.



**Imfatamakuru** (imfâtamâkurû). Eng: **Encoder**. Fr: **Encodeur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igikoresho gihindura amakuru nyabubiri kikayashyira mu buryo bumwe bugezweho.

**Imfatashusho** (imfatashusho). HI: **Kamera** (kamera). Eng: **Camera**; video camera. Fr: **Caméra**; caméra vidéo. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Igikoresho cya eregitoroniki gikurura cyane urumuri bigatuma gifata amashusho kikayagera amafishiye koranabuhanga kandi bigakorwa ku buryo bw'amashusho.



**Imfatashusho ngenzuzi** (imfatashusho ngeenzuuzi). Eng: **Closed circuit television (CCTV)**. Fr: **Télévision en circuit fermé**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gikora nka kamera, gifata amashusho y'abantu ahantu hamwe na hamwe rusange nko mu nyubako, mu miji rwagati, ku mihanda, ku bibuga by'indege no mu binyabiziga bitwara abantu muri rusange, mu rwego rwo kugenzura ibikorwamo.



**Imfatashusho ya mudasobwa** (imfatashusho ya mûdasobwâ). HI: **Kamera ya mudasobwa** (Kamera ya mûdasobwâ). Eng: **Computer camera**; webcam; web camera. Fr: **Webcam**; caméra vidéo; camera. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyakorewe gufata no gusakaza amashusho kuri mudasobwa cyangwa ku ihuzanzira koranabuhanga, kigakoresha ku buryo bw'imvugisho nyamashusho, igaragazamashusho rifatiyeho, imbuga nkoranyambaga no mu ikoranabuhanga.



**Imibare ifite ibice** (imibarê ifite ibicê). Eng: **Floating point number**. Fr: **Nombre à virgule flottante**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'umubare ukoreshwa muri porogaramu za mudasobwa kugira ngo ugazaze imibare nyayo ifite ubuziranenge bwo hejuru.

**Imibare y'ibice** (imibarê y'ibicê). Eng: **Floating value**; floating point number. Fr: **Valeur de place flottante**; nombre à point flottant. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'umubare ukoreshwa

muri progaramu ya mudasobwa kugira ngo ugaragaze imibare nyayo kandi yuzuye, akaba ari uburyo bwo kwerekana imibare hamwe n'ibice bigabanyijwe, nka 3.14159, kugira ngo bibike kandi bikoreshwe na mudasobwa, bukaba ari uburyo bwo guhagararira no gukora imibare nyayo mu ihangarurimi rwa mudasobwa.

**Imibare y'ubumenyi bwa mudasobwa** (imibarê y'ûbumenyi bwaa mûdasobwâ). Eng: **Computer arithmetic**. Fr: **Arithmétique informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: ishami rya siyansi ya mudasobwa ryiga uburyo mudasobwa zigomba guhagararira imibare no kuyikorera ibikorwa.

**Imicungire koranabuhanga** (imicuûngire kôranabûhaânga). Eng: **Electronic management**; document management system. Fr: **Gestion électronique**; système de gestion de documents. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano koranabuhanga rucunga inyandiko rukoresha mu kubika amafishiye (cyangwa inyandiko), kuyasangiza, kuyakurikirana no kuyacunga.

**Imigaragarire** (imigarâgarire). Eng: **Layout**. Fr: **Mise en page**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imigenere n'imibonereze y'ibikorwa ku ndebera cyangwa mu nyandiko, igategeka imiterere nyamisusire, ikizeza imikoreshereze ibangutse kandi yoroheye umukiriya.

**Imigozi itaranyuzwamo urumuri** (imigozi itâraanyûzwamô urumuri). Eng: **Dark fiber**. Fr: **Réseau de fibre noire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Insinga z'itumanaho zashyizwe ahantu ariko zitarashyirwamo uburyo bwo kohereza iryo tumanaho.

**Imikino nyamudasobwa** (imikino nyamûdasobwâ). Eng: **ICT gaming**; Gaming. Fr: **Jeux informatiques**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: ibisubizo byabugenewe hamwe na serivise zikoreshwa mu buzima bw'imikino yose kandi zateguwe mu buryo bugamije iterambere ry'imikino.

**Imikorânire y'umuntu na mudasobwa** (imikorânire y'ûmuuntu na mûdasobwâ). Eng: **Human-computer interaction (HCI)**. Fr: **Interaction homme-machine**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ingeri nto y'ikoranabuhanga yerekeye iyiga ry'iganira ry'umuntu na mudasobwa ndetse n'ikorwa, ingenzura n'ishyira mu buryo bw'imihurire y'umuntu

n'imashini mu ikoranabuhanga hashingiwe ku byo ukoresha mudasobwa akeneye ndetse n'akamenyero afite.

**Imikorere y'ikoranabuhanga** (imikorêre y'îkôranabûhaânga). Eng: **ICT processing**. Fr: **Traitement des TICs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rw'imirimo ikorwa mu guhanga, kubaka no gutanga ndetse no kubungabunga igicuruzwa cy'ikoranabuhanga cyangwa serivisi y'ikoranabuhanga.

**Imikorere ya mudasobwa** (imikorêre ya mûdasobwâ). Eng: **Computer Organization**. Fr: **Organisation informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere ya mudasobwa yita ku miterere n'imyitwarire ya sisitemu ya mudasobwa nkuko bigaragara ku bakoresha.

**Imikoreshereze y'amakuru** (imikorêeshereze y'âmakurû). Eng: **Data Usage**. Fr: **Utilisation des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Isesengura n'ikoreshwa ry'amakuru rikurikije amategeko hagamijwe ibyagenwe nko gusesengura cyangwa gukora raporo, ifatwa ry'ibyemezo, gushakashaka za serivisi no kuzitanga.

**Imirongo ku munota** (imiroongo ku munotâ). Eng: **Lines-Per-Minute (LPM)**. Fr: **Nombre de lignes par minute**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umubare w'imirongo y'inyandiko incapanyandiko ishobora gukora mu munota, bigendeye ku ngano y'inyandiko, ubukeshwa bw'urupapuro, n'ibara.

**Imitekerereze ngenamiterere** (imiteêkerereze ngênamîteêrere). HI: **Imitekerereze mpangashusho** (imiteêkerereze mpaangashusho). Eng: **Design thinking**. Fr: **Réflexion conceptuelle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gushushanya bugamije gutanga ibisubizo byujuje ibyifuzo nyabyo, aho kubona ibikenewe.

**Imiterere** (imiteêrere). HI: **Isura** (isuûra). Eng: **Shape**. Fr: **Forme**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu shingiro mu nzungano z'indoro ya mudasobwa gishobora gukoreshwa ku buryo bw'inshi hagamijwe kugera ku bikorwa bitandukanye.

**Imiterere ntwaremakuru** (imitêrere twâaramâkurû). Eng: **Bit frame**. Fr: **Trame binaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere ishingirwaho hashyirwaho ibice byose by'ubwenge bw'ikoranabuhanga.

**Imiterere y'ibimenyetso nyandiko** (imiteêrere y'ibimenyeetso nyandiko). HI: **Imiterere y'imyandikire** (imiterere y'inyaândikire). Eng: **Font**. Fr: **Police de caractères**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere n'uburyo inyandiko igaragara, nk'ingano n'isura y'inyuguti.

**Imiterere y'ifishiye** (imiteêrere y'ifishiye). Eng: **File format**; format. Fr: **Format de fichier**; format. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo mbonera bwo kwandika amakuru kugira ngo abikwe mu ifishiye koranabuhanga.

**Imiterere y'ifishiye nsangizamajwi** (imiteêrere y'ifishiye nsâangizamâjwi). Eng: **Audio Interchange File Format (AIFF)**. Fr: **Format de fichier d'échange audio**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere y'amadosiye y'amajwi ikoreshwa mu kubika amakuru y'amajwi kuri mudasobwa bwite n'ibindi bikoresho by'amajwi bya elegitoroniki cyangwa AIFF ikaba imiterere y'amajwi yakozwe bwa mbere na Apple Computer kugira ngo ibike amakuru y'amajwi meza cyane.

**Imiterere y'igenzuramakode** (imiteêrere y'îgêenzuuramâkoôde). Eng: **Coding control structure**. Fr: **Structure de contrôle de codage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere igena ikurikirana y'ikoresha ry'amategeko muri porogaramu bigatuma hashobora gufatwa icyemezo no gusubiramo.

**Imiterere y'amakuru** (igênamîteêrere y'âmakurû). Eng: **Data structure**. Fr: **Structure de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gutunganya amakuru mu rwungano shusho.

**Imiterere y'umuraba** (imiteêrere y'ûmurâba). Eng: **Waveform**. Fr: **Forme d'onde**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ishusho ihagarariye ikimenyetso cy'ijwi cyangwa se ijwi ryafashwe, bigaha ukoresha mudasobwa isura y'ijwi yumva bitewe no kwerekana ingano yaryo (ubuzamuke bw'umuraba) n'igihe rimara (ubutambike cyangwa ubugare bw'umuraba).

**Imiterere ya kode ntunganyamakuru** (imiteêrere yâ koôde ntûungaanyamâkurû). Eng: **Coding data structure**. Fr: **Structure des données de codage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere yihariye y'itunganya, ibika n'ikoresha ry'amakuru muri sisitemu ya mudasobwa, bigatuma kwinjira no kuyikoresha by'ingirakamaro.

**Imiterere ya mudasobwa** (imiteêrere ya mûdasobwâ). HI: Ikoranabuhanga rya mudasobwa (imyuúbakire ya mûdasobwâ). Eng: Computer architecture. Fr: Architecture informatique. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: imiterere n'imikoranire y'ibice bigize mudasobwa, igaragaza uko ibyuma bikorana n'uko bitegurwa kugira ngo porogaramu zikorwe neza.

**Imiyoborere koranabuhanga** (imiyobôrere kôranabûhaânga). Eng: Digital governance. Fr: Gouvernance numérique. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Igihe ubuyobozi bwifashisha ikoranabuhanga rigezweho mu miyoborere y'ikigo cyangwa se y'urwego rw'imiyoborere.

**Imiyoboro ikodeshwa** (imiyoboro ikôodeeshwa). Eng: Leased lines. Fr: Lignes louées. NK: Ikoranabuhanga rya murandasi. SH: Imiyoboro y'itumanaho ifite ubushobozi bwo koherereza ubutumwa mu buryo butaziguye hagati y'ibikoresho by'itumanaho.

**Impagaritso** (impâgaritso). HI: Impagarika (impagârika). Eng: Pause key; Break. Fr: Touche pause. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Akamenyetso kari ku rwandikiro rwa mudasobwa, gafite umumaro wo guhagarika amashusho by'akanya gato kugeza kongeye gukandwa.



**Impagurutsamudasobwa** (impâgurutsamûdasobwâ). HI: Ububiko mbanziriza (ububûiko mbaanziriza). Eng: Boot disk; startup disk. Fr: Disque de démarrage. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Ububiko buto bw'amakuru ari kuri sisitemu ngengamikorere ya mudasobwa ndetse n'igenga imikorere ya murandasi ku buryo mudasobwa iramutse igize ikibazo yakwifashishwa mu kuyatsa.

**Impakizi** (impakizi). Eng: Program Loader; loader. Fr: Chargeur de programme. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Igice cy'imbonezamikorere kigomba gushyira amakuru muri za gahunda n'amasomero.

**Impangansobanurashusho** (impaângansobaanurashusho). Eng: Caption generator. Fr: Générateur de légendes. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho cy'ikoranabuhanga gikoreshwa mu gushyira kabusheni ku ruhererekane rw'amashusho.

**Impera y'ihuzanzira** (impêra y'ihuuzanzira). HI: **Ibikoresho mperahuzanzira** (ibikôreeshe mpêrahuuzanzira). Eng: **Endpoint**. Fr: **Terminal**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ahantu herekeza ku gikoresho icyo ari cyo cyose gifatika cyangwa gikoreshwa mu buryo bw'ikoranabuhanga gihuza n'umuyoboro kandi kikaba ari ahantu ho kugera cyangwa guhanahana amakuru.

**Impera y'umuyoboro** (impêra y'ûmuyoboro). Eng: **Network termination point**. Fr: **Point de terminaison du réseau**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Aho umufatabuguzi afatiye ku muyoboro rusange w'itumanaho hakagaragazwa na aderesi ye ifitanye isano n'inomero cyangwa izina ry'umufatabuguzi.

**Impererekanyamiraba** (impêerekanyamîraba). Eng: **Microwave relay**. Fr: **Relais micro-ondes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibikoresho by'itumanaho nsakazamajwi byifashishwa mu kwakira ibimenyetso by'itumanaho bikabyongerera ingufu ubundi bikongera bikoherewe.

**Impesha nkoranabuhanga** (impeêsha nkôranabûhaânga). Eng: **E-voucher**; electronic voucher. Fr: **Bon électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Urupapuro mpeshafaranga rukozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga, rwifashishwa mu kugura ibicuruzwa na serivisi runaka.

**Impimabushobozi bw'intima** (impimabushobozi bw'întîma). Eng: **Dhrystone**. Fr: **Dhrystone**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu nto ikoresheya mu ntangiriro igapima ubushobozi bw'intima bwo gukora buri sogonda.

**Impimareme** (igipîmarême). Eng: **Densimeter**. Fr: **Densiomètre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gikoreshwa mu bufotozi gipima iyegerana cyangwa ukwisuganya kw'ifoto, gipima iyegerana cyangwa ikigero cy'ubwijime bwa firimi cyangwa akabaho k'ifoto gafata ingaragaro yayo hakoreshejwe uburyo mboneshwajisho bw'imirase ibiri inganya ingufu.

**Impimarumuri** (impimarumuri). Eng: **Exposure meter**. Fr: **Posmètre**; photomètre. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agakoresho nyunganizi mu bufotozi kagapima ubukana bw'urumuri kandi kakerekana uburyo bwiza bwo kwitegera urumuri (ihuza ry'umuryango

n'umuvuduko wo kwifunga) bijya ku imfatamakuru ya firimi cyangwa y'ishusho yumva ku buryo bwihariye.

**Impinduka koranabuhanga** (impîindukâ kôranabûhaânga). Eng: **Digital transformation**. Fr: **Transformation numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kwinjiza ikoranabuhanga mu nzego zose z'ikigo, harimo ibicuruzwa, serivisi, n'imikorere, hagamijwe gutanga agaciro ku bakiriya.

**Impinduka nyangizarwungano nkoranabuhanga** (impîindukâ nyangiizarwuungano nkôranabûhaânga). Eng: **Fatal system error**; fatal error; system crash; stop error; kernel error; bug check. Fr: **Erreur système fatale**; erreur fatale; plantage système; erreur d'arrêt; erreur de noyau; vérification de bogue. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikosa rikomeye riboneka iyo urwungano nyoboramikorere ruhagaze kuko ruba rugeze aho rutagishobora gukora rufite umutekano kuko amakuru akomeye ashobora kuzimira cyangwa urwungano nyobozi rukangirika ku buryo ubwo ari bwo bwose.

**Impinduracapa** (mpiinduracapa). Eng: **Shift button**. Fr: **Buton de Changement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu ko kuri mwandikisho ikoreshwa mu kwandika inyuguti nkuru cyangwa kubona ibimenyetso byo hejuru ku tubuto tw'imibare n'utundi tubuto turi kuri mwandikisho.



**Impinduramakuru koranabuhanga** (impîinduramâkurû kôranabûhaânga). Eng: **Analogue-to-Digital Converter (ADC)**. Fr: **Convertisseur analogique-numérique (CAN; A/N; A-à-N)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano ruhindura umuraba usanzwe, urugero nk'ijwi rifashwe n'imfatamajwi cyangwa urumuri rujya mu mfatamafoto koranabuhanga, umuraba koranabuhanga.

**Impinduranyandiko** (impiinduranyandiko). Eng: **Translation Engine**. Fr: **Moteur de traduction**. NK: **Isakazabumenyi koranabuhanga**. SH: Porogaramu ikora umurimo wo guhindura inyandiko hagati y'indimi.

**Impinduzi** (impiinduzi). Eng: **Converter**. Fr: **Convertisseur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyangwa porogaramu ikora umurimo wo guhindura mu buryo bw'ikoranabuhanga ikintu

kimwe kikajya mu kindi, ariko ikintu nyirizina kigakomeza kuba cyo, hahinduka gusa imiterere cyangwa uko gikoreshwa.

**Impinyuza** (impinyûza). Eng: **Boolean**. Fr: **Booléen**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibonezabitekerezo rikoreshwa na za mudasobwa mu gutahura niba icyemejwe ari ukuri cyangwa ari ikosa, ni ubwoko rero bw'amakuru bufite gusa agaciro gashoboka k'ubwoko bubiri gusa: ni byo cyangwa ni ikosa, akaba ari inshoza remezo y'ibonezamikorere n'iy'ibonezabitekerezo, bikaba ari iremezo ryifatayemezo n'igenzura ry'ingano y'amakuru mu rwungano.

**Impishabanga shusho** (impishabaanga shusho). HI: **Kode QR** (Koôde QR). Eng: **Quick Response code (QR)**; QR code; QR. Fr: **Code de réponse rapide**; Code QR. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho ishobora gusomwa na mudasobwa cyangwa imfatashusho ya telefoni, muri uko kuyisoma ibasha kubona amakuru runaka ikeneye kandi byihuse.



**Impishamakuru** (impîshamâkurû). Eng: **Cryptographic token**. Fr: **Jeton cryptographique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rufatika kandi ngendanwa, rugenzurwa n'ukoresha mudasobwa hagamijwe kubika amakuru ahishe cyangwa nyamibare kandi akaba yakora imirimo nyamibare, imirimo banga.

**Impunikamakuru** (impûnikamâkurû). HI: **Ihuriro ry'amakuru** (ihûuriro ry'âmakurû). Eng: **Data center**. Fr: **Centre de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu hafatika habitse za mudasobwa n'ibikoresho bijyana.



**Impuririzi** (impûririzi). Eng: **Sensor**. Fr: **Capteur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gifata amakuru y'ibiba cyangwa bihindutse aho kiri kikayohereza ibindi bikoresho gitoroniki akenshi aba ari inshobozamudasobwa, kigapima imiterere yihariye, kikohereza umuraba uba atari koranabuhanga ugomba guhindurwamo amakuru nyamibare kugira ngo mudasobwa ishobore kuwusoma, bikaba hifashishijwe impinduramakuru koranabuhanga.

**Impuririzi y'amashusho** (impûririzi y'âmashusho). Eng: **Image Sensor**. Fr: **Capteur d'images**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gifata kikanahindura ibimenyetso nyamibare byo shingiro ry'amafoto n'amashusho nyamibare mu bikoresho nk'imfatamafoto, telefoni na sikaneri.

**Impuzabikoresho** (impûuzabîkoreesho). HI: **Impuzamiyoboro** (impuuzamiyoboro). Eng: **Adapter**. Fr: **Adaptateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: icyifashishwa gituma habaho ihura ry'ibikoresho ku buryo bunyanye cyangwa icomekwa ry'ibikoresho bibiri rishoboka kandi byari byarakozwe ku buryo bidashobora kurumanywa.

**Impuzamakuru** (impûuzaamâkurû). Eng: **Array**. Fr: **Tableau**; matrice. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere y'ibanze y'amakuru ibika itsinda ry'amakuru zifite imiterere imwe kandi zikagira ikiziranga kimwe.

**Impuzamakuru neomekwa** (impûuzamâkurû). Eng: **External storage drive**. Fr: **Lecteur de stockage externe**; périphérique de stockage externe; stockage auxiliaire; stockage secondaire. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cya mudasobwa kibamo amakuru yose ashobora gukoresha ataba mu kigega nyamukuru cyangwa mu mbikamakuru ya mudasobwa.

**Impuzamakuru nkomokamashami yo hirya no hino** (imbîikamâkurû nkômookamâshami yô hiîrya nô hiîno). HI: **Imbikamakuru yagutse** (imbîikamâkurû yaagûtse). Eng: **Wide Area Information Server** (WAIS). Fr: **Serveur d'information étendu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: porogaramu ituma amakuru menshi cyane ashirwa mu rutonde kandi akabasha gushakishwa ku miyoboro migari y'itumanaho.

**Impuzamasonga y'ibikoresho nsakazamakuru** (impuuzamasoonga y'ibikôreesho nsâakaazamâkurû). Eng: **Multimedia terminal adapter** (MTA). Fr: **Adaptateur de terminal multimédia**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igikoresho gihuza ibikoresho bisanzwe by'itumanaho nka telefone cyangwa mudasobwa n'urubuga rwa interineti (IP network), bigatuma ijwi, amashusho, n'izindi serivisi za z'itumanaho bishobora kunyuzwa kuri interineti.

**Impuzambuga** (impûuzambûga). Eng: **Web ring**; Webring. Fr: **Anneau Web**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Itsinda ry'imbuga za interineti zihuza zifite insanganyamatsiko imwe cyangwa inyungu imwe.

**Impuzamiyoboro** (impuuzamiyoboro). Eng: **Connecting device**. Fr: **Dispositif de connexion**; Périphérique de connexion. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho gihuza ibitangazamakuru hagati yabyo kigakora nk'impuza nkoranabuhanga hagati y'ihuzanzira zitandukanye cyangwa za mudasobwa.

**Impuzandengo ndangabara** (impûuzandêengo ndâangabâra). Eng: **Mean color descriptor**. Fr: **Descripteur de couleur moyen**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bworoshye kandi bufite akamaro ko kwerekana imiterere y'amabara yose y'ishusho

**Impuzanzira** (impuuzanzira). HI: **Impuuzira** (impuûza). Eng: **Link**. Fr: **Lien**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urwinjiriro rwo kuri murandasi rutanga inzira ikugeza ku handi hantu havomwa amakuru nko ku rubuga rwa murandasi, ku nyandiko cyangwa ku ifishiye,..., rukarangwa no kuranga neza aderesi y'ahafunguwe cyangwa ahagiwe.

**Impuzawindowuzi** (impûuzawîindowuzi). Eng: **Windows socket**; Winsock. Fr: **Socket Windows**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Dosiye zemerera porogaramu za Windows guhuza na interineti n'izindi mudasobwa.

**Impuzo ikorewemo** (impûuzo ikôrewemô). Eng: **Object Linking and Embedding (OLE)**. Fr: **Liaison et intégration d'objets**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga bwakozwe na Mikorosofuti bugufasha gufata ibintu biri mu nyandiko cyangwa mu kinyabugeni kimwe byakorewemo, ukabishyira mu kindi kinyabugeni cyangwa porogaramu.

**Impuzo ndatenguha** (impûuzo ndateengûha). Eng: **Bayonet Neill-Concelman Connector**; BNC connector. Fr: **Connecteur BNC**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: icyuma kiburungushuye kikagira umuringa urimo imbere gihereye ku mpera y'urusinga kikifashishwa mu kurucomeka ku urundi rusinga.



**Impuzo y'ibikoresho by'ikoranabuhanga** (ihûzuza ry'ibikôreesho by'ïkôranabûhaânga). Eng: **Advanced Technology Attachment (ATA)**. Fr: **Attachement de technologie avancée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gihuza ibyuma muri mudasobwa. bwo guhuza mudasobwa n'itumanaho bukoreshwa mu guhuza ibikoresho bibikwamo ibintu byinshi, bugasimbura ikoranabuhanga rya kera rya ATA.

**Impuzo ya T** (impûuzo ya T). Eng: **BNC T-piece connector**. Fr: **Connecteur BNC en T**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: icyuma gikoze nk'inyuguti ya T gihereye ku mpera y'urusinga kikifashishwa mu kurucomeka ku rundi.



**Imyubakire y'amakuru** (imyûbakire y'âmakurû). Eng: **Data architecture**. Fr: **Architecture des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imbata y'amakuru isobanura uko amakuru abitse muri porogaramu za mudasobwa akoreshwa kandi yitabwaho, harimo: kuyahindura, kuyakwirakiza ku bindi bikoresho no ku mbuga nkoranyambaga.

**Imyubakire y'ikoranabuhanga rigezweho** (imyûbakire y'ïkôranabûhaânga rigezwêho). Eng: **Modern Technology Architecture**. Fr: **Architecture technologique moderne**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igishushanyo mbonera cy'ikoranabuhanga giteye imbere gishimangira umutekano wa sisitemu, imikoranire, n'imikorere.

**Incakirashusho** (incakirashusho). Eng: **Frame grabber**. Fr: **Carte d'acquisition; carte d'acquisition vidéo numérique; capture d'image**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cya mudasobwa mu bisanzwe bifata ishusho y'umurongo wa eregitoronike ucomeka mu bubiko bwa mudasobwa bwite.

**Incomekabikoresho** (incômekabikoreesho). Eng: **Slot**. Fr: **Créneau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwinjiriro kuri mudasobwa hashobora gucomekwa intwaramakuru hagafatwa nk'urwaguriro rushobora gushyirwa ku ndongozi ya mudasobwa kugira ngo rwakire amakarita y'urwaguriro yongera kuri mudasobwa ibikoresho nkoranabuhanga bigaha ukoresha mudasobwa kwisanzura mu gukoresha icyo ashaka mudasobwa no kuvugurura inzungano

ayongeraho ibikoresho nk'ingaragazamashusho, ikarita huzanzira n'ikarita nsohorajwi.

**Incomekanyabikoresho koranabuhanga** (incômekanyabîkoreesho kôranabûhaânga). Eng: **Connector**. Fr: **Connecteur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gihuza ibyiciro bibiri by'ibikoresho bifite amakuru, kikaba kigizwe n'inzira nkoranabuhanga ntwaramakuru.

**Incungamamafishiye** (incuungamafishiye). Eng: **File manager**. Fr: **Gestionnaire de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igikoresho cyo gutunganya dosiye kuri mudasobwa yawe.

**Indahuzo** (indahuzo). Eng: **Charger**. Fr: **Chargeur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga gifite akamaro ko kohereza ingufu z'amashanyarazi mu bikoresho nka mudasobwa na telefoni.



**Indanangizi** (indânaangizi) HI: **Indanangiramakuru** (indânaangiramâkurû). Eng: **Encryption key**. Fr: **Clé de cryptage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urukurikiranane rw'uduce cyangwa inyuguti zikoreshwa mu gufunga no gukuraho amakuru.

**Indanga** (indaanga). Eng: **Identifier**. Fr: **Identifiant**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ijambo, izina, umubare, inyuguti, ikimenyetso, uruhurirane rw'ibintu bikoreshwa mu kuranga ku buryo bwihariye, ikintu, itsinda, umurimo, icyiciro cyangwa ikindi kintu cyagenwe n'ugikoresha, icyo kimenyetso kigahabwa mudasobwa, kigakoreshwa na buri serivisi koranabuhanga kugira ngo mudasobwa imenyekane aho iherereye, ikaba yacomekwaho, igakorerwaho ibikorwa byo kuyibungabunga bisanzwe, no kugira ngo itange serivisi y'ifasha biciye mu yakure, ikaba ari iremezo mu guhanga ururimi rwa mudasobwa.

**Indanga ya kuki** (indaanga ya kûki). Eng: **Cookie**. Fr: **Cookie**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Agafishiye gato k'inyandiko karimo indanga rukumbi n'amakuru z'ukoresha murandasi koherezwa na mugabuzi y'urubuga rwa murandasi, ikakoherereza inshakisha, kakabikwa ku gikoresho cy'ukoresha ikoranabuhanga, bigafasha urubuga rwa murandasi kubika ku urusurara nk'inshuro yasuye, indimi

akunda, ibiri ku rupapuro yaguriyeho, bityo gushaka amakuru yihariye nyayo kandi yakoresha biroroha.

**Indangabikorwa z'inkoranabuhanga** (indâangabikorwâ z'îinkôranabûhaânga). Eng: **Menu-driven software**. Fr: **Logiciel piloté par menu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu runaka ya mudasobwa ishoboza abayikoresha kubona ibikorwa bitandukanye batabanje kujya kubishaka ahabanza.

**Indangabukana** (inseseengurabukana). Eng: **Intensity descriptor**. Fr: **Descripteur d'intensité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho y'inkoranabuhanga igaragaza muri make imiterere y'ubukana bw'ahantu cyangwa ikintu kiri mu ishusho. Ifata amakuru yerekeye urwego rw'ubukana muri ako gace, bigatuma arigitima (algorithms) zigereranya kandi zigasesengura ibikubiye mu ishusho.

**Indangabwoko bwa fishiye** (indâangabwôoko bwaa fishiye). Eng: **File extension**. Fr: **Extension de fichier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyuguti ziba ku mpera y'izina rya dosiye zigaragaza ubwoko bwa fishiye n'uko porogaramu iyifungura.

**Indangacyiciro cy'akazi** (indaangacyiiciiro cy'âkazi). Eng: **Session token**. Fr: **Jeton de session**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Indanga yihariye yahanzwe ikorwa iyo ukoresha mudasobwa agiye ku rubuga rwa murandasi cyangwa ku nkoranabuhanga, ikaba ituma urwungano (sistemu) rumenya rukanacunga ibikorwa by'ukoresha mudasobwa ku mapaji menshi cyangwa ku byo yasabye muri icyo gihe ari kuri mudasobwa.

**Indangafishiye** (indaangafishiye). Eng: **File descriptor; descriptor**. Fr: **Descripteur de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Indangakintu yihariye imbenezamikorere iha ifishi iyo ifunguwe bwa mbere, igatuma za gahunda zishobora gukorana n'amafishiye, urucomekero cyangwa ubundi buryo bwinjiza bukanasohora amakuru, hagamijwe ko imbenezamikorere igira icyo ikora ku mafishi.

**Indangagikoresho koranabuhanga** (indâangagikoreesho kôranabûhaânga). Eng: **Hardware token**. Fr: **Jeton matériel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rw'ibanga ngendanwa rukoresha mu iyemeza ry'urwungano.

**Indangakwinjira** (indâangakwîinjira). HI: Eng: **Login credentials**; credentials; login ID. Fr: **Identifiant de connexion**; identifiant. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibintu bitandukanye koranabuhanga bikoreshwa mu ihuzanzira bigizwe n'ingaragazabwite nyazina n'ijambo banga bikoreshwa mu gusuzuma ibiranga ugiye kwinjira mu nzungano z'iyemeza, bikamuha uburenganzira bwo kwinjira mu nzungano koranabuhanga, mu ihuzanzira no mu nkoranabuhanga nkoreshwa.

**Indangamabara ya YUV** (indâangamâbara YUV). Eng: **Delta YUV** (DYUV). Fr: **Delta YUV** (DYUV). NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishyirwaho ry'ibimenyetso nyamabara bitandukanya amakuru nyarumuri (Y) ya televiziyo idafite amabara n'amakuru y'amabara (U na V) bya televiziyo ifite amabara, bigatuma hagabanuka ingano y'amakuru.

**Indangamakuru** (indâangamâkurû). Eng: **Uniform Resource Identifier** (URI); Link. Fr: **Identifiant de ressources uniformes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho koranabuhanga cyifashishwa mu gutahura izina ry'igikoresho (nk'inyandiko) n'aho gihereye mu buryo buhamye kandi busobanutse hifashishijwe inyuguti zigize izina rya dosiye cyangwa inzira yerekana aho dosiye ibikwa, bityo indangagikoresho itanga uburyo buhamye bwo gufasha izindi mudasobwa zikabona ibyo bikoresho hifashishijwe ihuzanzira cyangwa murandasi.

**Indangamikoreshereze y'inkoranabuhanga** (indâangamîkorêshereze y'înkôranabûhaânga). Eng: **Software user manual**. Fr: **Manuel d'utilisation d'un logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko ikubiyemo amabwiriza n'imikorere ya porogaramu cyangwa sisitemu runaka.

**Indangamimerere** (indâangamîmerêre). Eng: **Descriptor**. Fr: **Descripteur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Intambwe ya mbere mu kuvumbura isano iri hagati y'utunyangingo foto turi mu ishusho koranabuhanga n'ibyo abantu bibuka nyuma kuba bitegereje ishusho cyangwa itsinda ry'amafoto nyuma yaho iminota mike.

**Indangaminsi n'isaha** (indâangamiinsî n'îisâahâ). HI: **Itariki n'isaha** (itârîkî n'îisâahâ). Eng: **Date and time**; Date & Time. Fr: **Date et heure**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ntangagihe zigaragaza amakuru hashingiye ku masogonda cyangwa

imitarukire y'isaha ishingiyeye kuva igihe runaka kigenewe mudasobwa iriho ikoreshwa cyangwa cy'urubuga ruriho rukoresha.

**Indangamitere y'uduce tw'ifoto** (indâangamitéêrere y'ûducê tw'ifoto). Eng: **Local descriptor**. Fr: **Descripteur local**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoreshwa mu mu kugaragaza intera nyamumaro ya za vegiteri nyinjiza hagamijwe itondeka, hatarinze haba icagagura ry'ishusho mo ibipande kandi bukaba bwiza mu kugaragaza imbibi mu gukosora ishusho.

**Indangamiterere shusho** (indâangamitéêrere shusho). Eng: **Texture Descriptor**. Fr: **Descripteur de texture**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere ikoreshwa mu ikoranabuhanga mu gufata ibimenyetso nyamiterere rusange y'imiterere y'amafoto mu gusesengura ibigiye bisa nko mu mabara, ibyerekezo, umujyo w'amashusho y'imiterere kugira ngo bitange ishusho mbaruramibare y'imiterere.

**Indangamiterere y'ifoto yose** (indâangamitéêrere y'ifoto yôose). Eng: **Global descriptor**. Fr: **Descripteur global**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Vegiteri ndangamimerereiranga ishusho yose cyangwa cyayo aho kuranga uduce duto twayo.

**Indangamiterere y'ubwoko bw'amakuru** (indâangamitéêrere y'ûubwôoko bw'âmakurû). Eng: **Data type descriptor; type descriptor**. Fr: **Descripteur de type de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere irimo amakuru asobanura amakuru, agakoreshwa mu gukora indundo cyangwa imiterere nyamubyimba muri za mudasobwa, urugero iyo havugwa ahabikwa izina ryayo, izina ry'ifishi n'ahabikwa amakuru.

**Indangamudasobwa** (indâangamûdasobwâ). Eng: **Computer identity**. Fr: **Identité informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: **Ibimenyetso cyangwa amakuru yihariye bifasha kumenya mudasobwa cyangwa uyikoresha mu miyoboro y'ikoranabuhanga.**

**Indangamuntu koranabuhanga** (indaangamuuntu kôranabûhaângâ). Eng: **SMART National ID**. Fr: **Carte d'identité nationale SMART**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Icyangombwa gikoresha ikoranabuhanga mu kubona serivisi za Leta no kumenyekanisha umuturage.

**Indangamuntu koranabuhanga** (indaangamuuntu kôranabûhaânga). HI: **Ikarita ya SDID** (ikarîta yâ SDID). Eng: **Single Digital Identification Card**; SDID card. Fr: **Carte SDID**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Icyangombwa gifatika cyangwa umubare koranabuhanga bihabwa umuntu wemejwe mu gitabo cya SDID.

**Indangantondekamabara** (indâangantôondekamâbara). Eng: **Color layout descriptor** (CLD). Fr: **Descripteur de disposition des couleurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo amabara akwirakwizwa mu ishusho cyangwa se bikaba uburyo bwo gukuramo imiterere bugizwe n'ibice bibiri: guhitamo amabara ahagarariye ayandi hakoreshejwe giriye hamwe n'uburyo bwo guhindura kosine hifashishijwe ingano.

**Indanganyabubiri** (indaanganyabûbiri). Eng: **Binary descriptor**. Fr: **Descripteur binaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imigaragarire itsitse y'inkosoranyandiko cyangwa ahantu h'ishusho ku buryo bw'urukurikirane nyabubiri buturutse mu igerereranya ry'ubukana bw'utunyangingo foto ku hantu hagenwe mbere hafashweho nk'indango y'inkosoranyandiko.

**Indanganzira shusho** (indaanganzira shusho). Eng: **Virtual Path Identifier** (VPI). Fr: **Identificateur de chemin virtuel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umutwe w'imyanya 8 uba muri buri ngirangingo y'uburyo burobanuye nyimuramakuru, bukaba ari uburyo bwo kohereza amakuru ku buryo bw'udupaki cyangwa udupfunyika dufite ingano imwe, dukunda gukoreshwa n'ibigo ntangaserivisi za murandasi byohereza amakuru ya mudasobwa nkiriya.

**Indangarubuga** (indâangarûbuga). Eng: **Top-level domain** (TLD). Fr: **Domaine de premier niveau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cya nyuma cy'izina ry'urubuga, kiba inyuma y'akadomo ka nyuma mu mazina y'imbuga.

**Indangaserivisi koranabuhanga ngera kuri bose** (indaangaseriviîsi kôranabûhaânga ngêra kurî bôose). Eng: **Universal Description Discovery Integration**. Fr: **Intégration de la découverte de description universelle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukomatanyije abantu bakoresha bahuza ndetse bashyiraho ubucuruzi n'indi mirimo itandukanye ku buryo bwa murandasi butaziguye.

**Indangashakiro** (indaangashaakiro). Eng: **Search icon**. Fr:  **Icône de recherche**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akamenyetso gakoreshwa mu gushakisha amafishiyeye cyangwa porogaramu muri mudasobwa.



**Indango y'ikigo cy'ubucuruzi** (indaango y'ikigô cy'ûbucûruuzi). Eng: **Business Directory**. Fr: **Annuaire d'entreprise**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Urubuga rw'ikoranabuhanga ry'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa urutonde rucapye ruriho amakuru atondeka ibigo mu byiciro bishingiye ku hagaragara ko nta hangana mu bucuruzi rihari.

**Indebero** (indeebero). HI: **Ingaragazamashusho** (ingaragazamahusho); **ingaragaza** (ingaragaza); **mugaragaza** (mugaragaza); **mwerekana** (mweerekana). Eng: **Computer Screen**; Computer Monitor; Computer Display; Screen; Monitor; Visual Display Unit (VDU); Video Graphics Array (VGA). Fr: **Écran**; moniteur d'ordinateur; moniteur; unité d'affichage visuel; Matrice graphique de vidéo. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice kirambuye cy'igikoresho ngaragazamashusho giherekeza mudasobwa gikozwe n'ibice bihekeranye bituma haboneka imiterere ya ngombwa igaragaza ishusho kuri icyo gikoresho.



**Indebero jisho** (indeebero jîsho). ENG: **Optical viewfinder**, Fr: **Viseur optique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Igice cy'imfatahusho ureberamo ukoresheje amaso kugera ku mboni ya kamera kugira ngo ubone neza ishusho ugiye gufata, aho gukoresha indi ndebero ya kamera iba iyometseho.



**Indebero ngaragazabara** (indeebero ngâragazabâra). Eng: **Color monitor**. Fr: **Moniteur en couleurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Insohoramakuru igaragaza amashusho, inyandiko n'amavidewo biri mu mabara atandukanye hakurikije iimpuzamabara ya RGB.

**Indebero nkorashusho** (ireebero nkoramashusho). Eng: **Digitizer**; graphics tablet; drawing tablet. Fr: **Numériseur**; tablette graphique; tablette à dessin. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho

kigufasha kwinjiza ibishushanyo hamwe n'inyardiko zandikishijwe intoki muri mudasobwa.

**Indebero ya LCD** (indebero ya LCD). HI: **Ingaragaza ya LCD** (ingaragaza ya LCD); **ingaragaza nkorwaho** (ingaragaza nkôrwahô). Eng: **Liquid crystal display** (LCD), LCD Monitor. Fr: **Écran à cristaux liquides**; affichage à cristaux liquides; écran LCD. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Ubwoko bw'indebero bukoresha ikoranabuhanga rya LCD mu kugaragaza amashusho cyangwa inyandiko.

**Indebero ya tereviziyo** (indebero ya tereviziyô). HI: **Ingaragazamashusho ya televiziyo** (ingaragazamashusho ya televiziyô). Eng: **TV Monitor**; monitor. Fr: **Moniteur de télévision**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'irebero rishashe rikoresha imiraba ya LCD/LED nk'urwungano nyerekanamashusho rwa mudasobwa.

**Indebero ya Trinitron** (indebero ya Trinitron). Eng: **Trinitron**. Fr: **Trinitron**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'indebero bwakozwe na Sony mu wa 1968, bukaba bukoresha uburyo bwihariye bwo kwerekana amashusho asukuye.



**Indebero y'ukoresha inkoranabuhanga** (indebero y'ûkoreesha inkôrânabûhaânga). HI: Uruganiro rw'ukoresha inkoranabuhanga (Urugaaniro rw'ûukôreesha inkôrânabûhaânga). Eng: **Graphical user interface** (GUI); Graphical interface; Graphical control element. Fr: **Interface utilisateur graphique**; utilitaire graphique; élément de contrôle graphique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Aho abakoresha mudasobwa baganirira n'inkoranabuhanga hakoreshejwe ibimenyetso biboneshwa amaso aho kuba amategeko y'inyandiko.

**Indemabara** (indêmabâra). Eng: **Chroma**; chrominance. Fr: **Chrome**; chrominance. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igipimo cy'umwimerere w'ibara.

**Indemashusho** (indemashusho). Eng: **Pixel**. Fr: **Pixel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe cy'ibara gito cyane gishobora gukoreshwa mu nkoranabuhanga nko muri gahunda y'irebero rya mudasobwa cyangwa mu ishusho rya mudasobwa.


**Indemo** (indemo). HI: **Amakuru atunganyijwe** (amakuru atunganyijwe). Eng: **Content**. Fr: **Contenu**. NK: **Isakazabumenyi koranabuhanga**. SH: Ijwi, inyandiko, ishusho riri hamwe, ishusho rigenda cyangwa ubundi buryo bwose bukomatanya amajwi n'amashusho, ubutumwa bukoresha ibimenyetso by'intoki, cyangwa uburyo bukomatanya uburyo bwose bumaze kuvugwa bushobora gukorwa, gufatwa, kubikwa, kongera kuboneka cyangwa kugezwa ku bandi mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Indindabutumwa budakenewe** (indiindabutumwa budakenewe). Eng: **Antispam**. Fr: **Anti-spam**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igamije kugenzura no guhagarika imeri zishobora guteza ibibazo ziturutse mu bubiko bwanyirayo.

**Indindampuzanzira** (indiindampuzanzira). Eng: **Firewall**. Fr: **Pare-feu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano ndindamutekano huzanzira rucunga rukanagenzura itambuka ry'amakuru, haba ari ayinjira n'asohoka hashingiwe ku mategekoko y'umutekano asanzwe agenwe.

**Indangamwimereri** (indangamwimereri). Eng: **Watermark**. Fr: **Filigrane**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikimenyetso gishyirwa ku rupapuro cyangwa inyandiko kigaragara iyo kerekejwe ku rumuri kirinda ko iyo nyandiko cyangwa urupapuro byakiganwa mu buryo butemewe.

**Indinganizajwi** (indinganizajwi). Eng: **Equalizer (EQ)**. Fr: **Égalisateur**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Igikoresho cyifashishwa mu gushyira ku murongo ubwiyongere bw'amajwi no kuyashyira ku bipimo bitandukanye kugira ngo urwunge rwayo runogere amatwi bitewe n'uko yifuzwa kumvwa.



**Indondoramakuru y'indindampuzanzira** (indondoramakuru y'indiindamudasobwa). Eng: **Firewall log**. Fr: **Journal du pare-feu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iyandikwa ry'uburyo indindamudasobwa icunga amoko atandukanye y'ibihita, indangambonezanzira n'inkomoko n'iz'aho ubutumwa bujya,

imbonezanzira, numero z'inzira n'icungwa ry'umutekano w'amakuru n'ibiyabaho mu rwego rwo koroshya igenzura ry'igitero.

**Indongororajwi ya Dolby** (indôngororajwi). Eng: **Dolby Audio**. Fr: **Dolby Audio**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi** SH: Ni ikoranabuhanga rikoresha uburyo bwo kunoza amajwi ku rwego rwo hejuru harimo no kunoza ubwirangire n'ingufu by'ijwi. Ubu buryo bukaba bukoreshwa cyane mu matereviziyo na mudasobwa zigendanwa bigezweho.

**Inyongerangano/ingabanyangano y'amakuru** (inyongerangano/ingabanyangano y'âmakurû). Eng: **Compressor-decompressor** (Codec). Fr: **Compresseur-décompresseur**. (Codec). NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwa porogaramu bukoreshwa mu gukanda no gukuramo amakuru y'amajwi n'amashusho mu buryo bwa digitale, bigatuma amakuru abikwa neza, yoherezwa, kandi agakinwa neza.

**Ingabanyarebero** (igabanyarebero). Eng: **Pane**. Fr: **Pane**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu gikoreshwa mu gushushanya gifasha ekara cyangwa idirishya kugabanywamo ibice byinshi, buri gice kigaragaza ibikubiye mu nyandiko icyarimwe.

**Ingamba z'ubwirinzi** (ingaâmba z'ûubwîiriinzi). Eng: **Security measure**. Fr: **Mesure de sécurité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingamba z'umutekano mu itumanaho mu kurinda amakuru y'ibanga gukoreshwa n'utabiherewe uburenganzira, cyangwa agahindura, agahanagura cyangwa agatangaza ayo makuru y'ibanga.

**Inganda koranabuhanga** (ingaânda kôranabûhaânga). HI: Eng: **Digital industry**. Fr: **Industrie numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ikoranabuhanga rigezweho ryifashishwa mu bucuruzi n'ibindi bikorwa bibushamikiraho harimo inganda zitunganya ibicuruzwa n'izitanga za serivisi runaka.


**Ingaragaro** (ingaragaro). HI: **Imigaragarire** (imigarâgarire). Eng: **View**. Fr: **Vue**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'isi shusho bwerekana uko amakuru yatangajwe cyangwa yeretswe ukoresha mudasobwa cyangwa se ni uburyo bwo kugaragaza mu rwungano cyane cyane imbikamakuru n'uruganiriro rw'ukoresha mudasobwa.

**Ingaragazambago** (ingaragazambago). HI: **Ingaragaza** (ingaragaza). Eng: **Boundary representation** (B-rep; BREP). Fr: **Représentation des**

**limites.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uburyo bukoreshwa mu bishushanyo bya mudasobwa no mu gukora amashusho ya 3D, bwo gusobanura ishusho y'ikintu gikomeye hifashishijwe imbibi zacyo, nko mu maso, imirongo, n'utudomo.

**Ingaragazambere y'icapwa** (ingaragazambere y'icapwa). Eng: **Print preview.** Fr: **Aperçu avant impression.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uburyo porogaramu ya mucapyi ifasha abayikoresha kureba uko inyandiko iri bugaragare nisoherwa.

**Ingaragazamikoro** (ingâragazamîkoro). Eng: **Task View.** Fr: **Affichage des tâches.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Agashusho ndanga kerekana amadirishya yose afunguye kuri mudasobwa.



**Ingaragazamiterere** (ingâragazamîteêrere). Eng: **Display attribute.** Fr: **Attribut d'affichage.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Imfatashusho isobanura ishusho, ingano n'ibara ry'inyandiko cyangwa igishushanyo bigaragara ku nsakazamashusho.

**Ingaragazamiterere y'imiraba** (ingâragazamîteêrere y'imirâba). Eng: **Wave form monitor; waveform scope.** Fr: **Moniteur de forme d'ondes; oscilloscope de forme d'ondes.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga gikoreshwa kwerekana no gusesengura imiterere, urwego, n'igihe cy'ibimenyetso bya video cyangwa audio mu ishusho y'imiraba, bigafasha abatekinisiye kugenzura ubuziranenge n'ubunyangamugayo bw'ibimenyetso.

**Ingaragazandiba y'indebero** (ingâragazandîba y'indeebero). Eng: **Background; desktop background; desktop picture; desktop image.** Fr: **Fond d'écran.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ifoto cyangwa igishushanyo kigaragara; mu ngaragazamashusho nk'umutako mu gihe ifunguye.



**Ingarani** (ingaraani). HI: **Puberi** (pubeêri). Eng: **Trashcan; recycle bin; trash bin; dustbin; wastebasket.** Fr: **Poubelle.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Gahunda ya mudasobwa ibika ibidakenewe mu gihe gito byasibwe, kugira ngo nihabaho kwivuguruza uwasibye abe yabigarura cyangwa abikureho burundu.

**Ingaruramakuru koranabuhanga** (ingâruramâkurû kôranabûhaânga). Eng: **Recovery Console.** Fr: **Console de récupération.** NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikoresho gifasha abayobozi gukora imirimo mike biciye mu ruganiriro imbere y'amategeko, bigafasha abakoresha mudasobwa kugarura inshobozi igihe habaye ikibazo gikomewe.

**Ingaruzi** (ingaruzi). Eng: **Restore Down.** Fr: **Restaurer.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Akantu gakoreshwa mu kugarura inyandiko cyangwa porogaramu kuri mugaragaza.

**Ingenabukenkemure** (ingênabûkeênkemure). Eng: **Exposure latitude.** Fr: **Latitude d'exposition.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: icyiciro cy'urumuri kamera ishobora gukomeza gufata amashusho yakoreshwa, uherye ku hijimye kugera ahabona cyane.

**Ingenahuriro** (ingênahûuriro). HI: **Ihuzabikoresho** (ihûuzabikoreesho). Eng: **Handshaking.** Fr: **Établissement de liaison.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Gutuma igikoresho na mudasobwa bihuzwa bigahererekanya ubwumvikane bw'imikoreranire bitewe n'uko hagenzuwe ko ibyangombwa byuzuye kugira ngo bikorane.

**Ingenamikorere imwe** (ingênamîkorêre imwê). Eng: **Monoprogramming system.** Fr: **Monoprogrammation.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Urwungano rukora imirimo yarwo ku buryo bw'ibice byuzuzanya hifashishijwe ubushobozi buke, bigatuma hakorwa gahunda imwe gusa.

**Ingenamikorere koranabuhanga (ingenamikorere koranabuhanga).** HI: **Igenamikorere nyandimi** (igênamîkorêre nyaandîmi). Eng: **Programming Language; programming code.** Fr: **Langage de programmation; code de programmation.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ikoraniryo ry'amabwiriza yanditswe n'umugenamikorere ya mudasobwa kugira ngo ahe amabwiriza mudasobwa na yo ibashe gukora no gutunganya igikorwa runaka, ayo mabwiriza aba ari nyamibare atumvwa na buri wese, akaba yubatswe ku buryo burongoroye afite imiterere ngenamikorere nyandimi aboneye.

**Ingenamikorere nyandiko** (ingênamîkorêre nyandiko). Eng: **Script.** Fr: **Script.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ubwoko bwa gahunda ya mudasobwa usanga ari urukurikirane cyangwa urutonde rw'amategeko akurikizwa na mudasobwa, aba ari mu ipaji yo ku rubuga,

agasigurwa kandi agakoreshwa na gahunda ya mudasobwa cyangwa inyandika.

**Ingenamikorere ya Java** (ingênamikorêre ya Java). Eng: **Java**. Fr: **Java**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi rw'ikoranabuhanga n'ikoranabuhanga rikoresha porogaramu zitandukanye, ridafite urubuga, kandi rikoresha ibintu bitandukanye.

**Ingenamikorere ya mudasobwa** (ingênamikorêre ya mûdasobwâ). Eng: **Computer programming**; computer program; Programming Language; computer coding; coding. Fr: **Programmation**; programme informatique; codage. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwa gihanga buha amakuru mudasobwa bukayereka ibikorwa bigomba gukorwa kugira ngo ikibazo cyari gihari gikemuke, ubu buryo butuma umuntu aganira na mudasobwa, akayiha amategeko agennye mu rurimi mudasobwa zishobora kumva.

**Ingenamupaka ntangazamakuru** (ingênamûpakâ ntâangaazamâkurû). Eng: **Limitier**. Fr: **Limiteur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho kigabanya cyangwa se kikongera ingano y'imiyoboro nsakazamashusho idahuye n'ibyagenwe.

**Ingenashusho rya mudasobwa** (ingênashusho rya mûdasobwâ). Eng: **Computer-Aided Design (CAD)**; CAD software. Fr: **Conception assistée par ordinateur (CAO)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubundi buryo bwo gukoresha ikoranabuhanga mu gushushanya, kunoza umusaruro n'ireme ry'igishushanyo, no gukoresha neza itumanaho binyuze mu kwandika no guhanga ububiko bw'amakuru.

**Ingenabikoresho by'umuziki** (ingêengabikoreesho by'ûmuzikî). Eng: **Musical instrument digital interface (MIDI)**. Fr: **Interface numérique pour instruments de musique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igipimo ngenderwaho cya tekiniki gisobanura protokore y'itumanaho, ikoranabuhanga, n'ibikoresho by'amashanyarazi bihuza ibikoresho byinshi bya muzika bya elegitoroniki, mudasobwa, n'ibikoresho by'amajwi bifitanye isano kugira ngo bicurange, bitunganye, kandi bifate umuziki.

**Ingenamajwi n'amashusho** (ingêengamâwi n'âmashusho). Eng: **Media control interface**. Fr: **Interface de contrôle multimédia**. NK:

**Urusobe ntangamakuru.** SH: Urwungano rugenga amakuru ari ku gikoresho gishyizwe muri mudasobwa.

**Ingenyamenyeshya** (ingeengamenyeesha). Eng: **Notification Manager**. Fr: **Gestionnaire de notifications**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Serivisi ya sisitemu ishinzwe gucunga no kwerekana amamenyeshya ava kuri porogaramu.

**Ingenzuramikorere** (igêenzuuramîkorêre) HI: **Sisitemu y'ubugenzunzi** (siisiteêmu y'ûbugenzuunzi). Eng: **Monitoring System**. Fr: **Système de surveillance**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu ikurikirana uko urubuga cyangwa sisitemu y'amakuru ikora no kumenya ibibazo by'umutekano.

**Ingenzuramivugire** (ingêenzuuramîvugîre). Eng: **Spell Checker**. Fr: **Correcteur orthographique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ifasha gusuzuma no gukosora amakosa y'imyandikire mu nyandiko.

**Ingenzuramutungo koranabuhanga** (ingêenzuuramûtuungo kôranabûhaânga). Eng: **Provisioning Manager**. Fr: **Gestionnaire de provisionnement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cya mudasobwa gitanga ubushobozi kigenzura umutima wa mudasobwa kigakora ibisabwe haba ari ugutanga uburenganzira cyangwa kubukuraho bishingiye ku mabwiriza yatanzwe n'uburyo umutima wa mudasobwa uteguye.

### **Ingenzurantemberezi**

(ingeenzuuranteemberezi). Eng: **Trackpad**; touchpad. Fr: **Pavé tactile**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho ngaragaza gikozwe cyane cyane ifite ubuso bushashe ibona umuyego n'imihagararire y'intoki z'ukoresha mudasobwa, kikabihinduramo imiyego nyabuso (2D) kugira ngo kigenzure akayoborambeba mu gikoresho cy'amashusho ku irebero rya mudasobwa.



**Ingenzurarumuri** (ingeenzuurarumuri). Eng: **Dimmer**. Fr: **Variateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga kigabanya urumuri.

**Ingenzuzi remezo** (ingenzuuzi remezo). Eng: **Central control device**. Fr: **Unité de contrôle centrale**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igice cy'uburyo bw'itumanaho buhuriweho bukusanya kandi bugatanga amakuru kugira ngo bucunge kandi bugenzure ibintu byinshi.

**Ingenzuzi y'amashusho** (ingenzuuzi y'amashusho) Eng: **Display controller**; video display controller; display engine. Fr: **Contrôleur d'affichage**; moteur d'affichage; contrôleur d'affichage vidéo. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Intwaramakuru ihuza intima cyangwa ikarita ngaragazashusho bya mudasobwa n'indebero, igacunga ibigaragazwa inabihuza kandi ikayobora imiraba ya videwo y'imbikamakuru igana ku ndebero, bityo ikagenzura ubukenkemuke bw'amashusho, amabara n'urumuri rw'imbere mu ishusho.

**Ingufu zeru z'iyinjiza** (ingufu zeêru z'iyinjiza). HI: **Imbaraga z'iyinjiza za zeru** (imbâragâ z'iyinjiza zaa zeêru). Eng: **Zero Insertion Force (ZIF)**. Fr: **Force d'insertion zéro (ZIF)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'umuhuza ukoreshwa muri mudasobwa kugira ngo byoroshye kwinjiza no gukuramo utubumbe tw'amashanyarazi twashyizwe hamwe nta kuyangiza.

**Inguzanyo koranabuhanga** (inguzanyo kôranabûhaânga). Eng: **Digital loan**. Fr: **Prêt numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Urukomatane rw'imikorere mu isaba, itunganya, iyemeza n'ishyirwa kuri konti ry'inguzanyo ku buryo bw'iyakure kandi bwihuse ndetse bunizewe hatagize urupapuro rukoreshwa cyangwa kujya ku cyicaro cya banki.

**Inguzanyo yo kuri telefoni** (inguzanyo yô kuri telefoôni). Eng: **Mobile loan**. Fr: **Prêt mobile**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Serivisi y'imari yo mu ikoranabuhanga ituma abayikoresha basaba bakanemererwa ndetse bakanahabwa inguzanyo nto y'igihe gito biciye muri terefoni ngendanwa hifashishijwe inkoranabuhanga zo muri terefoni, hifashishijwe kode za USSD cyangwa SMS, bitabaye ngombwa kujya ku cyicaro cya banki.

**Injyanamakuru** (injyanamakuru). Eng: **Bus**. Fr: **Bus**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuyoboro w'itumanaho ibimenyetso bijyaho bikakirwa n'igikoresho gicometse ku ihuzanzira, bukaba ari uburyo bwo kohererezanya amakuru hagati y'ibikoresho bifatika cyangwa inkoranabuhanga hatibagiranye n'imbonezanzira z'itumanaho, byaba bikoze muri mudasobwa imbere cyangwa hagati ya za mudasobwa.



**Inkandirwabumoso** (inkâandirwabûmosô). HI: **Imbarutso y'ibumoso** (imbârutso y'ibumosô); **ikanda ry'ibumoso** (ikaanda ry'ibumosô). Eng: **Left click**; main click; default click. Fr: **Bouton gauche**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akabuto k'ibanze k'imbeba gakoreshwa bagakanda, batoranya imbonera, bakanyereza kugira ngo bagaragaze icyane ijamba cyangwa ikintu kandi gakora nk'akayoborambeba.

**Inkandirwaburyo** (inkâandirwabûryô). HI: **Imbarutso y'iburyo** (imbârutso y'iburyô); **ikanda ry'iburyo** (ikaanda ry'iburyô). Eng: **Right click**; secondary click. Fr: **Bouton droit**; clic droit. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akabuto kungiriza ubusanzwe gafungura inzira ya bugufi kaganisha ku ngingo z'ibikorwa, kagatanga amahitamo yerekeye amafishiye, indangabikorwa cyangwa agace k'irebero akanyerezo ngaragazahantu gaherereyemo.

**Inkengero mfatiranzira** (igikôreesho mfatiranzira). Eng: **Head end**. Fr: **Périphérique de tête de réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyo kugenzura gikenewe n'imiyoboro imwe n'imwe (urugero, imiyoboro ya hafi (LAN) cyangwa imiyoboro yo mu gace k'umujyi (MAN)).

**Inkeshafoto** (inkeeshafoto). Eng: **White Balance**. Fr: **Balance blanche**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Imiterere myiza y'ingano y'umweru ibuza amashusho kugira ibara runaka, nk'icyatsi kibisi giterwa n'amataru ya fluorescent.

**Inkeshashusho** (inkeeshashusho). Eng: **Active-matrix**. Fr: **Matrice active**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'ikoranabuhanga ryo kwerekana, rikunze gukoreshwa mu ndebero ya LCD na OLED, aho buri ndemashusho igenzurwa ukwayo n'intuburamiraba nyatwugara (TFT) n'akabikamuriro.

**Inkingi** (inkîngi). Eng: **Pylon**. Fr: **Pylône**. NK: **Ikorabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho kirekire gishyirwaho inzungano zitandukanye nka nteni, insakazamajwi, n'insinga z'amashanyarazi.



**Inkingiransinga** (inkîngiransiînga). Eng: **Cable duct**. Fr: **Goulotte de câble**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu gitwikirizwa insinga cyangwa se aho zinyura kugira ngo bibe byazirinda kwangirika.

**Inkomatanyabitsibo** (inkômatanyabitsibo). Eng: **Thesaurus**. Fr: **Thésaurus**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko yerekana amagambo atandukanye asobanura kimwe mu gihe cyo kunoza inyandiko.

**Inkomatanyambuga** (insomanyandiko ya mûraandasî). HI: **WWW** (www). Eng: **World Wide Web; WWW; W3; web**. Fr: **World Wide Web; toile**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urwungano rw'amapaji ya murandasi ahujijwe kandi ashobora kugerwaho ahuza inyandiko n'amashusho bihujijwe byo mu isi yose.

**Inkomatanyanzira** (inkomatanyanzira). Eng: **Network hub**; Fr: **Hub**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho kiba hagati y'ibindi bikoresho byo ku mpera kikabihuza, byaba ari za mudasobwa cyangwa ibindi bikoresho, kikaba umutwe w'ihuzanzira rya hafi ku buryo buri gikoresho kiwucometseho ugisangiza amakuru ubonye.

**Inkopororamakuru** (inkôpororamâkurû). Eng: **Hard Copy Device**. Fr: **Dispositif de copie papier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gicapa amakuru koranabuhanga, kigakora kopi y'amakuru ifatika, twavuga nk'incapanyandiko nka mucapyi, fax, proter, imashini zandika ku bikoresho cyangwa imyenda, ...

**Inkoramapaji ashyingurwa** (inkôramâpaâji ashyîngurwa). Eng: **Active Server Page (ASP)**. Fr: **Page de serveur actif**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga yandika ikanashyingura inyandiko ikoreshwa mu kwandika amapaji yo ku mbuga za murandasi ku buryo indemo ishobora gukorerwamo no guhindurwa.

**Inkoramibare** (inkôramîbarê). Eng: **Arithmetic unit (AU)**. Fr: **Unité arithmétique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cy'ishami

rishinzwe gutunganya amakuru rikora ibikorwa by'imibare ku magambo y'amabwiriza ya mudasobwa.

**Inkoramirimo itimurwa** (inkoramirimo itimûrwa). Eng: **Workstation**. Fr: **Poste de travail**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa yateguriwe gukora urwunge rw'imirimo yihariye nko gukosora amafoto, gufata amajwi, ikorwa rya za videwo.

**Inkoranabuhanga** (inkôranabûhaânga). HI: **Porogaramu** (porogaraâmu). Eng: **Computer software**; Computing software; software; computer program; Program. Fr: **Logiciel informatique**; logiciel; programme informatique; programme. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gahunda iha amabwiriza mudasobwa hifashishijwe ibikoresho koranabuhanga byihariye nk'intunganyanyandiko, ikigega cy'amakuru cyangwa sisitemu y'imikorere, ikaba yakora imirimo yihariye inyuranye.

**Inkoranabuhanga ya Alpha** (inkôranabûhaânga arufâ). Eng: **Alpha Software**. Fr: **Logiciel alpha**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bwa mbere bw'inkoranabuhanga, yahindagurikaga mu gihe hatangiraga gukorwa inkoranabuhanga, ubu intigenewe abantu muri rusange, ikoreshwa n'abakora inkoranabuhanga mu igeragezwa ry'inkoranabuhanga nshyashya kugira ngo babone imikorere yayo y'imbere ngo barebe ibibazo bikomeye ifite mbere y'uko basozwa ikorwa ryayo.

**Inkoranabuhanga beta** (inkôranabûhaânga betâ). Eng: **Beta Software**. Fr: **Logiciel bêta**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Verisiyo ya porogaramu itarashyirwa ku isoko ku mugaragaro, ihabwa abakoresha kugira ngo bayigerageze, batange ibitekerezo, kandi bafashe kumenya amakosa n'ibibazo mbere y'uko isohoka burundu.

**Inkoranabuhanga ifunguye** (inkôranabûhaânga ifuunguuye). Eng: **Open-source software (OSS)**. Fr: **Ordinateur à source ouverte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga itangazwa ku buryo butangiwe uruhushya aho uhawe uburenganzira bw'umutungo w'igihangano aha abarukoresha uburenganzi bwo gukoresha igihangano, gusesengura no guhindura ndetse no gusakaza iyo nkoranabuhanga hamwe n'ururimi yahanzwemo bigahabwa umuntu uwo ari we wese ushaka kurukoresha.

**Inkoranabuhanga ifunguye y'ubuntu** (inkôranabûhaânga ifûunguuye y'ûbuntu). Eng: **Free and Open Source Software (FOSS)**. Fr: **Logiciel à source libre et ouvert**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ifite ubushobozi bwo kwemerera uyikoresha kwiga, gukoresha no kuvugurura imiterere yayo akoresheje kode zayo isanganywe.

**Inkoranabuhanga ngaragazashusho neukumbuzi** (inkôranabûhaânga ngaragazashusho ncukuumbuzi). Eng: **Scientific visualization software**. Fr: **Logiciel de visualisation scientifique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu nyabumenyi yerekana amashusho ikomatanya imikorere y'ubushakashatsi hamwe n'ibisubizo by'ikigereranyo kugira ngo ikore neza yerekana imiterere ya sisitemu ifatika.

**Inkoranabuhanga ngenarurimi rwa mudasobwa** (inkôranabûhaânga ururîmi rwaa mûdasobwâ). Eng: **Coding tool**. Fr: **Outil de codage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ikoreshwa mu guhanga, mu guhindura, mu kugerageza no mu gucunga gahunda z'ikoranabuhanga.

**Inkoranabuhanga ngome** (inkôranabûhaânga ngomê). HI: **Inkoranabuhanga yangiza** (inkôranabûhaânga yaangîiza). Eng: **Malicious software; Malware**. Fr: **Logiciel malveillant**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'inkoranabuhanga ikorerwa kwangiza urwungano rwa mudasobwa cyangwa ihuzanzira cyangwa se kubyigarurira ikabikoresha.

**Inkoranabuhanga nkorerakure** (inkôranabûhaânga nkorerakure). Eng: **Anydesk**. Fr: **AnyDesk**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inkoranabuhanga yo mu biro ikoreshwa ku buryo bw'iyakure kandi ku buryo bwihuta kandi bwizewe ikagira umumaro wo gutuma abayikoresha bagera muri mudasobwa zabo aho baba bari hose, ikaba ari ubuntu ku muntu uyikoresha ku giti cye, bityo ukaba wafasha umuntu ukamukemurira ikibazo cyangwa se ugakorana n'umuntu ku mishanga mutari kumwe.

**Inkoranabuhanga nsesenguzi** (inkôranabûhaânga nsêseenguzi). Eng: **Analytics software**. Fr: **Logiciel d'analyse**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gisesengura ibibazo kugira ngo gifashe ikigo

kumva impamvu ikintu runaka cyabaye, twavuga nk'impamvu igicuruzwa runaka kitakoze uko byari byitezwe.

**Inkoranabuhanga nshakishamakuru** (inkôranabûhaânga nshâakiishamâkurû). Eng: **Archie**. Fr: **Archie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu yemerera abakoresha gushakisha dosiye ziboneka kuri seriveri imwe cyangwa nyinshi za FTP, yakozwe mu 1990 na Alan Emtage muri Kaminuza ya McGill, yemereraga abakoresha kubona dosiye zishobora gukururwa kuri interineti.

**Inkoranabuhanga nteganya nyigirambonwa** (inkôranabûhaânga nteganya nyigirambônwa). Eng: **Machine learning model**; Learning model. Fr: **Modèle d'apprentissage automatique**; Modèle d'apprentissage. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Gahunda ituma hatahurwa ibizaba haherewe ku ndundo y'amakuru runaka, ikubakwa n'imbenezamibare y'iyigiraho rigenzurwa hagakoreshwa uburyo bw'ibara bufata amakuru ku buryo mbonera aturutse mu makuru, bidaciye mu nganyagaciro yagenwe mbere.

**Inkoranabuhanga ntegurakiganiro** (inkôranabûhaânga nteguurakigaaniro). Eng: **Presentation software**; graphics presentation application; presentation graphics program. Fr: **Logiciel de présentation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ya mudasobwa ifasha abayikoresha gutegura ikiganiro cy'imurikabikorwa ry'ubucuruzi yifashishije imbonerahamwe, amashusho cyangwa se inyandiko.

**Inkoranabuhanga ntima nkoranwa** (inkôranabûhaânga ntîma nkoranwa). Eng: **Firmware**. Fr: **Micrologiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Gahunda ikoranwa n'ikoranabuhanga rya mudasobwa igashyirwa mu mbikamakuru kugira ngo ibifashe gukora neza, tuyiasanga mu bikoresho bifotora, muri telefoni ngendanwa, mu makarita mpuzanzira, mu nsomamakuru munyaruko, mu ncapanyandiko, mu ntanganzira, mu nyoherezabutumwa za televiziyo.

**Inkoranabuhanga ntunganyashusho** (inkôranabûhaânga ntuungaanyashusho). Eng: **Image Processing Software**. Fr: **Logiciel de traitement d'images**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho kigenewe gusesengura amashusho koranabuhanga cyangwa kikayahindura mu ikoranabuhanga, kikanakora n'ibindi bikorwa byo kuyatunganya.

**Inkoranabuhanga nyunganira** (inkôranabûhaânga nyuunganira). HI: **Inkoranabuhanga ya ngombwa** (inkôranabûhaânga ya ngoombwâ). Eng: **Utility program**; Utility. Fr: **Logiciel utilitaire**; programme utilitaire; utilitaire. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ishyigikira ibikorwa remezo yagenewe gukora akazi k'umwihariko nko kugenzura, kurinda no kunoza imikorere ya sisiteme ya mudasobwa, ikaba ikinyuranyo cy'inkoranabuhanga nkoresha yagenewe gukora imirimo, yongerera ibikoresho nkoranabuhanga muri murandasi nk'indindamudasobwa, inshakishamakuru n'insomamakuru y'amashusho.

**Inkoranabuhanga nzira nyamamaza** (inkôranabûhaânga ihêrekejwe n'iyâmamaza) Eng: **Advertising-supported software**; adware. Fr: **Logiciel financé par la publicité**; logiciel publicitaire. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu zikina zakorewe ku kwamamaza zikinjira muri mudasobwa igihe porogaramu imaze kwinjizwa mu mashini.

**Inkoranabuhanga remezo** (inkôranabûhaânga remezo). Eng: **System software**. Fr: **Logiciel-système**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingenamikorere yagenewe gukora ibikoresho n'inkoranabuhanga nkoreshwa za mudasobwa no gucunga ibikoresho nk'imbikamakuru zayo, intima zayo n'ibikoresho byayo, umurimo nyamukuru wayo ni uguhuza ibikoresho koranabuhanga n'ukoresha mudasobwa, ikamubashisha gukorana na mudasobwa no gukoresha inkoranabuhanga nkoreshwa.

**Inkoranabuhanga rusange** (inkôranabûhaânga y'imirimo yihâriye). Eng: **Horizontal Market Software**. Fr: **Logiciel de marché horizontal**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Porogaramu yagenewe abantu bose. Urugero inkoranabuhanga ya Office, Word, Excel.

**Inkoranabuhanga y'ihuzanzira** (inkôranabûhaânga y'ihuuzanzira). Eng: **Network software**. Fr: **Logiciel de réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Porogaramu zifashishwa mu guhuza sisitemu z'uri gukoresha mudasobwa n'ihuzanzira.

**Inkoranabuhanga y'imfatashusho** (inkôranabûhaânga y'imfatashusho). Eng: **Image capture application**. Fr: **Application de capture d'images**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ngendanwa ituma abantu bafata amafoto, bakayabika, cyangwa

bakayahindura hifashishijwe igikoresho gifotora cyangwa ubundi buryo nyinjizamakuru.

**Inkoranabuhanga y'imirimo yihariye** (inkôranabûhaânga y'imirimo yihariye). Eng: **Vertical Market Software**. Fr: **Logiciel de marché vertical**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Porogaramu yagenewe ibikorwa zihariye cyangwa abakiriya runaka. Urugero inkoranabuhanga z'ubucuruzi, iz'imari, iz'ubuganga, iz'uburezi.

**Inkoranabuhanga y'inyongera** (inkôranabûhaânga nyungaanzizi). Eng: **Add-on; plug-in; plugin; extension**. Fr: **Module complémentaire; extension**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: porogaramu yihariye kandi idasabwa gukoreshwa kuri porogaramu ya mudasobwa isanzwe.

**Inkoranabuhanga y'inyongera ya Agitive X** (inkôranabûhaânga y'iinyongêrâ ya agîtîve X). Eng: **Active X**. Fr: **Active X**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ya Mikorosofuti (MSFT) yemerera porogaramu gusangira imikorere n'amakuru hagati yazo binyuze muri porogaramu za interineti, hatitawe ku rurimi rwa porogaramu zanditsemo.

**Inkoranabuhanga y'ubwirinzi** (inkôranabûhaânga y'ûubwîiriinzi). Eng: **Security program**. Fr: **Programme de sécurité**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: icyegeranyo cy'ibikorwa bigize ishingiro rya gahunda iyo ari yo yose ishinze umutekano w'igikoresho kirimo amakuru y'ibanga.

**Inkoranabuhanga ya ESB** (inkôranabûhaânga ya ESB). Eng: **Enterprise Service Bus (ESB)**. Fr: **Bus de services d'entreprise**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukora porogaramu buhuza serivisi zitandukanye kandi bugacunga itumanaho hagati yazo.

**Inkoranabuhanga ya Mikorosofuti** (inkôranabûhaânga ya mikorosofûti). Eng: **Microsoft Office application**. Fr: **Application de Microsoft Office**. NK: **Ibikoresho bya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga (word, Excel, PowerPoint) zikoreshwa mu gusesengura inyandiko n'ihanga ry'imbonerahamwe nyamibare, imbikamakuru n'ibindi bikoresho byinshi.

**Inkoranabuhanga ya mudasobwa** (inkôranabûhaânga ya mûdasobwâ). Eng: **Micro-computer software**. Fr: **Logiciel de micro-ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: porogaramu za mudasobwa zagenewe gukora kuri mudasobwa, zigafasha mudasobwa gukora imirimo itandukanye nko kwandika inyandiko, kubara, gutumanaho, no gucunga amakuru.

**Inkoranabuhanga ya murandasi** (inkôranabûhaânga ya mûraandasî). Eng: **Web Application**. Fr: **Application web**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ikoresha inshakishamakuru kuri murandasi, ikaba ikunda gukoreshwa hagati y'ibigo bihererekanya amakuru na serivisi bitegeranye cyangwa kohererezanya ubutumwa n'abakiriya ku buryo bworoshye kandi bwizewe hifashishijwe ururimi nyamibare.

**Inkoranabuhanga ya telefoni ngendanwa** (inkôranabuhaânga ya telefoôni ngeendânwa). Eng: **Mobile Application**. Fr: **Application mobile**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu za mudasobwa zikorwa kugira ngo zikore muri telefoni cyangwa tabureti (tablet), zigafasha abakoresha gukora ibikorwa bitandukanye nk'itumanaho, kwiga, cyangwa kwidagadura.

**Inkoranabuhanga yakorewe runaka** (inkôranabuhaânga yakôrewe ruunaakâ). Eng: **Bespoke Software**. Fr: **Logiciel sur mesure**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu cyangwa sisitemu yihariye yagenewe guhaza ibyifuzo byihariye by'umukoresha cyangwa umuryango, aho kuba igisubizo kidakenewe.

**Inkoranabuhanga z'abagenerwabikorwa** (inkôranabûhaânga z'âbagênerwabîkorwâ). HI: **Gahunda koranabuhanga** (gahuûnda kôranabûhaânga). Eng: **Application Program**; Application software; software application. Fr: **Programme d'application**; logiciel d'application; application. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ya mudasobwa ikora umurimo wihariye ku mukoresha wa nyuma cyangwa mu bihe bimwe na bimwe, ku yindi porogaramu.

**Inkoranabuhanga zikoresha** (inkôranabûhaânga ziikôreesha). Eng: **Office automation**. Fr: **Bureautique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rw'ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga byikoresha.

**Inkorerakure** (inkorerakure). Eng: **Remote Access**. Fr: **Accès à distance**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: **Ubushobozi bwo kwinjira no kugenzura mudasobwa cyangwa sisitemu uri ahandi hantu hatandukanye, ukoresheje murandasi.**

**Inkoreeshakure** (inkoreeshakure). Eng: **Remote control**. Fr: **Télécommande**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: **Uburyo bwo kugenzurira imashini cyangwa ikinyabiziga kure ukoresheje radiyo cyangwa ibimenyetso by'ikoranabuhanga.**



**Inkoreeshwarimwe** (inkôreeshwarimwe). Eng: **One-time password (OTP)**. Fr: **Mot de passe à usage unique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: **Urukurikirane rw'ibimenyetso cyangwa imibare byizana mu rwungano rwabigenewe, bigakoresha rimwe gusa mu kwinjira mu rwungano koranabuhanga.**

**Inkosoranyandiko** (inkosooranyandiko). Eng: **Patch**. Fr: **Correctif; correctif de bogue**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: **Ikosora ryoroheje rikorerwa kuri sisitemu mbere y'uko inyandiko itangazwa.**

**Inkubwe nkoranabuhanga** (inkubwê nkôranabûhaânga). Eng: **Technological coefficient**. Fr: **Coefficient technologique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: **Ikigererenyo cy'ibyaturutse mu gice kimwe cy'ubukungu bigiye gukoreshwa kugira ngo bibyare ikigereranyo kimwe cy'ibyakozwe mu cyiciro cy'inganda.**

**Inkumira nkoranabuhanga ngome** (inkûmiira nkôranabûhaânga ngomê). Eng: **Anti-malware software**. Fr: **Logiciel anti-malware**. NK: **Ikoranabuhanga koranabuhanga**. SH: **Inkoranabuhanga yakorewe kurinda inzungano koranabuhanga na za mudasobwa bwite inkoranabuhanga zigambiriye ikibi.**

**Inkumiramajwi** (inkûmiiramajwi). Eng: **Soundproof; sound blocker; acoustic hood**. Fr: **Insonoriseur; bloqueur de son; hotte acoustique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: **Igikoresho kitemerera ijwi kwinjira, gusohoka cyangwa kunyuramo.**

**Inkurikiranakirari** (inkûrikiranakîrarî). HI: **Imenyeshanyandiko mpuzasano koranabuhanga** (imenyeshanyandiko mpûuzasâano kôranabûhaânga). Eng: **Trackback**. Fr: **Rétrolien**. NK: **Ikorabuhanga rya**

**mudasobwa.** SH: Uburyo bwo gutanga ubutumwa bumenyeshya urubuga ko hari urundi rubuga rwashyizeho ihuriro rijya kuri rwo.

**Inkurikirananzira y'amakuru** (inkûrikirananzira y'amâkurû). Eng: **Traceroute**. Fr: **Traceroute**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikoresho gikoreshwa mu kumenya inzira amakuru anyuramo ku murongo wa murandasi, bifasha mu gusuzuma ibibazo by'itumanaho.

**Inogerezamashusho** (inogerezamashusho). Eng: **Computer graphics**; production of images; Graphics. Fr: **Infographie**; production graphique; production des images; Fichier graphique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ikoranabuhanga rigizwe n'ibintu by'ibanze harimo imirongo, isura, imyubakire, urubuga, amashusho, imyandikire n'ibara, rikaba rigamije kugaragariza abakiriya amashusho ku irebero rya mudasobwa, ry'icyuma gifotora, rya sinema, rya televiziyo, ry'ibyuma ngaragazamikino, no ku ry'ibyuma gitoronike.

**Inozambago ry'ishusho** (inozambago ry'ishusho). Eng: **Anti-aliasing**. Fr: **Anticrénelage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Tekiniki y'ibanze ikoreshwa mu mbonezamashusho ituma haboneka amashusho anoze kandi ahuje n'ukuri, ikagabanya imbibi zitanoze mu mashusho akorwa na mudasobwa, igatuma agaragara nk'ayo mu buzuma busanzwe.

**Inozamisusire** (inôzamîsusîre). Eng: **Parameter**. Fr: **Paramètre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Amabwiriza yihariye aguha uburyo bwo kunoza imigaragarire y'ishusho, ukayigenera ibintu ku buryo bwihariye nk'isura cyangwa ikoreshwa ry'urubibi rw'ishusho rutsitse.

**Insababwishyu ya elegitoronike** (insâbabwîshyû ya elegitoroniîke). Eng: **Electronic payment order**. Fr: **Ordre de paiement électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari.** SH: Ibwiriza ryatanzwe ryo kohereza amafaranga cyangwa ryo kwishyura ryatanzwe mu nyandiko ikoranabuhanga.

**Insangizabutumwa igaragara** (insâangizabûtumwâ igâragara). Eng: **Carbon copy**; Cc'd message. Fr: **Copie carbone**; Cc'd message. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ikopi ya imeri igenewe umuntu umwe cyangwa benshi uwohererejwe ubutumwa cyangwa abohererejwe ubutumwa babona abohererejwe ubutumwa bose.

**Insangizabutumwa mpisha** (insâangizamâkurû yiihîshe). Eng: **Blind Carbon Copy (Bcc)**. Fr: **Copie carbone aveugle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho nkoranabuhanga cya aderesi nkoranabuhanga gituma umuntu yohereza kopi ubutumwa koranabuhanga ku bantu b'inyongera ariko ababwohererejwe remezo batabizi.

**Insangizamakuru** (insâangizamâkurû). Eng: **Chipset**. Fr: **Jeu de puces**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itsinda ry'ibikoresho koranabuhangabihuzwa bigakora inzira imwe iherekanya amakuru hagati y'intima, imbikamakuru n'ibikoresho.



**Insaranganyandemo** (insaraanganyandemo). Eng: **Content delivery network (CDN)**. Fr: **Réseau de diffusion de contenu**; réseau de distribution de contenu. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoraniro ry'ibigega mpuzamakuru bihujwe ryihutisha ishyirwa vuba ry'amakuru ku mbuga za murandasi cyane cyane iyo hari inkoranabuhanga zikenera amakuru menshi cyane.

**Insemurandanga huzanzira** (insemuurandaanga huuzanzira). Eng: **Network address translation (NAT)**. Fr: **Traduction d'adresses réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Sisitemu ifasha ihuzanzira rya hafi kubasha gukorana n'ibimenyetso ndanga by'itumanaho.

**Insemurategeko** (insêmuuratêgeko). Eng: **Command-line interpreter**; Command interpreter. Fr: **Interpréteur de ligne de commande**; interpréteur de commandes. NK: **Inkoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gahunda koranabuhanga zashyiriweho kumva ikivugwa mu nyangingo z'imirongo y'inyandiko zanditswe muri mudasobwa, zisomwe mu ifishi cyangwa mu yandi makuru.

**Insemuzi** (insemuuzi). HI: **Gahunda nsemuzi** (gahuûnda nsemuuzi). Eng: **Interpreter**. Fr: **Interpréteur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ikora ako kanya amabwiriza ihawe mu kwandika ururimi ibyandikwa bitabanje gutunganywa mu yindi porogaramu.

**Insesenguramuraba** (insêseenguramûraba). Eng: **Digital signal processor (DSP)**; digital sound processor; sound CP. Fr: **Processeur de signal numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira koranabuhanga y'intima nto, iyo nzira ikaba yihariye mu gusesengura

amakuru koranabuhanga ku buryo bw'ako kanya kandi bwihuse cyane imiraba y'amajwi, y'amashusho, ya videwo cyangwa y'impuririzi.

**Insesengurarubibi** (insêseengurarûbibi). Eng: **Boundary descriptor**. Fr: **Descripteur de limite**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburebure bw'umuzenguruko hariye habarwa utunyangingo foto, hakifashishwa insesengurarubibi nko kwerekana uburebure, umurambararo, ubuhete, n'insesengurahantu nk'ubuso, umuzenguruko, ubutsitse, agaciro mpuzandengo cyangwa nsanganya, ubusanzwe ingaragazasura y'inyuma itoranywa iyo hibandwa ku bigaragaza isura.

**Insesenguratondekamabara** (insêseenguratôndekamâbara). Eng: **Color structure descriptor**; color descriptor; spectral method. Fr: **Descripteur de structure de couleur**; descripteur de couleur; méthode spectrale. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Insesenguzi y'ibiranga ibara ifata icyarimwe indemo mpimabara (igishushanyo bara) n'amakuru ku miterere y'indemo, hatitawe ku mikwirakwirire y'ibara.

**Insesenguzi y'igishushanyo ntangamakuru** (insêseenguzi y'igishushaanyo ntâangamâkurû). Eng: **Histogram descriptor**. Fr: **Descripteur d'histogramme**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igaragaza nyamibare ry'isaranganya ry'ubukana bw'ibara mu ishusho, bifite akamaro by'umwihariko ku mashusho afite ibisobanuro adahura neza na tekini nkorabika, rigasesengura amabara rigaragaza umubare w'utunyangingo foto aho amabara yatwo aboneka ku rutonde rugaragaza ingeri z'amabara agize ahatwikirwa n'amabara mu ishusho.

**Inshakisha ya Gugo** (inshaakiisha ya guugô). Eng: **Google**. Fr: **Google**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inshakishamakuru yakorewe abaturage isesengura ibiri kuri murandasi, ikagaragaza ibiri ku mbuga zinyuranye bikurikije ibyo umuntu yayisabye.



**Inshakisha ya Interineti Egisiporora** (inshaakiisha ya interineêti egisipororâ). Eng: **Internet Explorer**. Fr: **Internet explorer**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inshakishamakuru ya murandasi yakozwe na Microsoft™.

**Inshakisha ya veronika** (inshaakiisha ya veronikâ). Eng: **Very Easy Rodent-Oriented Netwide Index to Computerized Archives** (Veronica). Fr: **Index réseau très simple d'archives informatisées axé sur les rongeurs**

(Veronica). NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Mu ishakiro, yerekana urutonde rwa menu za Gopher n'ingingo zirimo amagambo shingiro ukoresha mu bushakashatsi bwawe.

**Inshakishamakuru ya WHOIS** (inshâakiishamâkurû WHOIS). Eng: WHOIS. Fr: WHOIS. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amabwiriza agenga ibibazo n'ibisubizo bikoreshwa mu kubaza amakuru ajyanye n'izina ry'aderesi ya IP.

**Inshakisha ya Windowuzi** (inshaakiisha ya Wîindoowuzi). Eng: **File Explorer**; Windows Explorer. Fr: **Explorateur de fichiers**; Explorateur Windows. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho nshusho kiyobora amafishiye mu gukoresha urwungano nshobozi rwa Windows.

**Inshimusi** (inshîimuusi). Eng: **Ransomware**. Fr: **Rançongiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'inkoranabuhanga ngome bukungisha gutangaza cyangwa gufunga inzira igeza ku makuru cyangwa ku rwungano koranabuhanga, muri rusange ibikora ihindura amakuru mo imibare kugeza igihe uwatewe yishyuye amafaranga uwamugabyeho igitero.

**Inshobozamudasobwa nyasegonda** (inshôbozamûdasobwâ nyaasêgoondâ). HI: **Inyasegonda** (inyâasegôondâ). Eng: **Million instructions per second (MIPS)**. Fr: **Million d'instructions par seconde (MIPS)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igipimo cyo kureba ibikorwa poroseseri ya mudasobwa ishobora gukora mu gihe cy'isegonda.

**Inshunguramakuru** (inshûunguramâkurû). Eng: **Data analysis software**. Fr: **Logiciel d'analyse de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ikora inzira nyamibare hifashishijwe amakuru menshi cyane hagamijwe isesengura mbarurishamibare, nyareme na nteganya.


**Inshuro shusho ndemavidewo** (ingarukabihe ngaragaza). Eng: **Display cycle**. Fr: **Cycle d'affichage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibintu byose bikorwa bigahurizwa hamwe kugira ngo ifoto igaragare ku nsakazamashusho.

**Inshyikizo** (inshyikizo). Eng: **Terminal equipment**. Fr: **Équipement terminal**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyangwa ikindi kintu cyose gifatwa nk'igikoresho cyabugenewe cyateganyirijwe gucomekwa mu buryo ubwo ari bwo bwose, ahantu abafatabuguzi bashobora gufatira inzira ku miyoboro rusange, mu ihuzanzira aho ni mudasobwa, telefoni cyangwa urubuga mpuzanzira bicometse ku ihuzanzira.

**Insiby** (insiby). HI: **Buto yo gusiba** (buto yô gusiba). Eng: **Delete button**. Fr: **Boutton Supprimer**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu ko kuri mwandikisho gakoreshwa mu gusiba inyuguti cyangwa ikimenyetso kiri iburyo bw'inyoboranyandiko.



**Insigamwanya** (insigamwaânya). Eng: **Spacebar**. Fr: **Barre d'espacement; barre d'espace**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu karekare usanga ku murongo wa nyuma wa mwandikisho gakoreshwa mu gusiga akanya mu gihe umuntu ari kwinjiza amakuru muri mudasobwa.



**Insohoramakuru** (insôhoramâkurû). Eng: **Computer output device; output device; output unit**. Fr: **Périphérique de sortie d'ordinateur; périphérique de sortie; unité de sortie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyohereza amakuru ya mudasobwa hagati y'igikoresho n'abakiriya.

**Insoma ntangazamakuru** (insôma ntangazamakuru). Eng: **Media player**. Fr: **Lecteur multimédia**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga cyangwa igikoresho gituma abantu bashobora gusoma amafishiye y'amajwi n'amashusho koranabuhanga bivuye ku gikoresho mbikamakuru, imbikamakuru ruziga cyangwa ibibonerwaho kuri murandasi.

**Insomadisike** (insômadisike). Eng: **Disk drive**. Fr: **Lecteur de disque**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cya mudasobwa gifasha mu kubika no gusoma amakuru kuri disike.



**Insomadisike mbonesharumuri** (insômadisike mboneesharumuri). Eng: **Optical disk drive**. Fr: **Lecteur de disque optique**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikoresho gisoma disiki y'urumuri ikoresha urumuri rwa laser kugira ngo isome amakuru ari muri disiki uko izenguruka.

**Insomakarita** (insômakârîta). Eng: **Card Reader**. Fr: **Lecteur de carte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho nyinjizamakuru gisoma amakuru y'amakarita atandukanye, nk'amakarita yo kwishyura, furashi, indangamu ntu, ndetse n'ibyoherejwe ku yindi mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho.



**Insomakasete** (insômakâseête). Eng: **Tape drive**. Fr: **Lecteur de bande**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho kibika amakuru y'ikoranabuhanga kuri kaseti hagamijwe kuyabungabunga no kuyashyingura.



**Insomamakuru ya mudasobwa** (insômamâkurû nkôranabûhaânga). Eng: **Computer drive**. Fr: **Lecteur informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho kibika amakuru nyamibare kuri mudasobwa kikaba cyayagaragaza igihe cyose akenewe, kiboneka mu buryo bubiri: imbikamakuru ahoraho (HDD) cyangwa disiki (SSD).

**Insomanyandiko nyamiraba** (insomanyandiko nyamîraba). Eng: **Optical Character Reader (OCR)**. Fr: **Reconnaissance optique de caractères**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gishobora kunyuza amakuru ari ku mpapuro mu cyuma kigahita kiyinjiza muri mudasobwa kugira ngo abikwe cyangwa anozwe.



**Insozamuyoboro** (insoozamuyoboro). Eng: **Termination station**; End station; End device. Fr: **Point de terminaison**; Station finale; système final; Périphérique final. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho gifatika gihuzwa n'ihuzanzira rya murandasi bikoherezanya ubutumwa.

**Insubiragikorwa** (insûbiiragîkorwâ). Eng: **Loop**. Fr: **Boucle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibikorwa bitandukanye byerekeye

porogaramu ya mudasobwa bishyirwa mu ngiro kesnshi kugeza igihe igerageza rigaragaje ko iyo porogaramu ibasha gukora.

**Insubiranyuma** (insubiranyuma). Eng: **Backspace**. Fr: **Retour arrière**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibuto yo kuri mwandikisho ikoreshwa mu gusiba inyuguti cyangwa ikimenyetso kiri ibumoso bw'inyoboranyandiko.



**Insubizabibazo y'ubwirinzi** (insûbizabîbazo y'ubwirinzi). Eng: **Incident response; security response**. Fr: **Réponse aux incidents; Réponse de sécurité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igisubizo nyabuhanga kandi giteguye neza ikigo gikoresha iyo gitewe kuri murandasi.

**Insubizabutumwa nyamajwi** (insûbizabûtumwâ nyamajwî). Eng: **Interactive Voice Response (IVR)**. Fr: **Réponse vocale interactive**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga rya telefoni rifasha mudasobwa kumenya ijwi ry'ikivuze cyangwa gikanzwe ku rubaho rwa mudasobwa ibikoresheje guhamagara kuri telefoni.

**Insubizabutumwa y'ubwenge buhangano** (insûbizabûtumwâ y'ubwenge buhangano). Eng: **Chatbot**. Fr: **Chatbot**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Porogaramu ushyiramo ubutumwa nk'uko uvugana n'umuntu, ikagusubiza mu buryo bwikora.

**Intabonwa** (intâbonwâ). HI: **Igikoresho kidafatika** (igikôreesho kidafatika); **igikoresho shusho** (igikôreesho shusho). Eng: **Virtual device**. Fr: **Appareil virtuel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu h'ishusho hakora nka mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho gifatika, bifasha sisiteme y'ikoranabuhanga gukora itashyizwe muri murandasi, bigashoboka hashingiwe ku ikoreshwa ry'ibikoresho byihariye, inkoranabuhanga cyangwa byombi bishyizwe hamwe.

**Intahuramuntu ya Kabuca** (intahuramuntu ya kabuca). Eng: **Completely Automated Public Turing test to tell Computers and Humans Apart (Captcha)**. Fr: **Test de Turing public entièrement automatisé pour distinguer les ordinateurs des humains (Captcha)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu yagenewe



gutandukanya abasura urubuga rw'abantu n'abashinzwe ikoranabuhanga.

**Intahuramuyoboro shusho** (intaahuuramuyoboro shusho). Eng: **Virtual Channel Identifier (VCI)**. Fr: **Identifiant de canal virtuel**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umubare wihariye ukoreshwa mu miyoboro y'amakuru kugira ngo utandukanye kandi unyure inzira z'amakuru.

**Intahuranzira shusho** (intaahuuranzira shusho). Eng: **Virtual path Identifier (VPI)**; Virtual path indicator. Fr: **Identifiant de chemin virtuel (VPI)**; indicateur de chemin virtuel. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Indanganzira igaragara mu muyoboro ihuza imiyoboro myinshi yagaragaye.

**Intahuzi y'ibitero koranabuhanga** (intaahuuzi y'ibitero koranabuhanga). Eng: **Intrusion detection system (IDS)**. Fr: **Système de détection d'intrusion**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cyangwa inkoranabuhanga nkoreshwa irinda ibikorera mu ihuzanzira cyangwa mu rwungano hagamijwe gutahura ibikorera by'ubugome cyangwa irenga ku mabwiriza, bigatuma haboneka raporo nshukanyi yohererezwa urwego rw'ubuyobozi bw'ikoranabuhanga.

**Intandukanyamiraba** (intâandukanyamiraba). Eng: **Demultiplexer**; demultiplexing. Fr: **Démultiplexeur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gitandukanya imiraba yahurijwe hamwe ivuye ku muyoboro umwe igasohokera mu nzira nyinshi.

**Intangabicuruzwa** (intaangabicuruzwa). Eng: **Delivery system**. Fr: **Système de livraison**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi bw'ikoranabuhanga bwo gukora, guteza imbere, gutanga, gukosora no gutanga inyemezabuguzi za serivisi z'ikoranabuhanga zahawe ukoresha mudasobwa.

**Intangamajwi** (intâangamajwi). HI: **Mikoro** (mikoro). Eng: **Microphone input device**; microphone. Fr: **Périphérique d'entrée du microphone**; microphone. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Igikoresho koranabuhanga gikoreshwa mu guhindura amajwi mu amajwi y'amashanyarazi, kikaba gikora nk'icyo abaririmbyi bakoresha, ayo majwi y'amashanyarazi akerekera mu ikarita ntangamajwi aho ahindurwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo asomwa na mudasobwa.

**Intangamakuru** (intâangamâkurû). Eng: **Data Service Unit (DSU)**; Channel Service Unit (CSU); digital service unit. Fr: **Unité de service de données**; unité de service numérique. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cyo ku mpera y'umuyoboro w'itumanaho gihindura amakuru y'ikoranabuhanga avuye mu ikoranabuhanga ry'itumanaho rya hafi (LAN) kikayahindura ayo mu muyoboro mugari w'itumanaho (WAN) cyangwa se bikava mu itumanaho rusange biza mu itumanaho ryihariye.



**Intangamiterere y'ipaji** (intâangamîteêrere y'ipaâji). Eng: **Extensible Style Sheet Language Transformation (XSLT)**. Fr: **Transformation du langage extensible de la feuille de style**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Guhindura inyandiko hakoreshejwe ururimi rw'imiterere y'inyandiko itunganijwe.

**Intangamuriro** (intaangamuriro). Eng: **Power supply unit (PSU)**. Fr: **Bloc d'alimentation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kimwe mu bigize urwungano rw'ikoranabuhanga by'ingenzi, kikagira umumaro wo gutanga umuriro mu bindi bice bya mudasobwa (indongozi ya mudasobwa, inshozamudasobwa, ingarazamashusho, imbikamakuru) harimo n'ibikoresho koranabuhanga byashyizwemo, twavuga nk'imbenezashusho, imbikamakuru ahoraho y'inyongera, igakora ku buryo buri gikoresho kibona umuriro uhagije ngo gikore neza.



**Intanganama y'ubwenge buhangano** (intâanganâama y'ûubwêenge buhaangano). Eng: **Recommendation system**. Fr: **Système de recommandation**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo bwo gutanga inama bukoresha ubuhanga bw'ubwenge buhangano kugira ngo butange ibitekerezo ku bikubiye mu nyandiko, ibicuruzwa, cyangwa ibikorwa bishingiye ku myitwarire yawe n'ibyo ukunda.

**Intanganzira** (intaanganzira). HI: **Rawuta (rawûta)**. Eng: **Router**. Fr: **Routeur**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cy'ihuzanzira gituma ihuzanzira hagati yaryo riherekanya amapaki y'amakuru.



**Intanganzira ya telefoni** (intaanganzira ya telefoôni). Eng: **Telephone router**; Call routing. Fr: **Routeur téléphonique**; routage des appels. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imikorere ya telefoni ishyira ku murongo w'itegereza kandi kikanakwirakwiza amahamagara aje hakurikijwe amateeko n'ibigenderwaho byose byagenwe mbere.

**Intangazamakuru koranabuhanga** (intâangaazamâkurû kôranabûhaânga). Eng: **Digital publishing**; electronic publishing; online publishing. Fr: **Édition numérique**; édition électronique. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ishyirwa hanze ku buryo bwa murandasi n'iterambere ry'amasoro n'intonde zo mu ikoranabuhanga, harimo gutangaza ibitabo, ibinyamakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Intavangirwa** (intâvaangîrwa). Eng: **Code Division Multiple Access (CDMA)**. Fr: **Accès multiple par répartition en code**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukoresha umuyoboro butuma abakoresha benshi bohereza amakuru icyarimwe ku muyoboro umwe w'itumanaho, ukoreshwa cyane muri sisitemu y'itumanaho ridafite insinga na telefoni zigendanwa.

**Intemberezi** (indaanga). Eng: **Cursor**. Fr: **Curseur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingaragazahantu ku irebero rya mudasobwa aho umuntu ashobora kwandika inyandiko.



**Intera y'umuraba** (intêerâ y'ûmurâba). Eng: **Wavelength**. Fr: **Longueur d'onde**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Intera iri hagati y'isunzu rimwe ry'umuraba wa radiyo n'irindi.

**Interineti inyaruka** (interineêti inyâruka). HI: **Interineti yihuta cyane** (interineêti yihûuta cyaane). Eng: **Broadband Internet**. Fr: **Internet à haut débit**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo gukoresha interineti yihuta ituma amakuru yoherezwa vuba.

**Intima** (intîma). HI: **Inshobozamudasobwa** (inshobozamûdasobwâ); **isanduku ya mudasobwa** (isâandukû ya mûdasobwâ). Eng: **Computer processor**; Central processing unit (CPU); Central processor; Main processor; Processing unit; System Unit. Fr: **Processeur**; unité centrale; unité système. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira gitoroniki rukomatanyo ikora imibare y'ibanze ituma mudasobwa

ikora biciye mu gusesengura amakuru y'ibanze ayobora mudasobwa, ikaba iyakeneye kugira ngo ishobore gukora umurimo wayo.

**Intima nto** (intîma ntô). HI: **Inshobozamudasobwa nto** (inshobozamûdasobwâ ntô). Eng: **Microprocessor**. Fr: **Microprocesseur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inshobozamudasobwa usanga imikorere n'icungwa ry'intunganyamakuru biri mu nzira mbumbe cyangwa mu tuyira mbumbe duke, igakora ibara, inyoborabikorwa n'ingenzuranzira biba bikenewe kugira ngo ikore nk'inshobozamudasobwa isanzwe.

**Intima ya CISC** (Intîma ya CISC). Eng: **Complex Instruction Set Computing (CISC)**. Fr: **Calcul de jeux d'instructions complexes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Filozofiya yo gushushanya poroseseri ikoresha amabwiriza agoye kugira ngo ikore ibikorwa byinshi mu mabwiriza amwe.

**Intima ya RISC** (Intîma ya RISC). Eng: **Reduced Instruction Set Computing (RISC)**. Fr: **Calcul à jeu d'instructions réduit; architecture RISC**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo guhanga intima bukoreshwa cyane muriterefoni zigezweho na mudasobwa zigezweho, bushingiye ku ikoresha ry'urukomatane ruto rw'amabwiriza yoroshye kandi atanga umusaruro cyane.

**Intondekagahunda** (intôndekagâhuûnda). Eng: **Point of presence (POP)**. Fr: **Point de présence (POP)**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umubare wa telefoni uyifasha mu gukoresha murandasi ikoresheje modemu.

**Intondekagahunda ya 2** (intôndekagâhuûnda ya 2). Eng: **POP 2**. Fra: **POP 2**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwego ruhanitse mu gutunganya no gukora porogaramu, rwifashishwa mu kuzitondeka.

**Intondekamakuru ndahinduka** (intôndekamakâkurû ndahiindûka). Eng: **Blockchain Network**. Fr: **Chaîne de blocs**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo inyandiko zikubiyemo uko amafaranga yinjira n'uko asohokamo bihurizwa hamwe muri sisitemu runaka ku buryo byorohera ababishinzwe gukomeza gukoresha izo nyandiko hatabayeho gusabana uburenganzira hagati yabo.

**Intore mu ikorabuhanga** (intoôre mu iikôrabûhaânga). Eng: **Digital citizen**. Fr: **Citoyen numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuntu ukoresha ikoranabuhanga na murandasi mu buryo buboneye, butekanye kandi bwubahiriza amahame n'amategeko.

**Intsindagiramakuru** (intsîndagiramâkurû). Eng: **Delta frame**. Fr: **Trame delta**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo buzana itandukaniro hagati y'igishushanyo n'ikikibanziriza kubera ko iriho amakuru yahinduwe, bukaba ari uburyo bwo butsitse bwo kwegeranya amakuru.

**Intuburajwi** (intûubuurajwî). Eng: **Amplifier**.

Fr: **Amplificateur**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**.

SH: Igikoresho cya elegitoroniki cyongerera ijwi imbaraga, kikaba kigira uruhare

runini muri sisitemu y'amajwi, sisitemu y'itumanaho, hamwe n'ibikoresho bitandukanye bya elegitoronike bisaba kongererwa amajwi.



**Intuburamashusho** (intuubuuramashusho). Eng: **Launch amplifier**.

Fr: **Amplificateur de lancement**. NK: **Isakazamakuru**. SH: icyuma

gitubura kikananoza imijyanamashusho ya televiziyo mbere y'uko yoherezwa mu muyoboro w'itumanaho.

**Intuburamiraba** (intûubuuramîraba). Eng: **Transistor**. Fr: **Transistor**.

NK: **Ikoranabuhanga ry'imiraba**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga

gikoreshwa mu kongera ingufu z'imiraba y'amashanyarazi cyangwa kuyihindurira icyerekezo.

**Intuburamiraba nyatwugara** (intûubuuramîraba nyatwûugaarâ).

Eng: **Thin-film transistor (TFT)**. Fr: **Transistor à couches minces**. NK:

**Ikoranabuhanga ry'imiraba**. SH: Agakoresho ko mu ikoranabuhanga

nyamiraba (electronic) kihariye gafite utwugara duhekeranya

dutandukanyijwe n'ikirahure cyangwa purasitiki, gakoreshwa cyane mu

ndebero za LCD, mu ikorwa ry'amashusho, tukaba impagarika rekura

y'umuriro twigenga dukorera ku muvuduko wo hejuru, tukagenzura

buri ndemashusho.

**Intuburarumuri** (intuubuurarumuri). Eng: **Light amplification by**

**stimulated emission of radiation (Laser)**. Fr: **Amplification de la**

**lumière par émission stimulée de rayonnement (Laser)**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gisohora urumuri

rw'imirasire yoroheje mu gukumira udushashi tw'urumuri.

**Intunganyamajwi** (Intûungaanyamâjwi) Eng: **Audio-editing Software**. Fr: **Logiciels de montage audio**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi** SH: inkoranabuhanga yifashishwa mu gutunganya amajwi mu buryo bwa kinyamwuga haba mu kuyafata, kuyahuza no kuyakora mu buryo bwifuzwa. Urugero: inkoranabuhanga ya Adobe Audition.

**Intunganyamakuru y'inyuma** (intûungaanyamâkurû y'inyuma). Eng: **Backend**. Fr: **Back-end**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibice by'inkoranabuhanga bituma ikora kandi abakoresha iyo nkoranabuhanga bakaba badashobora kuyigeraho kuko iba ibitse kure, iryo banga riba rigizwe n'indimi nyinshi zitandukanye za gahunda ya mudasobwa.

**Intunganyamashusho** (Intuungaanyamashusho). Eng: **Video-editing software**. Fr: **Logiciel de montage vidéo**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: inkoranabuhanga yifashishwa mu gutunganya amashusho mu buryo bwa kinyamwuga haba mu gukora amafirimi, kwifashishwa kuri tereviziyo cyangwa mu bicishwa ku mbuga zikorera kuri interineti ku buryo abayakeneye bashobora kuyakoresha, igatuma uyatunganya ayanoya cyangwa agakuramo ibyo ashaka, akaba yanayohereza abandi mu misusire itandukanye. Urugero: inkoranabuhanga ya Adobe Premiere Pro.

**Intunganyamirimo** (intuungaanyamirimo). Eng: **Office suite**. Fr: **Suite bureautique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga nkoramirimo zikoreshwa mu biro, gukora inyigo, ihangabintu, n'indi mirimo, zigafasha mu kugena imiterere, gucunga no gusangiza amafishiye mu ikipe no gutegura ibonwa ry'umusaruro, habarirwamo intunganyanyandiko, imbonerahamwe nyamibare n'inkoranabuhanga ngaragazamashusho.

**Intunganyanyandiko** (intuungaanyanyandiko). Eng: **Word processor**; Word processing. Fr: **Programme de traitement de texte**; traitement de texte. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ishobora guhanga, kubika no gucapa inyandiko, ituma uwandika ashobora guhindura inyandiko ye, kuyigaragaza uko ashaka no kuyicapa, hashobora no kwiyongeraho ibindi bikorwa.

**Intwaramakuru** (intwâaramâkurû). HI: **Intwaramashanyarazi gitoroniki** (intwaaramashanyarazi gitoroniiki). Eng: **Integrated circuit** (IC); Integrated circuit diagram; Printed Circuit Board (PCB); Printed

circuit chip; computer chip; Semiconductor; Semiconduction. Fr: **Circuit intégré**; Schéma de circuit intégré; Circuit imprimé; Semi-conducteur. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gitoroniki cya silicium usangamo utuntu duto gitoroniki twitwa taranzisitoro tuba turi muri iyo silicium n'udusinga tugiye duhuzwa ku buryo bugerekeranye ku kabaho ka silicium.

**Intwaramakuru ijya hanze** (intwâaramâkurû ijyâ haanzê). Eng: **Video Electronics Standards Association Local Bus** (VLB; VL-bus). Fr: **Bus local de la Video Electronics Standards Association**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo guhuza ibikoresho ku ndongozi ya mudasobwa buhujwe n'icyuma gihuza mudasobwa.

**Intwaramakuru mbangikane** (intwâaramâkurû mbaângikane). Eng: **Multidrop circuit**; multidrop bus (MDB). Fr: **Circuit multipoint**; bus multidrop (MDB). NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira ryifashishwa mu itumanaho hagati ya mudasobwa n'imashini zandika kurusha uko byakorwa hagati ya mudasobwa zitandukanye.

**Intwaramakuru remezo** (intwâaramâkurû remezo). Eng: **Backside Bus**; backside system bus (BSB). Fr: **Bus arrière**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuyoboro wihariye uhuza intima n'imbikamakuru nyunganizi yayo; yitwa "backside" kuko iherereye imbere ya bisi yo mu imbere, ihuza ububiko bw'ibanze bwa sisitemu n'ibindi bice.

**Intwaramakuru ya mudasobwa** (intwâaramâkurû ya mûdasobwâ). Eng: **Digital circuit**. Fr: **Circuit numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice koranabuhanga gifite uburyo bwo kwinjiza no gusohora ibintu bitandukanye hamwe n'ibisobanuro biboneza imikorere n'igihe by'icyo gice.

**Inyakira mpuzanzira** (inyakiira mpuuzanzira). HI: **Ikarita mpuzanzira** (ikarîta mpuuzanzira). Eng: **Network Interface Card** (NIC); Network card. Fr: **Carte-réseau**; Carte d'interface réseau; Contrôleur d'interface réseau; NIC. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cyihariye gifatishwa ku nnyanamakuru gihuza igikoresho ndangazahuzanzira cyangwa ikigega mpuzamakuru n'ihuzanzira rya hafi.

**Inyakira mpuzanzira nziramugozi** (Inyakiira mpuuzanzira nzîramûgozî). HI: **Ikarita y'ihuzanzira nziramugozi** (ikarîta y'ihuuzanzira nzîramûgozî). Eng: **Wireless card**; Wireless network card;

Wi-Fi card. Fr: **Carte sans fil**; carte réseau sans fil; carte Wi-Fi. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho gituma imashini nka mudasobwa cyangwa telefoni igezweho zifata ihuzanzira nziramugozi.

**Inyakirabutumwa mvugo** (inyâkiirabûtumwâ mvûgo). Eng: **Voicemail**; voice message; voice bank. Fr: **Messagerie vocale**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubutumva bw'amajwi umuntu yifata kuri telefone iyo uwo ahamagaye atitabye.

**Inyakiramajwi** (inyâkiiramâjwi). HI: Radiyo (raadiyô). Eng: **Radio**. Fr: **Radio**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Igikoresho cyakira imiraba iturutse ku nsakazamajwi kayihinduramo amajwi yumvikana, kikagezaho abantu ubutumwa mu magambo, umuziki,...



**Inyakiramajwi ngendanwa** (Inyâkiiramâjwi ngeendânwa). Eng: **Mobile radiophone**. Fr: **Radiotéléphonie mobile**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Insakazamajwi ikoranye na telefoni yifashisha imirongo ya radio bigendanye naho iherereye, ikabikora ku mirongo migari.

**Inyakiramajwi remezo** (inyâkiiramâjwi remezo). **Umunara w'inyakiramajwi** (umunarâ w'iinyâkiiramâjwi). Eng: **Base station**. Fr: **Station de base**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umunara w'itumanaho utuma itumanaho rigenda neza, ukegeranya amajwi mu ihuzanzira nziramugozi rya hafi, kandi ukaba wanahuza ihuzanzira nyamugozi n'ihuzanzira nziramugozi, ukaba ugizwe n'inyoherezamajwi ikoresha ingufu nke n'intanganzira nziramugozi.



**Inyakiramakuru ngendanwa y'icyogajuru** (inyâkiiramâkurû ngeendânwa y'icyoogajuru). HI: Eng: **Mobile earth terminal**. Fr: **Station terrienne mobile**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Icyuma gikora nka anteni gishobora kugendanwa gikoreshwa mu itumanaho ry'icyogajuru.

**Inyakirarubuga** (inyâkiirarûbuga). Eng: **Web Host**. Fr: **Hébergeur web**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikigo cyangwa serivisi itanga ikoranabuhanga n'aho kubika inyandiko z'urubuga kugira ngo rubashe kugerwaho kuri murandasi.

**Inyamibare** (inyâmibarê). Eng: **Number buttons**. Fr: **Touches numériques**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Buto ziri ku gice cya ruguru cya mwandikisho kandi ziba zifite izindi nyuguti cyangwa ibimenyetso byanditse hejuru y'imibare ku buryo iyo ushaka kwandika izo nyuguti cyangwa ibimenyetso aho kwandika imibare, ukanda buto (SHIFT) ukagumishaho ubundi ugakanda buto y'umubare iriho icyo kimenyetso cyangwa inyuguti ushaka.

**Inyamimaro** (inyamimaro). Eng: **Function Keys**. Fr: **Touches de fonction**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itsinda rya buto cumi n'ebyiri usanga ku murongo wa mbere wo hejuru kuri mwandikisho.

**Inyandiko** (inyandiko). Eng: **Document**. Fr: **Document**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu kiba gikubiyemo amakuru, nk'imyandiko cyangwa amashusho, igitabo, ipaji biri mu ikoranabuhanga.

**Inyandiko banga** (inyandiko baanga). Eng: **Privacy statement**. Fr: **Déclaration de confidentialité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gahunda y'ikigo runaka ishyirwa ku rubuga ikajya isobanurira abashyitsi n'abakiriya imikoreshereze n'imbago ntarengwa ku mwirondoro w'umukiriya.

**Inyandiko icapye** (inyandiko icâpye). Eng: **Print handout**. Fr: **Document imprimé**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: kopi iyo ari yo yose y'amakuru yacapwe, yanditswe cyangwa yafotowe, nk'ijambo, itangazo rya politiki, cyangwa inyandiko igenewe abanyamakuru, abitabiriye inama, cyangwa abandi.

**Inyandiko koranabuhanga** (inyandiko kôranabûhaânga). Eng: **Electronic record**. Fr: **Enregistrement électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko, amajwi n'amashusho bikoze, byoherejwe, byakiriwe cyangwa bibitswe hakoreshejwe uburyo koranabuhanga.

**Inyandiko mbonera** (inyandiko mbonerâ). Eng: **American Standard Code for Information Interchange (ASCII)**. Fr: **Code standard américain pour l'échange d'informations**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko ikoreshwa cyane mu gusimbuza inyuguti ku makuru y'inyandiko kuri mudasobwa na interineti.

**Inyandiko mivugano** (inyandiko mivûgano). Eng: **Subtitle**. Fr: **Sous-titre**. NK: **Urusobe ntangazamakuru**. SH: Amagambo asobanura imbamutima aherekeza amashusho ya filimi yakozwe, ahanini ashwirwa ahagana hasi ku kirahure kerekana amashusho mu kugira ngo atange amakuru, akore ihinduranyandiko y'indimi z'amahanga ndetse no mu rwego rwo korohereza abafite ubumuga bwo kutumva.

**Inyandiko ngaraganzira y'iyemezacyemezo** (inyandiko ngaraganzira y'îiyemezacyêemezo). Eng: **Certification practice statement**. Fr: **Enoncé des pratiques de certification**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amabwiriza ashwirwaho n'utanga serivisi y'icyemezo koranabuhanga agaragaza uburyo icyo cyemezo gitangwa.

**Inyandiko ngenderwaho** (inyandiko ngeendêrwahô). Eng: **User guide**. Fr: **Guide d'utilisateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko isobanura uburyo sisitemu y'ikoranabuhanga, inkoranabuhanga cyangwa gahunda ya mudasobwa ikoreshwa.

**Inyandiko nkomoko** (inyandiko nkômooko). Eng: **Source file**. Fr: **Fichier source**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu yanditse mu rurimi runaka hanyuma mudasobwa ikaza kuruhindura mu rurimi rwayo.

**Inyandiko shusho** (inyandiko shusho). Eng: **Pictogram**; Ideogram; Pictograph; Picto. Fr: **Pictogramme**; idéogramme. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikimenyetso gishushanya gitanga ibisobanuro binyuze mu mashusho yacyo asa n'ibintu bifatika, kigakoreshwa mu kwandika ururimi runaka.

**Inyandiko shusho mpandebyiri** (inyandiko shusho mpaândebyiri). Eng: **Emoji**. Fr: **Emoji**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igishushanyo cyangwa ikimenyetso gishushanyije gikoreshwa mu ikoranabuhanga ry'itumanaho rigezweho hagamijwe gukungahaza inyandiko, gikoreshwa mu kugaragaza amarangamutima agaragara mu maso, inshoza cyangwa igitekerezo.

**Inyandiko shusho koranabuhanga** (inyandiko shusho kôranabûhaânga). HI: **Inyandiko shusho** (inyandiko shusho). Eng: **Digital pictogram**; pictogram. Fr: **Pictogramme numérique**; pictogramme. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikimenyetso

gishushanyo gitanga ibisobanuro binyuze mu mashusho yacyo asa n'ibintu bifatika, kigakoreshwa mu kwandika ndetse no mu nzungano z'itumanaho.

**Inyandikwarimwe, insomwakenshi** (inyândikwarîmwe, insomwakeênshi). Eng: **Write Once, Read Many** (Worm). Fr **Écrivez une fois, lisez plusieurs fois**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kubika amakuru hakoreshejwe urumuri butuma umuntu yandika ku mbikamakuru rimwe gusa ariko ukazashobora gusoma amakuru inshuro ushaka zose, zigasomwa ariko n'ibyuma byayanditse gusa.

**Inyangingo nyabubiri** (inyaangiingo nyabûbiri). Eng: **Digit**. Fr: **Chiffre binaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umubare umwe umwe wihariye mu rwungano rw'imibare ukava kuri rimwe ukagera ku 9, ariko mu buryo bw'inyabubiri ni 0 na 1, mudasobwa akaba ari imashini zikoresha gusa imibare kuko mu buryo zubatse, zimenya gusa agaciro k'inyabubiri bivuga 0 na 1, 0 bivuga ko umuriro uhita naho 1 bikavuga ko umuriro udahita.

**Inyangingo ya bayiti** (inyaangiingo ya bayîti). HI: **Biti** (bîiti); **inyangingo nyabubiri** (inyaangiingo nyabûbiri); **umubare nyabubiri** (umubarê nyabûbiri). Eng: **Bit**; Binary digit; Binary number. Fr: **Bit**; chiffre binaire. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akanyabumwe kanzigirinya mu ihunika ry'amakuru, gashobora gusa kugira agaciro ka 0 cyangwa 1, akaba ari ishingiro ry'inzungano izo arizo zose z'itumanaho n'imibare koranabuhanga, kakaba gashobora kubika gusa inyuguti imwe nk'amakuru.

**Inyanyuguti nkuru** (inyâanyugûti nkurû). HI: **Buto CAPS LOCK** (buto CAPS LOCK). Eng: **Caps Lock**. Fr: **Verrouillage des majuscules**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere y'urwandikiro ihindura inyuguti yose ikanzwe mo inyuguti nkuru.

**Inyashusho mwimerere** (inyaashusho mwîmerêre). HI: **Ikarita shusho** (ikarîta shusho). HI: **Ikarita y'utudomo** (ikarîta y'ûtudômo); **Ikarita y'utunyangingo foto** (ikarîta y'ûtunyaangiingo shusho). Eng: **Binary Digit Map**; Bitmap (BMP). Fr: **Image bitmap**; image matricielle; bitmap. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imbonerahamwe y'amakuru y'utunyangingo foto tugize ishusho tugenda ari tubiri tubiri, ikagaragara ko itanga iforomo y'ifishi y'ishusho koranabuhanga.

**Inyegeranyamafishiye** (inyegeranyamafishiye). Eng: **Zip file; zip**. Fr: **Fichier zip; zip**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere ya dosiye igufasha gukanda no gushyira dosiye imwe cyangwa nyinshi mu bubiko bumwe.



**Inyemeza** (inyemeza). Eng: **Enter button**. Fr: **Bouton Entrée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu gakandwa iyo umuntu ashaka gutangira undi murongo igihe uri kwandika kuri mudasobwa.



**Inyemezabuguzi koranabuhanga** (inyêmezabûguzî kôranabûhaânga). Eng: **Electronic bill; E-bill; EBM**. Fr: **Facture électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Inyemezabuguzi itangirwa kuri imeyiri cyangwa kuri murandasi.

**Inyemezabwishyu koranabuhanga** (inyêmezabwîshyû kôranabûhaânga). Eng: **Electronic Receipt**. Fr: **Reçu électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Inyandiko zigaragaza igikorwa cy'ubwishyu zikoherezwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Inyemezamukono korabuhanga** (inyêmezamûkonô kôranabûhaânga). Eng: **Digital Signature Certificate**. Fr: **Certificat de signature numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Inyandiko koranabuhanga itanzwe kugira ngo yerekane ko umukono koranabuhanga ushimangira ibiranga umuntu cyangwa ibindi byemeza ko umuntu afite imfunguzo zombi, urwihariye n'urwa rusange.

**Inyemezamwironoro** (inyêmezamwîroondooro). Eng: **Authentication token**. Fr: **Jeton d'authentification**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho giha abashaka kujya kuri murandasi uburyo bwo kwinjira mu nkoranabuhanga, mu maserivisi, mu mbuga za mudasobwa ndetse no mu ruganiriro nyubakarurimi rw'inkoranabuhanga, umuntu atarinze gukoresha imfungurahanzira uko ahatse kwinjira.

**Inyemezanzira** (inyemezanzira). Eng: **Network switch; Switching hub; Switch; bridging hub; MAC Bridge**. Fr: **Commutateur réseau; commutateur; concentrateur de commutation; pont réseau; pont MAC**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cy'ihuzanzira gihuza imashini mu ihuzanzira hakoreshejwe guhindura inzira kw'amapaki y'amakuru hagamijwe kubona, gutunganya no koherereza amakuru ibikoresho biyakira.

**Inyerekana** (inyerekana). Eng: **Projector**.

Fr: **Projecteur**. NK: **Urusobe**

**ntangamakuru**. SH: Igikoresho kigaragaza

ibiri ku ndebero (amashusho, inyandiko,...)

hakoreshejwe urumuri rw'amashanyarazi

ku hantu hashashe h'umweru nko ku kibaho, igitambaro cyangwa urukuta urukuta.



**Inyerekanyi** (inyêrekanyi). HI: **Igikoresho ngaragaza** (igikôreesho ngaragaza). Eng: **Pointing device**. Fr: **Dispositif de pointage**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho kigenzura imiyego

y'akanyerezo ngaragazahantu ku irebero, twavuga nk'imbeba,

ingaragaza rebero, agakoni nyamukino, ibiye ntangamategeko,

invuburanyandiko, kigafasha guhitamo ahantu ku irebero, kikagenzura

imiyego y'akanyerezo ngaragazahantu.

**Inyibamakuru** (inyîbamâkurû). Eng: **Spyware**. Fr: **Logiciel espion**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ishyirwa mu

gikoresho cya mudasobwa mu ibanga, ikaba igamije kwereka

uwashyizemo porogaramu amakuru nyiri mudasobwa yakiriye ndetse

n'uburyo ki akoresha murandasi.

**Inyigana** (inyîgaana). Eng: **Emulator**. Fr: **Émulateur**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyangwa

inkoranabuhanga bituma urwungano rwa mudasobwa rwakira rwitwara

nk'aho ari urundi rwungano rwitwa umushyitsi.

**Inyiganamiterere nyamorekire** (inyîgaanamîteêrere nyaamorekiîre).

Eng: **Molecular representation**; Molecular system. Fr: **Représentation**

**moléculaire**; **Système moléculaire**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH:

Uburyo bwo kwerekana imiterere ya morekire mu ishusho yumvikana

hakoreshejwe ikigero cyo kwigiraho kwa mudasobwa, nk'urujyano,

ishusho cyangwa isura mpandeshatu (3 D).

**Inyigisha** (inyigiisha). Eng: **Tutorial**. Fr: **Tutoriel**. NK: Urusobe

ntangamakuru. SH: Porogaramu y'amasomo ifasha kwiga uko ukoresha

porogaramu runaka cyangwa uko wakora igikorwa runaka mu

ikoranabuhanga binyuze mu ntambwe ku yindi.

**Inyigisho z'iyakure** (inyîgiisho z'iyakure). Eng: **E-learning**; electronic

learning; online learning. Fr: **Formation en ligne**; apprentissage

électronique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ugutanga imyigire ndetse n'amahugurwa binyujijwe kuri murandasi.

**Inyigo y'imbibi z'ubushobozi bwa mudasobwa** (inyigo y'imbibi z'ubushobozi bwa mudasobwa). Eng: **Study of the limitations of computation**. Fr: **Etude des limites du calcul**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igarukiro ry'ubushobozi bwa mudasobwa rirebwa ku buryo bw'ubugenge no mu mikorere rishingiye ku bunini, ingano n'ubwinshi bw'amakuru.

**Inyimura mpagazi** (inyimura mpagazi). Eng: **Vertical scrollbar**. Fr: **Barre de défilement vertical**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umurongo ufasha kwimura ibyo ureba mu nyandiko cyangwa muri porogaramu hejuru no hasi ku ndebera ya mudasobwa.

**Inyimura ntambike** (inyimura ntaambike). Eng: **Horizontal scrollbar**. Fr: **Barre de défilement horizontale**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umurongo ufasha kwimura ibyo ureba mu nyandiko cyangwa muri porogaramu ibumoso n'iburyo kudebera ya mudasobwa.

**Inyinjizamakuru** (inyinjizamakuru). Eng: **Computer Input unit**; Input unit. Fr: **Unité d'entrée d'ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cya mudasobwa gihuza uyikoresha na mudasobwa, kigatuma ayishyiramo amakuru, amategako n'ibimenyetso byo gukoresha, kigahindura ibishobora gusomwa n'umuntu, amajwi n'amashusho mu rurimi rwa mudasobwa rwa 0 na 1.

**Inyobora** (inyobora). Eng: **Driver**. Fr: **Pilote d'ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga yihariye ya mudasobwa ikora nk'umusemuri hagati ya sisitemu mbonezamikorere (OS) bigatuma imenya ibice bitandukanye bigize mudasobwa harimo n'ibiyicometseho nka mucapyi, mwandikisho, imbeba n'ibindi.

**Inyoboragikoresho** (inyoboragikoresho). Eng: **Device Driver**. Fr: **Pilote de périphérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ituma urwungano nkoresha rukorana n'ibikoresho bifatika byihariye kandi rukabigenzura, bityo bigatuma mudasobwa ikorana n'ibikoresho nk'incapanyandiko, inyandikiro n'ikarita y'ihuzanzira.

**Inyobora ya USB** (inyôbora ya USB). Eng: **USB Driver**. Fr: **Pilote USB**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga yihariye ya mudasobwa ikenerwa mu ikoresha rya USB, yaba ari umugozi wayo, fulashi cyangwa urwinjiriro rwayo.



**Inyobozi** (inyobozi). Eng: **Joystick**; **Gamepad**. Fr: **Manette de jeu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho nyinjizamakuru kigendanwa gituma umuntu agenzura imiyego cyangwa ibikorwa by'ikintu koranabuhanga ku irebero rya mudasobwa, kikaba n'urufatiro cyangwa mushyiguzi gishobora kubogamira mu ruhande runaka cyangwa gusunikwa mu byerekezo bitandukanye kugira ngo gikorane na mudasobwa cyangwa urukiniro.



**Inyobozi y'amakuru** (inyobozi y'âmakurû). Eng: **Metadata**. Fr: **Métadonnées**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibyangombwa kugira ngo amakuru akenewe ku makuru yumvikane, amakuru ashobore gukorerwa incamake, nko gushaka amakuru yayo, kureba aho yavuye, ireme ryayo, uko yubatse no kuba yabasha gusurwa.

**Inyohereza nyakira** (inkubirânya). Eng: **Diplex**. Fr: **Diplex**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyangwa uruboho rw'amashanyarazi rwemera kwakira cyangwa kohereza imiraba ibiri igendeye rimwe.

**Inyohereza nyakiramakuru** (inyohereza nyâkiiramâkurû). HI: **Modemu** (modêemu). Eng: **Modulator-Demodulator**; **Modem**. Fr: **Modem**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agakoresho gafasha mu kohereza amakuru kuri telefoni avuye kuri mudasobwa kabanje kuyahindura mu buryo telefoni ibasha kuyasoma.

**Inyoherezabutumwa ya murandasi** (inyôherezabûtumwâ ya mûraandasi). Eng: **Webmail**. Fr: **Courriel Web**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Serivisi yo kohereza no kwakira ubutumwa bwa imeri ushobora gukoresha binyuze mu ishakiro rya interineti, nta gahunda yihariye yo kohereza imeri isabwa.

**Inyoherezamajwi** (inyôherezamâjwi). Eng: **Acoustic coupler**. Fr: **Coupleur acoustique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gifasha mudasobwa guhamagara kuri telefoni.

**Inyoherezamajwi** (inyôherezamâjwi). Eng: **Toslink**. Fr: **Toslink**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kohereza amajwi y'ikoranabuhanga hifashishijwe insinga z'urumuri, bikoreshwa cyane mu bikoresho by'amajwi nk'insakazamajwi n'insakazamashusho.

**Inyongera ngabanyamiraba yikora** (inyongera ngâbanyamîraba yiikôra). Eng: **Reconfigurable Optical Add-Drop Multiplexer (ROADM)**. Fr: **Multiplexeur optique add-drop reconfigurable**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urwungano shingiro rw'ikoranabuhanga ry'itanzira huzanzira rigezweho hacungwa ku buryo ntangamusero urujya n'uruza rw'amakuru mu ihuzamiyoboro ry'isobekamajwi ry'ubwikube bw'uburebure bw'amajwi.

**Inyongerambaraga huzanzira** (inyôngeerambâragâ huuzanzira). Eng: **Repeater**. Fr: **Concentrateur; répéteur**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cy'ihuzanzira cyakira ibimenyetso byatakaje ingufu kibyongerera imbaraga kikongerera kikabyohereza kugira ngo bigere ahantu hanini mu ihuzanzira ngiramugozi (Ethernet) cyangwa nziramugozi (Wi-Fi), gikorera ku cyiciro ngaragaro cya mbere (Layer 1/couche 1) cy'urugero mbonera rwa OSI, kikabyara cyangwa kikongerera ingufu ibimenyetso, bigatuma amakuru agenda ahantu harehare atangiritse.

**Inyongeramuvuduko** (inyôngeeramûvuduko). Eng: **Accelerator key; keyboard accelerator**. Fr: **Touche accélératrice; touche d'accélération; accélérateur de clavier accélérateur clavier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira y'ubusamo y'urwandikiro iha abakiriya kugubwa neza no kugera ku mikoreshereze ya Windows biciye mu buryo bw'ibiyumviro bwo guhamagara ibikorwa cyangwa amategeko asanzwe yoroshye hatarinze kuba ishakisha mu ruganiriro mpuza rw'inkoranabuhanga.

**Inyoroshyarumuri** (inyoroshyarumuri). Eng: **Diffuser**. Fr: **Diffuseur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururenda rubonerana cyangwa ikirahure gishyirwa ku matara ngo hagabanywe ingufu z'urumuri.

**Inyubahirizamabwiriza** (iyûbahirizamâbwiiriza). Eng: **Command Prompt**. Fr: **Invite de commandes**. NK: **Inkoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rw'amategeko rutuma haboneka amakuru asesenguye ku gikoresho, ku nkoranabuhanga no ku miterere rusange y'urwungano.

**Inyubakambuga za murandasi** (inyûbakambûga zaa mûraandasi). Eng: **Asp.net**. Fr: **Asp.net**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwego rwa porogaramu za interineti ku ruhande rwa seriveri rwakozwe na Mikorosofuti rwemerera guhanga imbuga za interineti zihindagurika, porogaramu za interineti, na serivisi za interineti.

**Inyuguti mutako** (inyugûti mutaako). Eng: **Dropped capital**; Drop Cap. Fr: **Lettrine**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Aho inyuguti ya mbere y'igika cya mbere yagutse, ikajya mu mirongo myinshi y'inyandiko cyangwa interuro nke za mbere.

**Inyumvisho** (inyûmviisho) HI : **Ekuteri**. Eng: **Earphone**. Fr: **Écouteur**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Igikoresho gitambutsa amajwi gifite imitwe ibiri ishyirwa ku matwi kugira ngo umuntu yumve neza ibivugirwa mu kindi gikoresho ntambutsamajwi.

**Inyunganirafatashusho** (inyunganirafatashusho). Eng: **Steadicam**. Fr: **Steadicam**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gikumira imfatashusho yo mu ntoki gutitira kikanayiha gutanga ishusho ikeye.

**Inyungururamakuru** (inyûungururamâkurû). Eng: **Filter**. Fr: **Filtre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gahunda cyangwa imikorere isuzuma amakuru ikayasesengura cyangwa ikayahanagura ku buryo butoranya hakurikijwe ibipimo byagenwe mbere.

**Inyuranyamiraba** (inyûranyamîraba). Eng: **Modulation**. Fr: **Modulation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo guhindura inzira zijyana imiraba zikajya zitwara amakuru.

**Inzahurakorabuhanga** (inzâahuurakôranabûhaânga). Eng: **Disaster Recovery Plan (DRP)**. Fr: **Plan de reprise après sinistre**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Gahunda yo kuzahura ibikorwa nyuma y'ikiza koranabuhanga, bikaba bigizwe na politiki cyangwa imikorere yafashwe kandi yagenewe gufasha ikigo kugarura ibyari biriho

nk'igisubizo nyuma y'icyiza hagamijwe kurengera ibikorwaremezo koranabuhanga by'ikigo.

**Inzamuramakuru** (inzâamuuramâkurû). HI: **Inzira nzamuramakuru** (inzira nzâamuuramâkurû). Eng: **Uplink**. Fr: **Liaison montante**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro ujyana sinyare (signals) ku cyogajuru zivuye ku isi.

**Inzigamamuriro y'ikoranabuhanga** (inzigamamuriro y'îikôranabûhaânga). Eng: **Universal Power Supply (UPS)**. Fr: **Alimentation universelle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho kibika ingufu z'umuriro w'amashanyarazi kifashishwa igihe umuntu ari ahantu hatari umuriro w'amashanyarazi cyangwa habayeho ibura ry'amashanyarazi kandi akeneye gukoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa.



**Inzigamyi koranabuhanga** (inzîgamyi kôranabûhaânga). Eng: **Quick Part**. Fr: **Pièce rapide**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cya Mikorosofuti Ofisi (cyane cyane Wadi na Awutuluku) gituma indemo ibikwa ikazongera gukoreshwa (inyandiko, amafoto, imbata) hagamijwe kwihutisha ihangwa ry'inyandiko.

**Inzira** (inzira). HI: **Kwijira** (kwîinjira). Eng: **Access**. Fr: **Accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburenganzira umuntu ahabwa bwo gufungura mudasobwa agasoma cyangwa agakoresha amakuru arimo.

**Inzira ndinganire** (inzira ndinganire). Eng: **Parallel port**. Fr: **Port parallèle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'uburyo bwo guhuza mudasobwa bukunze gukoreshwa mu guhuza ibikoresho nka mucapyi na sikaneri kuri mudasobwa.

**Inzira ngenzuzi** (inzira ngeenzuuzi). Eng: **Control link**. Fr: **Lien de contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amategeko abiri cyangwa menshi ya sisitemu ahurije hamwe, bikaba ibiyigize bigufasha guhuza igenzura ry'ibishushanyo bitandukanye bikorera ahantu hamwe cyangwa mu rundi rusobe rwihariye.

**Inzira nkoranabuhanga** (inzira nkôranabûhaânga). Eng: **Embedded electronic circuit; computer chip; microchip; chip**. Fr: **Circuit électronique embarqué; puce informatique; puce électronique; puce**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Akantu gato kabwase gakoze mu bikoresho ntwaramashanyarazi gitoroniki karimo intwaramakuru gitoroniki.

**Inzira ntondeke** (inzira ntoôndeke). Eng: **Serial port**. Fr: **Port série**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoreshwa mu gutumanaho amakuru, buhoro buhoro, hagati y'ibikoresho.

**Inzira nyabwangu y'amashusho** (inzira nyabwangu y'âmashusho). Eng: **Accelerated Graphics Port (AGP)**. Fr: **Port graphique accéléré**. NK: **Urusobe ntangamakuru**. SH: ikarita yo kwagura ikarita ijyanye nayo, yagenewe guhuza ikarita ya videwo na sisitemu ya mudasobwa kugira ngo ifashe kwihutisha amashusho ya mudasobwa ya 3D.



**Inzira shingiro y'ikoresha** (inzira shingiro y'iikôreesha). Eng: **Root-User Process**. Fr: **Processus utilisateur de base**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere ishyirwa mu bikorwa n'uburenganzira buhanitse muri Lunix na macOS (Macintosh) bungana n'ubw'umuyobozi Windows, bikamuha uburyo bwo gukora igikorwa rwungano icyo ari cyo cyose.

**Inzira shusho** (inzira shusho). Eng: **Virtual Path (VP)**. Fr: **Chemin virtuel**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urusobe rw'imiyoboro yo kuri interineti ishyirwa kuri interineti binyuze kuri ATM.

**Inzira shusho ihoraho** (inzira shusho ihôrahô). Eng: **Permanent Virtual Path (PVP)**. Fr: **Chemin Virtuel Permanent**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uruhurirane rw'Insinga z'ihuza rihoraho.



**Inzira y'amakuru** (inzira y'âmakurû). Eng: **Traffic data**. Fr: **Données du trafic**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Amakuru ajyanye n'inzira y'itumanaho, igihe bitwara n'isaha ubutumwa bushyikiye biciye mu itumanaho gitoronike, agakoreshwa mu gutwara ibinyabiziga na kubikorera insababwishyu.

**Inzira y'ikorabintu** (inzira y'îkorabiintu). Eng: **Development process**. Fr: **Processus de développement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**

SH: Urwunge rw'ibikorwa n'imikorere ya ngombwa mu ikorwa ry'igicuruzwa, hibandwa ku bikenewe mu ngeri no ku isoko, harebwa ibikorwa byose bya ngombwa mu ikorwa kandi gihuye n'itego z'ikigo.

**Inzira y'ubusamo** (inzira y'ûbusâmo). HI: **Urubariro mpinanzira** (urubâriro mpinanzira). Eng: **Quick Access Toolbar**; Quick access. Fr: **Barre d'accès rapide**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kwinjira byihuse byoroshya ubushakashatsi bw'ahabikwa amakuru hakoreshwa cyane, habariwemo amasomero koranabuhanga, inzira n'amadosiye asangiwe aheruka gukoreshwa.

**Inzira ya bugufi** (inzira ya bûgufi). Eng: **Menu shortcut**. Fr: **Menu contextuel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibimenyetso bitandukanye igihe bihujwe bitanga igisubizo hatabayeho kwinjira ahashakirizwa ibikubiyemo.

**Inzira yo muri murandasi** (inzira yô murî murâandasî). Eng: **Conversion path**. Fr: **Chemin de conversion**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibyiciro bitandukanye usura urubuga rwa murandasi agomba kunyuramo kugira ngo abe inzobere kuri murandasi; uko ibyiciro by'urubuga rwawe biba binoze niko bigenda biba bike n'uwusura azajya agera aho yifuza vuba.

**Inzira z'iyinjira zitandukanye** (inzira z'iiyînjira zitaandûkanye). Eng: **Aliasing**. Fr: **Alias**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere igaraza aho amakuru ari mu mbikamakuru, hakagerwa umuntu anyuze ku mazina bimenyetso muri gahunda.

**Inziramugozi** (inzîramûgozî). HI: **Ihuzanzira nziramugozi** (ihuuzanzira nzîramûgozî). Eng: **Wireless network**; Wireless networking; wireless communication. Fr: **Réseau sans fil**; communication sans fil. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoranabuhanga rya murandasi rikoresha amajwi ya radiyo kugira ngo rihuze za mudasobwa n'ibikoresho bindi by'itumanaho, bikorohereza mu kiguzi kuko bunguka ayo bari gutanga ku migozi n'ubukozi bw'itumanaho.

**Inzoberasesengura**(inzôbeerasêseengura). Eng: **Deep neural network**; Multilayered neural network. Fr: **Réseau neuronal profond**; réseau neuronal multicouches. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Intambwe ya nyuma mu guhindagurika k'ubwenge bw'ubuhangano.

**Inzobere mu ihuzanzira** (inzobêere mu iihuuzanzira). Eng: **Network specialist**. Fr: **Spécialiste de réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya**

**murandasi.** SH: Umuntu ku giti cyeye cyangwa se ikigo bakora, bahugukiwe ibyo gukora no kunoza ibijyanye n'ihuzanzira.

**Inzogera** (inzogera). Eng: **Buzzer**. Fr: **Avertisseur sonore**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cya mudasobwa gikoreshwa n'amashanyarazi gitanga ijwi ryo hejuru rikebura.

**Inzogera y'indongozi ya mudasobwa** (inzogera y'indoongoozi ya mûdasobwâ). Eng: **Motherboard buzzer**; mini on-board speaker. Fr: **Buzzer de carte mère**; mini haut-parleur de boîtier intégré. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urusaku rw'indongozi bita « beep » ruranga mu miterere y'urwungano ahashobara kuba hari ikosa cyangwa ikindi kibazo.



**Ipaki nyabuhanga nkora nkoranabuhanga kuri murandasi** (ipaki nyabûhaânga nkorâ nkôranabûhaânga kurî murâandasi). Eng: **Package for Online Programming**; POP-1. Fr: **Groupement pour programmation en ligne**; POP-1. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: ilsinda ry'ibikoresho bya porogaramu, amasomero, cyangwa amasomo biboneka kuri interineti bifasha abanditsi ba porogaramu kwandika, gukoresha, kugerageza no gucunga porogaramu mu buryo bwo kuri interineti.

**Ipaki y'amakuru** (ipaki y'âmakurû). Eng: **Packet**. Fr: **Paquet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Itsinda ry'amakuru ya bayiti ashobora kugendera hamwe mu buryo bw'ihuzanzira.

**Ipaki ya Java** (ipaki ya Java). Eng: **JAVA Package**. Fra: **Paquet de JAVA**; groupement. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urukomatane rw'ibyiciro n'inganiriro bishyirwa hamwe mu izina rya JAVA.

**Ipaki ya porogaramu za Mikorosofuti Ofisi** (mikorosofûti ofisi). Eng: **Microsoft Office**. Fr: **Microsoft Office**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhererekane rw'inkoranabuhanga



nkoreshwa zikoreshwa mu gusesengura inyandiko n'ihanga ry'imbonerahamwe nyamibare, imbikamakuru n'ibindi bikoresho byinshi.

**Ipfa rya mudasobwa** (ipfâ ryaa mûdasobwâ). Eng: **Computer breakdown**; computer equipment failure. Fr: **Panne informatique**; panne du matériel informatique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Kuba mudasobwa ikora nabi cyangwa hari icyuma cy'imbere cyangwa inyuma ya mudasobwa kidakora, bigatuma itaka cyangwa bidatuma umuntu agera ku makuru akeneye.

**Ipfundo mpuzanzira** (ipfundo mpuuzanzira). Eng: **Network node**; node. Fr: **Nœud de réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Aho ifatishanzira rigenda rihuza ibikoresho by'ihuzanzira, bene aho hantu ni nk'uko twavuga nk'intanganzira, insohoranyandiko n'impinduranzira ku buryo bishobora kubona amakuru kandi bikanayohereza uvuye ku mpera imwe ukagera ku yindi.

**Ipfurikamakuru** (ipfûrikamâkurû). HI: **Ihishamakuru** (ihîshamâkurû). Eng: **Steganography**. Fr: **Stéganographie**. NK: **Ikoranabuhanga wa mudasobwa**. SH: Uburyo bwo guhisha amakuru mu yandi makuru, urugero nko guhisha ubutumwa mu ishusho.

**Ipimiranyamisusire y'ibanze** (ipîmiranyamîsusîre y'îbâanzê). Eng: **Raw Pose Estimation**. Fr: **Estimation brute de la pose**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Hakoreshwa urugero rw'isesengura ry'imihagararire y'umuntu mu ifotorwa kugira ngo ahantu hangombwa kuri buri rubibi hagaragare.

**Irahurabumenyi nyamurandasi** (irahurabumenyi nyamûraandasi). Eng: **E-learning**. Fr: **Apprentissage électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gukoresha ikoranabuhanga kugira ngo byorohereze kwigisha uhuza abarimu n'abiga mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Irangabucuruzi** (irâangabûcuruuzi). Eng: **Reference listing**. Fr: **Référencement**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Igikorwa cyo gutuma abantu bamenya urubuga rwawe rw'ubucuruzi biciye ku zindi mbuga zigenewe gushakishirizwaho kandi zisurwa n'abantu benshi bashaka amakuru cyangwa ibintu byo kugura.

**Irangasura** (irâangasûurâ). Eng: **Access log**. Fr: **Journal accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko igaragaza uko abantu basura urubuga runaka kuri murandasi, igihe bamaraho n'ibyo bashakisha.

**Irebero** (ireebero). Eng: **Interface**; User Interface. Fr: **Interface**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ahantu umufatabuguzi ashobora

gufatira inzira imuhuza n'umuyoboro rusange, ni aho umuntuarebera agakoresha za buto, indebero n'imbariro z'ibikorwa.

**Iremamikoraniye** (irêmamikorânire). HI: **Iremamikoraniye rya porogaramu** (irêmamikorânire ryaa porogaraâmu). Eng: **Clean Room approach**. Fr: **Salle blanche**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mu buryo bw'ikoranabuhanga, ni icyumba gisukuye cyane kandi gikoreshwa mu gukora ibikoresho bishobora kwanduzwa n'ibyanduzwa.

**Iremashusho rya mudasobwa** (iremashusho ryaa mûdasobwâ). Eng: **Computer model**. Fr: **Modèle informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urukomatane rw'amategeko ashwirwaho akarema imyitwarire y'urwungano ku buryo buriho nyakuri atari ishusho agakora imigaragarire y'urwungano nyakuri, ikigezweho kigenda gihindagurwa kugira ngo hamenyekane ingaruka zabyo ku myitwarire y'urwungano.

**Irembo nganabwenge buhangano** (irêembo ngânabwêenge buhaangano). Eng: **AI interface**. Fr: **Interface IA**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Imiyoboro y'ubwenge buhangano igufasha gukorana n'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano kugira ngo ukore cyangwa ugere ku nshingano.

**Irembo nganaporogaramu nkoranabuhanga** (irêembo ngânaporogaraâmu nkôanabûhaânga). Eng: **Application Program Interface (API)**; Application Programming Interface. Fr: **Interface de programme d'application**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urutonde rw'amabwiriza, imikorere, na porotocole abakora porogaramu bashobora gukoresha mu gukora porogaramu za sisitemu runaka y'imikorere.

**Irembo rusange** (irêembo rûsaânge). Eng: **Common gateway interface (CGI)**; Common Gateway protocol. Fr: **Interface de passerelle commune**; protocole de passerelle commune. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igipimo kigena imbaraga z'urubuga rwo kuri murandasi zo gushakisha gahunda za mudasobwa cyangwa inyandiko zibitswe kuri mudasobwa nini.

**Irihwa koranabuhanga** (irihwa kôranabûhaânga). Eng: **Mobile payment**; mobile money; mobile money transfer; mobile wallet. Fr: **Paiement électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kohereza, kwemeza ubwishyu cyangwa kwishyura amafaranga ku mucuruzi n'undi ufite serivisi runaka atanga, ibyo byose bigakorwa hifashishijwe telefoni ngendanwa.

**Iriindamakuru** (iriindamâkurû). Eng: **Data protecting**. Fr: **Protection des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukurinda amakuru akomeye akarindwa gutakara no kwangirika.

**Iriindanyandiko** (iriindanyandiko). HI: **Uburyo bwo kurinda inyandiko** (uburyô bwô kuriinda inyandiko). Eng: **Security procedure**. Fr: **Procédure de sécurité**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo kugenzura ko inyandiko koranabuhanga cyangwa umukono koranabuhanga ari iby'umuntu runaka; cyangwa kuvumbura ikosa cyangwa icyononekaye mu itumanaho, ibigize cyangwa ibibitswe mu nyandiko koranabuhanga guhera igihe runaka, bigasaba gukoresha ibimenyetso cyangwa inyandiko y'ibanga bigaragaza amagambo, imibare, ibisubizo byabonetse, cyangwa uburyo buzwi cyangwa n'ibindi birebana no kurinda umwimerere w'inyandiko.

**Iriindwa ry'amakuru** (iriindwa ry'âmakurû). Eng: **Data protection**. Fr: **Protection des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoreshwa ry'uburyo bw'ubuyobozi, bwa tekini, n'ubw'ubugenge bihwitse kugira ngo twirinde itangazwa, ihindurwa, n'iyangizwa ry'amakuru ryaba rigambiriwe cyangwa bibaye ku bw'impanuka kandi nta burenganzira.

**Iriindwa ry'amakuru bwite** (iriindwa ry'âmakurû bwiitê). Eng: **Personal data protection; security protection**. Fr: **Protection des données personnelles**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoreshwa ry'uburyo bw'ubuyobozi, bwa tekini, n'ubw'ubugenge bihwitse kugira ngo twirinde itangazwa, ihindurwa, n'iyangizwa ry'amakuru ryaba rigambiriwe cyangwa bibaye ku bw'impanuka kandi nta burenganzira.

**Iriindwa ry'ibora ry'imyanya nkoranabuhanga** (iriindwa ry'ibora ry'imyaânya nkôranabûhaânga). Eng: **Bit rot protection**. Fr: **Protection contre la pourriture des bits**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iyo hari imyanya nkoranabuhanga yangiritse izakosorwa mu gihe cy'itunganywa ry'isomwa ry'imbikamakuru ahoraho cyangwa mu gihe cy'itunganywa ry'urwungano rw'amafishiye igihe cyose abantu bafite disiki ebyiri cyangwa zirenze muri rusange.

**Iringanizajwi** (iriinganizajwî). Eng: **Equalization (EQ); equalisation**. Fr: **Égalisation**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Uburyo bwo gushyira ku murongo ubwiyongere bw'amajwi no kuyashyira ku bipimo

bitandukanye kugira ngo urwunge rwayo runogere amatwi bitewe n'uko yifuzwa kumvwa.

**Iringanizabara** (iriinganizabâra). Eng: **Colour balance**. Fr: **Équilibre des couleurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iringaniza ry'amabara rihindura ibara rusange rivanze mu mashusho kandi rikoreshwa mu gukosora amabara.

**Iringanizamurimo** (iriinganizamurimo). Eng: **Rate limiting**. Fr: **Limitation de débit**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Tekiniki ikoresha mu nzungano koranabuhanga mu kugenzura umuvuduko ubusabe bwoherezwamo cyangwa bukorwamo hagamijwe kugumishaho umutuzo n'umutekano w'urwungano.

**Irobo** (irobo). Eng: **Robot**. Fr: **Robot**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Igikoresha gishyirwamo porogaramu ikagiha ubushobozi bwo gukora ikimwe cyose umuntu nawe ashoboye gukora.

**Isaha** (isâahâ). Eng: **Clock**. Fr: **Horloge**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresha mbaragihe cyifashisha ibuye ry'isarabwayi kugira ngo gihagurutse inshobozamudasobwa kiyiha imiraba nyamujyo ku buryo bw'amashusho.

**Isakaza** (isaakaaza). Eng: **Diffusion**. Fr: **Diffusion**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira yo gukwirakwiza, kwaguka, gukwirakwizwa, cyangwa gukwira hose.

**Isakaza mbonera** (isaakaaza mbonerâ). Eng: **Digital**. Fr: **Digital**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuraba ugiye umujyo umwe ushingiyeye ku ikoranabuhanga aho ubarwa ko ushobora kuba uhari (1), urugero nta kugonga umusozi cyangwa ntawo (0) tuvuge wagonze umusozi ukazimira, mu ikoranabuhanga 1 bivuga ko bimeze neza naho 0 bikavuga ko nta gihari.

**Isakaza nziguro** (isaakaaza nzîguro). Eng: **Analog**. Fr: **Analogue**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Umuraba ugenda uhindagurika, ugabanura ingufu uko ugenda cyangwa ukagenda wongera ubukana.

**Isakazamakuru** (isâakaazamâkurû). Eng: **Broadcasting**. Fr: **Radiodiffusion**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Iyoherezwa cyangwa iherekanywa ry'amajwi cyangwa amashusho hakoreshejwe uburyo bw'inyakiramajwi cyangwa inyakiramajwi n'amashusho bwabugenewe,

rishobora gukoresha umurongo wa radiyo, urusinga, icyogajuru cyangwa se ubu buryo bwose buhuriye hamwe.

**Isakazamakuru mbanikane** (isâakaazamâkurû mbaângikane). Eng: **Parallel broadcast**. Fr: **Diffusion parallèle**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo isakazamakuru ryohereza amakuru icyarimwe kuri radiyo na televiziyo.

**Isambu ikoresha ikoranabuhanga** (isaâmbu ikôreesha ikôranabûhaânga). Eng: **Digital farm**. Fr: **Ferme numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu runaka handikwamo ibyerekeranye n'ubuhinzi bugezweho.

**Isamira** (isaamiira). Eng: **Buzzing**. Fr: **Bourdonnement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urusaku ruterwa n'ikibazo kuri muherezi cyangwa ku mbikamakuru zihoraho ariko hari n'ubwo biterwa na gahunda runaka ifite ikibazo.

**Isangiramakuru** (isâangiramâkurû). Eng: **Data sharing**. Fr: **Partage de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gutuma umutungo w'amakuru ushobora kugerwaho ku bantu benshi, gukoreshwa n'inkoranabuhanga cyangwa imiryango kandi hizewe ubudakemwa n'umutekano w'amakuru.

**Isangiramiyoboro** (isaangiramiyoboro). Eng: **Link Sharing**. Fr: **Partage de liens**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kuba umuntu asura urubuga akarutangiza abandi, bigatuma rumenyekana, rukagerwaho n'abantu benshi.

**Isangiriro** (isaangiriro). Eng: **SharePoint**; Share Information; shared resource; network share. Fra: **Point de partage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urubuga rw'amakuru y'ikigo rwakozwe na Mikorosofuti rushobora gushyirwa muri mudasobwa rugateza imbere imikorere y'ikigo rworoshya icungwa ry'amakuru, rugacunga imbuga zihariye n'iziri rusange ndetse na murandasi.

**Isangiza** (isaangiza). Eng: **Share**; Share Information; shared resource; network share. Fra: **Partage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gusangiza abantu amafishiye n'amadosiye kuri mudasobwa icometse kuri murandasi.

**Isangiza rya murandasi nziramugozi** (isaangiza rya mûraandasi nzîramûgozî). HI: **Urufatiro huzanzira** (urufâtiro huuzanzira). Eng: **Hotspot**; mobile hotspot. Fr: **Point d'accès Wi-Fi**; point chaud. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Aho abantu bashobora kugera ku muyoboro w'itumanaho bakoresheje wifi na rawuta ihujwe n'abatanga serivisi z'itumanaho.

**Isesengura ry'umuraba nyamajwi** (isêseengura ry'ûmurâba nyamâjwi). Eng: **Audio signal processing**; sound processing. Fr: **Traitement du signal audio**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice gito cy'uburyo amajwi atunganywa kireba uburyo bwo gukoresha amajwi mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Isesengura ryifashisha mudasobwa** (isêseengura ryiifâshiisha mûdasobwâ). Eng: **Computer analysis**. Fr: **Analyse informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukoresha mudasobwa mu gusesengura no gusobanura amakuru kugira ngo havemo ibisubizo bifite umumaro.

**Isesengurabimenyetso ntangamakuru koranabuhanga** (iseseengurabimenyeetso ntâangamâkurû kôranabûhaânga). Eng: **Computer forensics**. Fr: **Criminalistique informatique**. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso**. SH: Ingeri y'ikoranabuhanga ikoresha tekini y'icukumburamakuru cyangwa ubundi buryo hagamijwe kugenza cyangwa gutahura no kubungabunga gihamya zikoreshwa mu butabera zivuye mu gikoresho koranabuhanga.

**Isesengurabimenyetso ry'igikoresho ngendanwa** (iseseengurabimenyeetso ry'igikôreesho ngeendânwa). HI: **Ubugenzabimenyetso bw'ingendanwa** (ubugeenzabimenyeetso bw'îngeêndanwa). Eng: **Mobile device forensics**. Fr: **Analyse criminalistique des appareils mobiles**. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso**. SH: Ishami ry'ubugenzabimenyetso koranabuhanga bwita ku kugarura gihamya cyangwa amakuru bikoreshwa mu butabera, bivanywe muri telefoni (mudasobwa nto, mudasobwa ngendanwa, ibikoresho biri kuri murandasi, ibikoresho ngendanwa) mu buryo ngaragazabimenyetso by'amajwi bwemewe mu butabera.

**Isesengurabimenyetso ry'ihuuzanzira** (iseseengurabimenyeetso ry'ihuuzanzira). HI: **Ubugenzabimenyetso kuri murandasi** (ubugeenzabimenyeetso kuri murâandasi). Eng: **Network Forensics**. Fr:

**Analyse criminalistique des réseaux;** analyse médico-légale des réseaux. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso.** SH: Agashami k'ubugenzabimenyetso koranabuhanga kibanda ku kugenza no gusesengura imiyoboro ya mudasobwa kugira ngo hegeranywe amakuru n'ibimenyetso nkenerwa mu butabera cyangwa itahura ry'igitero kuri murandasi.

**Isesengurabimenyetso ry'imbikamakuru** (isesengurabimeneetso ry'ii mbikamakuru). HI: **Ubugenzabimenyetso bw'imbikamakuru** (ubugeenzabimeneetso bw'iimbikamakuru). Eng: **Memory forensics.** Fr: **Analyse criminalistique de la mémoire.** NK **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso.** SH: Isesengura ry'ibimenyetso koranabuhanga bya gihanga bikoreshwa mu butabera biri ku mbikamakuru ya mudasobwa.

**Isesengurabimenyetso ry'ububiko bw'iyakure** (isesengurabimeneetso ry'ububiko bw'iyakure). HI: **Ubugenzabimenyetso bw'ububiko bw'iyakure** (ubugeenzabimeneetso bw'ububiko bw'iyakure). Eng: **Cloud Forensics.** Fr: **Analyse criminalistique du cloud;** analyse médico-légale du **Cloud.** NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso.** SH: Igikorwa cyo kwegeranya, gusesengura no kubungabunga amakuru avuye mu nzungano na serivisi byo mu bubiko bw'iyakure hagamijwe gushakisha ibimenyetso by'icyaha ku byabaye bifatanye isano n'ububiko bw'iyakure.

**Isesengurabimenyetso ryo mu mbikamakuru** (isesengurabimeneetso ryô mu mbikamakuru). Eng: **Database forensics.** Fr: **Analyse criminalistique des bases de données.** NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso.** SH: Akazi ko kwegeranya no gusesengura ibimenyetso koranabuhanga bivuye mu mbikamakuru, habariwemo amakuru abonejwe n'atabonejwe.

**Isesengurabyaha rifatiweho** (isesengurabyâaha rifatiwehò). Eng: **Live Forensics.** Fr: **Analyse médico-légale en temps réel.** NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso.** SH: Igikorwa cyo kwegeranya gihamya uherye ku rwungano koranabuhanga ruriho rukora bidasabye ko uruhagarika cyangwa ngo ugire icyo uhindura ku mimerere yarwo.

**Isesengurabyaha ry'ihuzanzira mpuzabikoresho** (isesengurabyâaha ry'ihuzanzira mpuzabikoreesho). Eng: **Internet of things (IoT).** Fr: **Internet des objets.** NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso.** SH: Igikorwa cyo kwegeranya no gusesengura za gihamya koranabuhanga zivuye mu mashini z'ihuzanzira

mpuzabikoresho nk'ibikoresho byikoresha byo mu rugo, ibikoresho bifite ihuzanzira cyangwa izindi nzungano zifite ihuzanzira.

**Isesengurabyaha ry'ubwenge buhangano** (isêseengurabyâaha ry'ûubwêenge buhaangano). Eng: **Artificial Intelligence Forensics**. Fr: **Criminalistique par intelligence artificielle**; intelligence artificielle et criminalistique. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Imikoreshereze y'ubwenge buhangano n'ubuhanga bwo kwigiraho bwa mudasobwa bikoreshwa mu isesengura no gutoranya amakuru uyavana muri za gihanya koranabuhanga mu rwego rwo gushakisha ibimenyetso by'ibyaha mu ikoranabuhanga.

**Isesengurabyaha ry'urwungano rw'amafishiye** (isêseengurabyâaha ry'ûrwuungaano rw'âmafishiye). Eng: **File System Forensics**. Fr: **Analyse criminalistique des systèmes de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso**. SH: Uburyo bw'isesengura ry'imiterere, indemo n'inyobozi y'amakuru by'urwungano rw'amafishiye hagamijwe gutahura amafishiye yahanaguwe, ayahishwe n'ayangiza.

**Isesenguramakuru nshakishabyaha** (isêseenguramâkurû nshâakiishabyâaha). Eng: **Forensic data analysis**; Data forensics. Fr: **Analyse des données médico-légales**; analyse criminalistique des données. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso**. SH: Isuzuma ry'amakuru yo mu ikoranabuhanga hashakishwamo ibimenyetso by'ibyaha byakorewe kuri murandasi cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga, haba harakoreshejwe telefoni, mudasobwa, mugabuzi n'ibindi bikoresho mbikamakuru kandi hagakurikiranwa ndetse hakanasesengurwa amakuru anyura mu ihuzanzira.

**Isesenguramatsinda** (iseseenguramatsinda). Eng: **Batch Process**; Batch processing. Fr: **Traitement par lots**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo mudasobwa zikoresha mu gukora imirimo isubiramo amakuru kandi minini buri gihe, bikubiyemo gukusanya amakuru, kuyatunganya mu byiciro, no kubika ibisubizo, aho kuyatunganya buri gice cy'amakuru ukwacyo mu gihe nyacyo.

**Isesengurarurimi ry'ubwenge buhangano** (isêseengurarûrimi ry'ûubwêenge buhaangano). Eng: **AI. language processing**; Natural language processing. Fr: **Traitement automatique de l'intelligence artificielle**; traitement automatique du langage naturel (TALN). NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ubwoko bw'ubwenge bw'ubukorano (AI)

butuma mudasobwa zumva ururimi rw'abantu, rwaba rwanditse, ruvugwa, cyangwa se rwanditswe.

**Isesengurarwungano rw'amafishiye** (isesengurarwuungaano rw'âmafishiye). HI: **Isesengurarwungano** (isesengurarwuungaano). Eng: **File System Analysis; System Analysis**. Fr: **Analyse du système des fichiers; analyse du système**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gusesengura imiterere n'indemo by'urwungano rw'amafishiye hagamijwe gutahura amafishiye yahanaguwe, yahishwe cyangwa yangiza.


**Isesengurashusho** (isesengurashusho). Eng: **Image analysis; imagery analysis**. Fr: **Analyse d'images**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ifatwa ry'amakuru ngirakamaro aturutse ku mashusho cyane cyane biturutse ku mashusho koranabuhanga hifashishijwe tekini y'isesengurwa ry'amafoto koranabuhanga.

**Ishakiro** (ishaakiro). Eng: **Search toolbar; search bar; search box**. Fr: **Barre de recherche**. NK: **Ikoranabuhanga rya**



**murandasi**. SH: Aho wandika amagambo aranga icyo ushaka kugira ngo murandasi ibishakishye, akaba ari igikoresho kiguha ubushobozi bwo kwandika muri mudasobwa amagambo y'ingenzi cyangwa imvugo biguha gushakisha amakuru yihariye ku rubuga rwa murandasi, inkoranabuhanga cyangwa inshakishamakuru.

**Ishakisha** (ishaakiisha). Eng: **Search**. Fr: **Recherche**. NK: **Ikoranabuhanga rya**



**mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gushaka cyangwa gukura amakuru kuri mudasobwa, umuyoboro, cyangwa isoko yo kuri interineti.

**Ishakishamakuru** (ishâakiishamâkurû). Eng: **Navigation system**. Fr: **Système de navigation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imbonezamikorere gitoroniki itanga ikarita mu buryo bufatika ahabarizwa ikintu muri ako kanya n'amategeko akurikizwa rimwe ku rindi kugira ngo umuntu agere ahifuzwa hasabwe.

**Ishakishamakuru ry'imuhira** (ishâakiishamâkurû ry'imuhirâ). Eng: **Home scanning**. Fr: **Scannage à domicile**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kubona amakuru ku bantu uri imuhira hanyuma ukayohereza ku kazi wifashishije ikoranabuhanga.

**Ishakishashusho** (ishaakiishashusho). Eng: **Visual search**. Fr: **Recherche visuelle**. NK: **Urusobe ntangamakuru**. SH: Ikoranabuhanga rikoresha ubwenge buhangano mu gutuma abahaha bakora ubushakashatsi kuri murandasi bakoresheje ubwoko ubwo ari bwo bwose bw'ishusho aho gukoresha inyandiko cyangwa ijamba ry'ingenzi.

**Ishami Rishinzwe Gucunga Amakuru** (ishâmi rishiinzwê gucuunga amakurû). Eng: **Data Governance Unit (DGU)**. Fr: **Unité de gouvernance des données (UGD)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwego rukuru rushinzwe kugenzura no gucunga ibikorwa byose byo gusangira amakuru.

**Ishami rishinzwe ikoranabuhanga** (ishâmi rishiinzwê ikôranabûhaânga). Eng: **ICT Cell; Cell**. Fr: **Cellule TIC; cellule**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itsinda rito ryo muri kaminuza cyangwa koleji rishinzwe gucunga no gusuzuma inyubako na serivisi z'ikoranabuhanga mu kigo kugira ngo ikoranabuhanga rikoreshe ku buryo butanga umusaruro mu mirimo yo kwigisha n'iy'ubuyobozi.

**Ishimangiragenzura** (ishimaangirageenzuura). Eng: **Dual control**. Fr: **Double contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kurinda amakuru yihariye hakoreshejwe ibigo bibiri (ababishinzwe).

**Ishuri ry'iyakure** (ishuûri ry'iyakure). HI: **Ahigishirizwa h'iyakure** (Ahiigiishirizwa h'iyakure). Eng: **Virtual Learning Environment (VLE)**. Fr: **Environnement d'apprentissage virtuel (EAV)**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ishuri shusho rituma abarimu n'abanyeshuri bavugana bakoresheje ihuzanzira rya murandasi ku buryo amakuru y'isomo, imfashanyigisho, n'imikoro biba biri kuri murandasi.

**Ishusho** (ifoto). Eng: **Picture; pic**. Fr: **Photo; image**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho igaragaza ikintu cyafashwe n'ingaragazafoto isanzwe cyangwa koranabuhanga.

**Ishusho gicu** (ishusho gicu). HI: **Ishusho baringa** (ishusho bariînga). Eng: **Holographic image; holographic display**. Fr: **Image holographique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urumuri ngaragazamashusho mpandeshatu rushobora kubonwa hadakoreshejwe ibikoresho byihariye nka kamera cyangwa amadarubindi.

**Ishusho idatunganyije** (ishusho idâtûungânyije). Eng: **RAW image; rush**. Fr: **Image brute**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho iyo ari yo yose idatunganyije kandi idatsitse, iba itari yahinduka

kuva ifotowe ariko ntifatwa nk'ifoto ahubwo ni negatifu koranabuhanga itarakorwaho n'inkoranabuhanga ngo iyitunganye.

**Ishusho igennyeye** (ishusho igênnyeye). Eng: **Parameter Image**. Fr: **Image paramétrée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingano y'ishusho aho buri ngirangingo cyangwa agasoro foto gahagarirwa n'umwanya nkoranabuhanga umwe, bigatuma amakuru abikwa ku buryo buhanitse kandi hakaba n'isesengura ryihuse kurushaho ry'imikorere nyabubiri mu nkoranabuhanga ngaragazashusho za mudasobwa.

**Ishusho inononsoye** (Ishusho inônonsoye). Eng: **SmartArt graphics**; Smart Art. Fr: **Graphique SmartArt**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoreshwa n'inkoranabuhanga za Mikorosofuti Ofisi (Wadi, Pawa Powenti, Egiseri na Awuturuku) bugatuma abakoresha mudasobwa bahanga, bagaha umwihariko ibyo bakora, bakabishyira mu bishushanyo, cyangwa bakabiha amashusho akurura abantu kugira ngo abantu bahererekanye amakuru ku buryo bunoze aho gukoresha inyandiko isanzwe ku buryo bwihuse kandi bworoshye.

**Ishusho karita koranabuhanga** (ishusho karita kôranabûhaânga). HI: **Ikarita koranabuhanga y'isi** (ikarita kôranabûhaânga y'iisi). Eng: **Geographic information system (GIS) map**. Fr: **Carte du système d'information géographique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu ya mudasobwa isesengura kandi ikagaragaza amakuru yerekeye imiterere y'isi mu buryo bw'amakarita.

**Ishusho mbonerahanwe** (igishushaanyo mbônerahâmwe). Eng: **Chart**. Fr: **Graphique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igishushanyo ngaragazamakuru gitanga amakuru koranabuhanga mu buryo busesenguye.

**Ishusho ngereka** (ishusho ngêrekâ). Eng: **Picture-in-picture (PiP)**. Fr: **Image dans l'image**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi bw'inkoranabuhanga bwo gukoresha porogaramu nyinshi mu kugaragaza amashusho ya videwo, akenshi imbona nkubone mu kadirishya gato kaba kareretse ku ndebero, kakaba kanimurirwa ahashakwa igihe ku ndebero izindi inkoranabuhanga ziriho zigaragaza ibindi bintu.

**Ishusho nsimbura** (ishusho nsiimbuura). Eng: **Avatar**. Fr: **Avatar**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: ishusho igaragaza umukoresha, imiterere ye, cyangwa ubumuntu bwe.

**Ishusho ntangiriro** (ishusho ntâangiriro). Eng: **Startup screen**; Start screen; boot-up screen. Fr: **Ecran de démarrage**; écran d'accueil. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko cyangwa amashusho agaragara igihe porogaramu runaka iri gukoresha.

**Ishusho ntayega** (ishusho ntayegâ). Eng: **Still frame**; freeze frame; video prompt; preview thumbnail; misleadingly thumbnail; keyframe; poster frame; screen shot; grab; capture; dump. Fr: **Image fixe**; image figée; invite vidéo; aperçu; vignette trompeuse; image clé; image d'affiche; capture d'écran; capture; vidage. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amashusho bwite y'umuntu akomeza kugenda atunganywa.

**Ishusho nteramatsiko** (ishusho nteeramatsiko). Eng: **Thumbnail**. Fr: **Miniature**; vignette. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kugaragaza ishusho cyangwa ifoto ngari mu gace gato hagamijwe kwerekana mu buryo bwihuse ibikubiyemo, akaba ari agashushanyo gato k'ipaji cyangwa agashusho gatuma umuntu amenya ifishi bishingiye ku ndemo.

**Ishusho ry'amakuru bwite** (ishusho ry'âmakurû bwiitê). Eng: **Profiling**. Fr: **Profilage**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu** SH: Uburyo bwikoresha bwo gutunganya amakuru bwite butuma hifashishwa amakuru bwite mu gusuzuma imiterere imwe n'imwe iranga umuntu, by'umwihariko mu gusesengura no guteganya imiterere iranga imikorere y'uwo muntu mu kazi, uko ahagaze mu rwego rw'ubukungu, ubuzima bwe, ibyo akunda kurusha ibindi, inyungu ze, uburyo yizerwa, imyitwarire ye, aho aherereye cyangwa ingendo akora.

**Ishusho y'indiba y'indebero** (ishusho y'iindiba y'indebero). Eng: **Wallpaper**. Fr: **Fond d'écran**. Nk: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho koranabuhanga (ifoto cyangwa igishushanyo) ikoresha mu gutaka indiba y'indebero ya mudasobwa cyangwa ya telefoni igezweho cyangwa y'uruganiriro rw'igikoresho koranabuhanga, iba iri inyuma y'amashusho ndanga n'amadirishya yo kuri mudasobwa bigatuma uyikoresha ashobora gutaka uko abyifuza aho umuntu aserukira ageze ku ndebero.

**Ishusho yo kuri murandasi** (shusho yô kuri murâandasi). Eng: Online Picture. Fr: Image en ligne. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Isura y'ikintu kibitse kuri mugabuzi koranabuhanga kandi gishobora gusurwa kikagaragazwa kuri murandasi.

**Ishyikiro ry'amakuru ya mudasobwa** (ishyikiro ry'âmakurû ya mûdasobwâ). Eng: Computer terminal; Data terminal; Dumb terminal; Terminal. Fr: Terminal informatique; terminal de données; terminal. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Igikoresho koranabuhanga, akenshi kiba ari indebero cyangwa mwandikisho, gifasha mu kwinjiza amakuru no kwakira ibisubizo bivuye mu rwungano koranabuhanga remezo ruri kure (mudasobwa remezo cyangwa mugabuzi), kikaba ari uruganiriro rw'ukoresha mudasobwa kandi akenshi ntikibagifite ububasha bwo gusesengura amakuru.

**Ishyirwamo rishya** (ishyiirwamô rishyâ). Eng: Clean Install. Fr: Nouvelle installation; installation propre. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Kwinjiza porogaramu ikoresha mudasobwa, isimbura izindi porogaramu zose ziri kuri mudasobwa isanzwe.

**Isi mburafato** (isi mbûrafâto). HI : **Isi baringa** (isi bariînga); **ihuzanzira ry'amasu shusho** (ihuuzanzira ry'âmaâsi shusho). Eng: Metaverse. Fr: Métavers. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Ahantu hadafatika rusange ngandi hasangiwe havuka mu ihuriza hamwe rituruka hagati ukuri gufatika kunganiwe n'ukuri kudafatika, n'ibidukikije nyamibare bihora bigaruka, bituma umuntu acubira mu isi mpande eshatu aho abantu bashobora gukorana, kugirana ibiganiro, gukorera hamwe, gukina no guhanga hifashishijwe amashusho nsimbura nyamibare, akenshi hakoreshejwe uburyo bw'ukuri shusho (RV) cyangwa bw'ukuri kwisumbuye (RA).

**Isimburamakuru** (isîimbuuramâkurû). Eng: Tokenization. Fr: Tokenisation. NK: Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso. SH: Uburyo bwo gusimbuza amakuru y'ibanga ibimenyetso ndangamakuru byihariye bibika ibisobanuro by'ingenzi byerekeye amakuru bitabangamiye umutekano wayo.

**Isobanukurwa ricukumbuye** (isôbaanukurwa ricukûumbuye). Eng: Insight. Fr: Aperçu. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Isobanukirwa neza rituruka ku isesengurwa ry'amakuru ryerekana ingero ngenderwaho, ibyerekezo n'amasano ashobora gukoreshwa mu

gufata ibyemezo binyuze birenga cyane cyane amakuru adasesenguye hakavumburwa ubumenyi buhanitse ku miterere y'ikintu cyangwa imyitwarire y'ugikoresha, bikaba ari igihe umuntu avumbuye ikintu gikomeye biturutse ku guhuza ingingo zo mu makuru.

**Isobanurazina** (isobaanurazina). Eng: **Name resolution**. Fr: **Résolution de noms**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira yo guhindura amazina mo indanga mbonezanzira kugira ngo hatume haba iyumvikana rya zamudasobwa bikorohereza abakoresha mudasobwa kubona ihuzanzira yihariwe cyangwa ya murandasi.

**Isobekamajwi** (isôbekamâjwi). Eng: **Multiplexing**. Fr: **Multiplexage; muxing**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwohereza icyarimwe imiraba myinshi cyangwa amakuru menshi mu ihuzanzira tumanaho ku buryo bw'umuraba umwe w'urusobe.

**Isohoranyandiko ryihariye** (isohoranyandiko ryiihâriye). Eng: **Mail merge**. Fr: **Publipostage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu yo gutunganya inyandiko za mudasobwa mu buryo urupapuro rumenyereye rw'inyandiko rusohorwa mu mazina atandukanye.

**Isoko ry'ikoranabuhanga** (isokô ry'îikôranabûhaânga). Eng: **Technology market**. Fr: **Marché technologique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ugucuruza no guhererekanya ibicuruzwa bishya, serivisi, n'uburenganzira bw'ubwenge bijyanye n'iterambere ry'ikoranabuhanga.

**Isoko rya kane** (isokô ryaa kâne). Eng: **Fourth market; electronic market**. Fr: **Quatrième marché**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Isoko ryifashisha ikoranabuhanga mu guhuza abaguzi n'abagurisha imigabane.

**Isoko rya Mikorosofuti** (isokô ryaa Mikorosofûti). HI: **Butiki ya Mikorosofuti** (butiiki ya Mikorosofûti). Eng: **Microsoft Store; Windows Store**. Fr: **Boutique Microsoft**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Isoko ryo kuri murandasi ryemerera abaguzi kugura no gukuramo ibintu bitandukanye.

**Isomero koranabuhanga** (isomero kôranabûhaânga). Eng: **Library; package**. Fr: **Bibliothèque informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ihuriro ry'inyandiko, fayilo zishobora kongera

gukoreshwa ndetse n'amakuru abitse muri mudasobwa akaba ashobora gukoreshwa umunsi ku munsi.

**Isomero koranabuhanga** (isomero kôranabûhaânga). Eng: **Digital Library**. Fr: **Bibliothèque numérique**. NK: **Isakazabumenyi koranabuhanga**. SH: Isomero rifite ibitabo n'inyandiko biboneka hifashishijwe interineta.

**Isosiyete ya Mikorosofuti** (isosiyete Mikorosofûti). Eng: **Microsoft Corporation**; Microsoft. Fr: **Société Microsoft**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: isosiyete mpuzamahanga yo muri Amerika itanga serivise zo kubara ibicu, imikino yo kuri videwo, ibyuma bya mudasobwa n'udukino twa videwo, moteri zishakisha, n'izindi serivisi zo ku murongo.

**Isubiramurongo** (isubiramuroongo). Eng: **Hard return**. Fr: **Retour à la ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itegeko rikoreshwa mu gushyiramo agace k'umurongo mu nyandiko cyangwa kuko rimwe na rimwe iyo ukanze urufunguzo rwa "Enter" kuri mwandikisho yawe, uba ukoze agace k'umurongo.

**Isubiranya koranabuhanga nkurikirakiza** (isûbiranya kôranabûhaânga nkurikirakiiza). Eng: **IT Disaster Recovery**. Fr: **Reprise après sinistre informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amafaranga akoreshwa muri politiki, ibikoresho, n'ibikorwa bigamije kugarura cyangwa gukomeza ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga, inkoranabuhanga, n'inzungano shingiro nyuma yuko habaye icyiza gisanzwe cyangwa cyatewe n'umuntu.

**Isubiza ry'ingorane koranabuhanga** (isûbiza ry'ingoôrane kôranabûhaânga). Eng: **Incident Response Plan**. Fr: **Plan de réponse aux incidents**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ubuganga busesengura bwo kuvuga uburyo ikigo kizavumbura igitero cyo kuri murandasi, kikagisubiza kikanagarura amakuru yariyagabweho igitero cyangwa kigatsinda ibindi byahubanganyije amakuru.

**Isura imwenyura** (isuûra imwêenyuura). Eng: **Smiley**; smiley face. Fr: **Sourire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikimenyetso shusho shingiro cyerekana isura y'umuntu umwenyura, wishimye, ugaragaza urukundo n'urugwiro.

**Isura nkoresha** (isuura nkoreesha). Eng: **Executable form**. Fr: **Forme exécutable**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ingaragaro y'igihangano gishobora gukorwa nk'inkoranabuhanga kuri mudasobwa.

**Isura nyafishiye mpererekanyamajwi** (isuûra nyaafishiye mpêrerekanyamâjwi). Eng: **Audio Interchange File Format (Audio IFF)**. Fr: **Format de fichier d'échange audio**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ihame rihuriweho ryo kubika amajwi yafashwe.

**Isurambuga** (isûurambûga). HI: **Ishakishamakuru** (ishâakiishamâkurû). Eng: **Navigation**. Fr: **Navigation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gufungura ingingo z'ibikorwa bya mudasobwa ukazogoga uherye ku ngingo hagurutsa, ugafungura gahunda nkoranabuhanga cyangwa ukagaragaza amafishiye mu nshakisha ya Windows.

**Isuzuma** (isuuzuma). Eng: **Review**; product review; customer review; user review. Fr: **Évaluation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igaragazwa ry'uko ukoresha mudasobwa abibona, agatanga igitekerezo cye.

**Isuzuma biciye mu yakure** (isuuzuma biciye mu yakure). Eng: **Teleconsultation**. Fr: **Téléconsultation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bwo kuvura aho umuganga asuzumira akanavurira umurwayi we batari kumwe, ibyo bigakorwa kuri telefoni.

**Isuzuma koranabuhanga** (isuuzuma kôranabûhaânga). Eng: **Computer-aided diagnosis (CAD)**. Fr: **Diagnostic assisté par ordinateur (CAO)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano nyamwikoresha rwakorewe gufasha abaganga bafotora ingingo kugira ngo hatahurwe kandi hanasuzumwe ibitameze neza ku mashusho ya kiganga.

**Isuzuma koranabuhanga** (isuuzuma kôranabûhaânga). HI: **Ikemurabibazo koranabuhanga** (ikêmurabîbazo kôranabûhaânga). **Ikosorabibazo koranabuhanga** (ikôsoorabîbazo kôranabûhaânga). Eng: **Troubleshooting**. Fr: **Dépannage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwibanda ku gusuzuma ibikoresho bifatika (hardware) cyangwa inkoranabuhanga (software), cyangwa se byombi icyarimwe, hakabanziriza ku gusuzuma ibibazo rusange bishoboka mbere, hanyuma hakagenda hagaragazwa ibibazo bidasanzwe,

hatangwa inzira ifatika yo gukemura ibyo bibazo kandi hashobora gukoreshwa ku bwoko bwinshi bw'ibikoresho koranabuhanga.

**Isuzuma ry'inkoranabuhanga** (isuuzuma ry'iinkôranabuhaânga). Eng: **Diagnostic program**; test mode. Fr: **Programme de diagnostic**; mode de test. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agace k'igenamikorere nyamwikoresha kerekana imiterere y'imikorere y'inkororabuhanga cyangwa y'igikoresho cyangwa se ry'urukomatane mu gikoresho, urwungano cyangwa ihuzanzira ry'inzungano.

**Isuzuma rya mudasobwa** (isuuzuma rya mûdasobwâ). Eng: **Computer Maintenance**. Fr: **Maintenance informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gutuma mudasobwa zikora neza umuntu akazirinda umukungugu n'utuvungukira tw'ibintu hakorwa ibintu byose bigamije kuyifata neza ku buryo ikora neza umurimo bayitegerejeho.

**Isuzumamakuru** (isûuzumamâkurû). Eng: **Diagnostic Data**. Fr: **Données de diagnostic**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bwihariye bw'amakuru akoreshwa mu ishakishamakuru n'isuzuma ry'ibibazo by'urwungano koranabuhanga, ubushobozi bw'iherekanyamakuru, amakosa cyangwa ibyagezweho bikosheje.

**Isuzumamudasobwa** (isuuzumamudâsobwâ). Eng: **Computer diagnostics**. Fr: **Diagnostic informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukoresha inkoranabuhanga n'ibikoresho kabuhariwe mu isuzuma ry'ubushobozi n'imimerere y'inzungano zitandukanye z'imodoka.

**Itahura ry'ikibaye** (itaahuura ry'îkibâaye). Eng: **Event detection**. Fr: **Détection d'événements**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Inzira ituma umuntu atahura ko hari icyakozwe mu nkoranabuhanga ya SAP, ikibaye, uko ibyabaye byakozwe muri porogaramu ya SAP.

**Itahura ry'ubwenge buhangano** (itaahuura ry'ûubwêenge buhaangano). Eng: **AI. perception**. Fr: **Processus de perception de l'I.A.**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo bwo kubona ibintu bituma umukozi w'ubwenge buhangano ashobora kugira icyo akora ku mpinduka mu isi nyayo, akamenya ibidukikije bihindagurika, kandi agakemura neza imirimo igoye.

**Itahura ry'umukono** (itaahuura ry'ûmukonô). Eng: **Handwriting recognition** (HWR); handwritten text recognition (HTR). Fr: **Reconnaissance de l'écriture manuscrite**; reconnaissance de texte manuscrit. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Ubushobozi bwa mudasobwa bwo kwakira no gusoma amakuru yandikishije intoki yumvikana aturutse mu nyandiko ku mpapuro, ku mafoto, kuri mwandikisho ikorwaho no ku bindi bikoresho.

**Itahurabintu** (itaahuurabiintu). Eng: **Object recognition**. Fr: **Reconnaissance d'objets**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Tekiniki y'ibona rya mudasobwa ituma hatahurwa ibintu mu mashusho asanzwe cyangwa mu mashusho ayega, bishingiye ku gushyira mu matsinda ibintu cyangwa se ibikorwa n'imirimu hashingiwe ku ngero z'iyiga hakoreshejwe ibona rya mudasobwa.

**Itahurahantu** (itaahuurahaantu). Eng: **Pose estimation**. Fr: **Estimation de pose**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Igikorwa cyo kubona kwa mudasobwa kigamije gutahura aho umuntu cyangwa ikintu biri n'aho bireba.

**Itahurajwi** (itâahurajwi). Eng: **Voice recognition**. Fr: **Reconnaissance vocale**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ubushobozi bw'igikoresho cy'ikoranabuhanga nka mudasobwa, bwo kumva no kumenya icyo ijwi ryumvikanye rimenyeshya bityo kigatanga igisubizo gikwiriye.

**Itahurakosa** (itâahuurakôsa). Eng: **Error detection**. Fr: **Détection d'erreurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kuvumbura ubutumwa burimo amakosa ashingiye ku kongera ingano y'amakuru yisubiramo bigafasha mu kubona amakosa ashobora guhindura indemo yari yoherejwe mu gihe cy'itumanaho.

**Itahurasura** (itâahuurasuûra). Eng: **Facial recognition**. Fr: **Reconnaissance faciale**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kumenya cyangwa kwemeza ibiranga umuntu hifashishijwe ishusho yo mu maso he, haba hagamije ku mumenya ku buryo nyabwo, ku mafoto cyangwa mu mashusho.



**Itahurwa ry'igitero** (itaahuurwa ry'igitêero). Eng: **Intrusion detection**. Fr: **Détection d'intrusion**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cy'igenzura ry'ibiba mu rwungano koranabuhanga cyangwa mu ihuzanzira koranabuhanga no kubikorera isesengura kugira ngo

hatahurwe ibibazo bishobora kuvuka, ari byo kuvogera cyangwa bigaragara ko henda kuvogerwa kw'amabwiriza y'umutekano mu ikoranabuhanga, amabwiriza y'imikorere ishoboka cyangwa imikorere ngenderwaho ijyanye n'umutekano.

**Itakazamakuru** (itâkazamâkuru). HI: **Itakara ry'amakuru** (itâakara ry'âmakurû). Eng: **Packet loss**. Fr: **Perte de paquets**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Igihe udupaki tumwe na tumwe tw'amakuru twoherejwe mu muyoboro w'itumanaho tutagera aho twagombaga kugera, bikaba bikunze guterwa no kuzura k'umuyoboro, ikibazo cy'itumanaho ridahagije, ibikoresho bifite ikibazo, cyangwa amakosa mu koherereza amakuru.

**Itambutsamajwi** (itâambuutsamâjwi). Eng: **Streaming audio**. Fr: **Diffusion audio**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo bugezweho butambutsa amakuru mu buryo burombereje kandi ari amajwi yonyine. **Itambutsashusho ritihuta** (itaambuutsashusho ritiuhûta). Eng: **Slow scan**. Fr: **Numérisation lente**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Imikorere ya televiziyo igenda ku kigero kiri hasi birenze ibimenyerewe.

**Itandukaniro** (itâandukaniro). Eng: **Variance**. Fr: **Variance**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: icyerekezo cy'imyumvire ihindagurika mu mibare y'amahugurwa.

**Itandukaniro mu kugerwaho n'ikoranabuhanga** (itâandukaniro mu kugerwahô n'îikôranabûhaânga). HI: **Isumbana mu kugerwaho n'ikoranabuhanga** (isuumbana mu kugerwahô n'îikôranabûhaânga). Eng: **Digital Divide**. Fr: **Fracture numérique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Itandukaniro riri hagati y'abafite amahirwe yo gukoresha ikoranabuhanga n'abatayafite.

**Itanganzira** (itaanganzira). Eng: **Routing**. Fr: **Routage**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inzira zo guhitamo inzira mu miyoboro iyo ari yo yose.

**Itangaza mbonankubone** (itaangaaza mbônankûbonê). Eng: **Live streaming**. Fr: **Diffusion en direct**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere yo koherereza abareba indemo ry'amashusho n'amajwi ku buryo bw'ako kanya cyangwa bwenda kuba nyakuri, bigakoreshwa mu biganiri byo kuri televiziyo, mu gutangaza imikino

kuri televiziyo, amashusho yo ku mbuga nkoranyambaga no gutangaza imikino nyamashusho.

**Itangazabumenyi koranabuhanga** (itaangaazabumenyi kôranabûhaânga). Eng: **Electronic information technology**. Fr: **Technologie de l'information électronique**. NK: **Itangazabumenyi koranabuhanga**. SH: Urwego rw'ikorabuhanga rukoresha ibikoresho bya elegitoroniki, mudasobwa, n'imiyoboro mu gukusanya, gutunganya, kubika, kohereza, no gucunga amakuru.

**Itangazamakuru** (itâangaazamakuru). Eng: **Data streaming; streaming**. Fr: **Diffusion de données**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo bwo gusoma amakuru abitse ku gikoresho runaka mu buryo burombereje hatabayeho kwifashisha puroseleri.

**Itangazamakuru** (itâangaazamakuru). HI: **Isakazamakuru** (isâakaazamakurû). Eng: **Broadcasting media**. Fr: **Médias audiovisuels**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Iyoherezwa cyangwa ihererekanywa ry'amajwi cyangwa amashusho hakoreshejwe uburyo bw'inyakiramajwi cyangwa inyakiramajwi n'amashusho bwabugenewe.

**Itangazamakuru koranabuhanga** (itâangaazamakurû kôranabûhaânga). HI: **Isakazamakuru koranabuhanga** (isâakaazamakurû kôranabûhaânga). Eng: **Digital broadcasting**. Fr: **Diffusion numérique**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Itangazwa ry'indemo tangazamakuru hakoreshejwe imiraba aho gukoresha itangazamakuru gakondo hakoreshejwe amajwi ya telefoni, bigatanga ijwi n'ishusho byiza ku buryo bwisumbuyeho, hakaba n'amakuru yinyongera bitanga imirebere ya televiziyo myiza, hakoreshejwe uburyo bw'icyogajuru.

**Itangazamakuru nyamugozi** (itâangaazamakurû nyamûgozi). HI: **Isakazamakuru nyamugozi** (isâakaazamakurû nyamûgozi). Eng: **Cable Broadcasting**. Fr: **Diffusion par câble**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urwungano nyakiramashusho ya televiziyo aho imiraba iva mu bikoresho biri kure yakirwa n'anteni remezo ikohererezwa inyakiramashusho fatabuguzi bishyura binyuze mu nsinga.

**Itangazamakuru ry'icyogajuru** (itâangaazamakurû ry'icyoogajuru). HI: **Isakazamakuru ry'icyogajuru** (isâakaazamakurû ry'icyoogajuru). Eng: **Satellite Broadcasting**. Fr: **Diffusion par satellite**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo butuma hatangazwa gahunda za televiziyo

mu rugo hashingiwe ku iyoherezwa ry'amakuru hakoreshajwe icyogajuru cy'itangazamakuru kiri mu kirere.

**Itangazamakuru ry'insakazamajwi** (itangaazamâkurû ry'însâakaazamâjwi). HI: **Isakazamakuru rya radiyo** (isâakaazamâkurû ryaa râadiyô). Eng: **Radio Broadcasting**; radio. Fr: **Radiodiffusion**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Itangazamajwi rimwe na rimwe riherekejwe n'inyobozi y'amakuru mperekezamajwi, hakoreshajwe amajwi ya radiyo yoherezwa ku nyakiramajwi z'abantu ku giti cyabo.

**Itangazamakuru rya murandasi** (itangaazamâkurû ryaa mûraandasî). Eng: **Webcast**. Fr: **Webdiffusion**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Isakazamakuru rikoresha imbuga zo kuri murandasi.

**Itangazamakuru rya televiziyo** (itangaazamâkurû ryaa televiziyô). HI: **Isakazamakuru rya televiziyo** (isâakaazamâkurû ryaa televiziyô). Eng: **Television Broadcasting**; television. Fr: **Diffusion télévisée**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo bw'itangazamakuru bwa radiyo aho umuraba wa televiziyo woherezwa ku buryo bw'amajwi biturutse ku nsakazamashusho yo ku isi yohereza inyakiramashusho ya televiziyo ifite anteni.

**Itangazamakuru ryo kuri murandasi** (itangaazamâkurû ryô kuri murâandasî). HI: **Isakazamakuru ryo kuri murandasi** (isâakaazamâkurû ryô kuri murâandasî). Eng: **Internet media**. Fr: **Média sur internet**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo bw'ikwirakwizamakuru burimo buri nkuru umuntu abona biciye ku rubuga rwa murandasi, harimo imbuga nkoranyambaga, buri cyanditswe gishobora gutangazwa nk'inkuru, bityo ba nyiri ibinyamakuru mu ikoranabuhanga bagombye kugenzura ibyinjira mu mbuga zabo.

**Itangazamashusho** (itaangaazamashusho). Eng: **Video streaming**. Fr: **Diffusion de vidéo**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo umuntu areba amashusho cyangwa akurikira ibiganiro kuri murandasi mu buryo bw'iyakure atiriwe abibika mu gikoresho cy'ikoranabuhanga ari gukoresha.

**Itangazankuru kuri murandasi** (itangaazankûru kuri murâandasî). Eng: **Podcast**; podcasting. Fr: **Podcast**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Isakazwa ry'amafishiye nyamajwi kuri murandasi hakoreshajwe uburyo bucunga inyandiko nshya zije.

**Iteganya** (itêganya). Eng: **Prediction**. Fr: **Prédiction**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ukwigiraho kwa mudasobwa hagamijwe gutahura ibyerekezo mu byabaye mu bihe byashize kugira ngo hagenwe ikekwa ry'ibizaba mu gihe kizaza, bigakoreshwa mu kohereza amakuru mu ihuzanzira hagabanywa amapaki y'amakuru yatakara kandi bikagabanya igihe amakuru yamara mu nzira.

**Itegeko** (itêgeko). Eng: **Command**. Fr: **Commande**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibwiriza ryihariye rihabwa inkoranabuhanga kugira ngo hakorwe umurimo cyangwa igikorwa runaka.

**Itegerezabutumwa** (itêgerezabûtumwâ). HI: **Itinda** (itiinda). Eng: **ICT Lag**; lag. Fr: **Décalage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umwanya uri hagati igihe imiyoboro y'itumanaho igerageza guca mu nzira, bikagaragazwa n'ishyirwamo ry'amakuru rigenda gahoro, gusubiza bitinze mu mikino cyangwa kuzambagatana kw'amashusho.

**Itegerezamakuru** (itêgerezamâkurû). Eng: **Latency**. Fr: **Latence**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Umwanya ntegerezamakuru, igihe mudasobwa iba iri gushaka amakuru mu bubiko bwayo yerekeye icyo isabwe muri ako kanya.

**Itembera ry'amakuru koranabuhanga** (iteembeera ry'âmakurû kôranabûhaânga). Eng: **Electronic traffic data**. Fr: **Données du trafic électronique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Amakuru nyobozi akorwa ihuzanzira ry'itumanaho koranabuhanga, akagaragazainkomoko y'itumanaho rikozwe, aho ryerekerera, inzira riciye, isaha ribereyeho, igihe rimaze n'ingano yaryo hatabariwemo indemo y'ubutumwa nyirizina, akaba akubiyemo.

**Itemberezamashusho** (iteemberezamashusho). Eng: **Moving graphics animation**; Motion graphics animation. Fr: **Animation graphique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Igishushanyo mbonera gifite amashusho agenda bikoreshwa mu gutanga amakuru cyangwa kubara inkuru mu buryo bw'amashusho.

**Iterambere mu koranabuhanga** (iteerambere mu iikôranabûhaânga). Eng: **IT development**; IT development work. Fr: **Développement informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'igenamiterere, igena ry'ibiranga, igenamikorere, igenagahunda, igerageza, ikosora ry'amakosa yabaye mu ihanga n'ihindura

ry'inzungano ntangamakuru n'inkoranabuhanga hamwe n'ibikorwa by'icunga bikenerwa muri iryo korwa.

**Iterambere ry'inkoranabuhanga** (iteerambere ry'ikôranabûhaânga). Eng: **Digital development**. Fr: **Développement numérique**. NK: **Itangazabumenyi koranabuhanga**. SH: Ukuvuga gukoresha ikoranabuhanga mu guteza imbere imibereho y'abantu, serivisi, uburezi, ubuzima n'ubukungu.

**Iteramboni** (itêeramboni). HI: **Ibonakintu** (ibonakiintu); **itahura ry'ikintu** (itaahuura ry'ikiintu). Eng: **Object detection**; detection. Fr: **Détection d'objets**; détection. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Tekiniki ikoresha ihuzanzira rimeze nk'iry'ubwonko mu itondeka ry'amashusho, rituma umuntu atahura ibyiciro nyamyumvire nk'abantu, inyubako, ibinyabiziga ku mashusho ndetse no ku mashusho ayega koranabuhanga, bigakoreshwa mu bumenyi buhanitse nk'iyigamashusho rya kiganga, iyega ry'imodoka zigenza, ikaba ishingiye ku itahura ry'aho ikintu gihereye ku mashusho koranabuhanga.

**Itonde ntazigwa** (itoônde ntazigwâ). Eng: **Zero-Shot Classification**. Fr: **Classification sans plan**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Igikorwa cyo gutondeka amashusho mu byiciro bitandukanye hifashishijwe urugero rutashyizwe mu buryo busesuye ku makuru agendeye ku ngero zahawe indango zo muri ibyo byiciro byihariye.

**Itonde nyabika** (itoônde nyaabika). Eng: **Few-Shot Classification**; Few-Shot Image Classification; Few-shot learning. Fr: **Classification en quelques plans**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Igikorwa cya mudasobwa cyo kubona gishingiye ku gutoza mudasobwa kumenya ingero mbonera zigiweho zo gushyira amashusho mu byiciro byagenwe mbere hakoreshejwe ingero nke zahawe indango kuri buri cyiciro.

**Itonde ritanoze** (itoônde ritanozé). HI: **Itonde nyamashaza** (itoônde nyamashaza). Eng: **Coarse-grained classification** (CG); Coarse-grained model; Coarse-grained system; Coarse-grained description. Fr: **Classification à gros grains**; modèle à gros grain. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Isesengura rito ry'inyiganamiterere nyamorekire ritanga uburyo bwiza bw'isobanura n'uburyo bw'igerageza ritanga umusaruro ry'amatsinda mato, usanga ibiyagize bitajishwe cyane kandi bishobora gukorana bihagije mu gusobanura imikorere ifatika itanga inyungu.

**Itonde ry'ibintu** (itoônde ry'ibiintu). Eng: **Object classification**. Fr: **Classification des objets**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ishyirwa mu matsinda kw'ibintu buri kintu gifite itsinda ry'ibikiranga hashingiwe ko bishushe kimwe cyangwa bidahuza isura, buri kintu gifite itsinda ryacyo.

**Itondeka nyabubiri** (Itôondeka nyabûbiri). Eng: **Binary Classification**. Fr: **Classification binaire**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Imbonezamibare yifashishwa mu gufasha mudasobwa kwigiraho, igakoreshwa mu nzego nyinshi nko mu buvuzi, mu mari, ndetse no mu nkoranabuhanga zo kuri murandasi, itanga amakuru y'ingenzi nko gutahura ibyerekezo no kugenekereza ibizaba mu bihe biri imbere haherewe ku makuru nyamateka, hibandwa ku gushungura amakuru mu mpushya ebyiri zitandukanye akenshi bavuga ko rumwe ari ukuri n'urundi ko atari ukuri.

**Itondekabimenyetso nyarubuga** (itoondekabimenyeetso nyarûbuga). Eng: **Labelling**. Fr: **Caractérisation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itonde ry'inyuguti n'ibimenyetso byifashishwa n'abakora imbuga zitandukanye zerekana ibyo bakoze byose n'aho biherereye.

**Itondekabitekerezo nyabimenyetso** (Itôondekabîteekerezo nyabimenyeetso). Eng: **Symbolic Logic**. Fr: **Logique symbolique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kwerekana imvugo yumvikana ukoresheje ibimenyetso n'ibihindura aho gukoresha imvugo karemano, nk'Ikinyarwanda, kugira ngo ukureho ibidasobanutse neza.

**Itsinda ry'amakuru y'impuzamakuru** (itsiinda ry'âmakurû y'iimpûzamâkurû). Eng: **Server message block (SMB)**. Fr: **Bloc de messages du serveur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu yakozwe n'ikigo cya Mikorosofuti™, ifasha ukoresha mudasobwa kubona amakuru y'indi mudasobwa akoresheje ihuzanzira ibyo bikagenda neza nkaho ziri kumwe.

**Itsinda ry'amakuru** (itsiinda ry'âmakurû). Eng: **Dataset**. Fr: **Ensemble de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rw'amakuru agiye afite aho ahuriye akenshi atondetse mu buryo mbonera.

**Itsinda ry'inkoranabuhanga** (itsiinda ry'iinkôranabûhaânga). HI : **Itsinda ry'inkoranabuhanga zagenewe kugendana** (itsiinda

z'inkoranabuhanga zagenewe kugeendana). Eng: **Bundled softwares** ; Softwares suit. Fr: **Logiciels groupés**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inkoranabuhanga izana na mudasobwa iba yashyizwemo mbere y'igurishwa iba irimo ipaki y'amayinite ashobora guhita akoreshwa mudasobwa ikigurwa bikayitera kugira ubushobozi nkoranabuhanga.

**Itsindagira** (itsiindagira). Eng: **Bold**. Fr: **Gras**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gutunganya inyandiko butuma inyuguti ziba nini kandi zijimye kugira ngo zigaragare cyane.

**Itubura** (ituubuura). Eng: **Zooming**; zoom. Fr: **Zoom**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukongera cyangwa kugabanya ingano y'ibyho umuntu areba ku ngarazamashusho.

**Ituburabinyabitabire** (ituubuurabinyâbitaâbiire). Eng: **Nanotechnology**. Fr: **Nanotechnologie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agace ku bumenyi muri siyansi na tekinoloji kigisha gukora, gutunganya, kongera no gutubura ibinyabutabire bya 'atome na molekile' bikaba byakwifashishwa mu gukora ikoranabuhanga rya mudasobwa.

**Itumanaho gitoroniki** (itûmanahô gitoroniîki). Eng: **Electronic communications**. Fr: **Communication électronique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwose bujyanye n'isakaza, iyohereza cyangwa iyakira ry'amakuru hakoreshejwe umuyoboro w'itumanaho, inyandiko, amashusho, amajwi, amakuru ashyinguwe ku buryo bw'ikoranabuhanga n'andi makuru yose atanzwe uko yakabaye cyangwa igice cyayo hakoreshejwe insinga, radiyo n'ubundi buryo bunyuranye bukoreshwa mu itumanaho koranabuhanga.

**Itumanaho** (isâakaazamâkurû). Eng: **Telecommunication**. Fr: **Télécommunication**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Ishami ry'ikoranabuhanga rigezweho ryibanda ku itangamakuru hifashishijwe amajwi ya telefoni n'ibindi bikora nka yo.

**Itumanaho koranabuhanga** (itûmanahô kôranabûhaânga). Eng: **Electronic communication**. Fr: **Communication électronique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo ubwo ari bwo bwose bw'itumanaho bwamamaza, bwoherejwe bubitswe bureba ukoresha intangazamakuru rya elegitoronike nka mudasobwa, telefoni na imeri.

**Itumanaho koranabuhanga rikoresha umurongo wa terefoni** (itûmanahô kôranabuhâanga rikorêesha umuroongo wa terefoôni). Eng: **Asymmetric digital subscriber line (ADSL)**. Fr: **Ligne d'abonné numérique asymétrique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoranabuhanga rishya rya modemu rihindura insinga za telefoni z'imbingikane zihotoye zisanzwemo imirongo y'urwinjiriro ku itumanaho ry'ubwoko bwose bwo ku muvuduko wagutse.

**Itumanaho ku buryo bw'amajwi rikoresha murandasi** (itûmanahô ku buryô bw'amajwî rikorêesha murâandasi). HI: **Itwaramajwi kuri murandasi** (itwâaramajwi kurî murâandasi). HI: **Impuzabiganiro nkoranabuhanga** (impuuzabigaaniro nkôranabûhaânga). Eng: **Voice over Internet Protocol (VoIP)**. Fr: **Voix sur protocole Internet**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ikoranabuhanga rifasha abantu kuganira cyangwa guhamagara bakoresheje murandasi aho gukoresha umurongo usanzwe wa telefoni.

**Itumanaho ngenambibi** (itûmanahô ngênambîbi). HI: **Ihuzamudasobwa** (ihûuzamûdasobwâ); **isangiramugozi** (isâangiramûgozî). Eng: **Framing bit**; framing. Fr: **Bit de cadrage**; tramage. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyangingo ya bayiti idasanzwe cyangwa itsinda rya biti z'inyongera ku mujyo w'amakuru kugira ngo herekanwe intangiro cyangwa impera y'icyiciro mu itumanaho koranabuhanga.

**Itumanaho ngendanywa** (itûmanahô ngeendânwa). Eng: **Mobile network**; cellular network. Fr: **Réseau mobile**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro w'itumanaho rikoresha mbere na mbere mu itumanaho, aho igikoresho cya nyuma gifatira ku muyoboro rusange hakoreshejwe uburyo bwa radiyo.

**Itumanaho nshoboza** (itûmanahô nshoboza). Eng: **Machine-to-Machine communication**; M2M communication. Fr: **Communication machine à machine**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Itumanaho iryo ari ryo ryose rishobora gushyirwa mu bikoresho by'ikoranabuhanga rikabifasha kwikoresha hatabayeho umusanzu wa muntu.

**Itumanaho rya hafi** (itûmanahô ryaa hâafi). Eng: **Local area network (LAN)**. Fr: **Réseau local d'internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Itumanaho aho ibikoresho n'ibindi ryifashisha usanga biri aho hafi, bitajya kure.

**Itumbirashusho** (itumbiirashusho). Eng: **Subject Isolation**. Fr: **Isolement du sujet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cy' ufotora cyo kuboneza yita gusa ku ishusho ry'igifotorwa.

**Itunganyamakuru** (itûungaanyamâkurû). Eng: **Data processing**. Fr: **Traitement des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kwegeranya amakuru no kuyahindura ashobora gukoreshwa bikozwe na mudasobwa, amakuru akirundanyije agakurwamo inyandiko isomeka mu mashini, kandi binyuze mu nshobozamudasobwa no mu mbikamakuru bikaba byasohokera mu bikoresho bitandukanye, bikaba byahindurirwa imiterere n' imisusire.

**Itunganyamashusho** (ituungaanyamashusho). Eng: **Video processing**. Fr: **Traitement de vidéos**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Uburyo bwo gutunganya amashusho cyangwa videwo byafashwe hakoreshejwe tekini zitandukanye harimo gutunganya ingano yayo, urumuri, amabara n' ibindi hagambiriwe imiterere yayo yifuzwa.

**Itunganyamikorere ry'inkoranabuhanga** (itûunganyamikorêre ry'înkôranabûhaânga). Eng: **Software Configuration**. Fr: **Configuration d'un logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira yo gutanga imiyoboro igena imiterere, imigendekere hamwe n' ubugenzuzi.

**Itunganyarupapuro** (ituungaanyarupapuro). Eng: **Page setup**. Fr: **Mise en page**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rwa porogaramu zifite imikorere runaka ifasha uyikoresha guhitamo imirongo, ingano y'urupapuro n' indeshyo y'urupapuro ashaka gufotora.

**Itunganyarutonde** (itûungaanyarûtoônde). Eng: **List processing**; lisp. Fr: **Traitement de liste**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi ruhanitse ahanini rukoresha mu kugena amabwiriza atandukanye cyangwa amakuru ajyanye n' ubuhanga bugezweho.

**Itunganyashusho** (ituungaanyashusho). Eng: **Image processing**. Fr: **Traitement d'images**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gukoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa mu guhindura, gusesengura, no kunoza amashusho ya digitale hagamijwe kuyongerera ireme cyangwa kuyakuramo amakuru y'ingirakamaro.

**Itunganyirizo ry'amajwi** (itûungaanyirizo ry'âmajwî). HI: **Sitidiyo ntunganyamajwi** (sitidiyo ntûungaanyamâjwi). Eng: **Digital audio workstation (DAW)**. Fr: **Poste de travail audio digital**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi** SH:



Ahantu hakorerwa umurimo wo gutunganya amajwi hari n'ibikoresho koranabuhanga byabugenewe yifashishwa mu gutunganya ayo majwi.

**Itunganyirizo ry'amashusho** (itûunganyirizo ry'âmashusho) HI: **Sitidiyo ntunganyamashusho** (sitidiyo ntuungaanyamashusho). Eng: **Digital video workstation**. Fr: **Poste montage vidéo**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Ahantu hakorerwa umurimo wo gutunganya amashusho hakaba hari n'ibikoresho koranabuhanga byabugenewe byifashishwa mu gutunganya amashusho no gukuramo igihangano gikenewe.

**Ivogeramakuru** (ivôogeeramâkurû). Eng: **Scavenging**. Fr: **Récupération**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gucukumbura no gukoresha imbikamakuru nta ruhushya ubiherewe.

**Ivogeramakuru bwite** (ivôogeeramâkurû bwiitê). Eng: **Personal data breach**. Fr: **Violation de données à caractère personnel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kuvogera umutekano w'amakuru bwite mu buryo bunyuranyije n'amategeko gituma amakuru yangirika, atakara, ahinduka, atangazwa mu buryo butemewe cyangwa abantu babona amakuru bwite yahererekanyijwe, abitse cyangwa yatunganyijwe mu bundi buryo.

**Ivugana rirebana** (ivûgana rireebâna). Eng: **Video telephony; videoconferencing; video calling**. Fr: **Visiophonie; visioconférence; appel vidéo**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwo gukoresha ijwi n'amashusho kugira ngo habe itumanaho nyamijyo ibiri, amajyo n'amagaruka.

**Ivugururamakuru** (ivûgururamâkurû). Eng: **Information update; News update**. Fr: **Mise à jour de l'information; Actualité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amavugururwa akorwa kuri dosiye ikongerwamo amakuru mashya, kuri gahunda za mudasobwa, sisiteme y'ikoranabuhanga hamwe n'inkoranabuhanga hagamijwe guteza imbere no kunoza imikorere yabyo.

**Ivumbura rihanitse ry'ubujura** (ivuumbura rihanîtse ry'ûbujuura). Eng: **Advanced Fraud Detection**. Fr: **Détection avancée de la fraude**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoreshwa rya tekini nshyashya kandi z'ubwenge mu kurwanya uburiganya ku buryo butanga umusaruro kurushaho.

**Ivumburabimenyetso nyandiko mbonera** (ivuumburabimenyeetso nyandiko mbonerâ). HI: **Itahuranyandiko mbonarumuri** (itaahuuranyandiko mbônarumuri). Eng: **Optical Character Recognition (OCR)**. Fr: **Reconnaissance optique de caractères**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga cyangwa uburyo bwo guhindura ishusho y'inyandiko mu isura y'inyandiko isomeka hifashishijwe imashini ari byo bita gufotoza ikoranabuhanga, urupapuro rw'inyandiko rugahabwa ifishi yarwo y'ishusho.

**Iyubusamo** (iyûbusâmo). HI: **Ihinzira rya porogaramu** (ihinanzira ryaa porogaraâmu); **inzira y'ubusamo** (inzira y'ûbusâmo). Eng: **Shortcut**. Fr: **Raccourci**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira yihuse yo kugera kuri porogaramu cyangwa dosiye, akaba ari uburyo bwa mudasobwa bufasha uyikoresha gushyira akamenyetso ndanga ka porogaramu runaka ku kirahure kugira ngo igihe ayikeneye ntibimugore ajya mu kuyishakisha ahubwo akande kuri ako kamenyetso.

**Iyakirashusho** (iyakiirashusho). Eng: **Image acquisition**. Fr: **Acquisition d'images; prétraitement en traitement d'image**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gufata cyangwa kwakira amashusho avuye ahantu hatandukanye hakoreshejwe ibikoresho nka kamera cyangwa sikaneri, kugira ngo ayo mashusho abikwe, atunganywe, cyangwa asesengurwe na mudasobwa.

**Iyakure** (iyakure). Eng: **Video conference**. Fr: **Visioconférence**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ikoranabuhanga rifasha abantu kuganira imbonankubone batari kumwe ahubwo bakoresheje ikoranabuhanga rya mudasobwa nka mudasobwa, telefoni n'ibindi.



**Iyamamaza koranabuhanga** (iyâmamaza kôranabûhaângu). HI: **Igurisha ryo kuri murandasi** (iguriisha ryô kurî murândasî). Eng: **Telemarketing; inside sales; telesales**. Fr: **Télémarketing**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bw'iyamamaza mbonera aho umucuruzi yegera abaguzi boshoboka kugira ngo bagure ibicuruzwa

cyangwa serivisi haba hakoreshwa telefoni, haba ari imbona nkubone cyangwa habaye guhana gahunda y'inama kuri murandasi habaye ihamagara.

**Iyamamaza kuri imeri** (iyâmamaza kurî imêeri). Eng: **E-mail marketing**. Fr: **E-mail marketing**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Gutangaza ibicuruzwa hakoreshwe ikoranabuhanga ryo kohererezanya ubutumwa bwamamaza ku rubuga nkoranyambaga, mu tuntu bita udusanduka tw'ubutumwa cyangwa imeri.

**Iyamamaza ridatinda rya murandasi** (iyâmamaza ridatiindâ rya mûraandasî). Eng: **Web Log**; Blog. Fr: **Journal Web**; Blogue. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urubuga rwagenewe korohereza abakoresha kwandika inyandiko hakurikijwe uko zagiye zikurikirana.

**Iyandika nyabice byikora** (iyandika nyabîce byiikôra). Eng: **Autocomplete**; word completion. Fr: **Saisie semi-automatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu kiboneka muri porogaramu nyinshi za mudasobwa (nk'izikoreshwa mu kwinjiza amakuru, gutunganya ubutumwa bwa elegitoroniki, ubushakashatsi kuri interineti, cyangwa gutunganya amagambo) zigerageza guhanura no kurangiza ijambo cyangwa interuro uko byanditse n'umukoresha wa porogaramu.

**Iyandikamiti gitoroniki** (iyândikamîti gitoroniiki). Eng: **Electronic prescription**; E-prescription; electronic medication. Fr: **Prescription électronique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo umuganga yandikira umurwayi we urupapuro rw'imiti yifashishije ikoranabuhanga akabyohereza kuri farumasi imwegereye.

**Iyandikisharumuri** (iyandikiisharumuri). Eng: **Features ablation**. Fr: **Ablation de fonctionnalités**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo bwo kwandika amakuru ku gikoresho gikoresha ububiko bw'amakuru hifashishijwe imirasire ityaye.

**Iyandikishazina ndangarubuga ku buryo butemewe** (iyândikiishazîna ndâangarûbuga ku buryô butemêwe). Eng: **Cyber-squatting**. Fr: **Cyber-squattage**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikorwa cyo kwandikisha, gukoresha, cyangwa kugurisha izina ry'urubuga rwa interineti ugamije kungukira ku kirango cy'undi muntu cyangwa izina ry'ikirango cye.

**Iyandikwa mu mibare kw'amakuru** (iyandikwa mu mibarê kw'âmakurû). Eng: **Data encryption**; Encryption. Fr: **Cryptage des données**; Chiffrement des données; Chiffrement. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo guhindura inyandiko iri mu buryo busanzwe mo inyandiko y'amarenga (ihishe) cyangwa icurikanze hagamijwe kurinda indemo yayo ngo itavogerwa.

**Iyangirika koranabuhanga** (iyângiirika kôranabûhaânga). Eng: **Rot**. Fr: **Pourriture informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igabanuka rya gahoro gahoro ry'ubushobozi bw'inkoranabuhanga kuri mudasobwa bigaragazwa n'igenda gahoro ryayo cyangwa imikorere isimbagirika.

**Iyangirika ry'amakuru** (iyângiirika ry'âmakurû). Eng: **Data degradation**; **degradation**. Fr: **Dégradation des données**; pourriture des données; pourriture des bits. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Isenyuka rya gahoro gahoro ry'amakuru koranabuhanga itewe no kuba igikoresho mbikamakuru cyarapfuye inshuro nyinshi ku buryo budakomeye.

**Iyangirika ry'amashusho** (iyângiirika ry'âmashusho). Eng: **Chromatic aberration**; axial chromatic aberrationcolor fringing; aberration. Fr: **Aberration chromatique axiale**; aberration chromatique; aberration. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukwangirika kw'amashusho ya televiziyo bitewe no kubura cyangwa kugira ingufu nke z'ikimenyetso ntangamashusho cyangwa kuba cyashyizweho nabi.

**Iyangirika ry'ihuzanzira** (iyângiirika ry'ihuuzanzira). Eng: **Network degradation**. Fr: **Dégradation du réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igabanuka y'isubiza, ry'ifatanzira n'ubushobozi bw'imikorere rusange, bigatera iyangirika ry'ireme ry'ihuzanzira.

**Iyangirika ry'umubare nyakamwe** (iyângiirika ry'ûmubarê nyakâmwe). Eng: **Bit rot**; bit decay; code rot; code decay; data decay; data degradation; data deterioration; data rot; silent corruption. Fr: **Pourriture des bits**; dégradation des données; pourriture des données; pourriture du code; dégradation du code; corruption silencieuse. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iyangirika rya gahoro gahoro ry'amakuru yo mu ikoranabuhanga uko ibihe bigenda bihita, bigatera itakara ritari irya burundu cyangwa se rya burundu ry'amakuru.

**Iyangizamafishiye ry'inkoranabuhanga ngome** (iyângiizamâfiîshi ry'îinkôranabûhaânga ngomê). Eng: **Malware infection**. Fr: **Infection par logiciel malveillant**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Icengeramafishiye rikorwa n'inkoranabuhanga mbi ikorwa n'abagome bo kuri murandasi kugira ngo bibe amakuru kandi bangize cyangwa bagasenye za mudasobwa n'inzungano koranabuhanga.

**Iyatsa nkenerabushyuhe** (iyatsa nkênerabûshyuûhe). HI: **Icana nkenerabushyuhe** (icâana nkênerabûshyuûhe); **ihagurutsa nkenerabushyuhe** (ihâgurutsa nkênerabûshyuûhe). Eng: **Warm Boot**. Fr: **Démarrage à chaud**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukongera gutangiza mudasobwa itazimye burundu.

**Iyega ry'amakuru** (iyêga ry'âmakurû). HI: **Ingano y'amakuru ahita** (ingano y'âmakurû ahîta). Eng: **Data flow**. Fr: **Flux de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukuba amakuru yanditse kuava aho abitse ajya aho yoherejwe, hakagenzurwa itanganzira anyujijwemo, ihinduka ryayo n'icungwa rihamye ryayo.

**Iyega ry'amashusho** (iyêga ry'âmashusho). Eng: **Computer-generated animation**; Computer-generated imagery (CGI); Computer animation; digital animation; animation. Fr: **Animation par ordinateur**; animation numérique; animation. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukora amashusho agenda bwa mudasobwa (CGI), akaba ari ikoranabuhanga yihariye ikoresha ibishushanyo bya mudasobwa mu buhanzi, icapiro, n'imikino ya videwo hakoreshjwe inkoranabuhanga ya mudasobwa.

**Iyegashusho** (iyegashusho). Eng: **Computer animation**; animation. Fr: **Animation par ordinateur**; animation. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira ikoresha mu gukora amashusho agenda mu buryo bw'inkoranabuhanga.

**Iyegeranyamakuru** (iyêgeranyamâkurû). Eng: **Digital infrastructure** (SDIA). Fr: **Infrastructure numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gahunda y'ikigo runaka yo kwegeranya no guhuzza amakuru avuye mu bikoresho by'inkoranabuhanga n'imbuga zitandukanye kugira ngo ajye yifashishwa mu iterambere ryacyo.

**Iyemeza nta huzanzira** (iyêmeza ntâa huuzanzira). Eng: **Offline authentication**. Fr: **Authentification hors ligne**. NK: **Ikoranabuhanga**

**ndangamuntu.** SH: Uburyo bwo kwemeza umwirondoro w'umuntu hifashishijwe amakuru asanzwe ari ku ikarita cyangwa sisitemu y'ibyangombwa bigezweho.

**Iyemeza rya murandasi** (iyêmeza ryaa mûraandasi). Eng: **Online authentication.** Fr: **Authentication en ligne.** NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu.** SH: Uburyo bwo kwemeza umwirondoro w'umuntu hifashishijwe amakuru ari muri sisitemu y'ibyangombwa bigezweho hakoreshejwe murandasi muri ako kanya.

**Iyemezabanga nyambengeza y'ijisho** (iyemezabaanga nyaambeengeza y'ijisho). HI: **Ishusho y'imboni** (ishusho y'imbôni). Eng: **Iris recognition; Iris scan.** Fr: **Reconnaissance de l'iris;** balayage de l'iris. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu.** SH: Uburyo nyamwikoresha bwo gutahura igice cy'umubiri hafatwa ibishushanyo byihariye mu gice kimeze nk'uruziga kizengurutse imboni ya buri jisho.

**Iyemezamitekerereze mbonera** (iyêmezamîteêkerereze mbonerâ). Eng: **Logic formal.** Fr: **Logique formelle.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Inyigo y'ukuri mbonezamitekerereze igatandukanya imitekerereze mbonezakuri n'imatekerereze itari ukuri n'isesengura ndetse n'iboneza ry'amasano hagati y'imiterere yemewe.

**Iyemezamwirondoro** (iyêmezamwîroondooro). Eng: **Authentication;** PIN code; pin; pass. Fr: **Authentication;** code PIN. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu.** SH: Igikorwa cyo kugenzura ibiranga umuntu hakoreshejwe cyangwa hadakoreshejwe murandasi, hakurikijwe amakuru yanditswe muri sisitemu ya SDID.

**Iyemezandiba y'ijisho** (iyemezandîba y'ijisho). Eng: **Retinal scan.** Fr: **Numérisation de la rétine.** NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu.** SH: Uburyo bwo kwemeza hakoreshejwe ishusho igaraza imitere y'udutsi tw'amaraso tw'indiba y'ijisho y'umuntu nk'ikimenyetso simusiga cyangwa cyihariye cyemeza ko afungurirwa inzungano zirinzwe.

**Iyibamakuru** (iyîbamâkurû). Eng: **Data interception.** Fr: **Interception de données.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Kwinjira mu ihuzanzira no gusesengura amakuru y'itumanaho nta burenganzira ubifitiye.

**Iyimuramakuru bwite** (iyîmuramûkurû bwiitê). Eng: **Export**. Fr: **Exportation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gukura amakuru runaka muri porogaramu imwe ya mudasobwa ayanwa ahandi.

**Iyinjiriracyuho** (iyînjiriracyûhu). Eng: **Zero Day Exploit**. Fr: **Exploitation du jour zéro**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igitero kibi gikoresha ikibazo cy'umutekano mbere y'uko ikibazo kimenyekana.

**Iyinjiza** (iyînjiza). Eng: **Insertion**; Insert. Fr: **Insertion**; insérer. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Itegeko rikoresha mu igenamikorere rya mudasobwa, imbikamakuru n'inkoranabuhanga zikoresha z'imbonerahamwe nyamibare kugira ngo zongere amakuru mu rwego ruhasanzwe.

**Iyita ku bikoresho** (iyîta ku bikôreesho). Eng: **Device care**. Fr: **Entretien de l'appareil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga cyangwa igikoresho ntangamakuru kandi nsesenguzi cy'ingirakamaro cyakorewe gufasha umuntu kumva no gukurikirana imimerere/impumeko rusange y'igikoresho cyifashisha Android, iguha amakuru ya tekini ya mudasobwa yawe kugira ngo umuntu ashobore gufata icyemezo adahubutse ku bijyanye n'ubushobozi n'umutekano byayo.

**Iyoberanyamakuru bwite** (iyôberanyamâkurû bwiitê). Eng: **Pseudonymization**. Fr: **pseudonymisation**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Gutunganya amakuru bwite ku buryo aba atakibashije kwitirirwa nyiri ubwite wihariye hadakoreshejwe ibisobanuro by'inyongera bibitswe ukwabyo.

**Iyoboramakuru bwenge buhangano** (iyôboramâkurû bwêenge buhaangano). HI : **Ihuzanzira nyarusobe** (ihuuzanzira nyarûsobê). Eng: **Neural network**. Fr: **Réseau neuronal**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Sisitemu yifashishwa mu bumenyi n'ubuhanga bugezweho mu gusembura imikorere myiza y'ubwonko, uko bwiga ikintu ndetse no gukomeza kukibuka.

**Iyoherezanyabutumwa nyurazingiro** (iyôhererezanyabûtumwâ nyûraziingiro). **Ihuzanzira ry'ibigega bya murandasi** (ihuuzanzira ry'ibigega byaa mûraandasî). Eng: **Internet relay chat (IRC)**. Fr: **Messagerie de relais internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH:

Ukuba imbikamakuru za murandasi zihujwe hakoreshwe ikoranabuhanga ryihariye rituma abantu bashobora kuganira ku buryo butari shusho bwa mudasobwa.

**Iyohereza** (iyohereza). HI: **Ihunukora koranabuhanga** (ihunukora koranabuhanga). Eng: **Loading**. Fr: **Chargement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kohereza amakuru, inkoranabuhanga cyangwa mu mbikamakuru (RAM) biturutse mu bubiko kugira ngo ntima ishobore kubikoresha kukoidashobora gukoresha amakuru zisanzwe keretse izinyuze mu mbikamakuru ya RAM gusa.

**Iyoroshyahura** (iyôroshyahûura). HI: **Ihuzabikoresho nkoranabuhanga** (ihûuzabîkoreesho nkôranabûhaânga). Eng: **Universal Plug and Play (UPnP)**. Fr:  **Branchez et jouez universel**.

NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ihame ry'ikoreshwa ry'ibikoresho bishobora guhita bikorana na mudasobwa cyangwa indi mashini igihe bihujwe nta yandi mategeko yihariye asabwe, hashingiwe ku masezerano y'itumanaho rigena imifatanye nta nkomyi y'ibikoresho koranabuhanga.

**Iyubakankoranabuhanga** (iyûbakankôranabûhaânga). Eng: **Program development**. Fr: **Développement de programmes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira y'ikorwa ry'igenamikorere rya mudasobwa, habarirwamo igenamiterere, igenamikorere, igenzurabuziranenge n'icungamikorere, bivuze ko hagomba gutahurwa ibikenewe, iteganywa ry'ibisubizo n'ikoreshwa ry'imbenezamibare z'igenamikorere no guteganya imikorere iboneye hifashishwa ikosora koranabuhanga n'igerageza.

**Iyubakarwungano nkoranabuhanga** (iyubakarwuungaano nkôranabûhaânga). Eng: **System development**. Fr: **Développement de système**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikorwa ry'igenagitekerezo cy'urwunge nkoranabuhanga, igenamiterere yarwo, igenzura cyangwa isuzuma ryarwo, ishyirwa mu bikorwa ryarwo, haba ari iby'imbere byarwo biba bigenwa bitewe n'ibyifuzwa n'abakiriya, ihangwa ry'inzunge mbikamakuru cyangwa igurwa ry'inkoranabuhanga yahanzwe n'abandi badafite aho bahuriye n'ikigo.

**Iyubakwa ry'urubuga** (iyûbakwa ry'ûrubûga). Eng: **Web development; website development**. Fr: **Développement de sites web**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Akazi ko gutegura urubuga

rwo kuri murandasi, bihera ku gukora ipaji imwe ukagera ku gushyiramo inkoranabuhanga za murandasi n'ibindi byorohereza umuntu gukora ubucuruzi no kubona serivisi y'imbuga nkoranyambaga.

**Iyungurura** (iyuungurura). HI: Ishungura (ishuungura). Eng: **Filtering**. Fr: **Filtrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gushungura amashusho no kugabanya inzira yerekeza ku makuru, ku ndemo cyangwa ku makuru hakurikijwe amategeko cyangwa amabwiriza yagenwe mbere.

**Iyuzura ry'umuyoboro w'itumanaho** (iyûzura ry'ûmuyoboro w'itûmanahô). Eng: **Congestion**. Fr: **Congestion**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Igihe umuyoboro w'itumanaho wakiriye amakuru menshi kurenza ubushobozi bwawo, bigatuma amakuru atinda kugera aho agomba kugera, amwe akabura, kandi imikorere ya sisitemu ikagabanuka.

**Iyuzurirana** (iyûzurirana). Eng: **Flooding**. Fr: **Inondation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Arugoritime zikoreshwa mu ntanganzira aho buri paki yinjira isohorwa n'inzira zose zisohora uretse inzira zinjiriyemo.

**Izarira ry'ihuuzanzira** (izâariira ry'ihuuzanzira). Eng: **Network slowdown**. Fr: **Ralentissement du réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo inzira ya murandasi ibyiganirwamo n'amakuru menshi bitewe n'uko amakuru y'abakiriya aba aruta ayo inzira iba ishobora gutwara cyangwa gucunga, bityo akagenda ahana umwanya, bigatuma abakiriya bategereza umwanya ko abageraho.

**Izigamamakuru** (izîgamamâkurû). HI: **Igaruramakuru** (igâruramûkurû). Eng: **Data Backup**; Security backup. Fr: **Sauvegarde des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gushyira amakuru ahabugenewe ngo adatakara cyangwa ngo yangirike kugira ngo azifashishwe mu gihe andi azaba yangiritse cyangwa yabuze.

**Izina ndanga** (izîna ndaanga). Eng: **Host name**. Fr: **Nom d'hôte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Izina rihabwa igikoresho kugira ngo kimenywe n'umuntu.

**Izina ndangarubuga** (izîna ndâangarûbuga). Eng: **Domain name**. Fr: **Nom de domaine**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko

ikoresha inyuguti n'imibare yanditswe cyangwa itanzwe mu rwego rw'aderesi koranabuhanga cyangwa uburyo bubashisha gukoresha interineti.

**Izina nkoresha** (izîna nkoreesha). Eng: **Username**; user name; account name; User ID. Fr: **Nom d'utilisateur**; nom de compte; identifiant utilisateur. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Izina rigaragaza ku buryo bwihariye umuntu ku rwungano rw'ikoranabuhanga iyo afunguye ihuzanzira, rigatuma imbenezamikorere igera ku mafishi ye ngo ayafungure.

**Iziramugozi** (izîramûgozi). Eng: **Wireless data connection**; wireless connection; wireless; wi-fi. Fr: **Connexion de données sans fil**; connection sans fil; wifi. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwa murandasi budakoresha umugozi ahubwo hagakoreshwa amajwi ya radiyo kugira ngo ibikoresho koranabuhanga byoherereze za mudasobwa amakuru zikeneye.




## J

**Java** (Java). Eng: **JAVA**. Fr: **JAVA**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi rukoreshwa mu kubaka inkoranabuhanga hakoreshejwe za kodi zifashishwa mu gukora sisitemu igamije kurema no gutunganya za inkoranabuhanga.

**Jigabayiti** (jigabayîti). Eng: **Gigabyte** (G or GB). Fr: **Gigaoctet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe cy'ibara (kubara) koranabuhanga gikoreshwa mu kugaragaza ingano ya fishi n'ubushobozi bw'ibikoresho by'imbikamakuru, twavugaga nk'imbikamakuru nini, telefoni igezweho n'imbuga mpuza z'ububiko bw'iyakure, kikaba gifite agaciro ka bayiti miriyari.



## K

**Kalendari koranabuhanga** (kaleendaâri kôranabûhaânga). HI. **Indangaminsi** (indâangamînsî). Eng: **Electronic calendar**; calendar. Fr: **Calendrier électronique**; calendrier. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho koranabuhanga gituma abagikoresha bafata ku buryo bw'amakuru ibibaye, amatariki n'amasaha ariko habura

ibiranga ibikorwa by'imbaraminsu isanzwe ikoresha udupapuro, inyandiko iri mu mabara, cyangwa imigereka.

**Kanda** (ikaanda). Eng: **Click**. Fr: **Clic**; bouton. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gukanda cyangwa kurekura ibuto y'imbeba, akenshi bikorewe kuri mudasobwa.

**Kanda ukurure** (kaanda ukurûre). HI: **Kanda-unyereze** (kaanda unyerêze). Eng: **Click and drag**. Fr: **Clic et déplacer**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gukoresha igikoresho ngaragaza nk'imbeba, kugira ngo ujishe indangagikorwa ku irebero hanyuma uyimurire ahandi wifuza.

**Kandakabiri** (ikaandakabiri). HI: **Gukanda kabiri wungikanya** (gukaanda kabiri wûungiikanya). Eng: **Double click**. Fr: **Double clic**; double-cliquer. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo ku mbeba ya mudasobwa aho uyikoresha akanda akanarekura vuba (akanda kabiri yihuta), agakanda agace k'ibumoso k'imbeba, akabigira kabiri gakurikiranye.

**Kaseti** (kaseêti). Eng: **Tape**; Tape storage; Magnetic tape storage. Fr: **Cassette**; bande magnétique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gifite umumaro wo kubika no gushyingura amakuru ku gihe kirekire hifashishijwe ikidongi cy'umugozi ubikwaho amajwi, amashusho cyangwa byombi, bikaba byasomwa mu byiciro.



**Kaseti videwo** (kaseêti videwo). Eng: **Video Tape**. Fr: **Cassette video**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kaseti ikoreshowa mu kubika amashusho n'amajwi, haba ari kuri televiziyo cyangwa se amashusho bwite.



**Kirobiti ku isogonda** (kirobiiti ku iisôgoondâ). Eng: **Kilo Bits Per Second (Kbps)**. Fr: **Un kilobit par seconde**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasi**. SH: Igipimo kifashishwa mu gupima umuvuduko w'amakuru, bingana na biti 1000/ isogonda.

**Kode ndangarubuga y'igihugu** (koôde ndâangarûbuga y'igihûgu). Eng: **Country Code Top-Level Domain (ccTLD)**. Fr: **Domaine de premier niveau géographique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Izina

ry'urubuga rihanitse kuri murandasi rihabwa ibihugu na za leta zigenga (.gov.rw).

**Kode ngaragazanyandiko** (koôde ngaragazanyandiko). Eng: **HTML Tag**. Fr: **Balise HTML**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akantu gakoreshwa mu kugaragaza urubibi hagamijwe kwerekana intangiriro n'iherezo ry'agace k'inyandiko.

**Kode y'itumanaho rya telefoni** (koôde y'itumanahô rya telefoni). Eng: **Dialling code**; Country calling code; country dial-in code; international subscriber dialing code (ISD); telephone country code. Fr: **Indicatif téléphonique**; indicatif d'appel de pays; code d'appel de pays; code de numérotation d'abonné international; indicatif téléphonique de pays. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imibare yihariye igize nomero yifashishwa mu guhamagara mu kindi gihugu cyangwa umugi.

**Kohererezwa ubutumwa bukemangwa** (kohererezwa ubutumwâ bukemangwa). Eng: **Spamming**. Fr: **Spamming**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Kohereza ubutumwa butasabwe, budafite aho buhuriye, cyangwa busubirwamo, ubusanzwe mu bwinshi binyuze kuri imeri, imbuga nkoranyambaga, cyangwa urubuga rwo kohereza ubutumwa.

**Kohereza** (koohereza). Eng: **Send**. Fr: **Envoyer**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikorwa cyo guhererekanya ku buryo bw'ikoranabuhanga amakuru, ubutumwa cyangwa fishier biva ku wohera bijya ku wakira biciye mu ihuzanzira.

**Kohereza amafaranga kuri murandasi** (koohereza amafaranga kuri murandasi). Eng: **Online transfer**; electronic transfer; Electronic Funds Transfer (EFT). Fr: **Transfert en ligne**; transfert électronique de fonds. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kohereza amafaranga hagati y'amakonti hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Kohereza ubutumwa bwihuse** (koohereza ubutumwâ bwihuse). Eng: **Tweet**. Fr: **Tweeter**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubutumwa bugufi bwandikwa n'umukoresha w'impuza, bugizwe n'inyandiko, amafoto cyangwa amashusho bugashyirwa ku rubuga kugira ngo busangizwe abandi.

**Kohereza ubutumwa koranabuhanga** (kohereza ubutumwâ kôranabûhaânga). Eng: **Sending email**. Fr: **Envoi de courriel**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Iyoherezwa ry'ubutumwa, inyandiko, amashusho cyangwa amafishiye biva kuri mudasobwa, cyangwa ikindi gikoresho bijyaku kindi biciye mu ihuzanzira nka murandasi, hifashishijwe inzira ya SMTP.

**Komeka** (kôomeka). Eng: **Paste**. Fr: **Coller**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gushyira inyandiko cyangwa amashusho ashushanyije ku rupapuro nyuma y'uko byari byakuwe cyangwa byatiwe ahandi.

**Konti y'ibanze** (koonti y'ûibâanzê). Eng: **Default Account**; default user. Fr: **Compte par défaut**; utilisateur par défaut. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu y'uruganda iha igikoresho ubushobozi bwo gusuzuma imyirondoro y'ushaka kuyikoresha bwa mbere ikimara gutunganywa.

**Kuba ku murongo wa murandasi** (kubâ ku muroongo wa mûraandasî). Eng: **Online**. Fr: **En ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Bivugwa kuri mudasobwa cyangwa igikoresho ngendanwa cyafashe ihuzanzira.

**Kubangamirwa kwa sisitemu** (kubâangamirwa kwaa siisiteêmu). Eng: **System interference**. Fr: **Interférence système**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikorwa cyangwa ikintu cyose kibangamira imikorere isanzwe ya sisitemu ya mudasobwa.

**Kubika** (kubiika). Eng: **Save**. Fr: **Enregistrer**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gushyira mu bubiko impinduka yose ibaye ku ifishi.

**Kubika amakuru bwite** (kubiika amakuru bwiitê). Eng: **Personal data logging**. Fr: **Enregistrement des données à caractère personnel**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Uburyo bwo kubika ibikorwa byakozwe mu itunganwa ry'amakuru bwite mu gihe runaka hagamijwe kubikurikirana no kubigenzura hifashishijwe uburyo koranabuhanga bwikoresha.

**Kubika mu(ri)** (kubiika mu(ri)). Eng: **Save As**. Fr: **Enregistrer sous**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gushyira mu bubiko kopi nshya ifite izina cyangwa aho ibitse hatandukanye.

**Kubura ku murongo wa murandasi** (kubûra ku muroongo wa mûraandasî). Eng: **Offline**. Fr: **Hors ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Bivugwa iyo mudasobwa itari guhuzwa n'izindi cyangwa ibindi byuma by'ikoranabuhanga, ariko cyane cyane kuba idahura na murandasi cyangwa mudasobwa remezo, binavugwa kandi iyo incapanyandiko, sikaneri n'insomamakuru yo hanze bicometse kuri mudasobwa ariko bitakije cyangwa bitari muri gahunda yo gukora.

**Kubuza amahwemo kuri murandasi** (kubûza amahweemo kuri murâandasî). HI : Guhoza ku nkeke kuri murandasi (guhôza kuu nkeke kuri murâandasî). Eng: **Cyber-stalking**. Fr: **Cyber-harcèlement**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ugukoresha interineti, imeri, imbuga nkoranyambaga, cyangwa ubundi buryo bwo gutumanaho mu buryo bw'ikoranabuhanga kugira ngo utoteze, utere ubwoba cyangwa utere ubwoba umuntu kenshi.

**Kugera ku makuru** (kugera ku makurû). Eng: **Access to data**. Fr: **Accès aux informations**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ubushobozi cyangwa uburenganzira bwo kureba, gukoresha, cyangwa gukura amakuru yabitswe muri mudasobwa, mu bubiko bw'amakuru, cyangwa mu rusobe rw'iyoherezwa koranabuhanga urwo ari rwo rwose.

**Kugera ku muyoboro** (kugera ku muyoboro). Eng: **Access to the network**. Fr: **Accès au réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo ufite umuyoboro yorohereza undi wifuza gutanga serivisi z'itumanaho akoresheje uwo muyoboro, hakurikijwe ibisabwa byagenwe, haba mu buryo bw'umwihariko cyangwa bwa rusange mu gutanga serivisi z'itumanaho.

**Kumadika** (kumâdika). Eng: **Pinning**. Fr: **Épingler**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gushyiraho ikintu kigahora kigaragara kundebero ya mudasobwa.

**Kumanura** (kumanura). HI: **Gukurura** (gukurura). Eng: **Downloading; download**. Fr: **Téléchargement; télécharger**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kwimura ikintu runaka nk'ifoto, amashusho, inyandiko cyangwa amajwi ku miyoboro biba byarashyizweho ukayimurira kuri mudasobwa yawe.

**Kumatura** (kumâtuura) HI: Gukura (gukûura). Eng: **Unpinning**. Fr: **Désépingleur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukuraho ikintu cyagaragaraga ku ndebero ya mudasobwa.

**Kumena ibanga ry'amakuru** (kumêna ibaanga ry'âmakurû). Eng: **Data privacy breach**. Fr: **Violation de la confidentialité des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igihe amakuru runaka ageze kub'abatayemerewe mu buryo butifuzwaga ndetse ko iyo bibaye ayo makuru ashobora kwifashishwa n'abayafite mu bikorwa bitemewe n'amategeko.

**Kureba asigaye hifashishijwe murandasi** (kureeba asigaye hîfashiishijwe murâandasi). HI: **Kureba amafaranga asigaye hifashishijwe interineti** (kureeba amafaraanga asigaye hîfashiishijwe interineêti). Eng: **Online Balance Inquiry**. Fr: **Consultation du solde en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kureba amafaranga asigaye kuri konti ukoresheje murandasi.

**Kuri murandasi** (kurî murâandasi). Eng: **Online**. Fr: **En ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ukuba igikoresho cyangwa urwungano bicometse ku ihuzanzira rya murandasi.

**Kurihira kure** (kurihira kure). Eng: **Remote payment**. Fr: **Télépaiement**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kuriha butuma umuntu yishyura biciye mu kwiwandikisha mu ikoranabuhanga rifite umutekano (urubuga rwa murandasi, serivisi nkoreshajwi, cyangwa serivisi ya telefoni), biturutse ku utanga ibicuruzwa, na nyuma y'uko ugura amaze kubyemeza, amafaranga akavanwa kuri konti y'ugura.

**Kuzibira amakuru** (kuzibira amakurû). Eng: **Interception**. Fr: **Interception**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kumva, gufata amajwi, gukurikirana cyangwa kugenzura ibikubiye mu biganiro, harimo gutanga ibigize amakuru, byaba ku buryo butaziguye, binyujijwe ku kwinjira muri mudasobwa cyangwa gukoresha urusobe rwa mudasobwa cyangwa ku buryo buziguye, hakoreshejwe ibikoresho koranabuhanga byagenewe kumviriza cyangwa gufata amajwi, mu gihe ikiganiro kiri gukorwa.

**Kuzimya mudasobwa** (kuzîmya mudâsobwâ). Eng: **Turning off a computer**. Fr: **Éteindre l'ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kuyihagarika neza ikareka gukora.

**Kwagura / kugabanya** (kwâagura / kugabanya). Eng: **Maximize / Minimize**. Fr: **Agrandir / réduire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kwerekana imigaragarire y'inyandiko cyangwa porogaramu kuri mugaragaza.

**Kwandika imeri** (kwaandika imêeri). Eng: **Compose**. Fr: **Rédiger**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gutangira kwandika ubutumwa bushya bwa imeri.

**Kwatsa mudasobwa** (kwaatsa mudâsobwâ). Eng: **Turning on a computer**. Fr: **Allumer l'ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gucana mudasobwa kugira ngo itangire gukora.

**Kwiga hakoreshejwe iyakure** (kwiiga hâkoreeshejwe iyakure). Eng: **E-Learning**. Fr: **Formation en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo kwiga ukoresheje mudasobwa n'interineti aho kuba mu ishuri risanzwe.

**Kwiga nta bisubizo bya sisitemu** (kwiiga ntâa bisûbizo byaa sisiteêmu). Eng: **Unsupervised Learning**. Fr: **Apprentissage non supervisé**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo bwo kwiga kwa mudasobwa aho sisitemu ishakisha imiterere n'isano mu makuru atarashyizweho ibisobanuro.

**Kwigira ku bisubizo bya sisitemu** (kwiigira ku makurû nyakûri kwaa siisiteêmu). Eng: **Supervised learning**. Fr: **Apprentissage supervisé**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo bwo kwiga kwa mudasobwa aho sisitemu yigira ku makuru yashyizweho ibisobanuro kugira ngo ishobore gutanga ibisubizo.

**Kwigishwa na sisitemu itanga agahimbazamusi** (kwiigiishwa na siisiteêmu itâanga agahiimbaazamusi). Eng: **Reinforcement learning**. Fr: **Apprentissage par renforcement**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo bwo kwiga mudasobwa aho sisitemu yiga gufata ibyemezo binyuze mu gukorana n'ibidukikije, kwakira ibitekerezo mu buryo bw'ibihembo cyangwa ibihano, no guhindura ibikorwa byayo kugira ngo igere ku nyungu nini mu gihe kirekire.

**Kwimukana numero** (kwiimukana numero). Eng: **Number portability**. Fr: **Portabilité du numéro**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi umufatabuguzi afite bwo kugumana

nomero akoresha kubera amasezerano yashyizeho umukono, mu gihe ahinduye uwamugezagaho serivisi z'itumanaho koranabuhanga cyangwa aho yakoresherezaga serivisi z'iryo tumanaho koranabuhanga.

**Kwinjira** (kwîinjira). Eng: **Login**; login, sign in. Fr: **Connexion**; se connecter. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kwinjiza ibice by'amakuru nk'umubare w'ibanga mbere yo kwinjira muri mudasobwa cyangwa porogaramu zayo.

**Kwishyura hakoreshejwe murandasi** (kwiishyura hâkoreeshejwe murâandasî). HI: **Kwishyurira mu ikoranabuhanga** (kwiishyurira mu iikôranabûhaânga). Eng: **Online payment**. Fr: **Paiement en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Kohereza amafaranga ku buryo koranabuhanga biciye muri murandasi, bikaba hagati y'umucuruzi n'uhaha, haba ku buryo bw'ikarita ya banki, ku bw'inkoranabuhanga ya banki cyangwa biciye ku rubuga rwa banki, hadakoreshejwe amafaranga afatika cyangwa sheki, bigakorwa ku buryo bubangutse kandi bwizewe.

**Kwishyura imisoro hifashishijwe ikoranabuhanga** (kwiishyura imisoro hiifashiishijwe ikôranabûhaânga). Eng: **E-Tax Payment**. Fr: **Paiement électronique des impôts**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kwishyura imisoro ya RRA na RSSB hakoreshejwe interineti.

**Kwishyurira fagitire kuri murandasi** (kwiishyurira fagitîre kurî murâandasî). Eng: **Online Bill Payment**. Fr: **Paiement de factures en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kwishyura fagitire z'amazi, umuriro, imisoro n'izindi serivisi ukoresheje ikoranabuhanga.

**Kwita kuri mudasobwa** (kwîita kurî mudâsobwâ). Eng: **Computer service**; service. Fr: **Service informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibikorwa bikubiyemo imicungire, ibikwa ry'amakuru cyangwa kongera kubona amakuru abitswe muri mudasobwa.

**Kwiyandikisha** (kwîiyandikiisha). Eng: **Register**. Fr: **S'inscrire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo gukora konti nshya utanga amakuru yose asabwa.

**Kwiyandikisha kuri murandasi** (kwîiyandikiisha kurî murâandasî). Eng: **User Registration**. Fr: **Enregistrement d'utilisateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo umuntu ushaka

gukoresha murandasi yiyandikisha agahabwa amakuru amufasha kugira ibyangombwa bimuranga nk'izina rimuranga kuri murandasi cyangwa aho abarizwa bikajya bituma inkoranabuhanga zimenya ko ari we mu rwego rwo kwirinda kwinjirirwa, bityo bigatanga umutekano w'inyongera.

**Kwiyitirira undi** (kwîiyitirira undî). HI: **Kwiba izina** (kwîiba izîna). Eng: **Identity Theft**. Fr: **Usurpation d'identité**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Guhimba imyironoro itariyo hakoreshejwe imyironoro y'undi muntu hagamijwe guhanga ikarita mbikuramafaranga cyangwa gusaba inguzanyo mu myironoro y'undi muntu, bishobora kugira ingaruka kuri nyir'imyironoro.

## L

**Lazeri** (lazêeri). Eng: **Laser**. Fr: **Laser**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa** (Biotechnology, imaging ikoreshwa kwa mugaganga). SH: Uburyo bwo kubona amakuru akenewe mu mashusho ataboneshwa amaso ukoresheje urumuri rw'ingufu nyinshi rugakoreshwa mu itumanaho, mu nganda, cyangwa mu bikoresho byo kwa muganga. (Ifoto)

**Leta koranabuhanga** (Leeta kôranabûhaânga). Eng: **E-Government** (e-GOV). Fr: **Administration électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu nzego za Leta mu gutanga serivisi, gusangira amakuru no kuvugana n'abaturage, ibigo by'ubucuruzi ndetse n'izindi nzego za Leta mu buryo bwihuse kandi bworoshye.

## M

**Mudasobwa ya Makinitoshi** (Mudâsobwâ ya maâkinitoôshi). HI: **Mudasobwa ya Mac** (Mudâsobwâ ya maâki). Eng: **Macintosh**; Mac. Fr: **Macintosh**; Mac. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Izina rya mudasobwa zakozwe na Apple Computer.

**Megabayiti** (megabayîti). Eng: **Megabyte**. Fr: **Mégaoctet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igipimo cy'ingano y'amakuru abikika ku gikoresho runaka, icyo gipimo kingana na bayiti igihumbi kirengaho.

**Megaheritse** (megaherîtse). Eng: **Megahertz**. Fr: **Mégahertz**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igipimo cy'ubwisubiremo bw'amajwi, bingana n'inshuro miliyoni ku isegonda.

**Meni yo gutangira** (meni yô gutâangira). HI: **Ingingo y'ihagurutsa** (ingiingo y'ihâgurutsa). Eng: **Start menu**. Fr: **Menu de démarrage**; menu démarrer. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gitanga inzira igera kuri za gahunda, igenabikorwa, incapanyandiko n'ibindi.



**Menya n'ibindi** (menya n'ibiîndi). Eng: **Learn More**. Fr: **Apprendre encore plus**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa cyo kumva cyangwa kumenya byinshi kurushaho.

**Mikoro** (mikoro). HI: **Indangururamajwi** (indâangururamâjwi). Eng: **Microphone**. Fr: **Microphone**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Indangururamajwi ifite ubushobozi buhambaye bwo gukurura amajwi, yifashishwa mu gufata amajwi yihariye mu yandi menshi ari kumvikana ahantu runaka.



**Mikoro nyabyerekezo** (mikoro nyabyêerekezo). Eng: **Omnidirectional microphone**. Fr: **Microphone omnidirectionnel**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Ubwoko bwa mikoro yakira amajwi ifata aturutse mmu byerekezo byose.

**Mikoro nyacyerekezo** (mikoro nyacyêerekezo). Eng: **Unidirectional microphone**. Fr: **Microphone Unidirectionnel**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Ubwoko bwa mikoro yakira gusa amajwi ifata aturutse gusa mu cyerekezo yerekejwemo.

**Mikoro yambarwa** (mikoro yaambârwa). Eng: **Lapel microphone, lavalier microphone, tie-clip microphone, clip mic; body mic; collar mic; neck mic**. Fr: **Micro-cravate, micro-corps; micro-collier; micro-cou**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Ubwoko bwa mikoro nto yakira amajwi aturutse mu byerekezo byose, ikaba yakwambarwa ku gice cy'umwenda kiri hafi y'umunwa cyangwa igashyirwa ku kintu kiri hafi y'aho abantu bavugira.

**Minimagisi** (minîmagîsi). Eng: **Minimax**. Fr: **Minimax**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Amabwiriza akoreshwa mu nkoranabuhanga no mu gukora imikino.

**Modemu ngendanwa inyaruka** (modêmu ngeendânwa inyâruka). Eng: **Mobile broadband modem**; wireless modem; cellular modem. Fr: **Modem à haut débit**; modem sans fil; modem cellulaire. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ubwoko bwa modemu butuma mudasobwa bwite cyangwa intanganzira byakira murandasi nziramugoyi biciye mu ihuzanzira ngendanwa ryihuta aho gukoresha imiyoboro ya telefoni cyangwa ya televiziyo hakoreshajwe imigozi.

**Modemu nkoranabuhanga** (modêmu nkôranabûhaânga). Eng: **Digital Modem**. Fr: **Modem numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igice cy'urwungano gituma itumanaho rishoboka biciye mu bikoreho nyakira koranabuhanga, kigashyikirana n'urwungano ruri kure ndetse kikaba cyafata ihuzanzira rusange biciye mu bikoreho bisanzwe bitari koranabuhanga.

**Modemu nkoreshacyogajuru** (modêmu nkoreeshacyoogajuru). Eng: **Satellite Modem**; satmodem. Fr: **Modem satellite**; satmodem. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Modemu ikorehwa mu gushyiraho uburyo bwo kohereza amakuru hakoresheshejwe icyogajuru cy'itumanaho nk'impererekanyamakuru.

**Modemu nkoreshamugoyi** (modêmu nkôreeshamûgozi). Eng: **Cable Modem**. Fr: **Modem câble**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoreho gicomeka urwungano koranabuhanga kuri murandasi binyuze mu muyoboro wa televiziyo hifashishijwe urusinga.



**Modemu ntwarajwi** (modêmu ntwâarajwî). Eng: **Dial-up Modem**; dial-up Internet access. Fr: **Dial-up Modem**; accès Internet par ligne commutée. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ifata ihuzanzira biciye mu ihuzanzira rya telefoni rusange zahinduwe hagamijwe gukora ifatishahuzanzira ku utanga ihuzanzira hakoreshajwe kwandika nimero ya telefoni ku murongo usanzwe.

**Modemu ya bugufi** (modêmu ya bûgufi). Eng: **Limited distance modem**. Fr: **Modem à distance limitée**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imashini yohereza amakuru mu buryo bugufi bwohereza

amakuru y'umwimerere y'ikoranabuhanga rigezweho bitandukanye no gukoresha imihuzanzira ya radiyo.

**Modemu ya munyaruko** (modêemu ya mûnyaruko). Eng: **Optical Modem**; optical cat. Fr: **Modem optique**; chat optique. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cyohereza imiraba minyaruko ku yindi miraba y'imbonezanzira biciye mu gikoresho cy'inyoboratumanaho.

**Modemu ya telefoni** (modêemu ya telefoôni). Eng: **Telephone Modem**. Fr: **Modem par telephone**; modem analogique. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho gituma mudasobwa yohereza amakuru ku miyoboro ya telefoni isanzwe itari koranabuhanga.

**Modemu yo hanze** (modêemu yô hâanzê). Eng: **External modem**. Fr: **Modem externe**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cyigenga gitandukanye na mudasobwa gituma itumanaho hagati ya mudasobwa n'ihuzanzira rishoboka, igafatira inzira kuri mudasobwa biciye mu muguzi akenshi yinjiriyeye mu nzira rutonde, USB cyangwa Ethernet.

**Modemu yo mu nzu** (modêemu yô muu nzu). Eng: **Landline modem**; phone modem; Multimedia Terminal Adaptor (MTA). Fr: **Modem fixe**; modem téléphonique; adaptateur de terminal multimédia. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Modemu ya telefoni cyangwa umugenga w'itangazamakuru, usanga ari agasanduku gahuza umuguzi munini n'umuguzi wa telefoni aho mu nzu.

**Moteri y'ubwenge buhangano** (motêeri y'ûubwêenge buhaangano). Eng: **AI engine**. Fr: **Moteur d'IA**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Inkoranabuhanga nkomatanya iyobora ibikoresho nkoranabuhanga bikoreshwa mu bwenge buhangano, igatuma bishobora gusoma amakuru, kuyakuramo amasomo no guhanga ibisubizo cyangwa ibikorwa bishingiye kuri ayo makuru.



**Mozira fayafogisi** (Mozirâ fayâfogîsi). Eng: **Mozilla firefox**; Firefox. Fr: **Mozilla Firefox**; Firefox. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inshakishamakuru ya murandasi y'ubuntu kandi ifite amakuru agenewe

abantu bose yakozwe n'ikigega Mozilla hamwe n'isosiyete igikomokaho Mozilla Corporation.

**Mubazi koranabuhanga** (mubazi kôranabuhaânga). Eng: **Electronic calculator**. Fr: **Calculatrice électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ishobora gukora ibikorwa byo kubara nko guteranya, gukuba, gukuramo cyangwa kugabanya hakoreshejwe inzira koranabuhanga n'igenamikorere ya nkoranabuhanga.

**Mubitsi** (mubiitsi). Eng: **C drive; Filing Cabinet**. Fr: **Disque C; armoire de classement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu nyamukuru ho kubika amakuru muri mudasobwa, ikabikwamo sisitemu n'amadosiye, nk'akabati kabikwamo impapuro.

**Mubitsi ya Bulureyi** (mubiitsi ya Bulureyi). HI: **Disike ya Blu-ray** (diisiki ya Blu-ray); **Imbikamakuru ruziga ya Blu-ray** (imbikamakuru ya Blu-ray). Eng: **Blu-ray disk; Blu-ray**. Fr: **disque Blu-ray; Blu-ray**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'imbikamakuru ruziga nsomesharumuri bubika amakuru menshi bwaje busimbura DVD, bukagira amashusho meza (1080p) cyangwa arenzeho (4K) bushobora no kubika ubundi bwoko bw'amakuru nyamibare.



**Mucapyi** (mucapyi). HI: **Insoharanyandiko** (insohoranyandiko). Eng: **Printer**. Fr: **Imprimante**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho



cyandukura inyandiko n'amashusho ku mpapuro cyangwa ibindi bikoresheho kiba gicometse kuri mudasobwa, bityo kigafasha gusesengura inyandiko, inyandiko nyamibare, n'izindi gahunda kugira ngo hakorwe inyandiko n'amashusho bicapye bishyashya.

**Mucumbikirarubuga** (mucumbikirarubuga). Eng: **Web hosting provider**. Fr: **Fournisseur d'hébergement web**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikigo cyangwa se abantu bafasha ibigo by'ubucuruzi n'abikorera bose babyifuzaga gufungura urubuga kuri murandasi.

**Mudasobwa** (mudâsobwâ). Eng: **Computer**. Fr: **Ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho koranabuhanga cyakira amakuru ku buryo bw'imibare kikabihindura ku buryo kibona igisubizo hakoreshejwe gahunda, inkoranabuhanga cyangwa itsinda ry'amategeko bikibwira ibigomba gukorwa.



**Mudasobwa bwite** (mudâsobwâ bwiitê). Eng: **Personal computer (PC)**. Fr: **Ordinateur personnel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga cyakorewe gukoresha n'umuntu ku giti cye haba ari akazi gasanzwe, imikino ya videwo cyangwa gushaka amakuru kuri murandasi, kikagira indongozi ya mudasobwa, intima, imbikamakuru, umwanya wo kubikamo amakuru, ibikoresho nyinjiza cyangwa nsohoramakuru (indebero, urwandikiro n'imbeba).

**Mudasobwa itagendanwa** (mudâsobwâ itâgeendânwa). HI: **Mudasobwa bwite** (mudâsobwâ bwiitê). Eng: **Individual computer; Personal computer; Desktop PC**. Fr: **Ordinateur individual; ordinateur de bureau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho icyo ari cyo cyose kigamije kubara gukoresha n'umukoresha w'umuntu ku bw'inyungu z'umukoresha.

**Mudasobwa musabyi** (mudâsobwâ musabyi). Eng: **Client Computer; Client**. Fr: **Ordinateur client; Client**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'ikoranabuhanga cya mudasobwa kibona amakuru gikuye ku yindi mudasobwa yitwa ikigega cy'amakuru mu rwego rw'ibonezanzira hagati y'ikigega n'imashini ihabwa amakuru yo ku ihuzanzira koranabuhanga.

**Mudasobwa ngendanwa** (mudâsobwâ ngeendânwa). HI: **Mudasobwa igendanwa** (mudâsobwâ igêendanwa). Eng: **Laptop computer; laptop**. Fr: **Ordinateur portable**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cya mudasobwa nto ishobora kugendanwa cyangwa umuntu akayikoresha iri ku bibero, ifite irebero n'urwandikiro rurimo imbeba, irebero n'urwandikiro bikora ikintu kimwe gihinwa ku buryo irebero ripfundikira urwandikiro, igakora nka mudasobwa isanzwe, ikagira



akarusho ko gukora idacometse ku mashanyarazi igihe runaka kuko iba ikoresha ayo ifite muri batiri.

**Mudasobwa ngendanwa nto** (mudâsobwa ngeendânwa ntô). HI: (indebero nkôranabûhaânga). Eng: **Tablet**; touchscreen. Fr: **Tablette**; Tablette tactile. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa bwite ngendanwa nziramugozi ifite indebero nkoranabuhanga yumva urutoki, iba ari nto kuri mudasobwa isanzwe ariko ikaba nini ho gato kuri telefoni igezweho (simatifoni), uruhande rw'imbere rwose ni ikirahure cyumva ugikabakabye ku buryo ahashinzwe urutoki ireba ubutumwa buhasanzwe ukanze aba avuze ikabukurikiza, icyo kirahure ni irebero n'urwandikiro.



**Mudasobwa remezo** (mudâsobwâ remezo). Eng: **Mainframe computer**; mainframe; big iron. Fr: **Ordinateur central**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rugari rwa mudasobwa rufite ubushobozi bwo gukoreshwa mu bikoresho by'ikoranabuhanga bifite ububiko buhanitse, n'ibigarura amakuru yatakaye ndetse no mu zindi porogaramu kandi bikorewe icyarimwe.

**Mudasobwa rukomatanyo** (mudâsobwâ rukomatanyo). Eng: **All-in-One PC**. Fr: **Ordinateur tout-en-un**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa ziba zifite isanduku ya mudasobwa ifatanye na mugaragaza.

**Mugabuzi** (mugabuzi). HI: **Impuzamakuru** (impûuzamâkurû). Eng: **Server**; Server device. Fr: **Serveur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa cyangwa sisitemu nk'inkoranabuhanga cyangwa igikoresho cyo kubika bitanga ibyo gukoresha, amakuru, serivisi na gahunda bibiha izindi mudasobwa biciye mu ihuzanzira, bityo bibika amakuru, bikayohereza, bikanayakira, bikanakora n'indi mirimo.



**Mugabuzi y'ihuzanzira** (mugabuzi y'ihuuzanzira). Eng: **Network Server**. Fr: **Serveur réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Mudasobwa ifasha ibikorwa by'ihuzanzira gukora ndetse ikagena n'imikorere yabyo y'ibanze.

**Mugabuzi ya imeri** (mugabuzi ya îmeeri). HI: **Ububiko bwa imeri** (ububîiko bwaa îmeeri). Eng: **Mail server**. Fr: **Serveur de messagerie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa ibasha kubika ubutumwa bwinjira ikabwohereza kuwo bugenewe ndetse ikabika ubugenewe koherezwa hanyuma ikaza kubwohereza kuri mudasobwa ibubika ikoresha murandasi.

**Mugabuzi ya murandasi** (mugabuzi ya murâandasî). Eng: **Proxy server**. Fr: **Serveur proxy**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Sisitemu ikora nk'inzira ihuza abakoresha murandasi n'imbuga bashakirwaho amakuru.

**Munyaruko** (munyâruko). HI: **Inyoboramakuru** (inyôboramâkurû). Eng: **Optic fiber**; fiber optics; optical fiber, fiber optic cable. Fr: **Fibre optique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoranabuhanga ryohereza amakuru mu buryo bw'imiraba y'urumuri ku muguzi w'ikirahure cyangwa wa pulasitiki.

**Munyaruko ngiranzira nyinshi** (munyâruko ngiranzira nyiînshi). Eng: **Multi-mode optical fiber**; multimode fiber. Fr: **Fibre optique multimode**; fibre multimode. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ubwoko bw'urusinga runini rukoresha diyode nyarumuri ikoze muri purasitiki idahenze mu gutwara amakuru ikoresheje urumuri ruturutse muri Lazeri iri ahantu hagenwe, urumuri rugakwira mu mutima w'urusinga rugenda rwihonda ku mbibi zarwo, rugatwara ibimenyetso nyamiraba biturutse cyangwa bigana mu bikoresho bito cyane bikabije by'insinga minyaruko.

**Mupakizi nyamwikoresha** (mupakizi nyamwiikoreesha). Eng: **Automatic Document Feeder (ADF)**. Fr: **Chargeur automatique de documents**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu kiboneka mu byuma bipima, imashini zicapa, imashini zikopera, n'ibikoresho bifite imikorere myinshi gishyirwaho impapuro kigakora kuri zo ibyo bagisabye.

**Murandasi** (murâandasî). Eng: **Internet, Inter-network**. Fr: **Internet; Inter-réseau, toile**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira y'isi yose ihuza za mudasobwa, ibigega mpuzamakuru, telefoni, n'ibindi bikoresho nkoranabuhanga bihujwe mu itumanaho hakoreshejwe impuzanzira y'itumanaho TCP kugira ngo habe ihanahana ryihuse ry'amakuru, inyandiko n'izindi serivisi.

**Murandasi nyakiramubyimba** (murâandasî nyâkiiramûbyiimba). Eng: **Three-dimensional internet**; 3D internet. Fr: **Internet en trois dimensions**; Internet 3D. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imibonere ya murandasi aho ibintu bigaragara bivuye mu buso bikagara mu buryo bw'ubunini.

**Murandasi nyamiraba** (murâandasî nyamiraba). Eng: **Microwave Internet**; Wireless Access (WLA). Fr: **Internet micro-onde**; accès sans fil. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Interineti yihuta itarangwamo insinga, itangwa hifashishijwe umuyoboro wa radiyo ukoresha imirasire ya micro-ondes ifite ubushobozi bunini, kandi idakenera indi miyoboro uretse amashanyarazi n'umurungo woroheye kurebwa cyangwa uwegereye kuwubona.

**Murandasi y'umuvuduko uringaniye** (murâandasî y'ûmuvûduko urînganiye). Eng: **Medium-speed internet**. Fr: **Internet à débit moyen**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuvuduko w'amakuru y'itumanaho ubarirwa hagati ya bayiti 2400 na 9600 ku isegonda.

**Mushakishafishiye** (mushâakiishafiîshiye). Eng: **File Explorer**. Fr: **Explorateur de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ifasha kureba, gutunganya no gucunga amafishiye, ububiko n'ibikoresho by'ingenzi bicometse kuri mudasobwa.

**Musomambikamakuru ruziga** (musomambûikamâkurû ruzîga). Eng: **DVD drive**. Fr: **Lecteur de DVD**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: igikoresho gisanzwe cya mudasobwa gikoreshwa mu gusoma amafirimi, ishyirwamo ry'inkoranabuhanga n'ibikwa ry'amakuru, isoma ikanandika amakuru ku madisiki koranabuhanga nzira nyinshi (DVD).

**Musomyi y'amajwi n'amashusho igendanwa** (musomyi y'âmajwî n'âmashusho igêendanwa). Eng: **Portable Media Player**. Fr: **Lecteur multimédia portable**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agakoresho gato kagendanwa kabika kandi kakanakina umuziki na videwo.

**Musomyi ya disiki ngendanwa** (musomyi yâ diîsiki ngeendânwa). Eng: **USB port**; 2.0. Fr: **Port USB**; 2.0. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu kuri mudasobwa hahamwe ibikoresho byo hanze.

**Musomyi ya disiki nkuru** (musomyi yâ diîsiki nkurû). HI: **Imbikamakuru nini** (imbûikamâkurû nîni). Eng: **Hard Disk Drive** (HDD); Hard Drive; Local Drive; Storage drive; Hard Disk; Disk drive. Fr: **Disque dur**; lecteur de disque. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'imbere muri mudasobwa ariko hari nubwo kigurwa ukwacyo, kikaba gifite akamaro ko kubika amakuru nka sisitemu y'imikorere, inkoranabuhanga n'amafishiye.



**Musomyi ya sede** (musomyi ya sede). HI: **Sede** (sede). Eng: **Compact Disk** (CD); Compact Disk Read-Only-Memory (CD ROM); Digital Versatile Disk drive); DVD-ROM, (DVD-R), DVD-R/W. Fr: **Disque compact**; disque compact à mémoire morte (CD-ROM); Lecteurs de disques numériques polyvalents, DVD-ROM (DVD-R), DVD-R/W. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gito cyitwazwa gishobora gufatwaho amakuru akabikwaho, agasomwa ku buryo bw'amajwi, amashusho cyangwa ubundi buryo koranabuhanga.

**Musurambuga** (musûurambûga). HI: **Inshakishamakuru** (inshâakiishamâkurû); **Inshakishamakuru ya murandasi** (inshâakiishamâkurû ya mûraandasi). Eng: **Browser**; Web Navigator; Search engine. Fr: **Navigateur**; navigateur Web; moteur de recherche. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga cyangwa gahunda ya mudasobwa yifashishwa mu gushakisha amakuru kuri murandasi hifashishijwe amagambo y'ingenzi cyangwa imvugo, igatanga ibisubizo ku buryo bwihuse.



**Mwandikisho** (mwaandikiîsho). HI: **Urwandikiro rwa mudasobwa** (urwaandikiro rwaa mûdasobwâ); **urwandikiro** (urwaandikiro). Eng: **Computer keyboard**; keyboard. Fr: **Clavier d'ordinateur**; clavier. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyifashishwa mu kwinjiza amakuru muri mudasobwa hakoreshejwe gukanda inyoborakimenyetso ya mudasobwa haba iy'inyuguti, iy'imibare cyangwa iy'ibimenyetso byihariye.

**Mwandikisho ya burayi** (mwandikiîsho ya bûraâyi). HI: **Insomeshwantoki** (insomeeshwantoki). Eng: **Braille keyboard**. Fr: **Clavier Braille**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kwandika bwifashisha utudomo tubyimbye mu gushushanya inyuguti

ku buryo umuntu ufite ubumuga bwo kutabona akoraho agasoma ibyanditse.



**Negatifu** (negatiifu). HI: **Imbanzirizafoto** (imbaanzirizafoto). Eng: **Latent image**. Fr: **Image latente**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho yafashwe gusa itabona neza, ikaba mu gihe itunganyijwe yavamo ishusho nzima.

**Nomero ndangamuntu y'Igihugu** (numero ndaangamuuntu y'igihugu). Eng: **National identification number**. Fr: **Numéro d'identification national**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Numero iranga umuntu ishyirwaho ku buryo bwa tombola, yihariye kandi ihoraho ihabwa umuntu wanditswe muri CRVS bikozwe n'umukozi ubishinzwe.

**Nomero ya SDID** (numero ya SDID). Eng: **Single Digital Identification number**; SDID number. Fr: **Numéro SDID**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Numero y'indangamuntu koranabuhanga, ari yo numero itangwa mu buryo bwa tombola, yihariye kandi ihoraho, iranga umuntu wayihawe.

**Nyabubiri** (nyabubiri). Eng: **Binary**. Fr: **Binaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano nyamibare rwa mudasobwa rukoresha imibarwa ibiri 0 na 1 (igicumbi 2) rukoresha mu kubika amakuru no kubara ingiro, akaba ari urwungano shingiro mu ihunika ry'amakuru kuko ari ho isesengurira amakuru ikagaragaza byose, yaba ari inyandiko, imibare, amabwiriza, amashusho byose mu buryo bw'amatsinda agizwe n'iriya mibarwa ibiri.

**Nyamiraba** (nyamiraba). Eng: **Analog**. Fr: **Analogique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iigikoresho kiri mu bwoko aho ingano zihoraho zihindagurika, nk'ubushobozi bw'amashanyarazi, umuvuduko w'amazi, cyangwa ingendo za mekanike, zigaragazwa mu buryo busa n'ingano zijyanye n'ikibazo kigomba gukemurwa.

**Nyamugozi** (nyamugozi). HI: **Ihuzanzira ngiramugozi** (ihuuzanzira ngiramugozi). Eng: **Ethernet**; **Hardwired connection**. Fr: **Ethernet**; **Connexion câblée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Ikoranabuhanga ry'itumanaho rihuza mudasobwa n'ibindi bikoresho mu muyoboro wo mu gace kamwe (LAN) hifashishijwe insinga, bikabafasha guhanahana amakuru ku muvuduko mwinshi.

**Nyamwikoresha** (nyamwiikoreesha). HI: **Robo** (robo). Eng: **Robot**; Bot. Fr: **Robot**; bot. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Inkoranabuhanga nkoreshwa yikoresha ishobora gukurikiza amategeko amwe namwe ihawe iyo yinjijwemo ubutumwa runaka, igakoreshwa mu bikorwa bigaruka kenshi kandi buri kanya, igakora yigana umuntu cyangwa ikamusimbura kandi ikabikora neza kumurusha, byaba bigambiriye ikiza cyangwa ikibi.



**Nyamwikoresha nsubiza** (nyamwiikoreesha nsubiza). Eng: **Autoresponder**. Fr: **Répondeur automatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu cyangwa inyandiko kuri seriveri ya imeri isubiza imeri mu buryo bwikora.

**Nyiramubande** (nyirâmubâandê). Eng: **Echo**. Fr: **Écho**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukwisubiramo gutandukanya amajwi bitewe n'aho asekuye, nko ku rukuta, cyangwa no ku musozi, bibaho no mu majwi ya mudasobwa.

**Nyiramubande** (nyirâmubâandê). HI: **Ubuduha** (ubuduha). Eng: **Acoustical feedback**. Fr: **Retour acoustique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ijwi ry'ubuduha ritangwa no guhungabana kw'amajwi gutewe n'uko indangururamajwi yakiriye amajwi ava ku nsakazamajwi irigushyira bityo amajwi akinyuramo kugeza insakazamajwi itakibasha kuyakira.

**Nyiri amakuru** (nyirî amakurû). Eng: **Data subject**. Fr: **Personne fichée**; **personne concernée**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: umuntu runaka ufitanye isano n'amakuru runaka.

**Nyirubwite** (nyirûbwite). HI: **Nyiri amakuru** (nyirî amakurû). Eng: **Data subject**. Fr: **Personne fichée**; **personne concernée**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Umuntu usanga amakuru ye bwite yarakusanyijwe kandi agatunganywa.



**Paji y'urubuga** (paâji y'ûrubûga). Eng: **Web page**; webpage. Fr: **Page web**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Paji y'urubuga rwo kuri murandasi itanga amakuru ku ngingo runaka.

**Paji zasuwe** (paâji zaasuuwê). Eng: **Pages Per Session**; page depth. Fr: **Pages par session**; profondeur de page. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inshuro uri kuri murandasi akanda ku rwandikiro, izo nshuro zikaba zikenewe kugira ngo agere ku ipaji runaka avuye ku ipaji y'ahabanza akoresheje inzira ya bugufi.

**Paki** (paâki). HI: **Pake** (paâke) Eng: **Package**. Fr: **Paquet**. NK: **Ikoranabuhanga ry'itumanaho**. SH: Indundo y'amayinite agurishirizwa hamwe ku giciro cyagenwe.

**Petabayiti** (Petabayiti). Eng: **Petabyte**. Fr: **Pétaoctet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe cy'ihunika ry'amakuru kingana na bayiti 1000000000000000 cyangwa terabayi 1000 cyangwa jigabayiti miliyoni.

**Porogaramu mpagararira** (porogaraâmu mpagararira). HI: **Gihagararira koranabuhanga** (gihagârarira kôranabûhaânga). Eng: **Electronic agent**. Fr: **Agent électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Porogaramu ya mudasobwa cyangwa igikoresho koranabuhanga cyangwa ikindi gikoresha uburyo bwikoresha, bikoreshwa ku buryo bwigenga mu gutangiza igikorwa, mu gusubiza ubutumwa, mu gukora byose cyangwa igice, bikoze ku buryo byikora.

**Porogaramu ncomekwahagati** (porogaraâmu ncômekwâhaâti). HI: **Impuzankoranabuhanga** (impûuzankôranabûhaânga). Eng: **Middleware software**; middleware. Fr: **Intergiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga iri hagati y'imbonezamikorere n'inkoranabuhanga ziyikoresherezwamo.

**Porogaramu nto** (porogaraâmu ntô). Eng: **Applet**. Fr: **Applet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gahunda ya mudasobwa igaragara mu yindi porogaramu, ikaba igenewe gukora akazi runaka,

akenshi ishyirwa muri porogaramu nini cyangwa urupapuro rwa murandasi.

**Porogaramu ya Burutufu** (porogaraâmu ya buruûtuufu). Eng: **Bluetooth**. Fr: **Bluetooth**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. NK: **Urusobe nsakazamakuru**. SH: Inkoranabuhanga ituma ibikoresho by'ikoranabuhanga cyangwa ibya elegitoronike byegeranye bishobora guhererekanya amakuru atandukanye (mu majwi, mu nyandiko cyangwa mu mashusho) mu buryo bw'inziramugizi, hadakoreshejwe insinga.

**Porogaramu ya Mikorosofuti Agisesi** (porogaraâmu ya mikorosofûti agîseesi). Eng: **Microsoft Access**; Access application; MS Access. Fr: **Microsoft Access**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga y'ikigega cy'amakuru igenewe abantu bose bakoresha Windows, akaba ari urwungano rucunga ibigega mbikamakuru bya Mikorosofuti, igafatanya inshakisha y'imbikamakuru zifitanye isano za agisesi hakoreshejwe uruganiriro rukoresha ibishushanyo, amashusho n'ibikoresho byo gukora inkoranabuhanga, bityo igatunganya amakuru y'abantu, igahanga imbata, ibishushanyo, igahanga ubutumwa, inyandiko zuzuzwa, na za raporo zo gusesengura amakuru ku buryo buhwitse.

**Porogaramu ya Mikorosofuti Egiseri** (porogaraâmu ya mikorosofûti egiseêri). HI: **Porogaramu y'ububiko shingiro** (porogaâramu y'ububûiko shiingiro). Eng: **Microsoft Excel**; Excel. Fr: **Microsoft Excel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu yakozwe na Mikorosofuti ikoresha impapuro za mudasobwa mu gutunganya imibare n'amakuru hakoreshejwe forumire na fongisiyo.



**Porogaramu ya Gugo Korome** (porogaraâmu ya guugô koroôme). Eng: **Google Chrome**. Fr: **Google Chrome**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Porogaramu ya murandasi yahanze na Google ituma usura imbuga za murandasi, ikaba yaradutse muri 2008, igakoreshwa kuri Microsoft Windows™, ikaba yifitemo ibice by'inkoranabuhanga by'ubuntu byakozwe na Apple WebKit n'ibya Mozilla Firefox.



**Porogaramu ya Mikorosofuti Ofisi 365** (porogaraâmu ya mikorosofûti ofisi 365). Eng: **Microsoft Office 365**. Fr: **Microsoft Office 365**. NK: **Ikoranabuhanga rya Murandasi**. SH: Serivisi y'ifatabuguzi kuri interineti itanga ipaki ya porogaramu za "Office".

**Porogaramu ya Mikorosofuti awutuluku** (porogaraâmu ya mikorosofûti awutuluku). Eng: **Microsoft Outlook**; MS Outlook; Outlook. Fr: **Microsoft Outlook**; MS Outlook; Outlook. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga y'incungamakuru usanga ari igikoresho cy'agasanduku k'ubutumwa koranabuhanga, cya karendari cyangwa imbaraminsi kandi cy'igenamigambi bikubiye mu kintu kimwe, gikorera muri Windows, Mac, n'inshakishamakuru ya Office, ikaba ishobora gukorana na konti y'amakuru y'amashuri n'amakuru y'impuguke, kohereza no kwakira ubutumwa, gukurikirana igenabikorwa, inama, n'ibiriho biba.

**Porogaramu ya Mikorosofuti Wadi** (mikorosofûti waâdi). Eng: **Microsoft Word**. Fr: **Microsoft Word**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ikoresheya mu kwandika, guhindura no gutunganya inyandiko.

**Porogaramu ya Pawapowinti** (porogaraâmu ya pawapowinti). Eng: **PowerPoint (PPT)**. Fr: **PowerPoint**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga yakorewe gutangaza amashusho cyangwa ibishushanyo ku buryo bw'amapaji yihariye bita amafoto ntayega.

**Porogaramu ya Kitikonegiti** (porogaraâmu ya kitikonegiti) Eng: **QTConnect**. Fr: **QTConnect**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Inkoranabuhanga yifashishwa mu kazi nk'urubuga ruhuza abahuje gahunda rwakorewe mu Rwanda bakabasha guhana amakuru no guhana ibitekerezo bifashishije terefone cyangwa mudasobwa zifite murandasi.

**Porogaramu ya Webegisi** (porogaraâmu ya wêbegîsi). Eng: **Webex**. Fr: **Webex**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Inkoranabuhanga ikoresheya cyane ubwenge buhangano kuri murandasi yifashishwa mu gukora inama imbonankubone mu buryo bw'iyakure, gukora cyangwa kunoza inyandiko abantu batari hamwe ariko buri wese ayibona ku ndebero ya mudasobwa ye bikoroshya gukorera ikintu hamwe abantu bari ahatandukanye.


**R**

**Raporo koranabuhanga** (rapôoro kôranabûhaânga). Eng: **Digital Statement**; E-Statement. Fr: **Relevé numérique**; relevé électronique. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Raporo y'ibikorwa bya konti ishyirwa kuri imeri cyangwa porogaramu ya banki.


**S**

**Serivisi koranabuhanga** (seriviîsi kôranabûhaânga). Eng: **Electronic service**; e-service. Fr: **E-service électronique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Serivisi koranabuhanga zitangwa hakoreshejwe ibikoresho byo ku murongo.

**Serivisi ngenzurakazi gahuriweho** (seriviîsi ngêenzuuramîkorêre). Eng: **Active Directory (AD)**. Fr: **Annuaire actif**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwunge rwa serivisi zihuza abakoresha mudasobwa n'aho bakura amakuru ya ngombwa ku bijyanye n'akazi (abandi bakoresha iyo mudasobwa, izindi mudasobwa ziyicometseho n'uburyo zahawe uburenganzira) kugira ngo bakore neza akazi kabo.

**Serivisi y'ihuuzanzira** (seriviîsi y'ihuuzanzira). Eng: **Network service**. Fr: **Service-réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Porogaramu ihuza abakoresha bakora mu biro, amashami bakoresheje umuyoboro w'itumanaho.

**Serivisi y'inkoranabuhanga** (seriviîsi y'înkôranabûhaânga). Eng: **Software as a service**. Fr: **Service de logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga nk'igikoresho ifasha abayikoresha kugira ihuzanzira no gukoresha inkoranabuhanga nyagicu biciye muri murandasi, haba mu butumwa bugufi, karendari, ibikoresho byo mu biro nka Mikorosofuti Ofisi 365™.

**Serivisi v'isakazamakuru** (seriviîsi v'îsâakaazamâkurû) Eng:

**Serivisi y'isakazamakuru** (serivisi y'isaakazamakuru). Eng: **Broadcasting service**. Fr: **Service de radiodiffusion**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo bwo kugeza amakuru kuri rubanda hakoreshejwe amajwi cyangwa amajwi n'amashusho ku gice cy'abantu runaka cyangwa ku bafatabuguzi ba serivisi iyi n'iyi cyangwa ku ngeri runaka za serivisi.

**Serivisi y'ubutumwa bugufi** (seriviisi y'ubutumwa bugufi). HI: **Ubutumwa bugufi** (ubutumwa bugufi). Eng: **Short Message Service (SMS)**. Fr: **Service de messages courts**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwo kuganira hagati y'abantu bakoresheje ubutumwa bugufi bwanditse bakoresheje ibikoresho by'ikoranabuhanga bifite ubwo bushobozi.

**Serivisi z'itumanaho koranabuhanga** (seriviisi z'itumanaho). Eng: **Electronic communications services**. Fr: **Services de communications électroniques**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Serivisi zitangwa ku buryo bwa rusange zishyuriwe, zigizwe zose cyangwa igice kinini, no kohereza amakuru n'ibimenyetso koranabuhanga mu miyoboro y'itumanaho koranabuhanga.

**Serivisi z'itumanaho koranabuhanga za Leta** (seriviisi z'itumanaho koranabuhanga za Leta). Eng: **Digital government service; E-government service**. Fr: **Service gouvernemental numérique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Serivisi izo ari zo zose zitangwa n'inzego za Leta hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

**Serivisi za banki kuri murandasi** (seriviisi zaa baanki kuri murandasi). HI: **Serivisi za Banki kuri murandasi** (seriviisi zaa baanki kuri murandasi). Eng: **Internet Banking**. Fr: **Services bancaires par Internet**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kugenzura no gukoresha konti ukoresheje urubuga rwa interineti rwa banki.

**Serivisi zitangwa ku baturage hakoreshejwe ikoranabuhanga** (seriviisi zitaangwa ku baturage hakoreshejwe ikoranabuhanga). Eng: **Information society services**. Fr: **Services de la société de l'information**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Serivisi zishyurirwa, zikorwa uzikorera n'uzikora bategeranye, hakoreshejwe ikoranabuhanga kandi bisabwe n'ukeneye guhabwa izo serivisi ku giti cyeye.

**Sikaneri** (sikaneri). Eng: **Scanner**. Fr: **Scanneur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresheje cy'ikoranabuhanga gifata inyandiko, amafoto, n'ibindi bikoresheje byacapwe bikabikwa nka dosiye koranabuhanga, inyandiko ishyingurwa isa na kopi mu buryo ikintu cya mbere cyasaga.

**Sisitemu mbikamakuru** (siisiteêmu mbîikamâkurû). HI: Ikoranabuhanga mbikamakuru (ikôranabûhaânga mbîikamâkurû). Eng: Data Storage System. Fr: **Système de stockage de données**. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Uburyo bwo kubika amakuru ya konti n'ibikorwa bya banki mu buryo bw'ikorabuhanga.

**Sisitemu mpuzamikorere** (siisiteêmu mpûuzamîkorêre). Eng: **System integration**. Fr: **Intégration de systèmes**. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Igikorwa cyo guhuriza hamwe ihuzanzira ry'inzungano nyinshi hagamijwe guhanga urusobe koranabuhanga rumwe kandi ruhujwe, rukora nk'ikintu kimwe, ruhuza inkoranabuhanga n'inkoranabuhanga nkoreshwa zigakorana, abantu bagakorera mu makipe bakoresha ibikoresho bitandukanye no ku kazi kanyuranye.

**Sisitemu mpuzamirongo ifunguriye bose** (siisiteêmu mpuzamiroongo iftûunguuriye bôose). HI: **Impuzanzungano mbonera** (impuzanzungano mbonerâ). Eng: **Open Systems Interconnection (OSI)**. Fr: **Interconnexion des systèmes ouverts**; Modèle d'interconnexion de systèmes ouverts. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bw'ibyiciro birindwi buboneza itumanaho hagati y'ihuzanzira ritandukanye uhereye ku migozi ifatika ikagera ku mikoranire hagati y'inkoranabuhanga.

**Sisitemu ndangakintu ku isi** (siisiteêmu ndaangakiintu ku isi). Eng: **Global positioning system (GPS)**. Fr: **Système de positionnement par satellites**. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Uburyo igikoresho cy'itumanaho kigira ubushobozi bwo kugaragaza aho gihereye, hifashishijwe umunara w'itumanaho icyo gikoresho kiri gukoresha.

**Sisitemu ngaragazamashusho nyandiko** (siisiteêmu ngaragazamashusho nyandiko). Eng: **Videotext**; interactive video text. Fr: **Vidéo texte**. NK: **Urusobe ntangazamakuru**. SH: Uburyo inyandiko iyo ari yose igaragara ku ndebero.

**Sisitemu nkorana ya Yunigisi** (siisiteêmu nkorana ya yûnigîsi). HI: **Imbonezamikorere ya UNIX** (imbônezamîkorêre ya UNIX). Eng: **Advanced Interactive Executive (AIX)**. Fr: **Exécutif interactif avancé**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu y'imikorere ishingiye kuri Unix, yakozwe kandi ikanacuruzwa na IBM, cyane cyane kubera seriveri zayo (Power Systems na mainframes).

**Sisitemu nyemererabenshi** (siisiteêmu nyêmererabêenshi). Eng: **Multi-access system**. Fr: **Système à accès multiple**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Mudasobwa usanga yemerera abayikoresha gufungura porogaramu imwe icyarimwe.

**Sisitemu y'amakuru yihariye** (siisiteêmu y'âmakurû yiihâriye). Eng: **Management information system (MIS)**. Fr: **Système d'information de gestion (MIS)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ifasha abakoresha kubona no gusesengura amakuru.

**Sisitemu y'itumanaho ry'icyogajuru** (siisiteêmu y'itûmanahô ry'icyoogajuru). Eng: **Very Small Aperture Terminal (VSAT)**. Fr: **Terminal à très petite ouverture; VSAT**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo kubona interineti hakoreshejwe icyogajuru mu bice bitagerwaho n'imiyoboro isanzwe.

**Sisitemu y'iyandikamyirondoro ndangamuntu koranabuhanga** (siisiteêmu y'iyandikamyiirondooro ndangamuuntu kôranabûhaânga). Eng: **SDID registry**. Fr: **Registre SDID**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Igitabo kimwe cy'indangamuntu koranabuhanga, ari bwo bubiko butanga mu buryo bwa tombora numero ya SDID n'umubare uranga numero ya SDID, kandi bukabika amakuru yose yinjijwe.

**Sisitemu ya CRVS** (sisiteêmu ya CRVS). Eng: **Civil Registration Vital Statistics (CRVS)**. Fr: **Statistiques de l'état civil**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Iyandikwa mu irangamimerere n'imibare ijyana n'irangamimerere, nka sisitemu ikoreshwa n'urwego rwabiherewe ububasha n'amategeko mu kwandika ibihe by'ingenzi by'abaturage n'iby'abanyamahanga bahatuye, harimo amavuko n'urupfu.

**Sisitemu ya EMIS** (siisiteêmu ya EMIS). Eng: **Education Management Information System (EMIS)**. Fr: **Système d'information de gestion de l'éducation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu ikoreshwa mu gukusanya no gutunganya amakuru ajyanye n'uburezi.

**Sisitemu ya NIS** (siisiteêmu ya NIS). Eng: **Network and Information Systems (NIS)**. Fr: **Réseaux et systèmes d'information (RSI)**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Sisitemu zibika, zitunganya kandi zitambutsa amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Sisitemu ya SDID** (siisiteêmu ya SDID) Eng: **Single Digital ID system**; SDID system. Fr: **Système SDID**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Sisitemu y'igihugu y'indangamuntu koranabuhanga, ari rwo rubuga ruhurizwaho amakuru ajyanye n'ibiranga umuntu mu rwego rw'igihugu ku baturarwanda bose n'Abanyarwanda bari hanze.

**Sisitemu ya Mikorosofuti Windowuzi** (mikorosofûti wiîndoowuzi). Eng: **Microsoft Windows**; windows. Fr: **Microsoft Windows**; windows. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano nyoboramikorere rukoresha na bose kuri mudasobwa zo mu biro no kuri mudasobwa ngendanwa, rugacunga ibikoresho n'inkoranabuhanga kandi rugatanga uruganiriro rutuma umuntu ashobora gukorana na mudasobwa.

**Sisitemu yo kwishyura hifashishijwe ikoranabuhanga** (Siisiteêmu yô kwiishyura hîifashiishijwe ikôranabûhaângâ). Eng: **E-Payment System**. Fr: **Système de paiement électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwo kwishyura cyangwa kwakira amafaranga hakoreshejwe interineti.

**Subira inyuma** (subira inyuma). Eng: **Undo**. Fr: **Défais**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa gikorera kuri mudasobwa cyangwa murandasi kigamije gukuraho icyakozwe, kikagarura ibintu uko byari biri mbere y'icyo gikorwa.



**T**

**Telefoni igezweho** (telefoôni igêzwehò). HI: **Simatifoni** (simaatîfooni). Eng: **Smartphone**. Fr: **Smartphone**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Telefoni igendanwa yifitemo mudasobwa n'ibindi bikoresho ubundi bitajyanaga na telefoni, twavuga nk'urwungano nsesenguzi rwa OS, ishakishamakuru kuri murandasi no kuba hakorwa inkoranabuhanga.

**Telefoni ikorera kuri murandasi** (telefoôni ikorera kuri murândasi). Eng: **Internet phone**; broadband phone; Net phone. Fr: **Téléphone Internet**; téléphone à large bande. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Telefoni ikoresha murandasi mu kubona rezo ndetse no kohera ubutumwa bw'amajwi.

**Telefoni nziramugozi** (telefoôni nzîramugôzi). Eng: **Cordless phone**. Fr: **Téléphone sans fil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Telefoni itagendanwa ihuza radio n'muyoboro wa telefone rusange, urwego rukora rufite aho rugarukira, mu bisanzwe ku nyubako imwe cyangwa mu ntera ngufi uvuye ku munara fatizo.

**Telefoni yo kuri murandasi** (telefoôni yô kurî murâandasi). Eng: **Voice over Internet Protocol (VoIP)**; IP telephony. Fr: **Voix sur protocole Internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bw'itumanaho bwifashisha interineti mu guhamagara bitandukanye n'uburyo bwa gakondo bukoresha imbangikanyamiyoboro.

**Televiziyo nyamunara rusange** (televiziyô nyamûnarâ rûsaânge). Eng: **Community antenna television (CATV)**. Fr: **Télévision à antenne communautaire (CATV)**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Igikoresho ngaragazamashusho cyifashisha insinga nk'umuyoboro mugari uturutse ku munara rusange uganana mu ngo z'abantu.



**Ububiko** (ububîiko). HI: **Idosiye** (idoosiye). Eng: **Folder**. Fr: **Dossier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ububiko buteguye neza bushora guhuza inyandiko nyinshi cyangwa fayilo nyinshi zikabikwa hamwe nkaho ari ikintu kimwe.

**Ububiko** (ububîiko). Eng: **Repository**. Fr: **Répertoire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kubika no gushyira ahagaragara ibyemezo cyangwa amakuru afitanye isano na byo harimo urutonde rw'abambuwe ibyemezo, inyandiko zikoresha ibyemezo, politiki z'ibyemezo n'ibindi.

**Ububiko** (ububîiko). Eng: **Storage Unit**. Fr: **Unité de stockage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cya sisitemu ya mudasobwa ikoreshwa mu kubika amakuru n'amabwiriza agomba gutunganywa.

**Ububiko bukoreshwa cyane** (ububîiko bukorêeshwa cyaane). Eng: **Frequent folders**. Fr: **Dossiers fréquents**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu habikwa amadosiye umukoresha aba aheruka gufungura mu kanya gato gashize.

**Ububiko bunini** (ububîiko bunîni). Eng: **Mass storage system; mass Storage**. Fr: **Système de stockage de masse; stockage de masse**. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ubushobozi bw'igikoresho cy'ikoranabuhanga bwo kubika amakuru menshi ashoboka no kuyatanga igihe akenewe.

**Ububiko bunini bw'amakuru** (ububiko bunini bw'amakuru). Eng: **Character Large Object (CLOB)**. Fr: **Objet de grande taille**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ubwoko bw'amakuru bukoreshwa mu kubika amakuru menshi y'inyuguti.

**Ububiko bw'amakuru** (ububiko bw'amakuru). Eng: **Data storage; data storing**. Fr: **Stockage des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ibika ry'amafishiye ahantu hafite umutekano umuntu ashobora kugera ku buryo bworoshye kandi bwizewe.

**Ububiko bwa mudasobwa** (ububiko bwa mudasobwa). Eng: **Computer storage; storage**. Fr: **Stockage informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ububiko cyangwa igice cya sisitemu ya mudasobwa kibika amakuru na porogaramu kugira ngo bizakoreshwe mu gihe kizaza.

**Ububiko bwa porogaramu nkabuzi** (ububiko bwa porogaramu nkabuzi). Eng: **Startup folder**. Fr: **Dossier de démarrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: icyumba cyihariye cy'amakuru y'ibikoresho bya mudasobwa, kibika porogaramu zikoreshwa igihe cyose akoresheje Windows.

**Ububiko bwagutse** (ububiko bwaagutse). Eng: **Volume**. Fr: **Volume**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikoresho cyihariye mbikamakuru, twavugaga nk'imbikamakuru ihoraho, imbikamashusho, imbikamakuru ntaremya, kikarangwa no kugira urwungano rw'amafishiye mudasobwa ishobora kubona, rukayibwira uko amadosiye n'amafishiye bitunganyije muri icyo gikoresho.

**Ububiko bwo kuri murandasi** (ububiko bw'akuri murandasi). Eng: **Cloud Storage; OneDrive**. Fr: **Stockage en nuage; OneDrive**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uburyo bwo kubika amakuru yawe kuri murandasi.

**Ububiko koranabuhanga bw'agateganyo** (ububiko koranabuhanga bw'agateganyo). HI: **Imbikamakuru y'akanya gato** (imbikamakuru y'akanya gato). Eng: **Digital memory buffer; Buffer**

memory; buffer. Fr: **Mémoire tampon numérique**; mémoire tampon. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu ho gushyira amakuru y'igihe gito hagakoreshwa mu kugabanya ubucucike bw'amakuru yoherezwa ku mivuduko itandukanye mu bikoresho cyangwa mu nzungano, bityo bigatuma iyoherezwa rigenda neza kandi nta kirogoya.

**Ububiko kuri murandasi** (ububũiko kuri murâandasî). Eng: **OneDrive**. Fr: **OneDrive**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Serivisi y'imbikamakuru y'iyakure ya Mikorosofuti ihuza mudasobwa n'amafishiye ayibitsemu, ikayasangiza abandi kandi ikabashoboza kuyigeraho aho uri hose ufite mudasobwa n'ihuzanzira rya murandasi.

**Ububiko mu bundi** (ububũiko mu buñdi). Eng: **Subfolder**. Fr: **Sous-dossier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ububiko bubarizwa imbere mu bundi bubiko, bukifashishwa mu gutunganya neza dosiye.

**Ububiko nyagihe** (ububũiko nyagihe). Eng: **Clipboard**. Fr: **Presse-papiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ububiko bw'amakuru bwifashishwa mu gihe gito.

**Ububiko nyunganizi** (ububũiko nyungaanizi). HI: **Igaruramakuru** (igâruramâkurû). Eng: **Backup**. Fr: **Sauvegarde**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira y'ihangwa rya kopi y'amakuru kugira ngo hateganywe irindwa n'igarurwa ry'amakuru igihe haramutse habaye iyangirika cyangwa gupfa k'urwungano.

**Ububuriganya koranabuhanga** (uburigânya kôranabûhaânga). Eng: **Social engineering**. Fr: **Ingénierie sociale**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'imikorere bushingiye ku koshya cyangwa kubeshya no kurimangatanya uwo bashaka guhemukira hagamijwe kugenzura urwungano koranabuhanga cyangwa kwiba amakuru bwite cyangwa y'imari.

**Ubucuruzi buhuza ugurisha n'ugura** (ubucûruuzi buhuuzâ ûguriisha n'ûgura). Eng: **B2C commerce**; business-to-consumer (B2C, B-to-C); business-to-consumer commerce; business-to-customer (B2C, B-to-C). Fr: **Entreprise à consommateur en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ubucuruzi bukorerwa mu ikoranabuhanga hagati y'ikigo cy'ubucuruzi n'umuguzi.

**Ubucuruzi bwo kuri murandasi** (ubucûruuzi bwô kurî murâandasi). Eng: E-business. Fr: Commerce électronique. NK: Ikoranabuhanga ry'imari. SH: Sosiyete ikora ibikorwa byayo binyuze kuri murandasi.

**Ubucuruzi bwo kuri telefoni** (ubucûruuzi bwô kurî telefoôni). Eng: Mobile commerce; phoning. Fr: M-Commerce; démarchage téléphonique. NK: Ikoranabuhanga ry'imari. SH: Ubucuruzi bukorwa hakoreshejwe telefoni igendanwa ikorana na murandasi.

**Ubucuruzi bwo mu ikoranabuhanga** (ubucûruuzi bwô mu iikôranabûhaânga). HI: Ubucuruzi bwo kuri murandasi (ubucûruuzi bwô kurî murâandasi). Eng: E-commerce. Fr: Commerce électronique. NK: Ikoranabuhanga ry'imari. SH: Igikorwa cyo kugura hakoreshejwe ikoranabuhanga cyangwa kugurisha ibicuruzwa kuri serivisi ku murongo cyangwa ku rubuga rwa murandasi.

**Ubucuruzi koranabuhanga hagati y'abacuruzi** (ubucûruuzi kôranabûhaânga hagatî y'âbacûruuzi). Eng: B2B commerce; business-to-business (B2B, B-to-B); business-to-business commerce; business-to-business transactions. Fr: Entreprise à entreprise en ligne. NK: Ikoranabuhanga ry'imari. SH: Imikoranire y'ubucuruzi hagati y'ibigo binyuze mu ikoranabuhanga.

**Ubudaheza mu ikoranabuhanga** (ubudâheezâ mu iikôranabûhaânga). Eng: Digital inclusion. Fr: Inclusion Numérique. NK: Ikoranabuhanga rya mudasobwa. SH: Gufasha buri wese kugira amahirwe yo gukoresha ikoranabuhanga.

**Ubudakemwa** (ubudâkemwâ). Eng: Integrity. Fr: Intégrité. NK: Ikoranabuhanga rya murandasi. SH: Uburyo butuma hashobora kwizerwa ko amakuru ari ay'ukuri, yuzuye, kandi arinzwe ihindurwa iryo ari ryo ryose ritatangiwe uburenganzira n'uyakoresha.

**Ubugenzabimenyetso koranabuhanga** (ubugeenzabimenyeetso kôranabûhâangâ). HI: Ibimenyetso koranabuhanga bya gihanga byo mu butabera (ibimenyeetso kôranabûhaânga byaa gîhaânga byô mu butâbeerâ); Ibimenyetso koranabuhanga bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoresha mu butabera (ibimenyeetso koranabuhanga bishiingîye ku bumenyi n'ûbuhaânga bikorêshwa mu butâbeêra). Eng: Digital forensics. Fr: Criminalistique numérique. NK: Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso. SH: Ishami ry'ubuhanga bushingiye ku

kugaragaza ibimenyetso nkomokabumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera ryibanda ku gutahura no kugarura amakuru yabisanzwemo, kuyasuzuma no kuyasesengura.

**Ubuhanza mpishamakuru** (indîindabûtumwâ) Eng: **Cryptography**. Fr: **Cryptographie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imyubakire ibuzza abandi bantu cyangwa rubanda gusoma ubutumwa bwihariye.

**Ubuhanza mu by'amarobo** (ubuhaânga mu by'amarobo). Eng: **Robotics**. Fr: **Robotique**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ubumenyi bwigisha ubuhanga bugezweho, gukora za porogaramu zagenewe amarobo.

**Ubuhanza mu kubaka robo** (ubuhaânga mu kûbaka robo). Eng: **Robotics**; **Robotic technology**. Fr: **Technologie robotique**. NK: **Ubwenge bukorano**. SH: Urwego rutandukanye rwa siyanse n'ubuhanga rwahariwe gushushanya, kubaka no gukoresha imashini zikoresha imashini.

**Ubuhinzi bwifashisha ikoranabuhanga** (ubuhinzi bwiifashiisha ikôranabûhaânga). Eng: **Digital agriculture**; **smart farming**. Fr: **Agriculture numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga rya mudasobwa rigezweho rifite porogaramu zitandukanye rikusanya, rikabika ndetse rigasesengura amakuru; yerekeye ubuhinzi.

**Ubujuza bwo kuri murandasi** (ubujuura bwô kurî murâandasi). Eng: **Internet fraud**. Fr: **Fraude sur Internet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imvugo ikubiyemo ibikorwa byose bidakurikije amategeko bibera kuri murandasi cyangwa muri imeri nk'ubujuza bw'amakuru y'irangamimerere, koherereza umuntu ubutumwa bwo muri imeri bumusaba ku mayeri amakuru ya konti ye y'amafaranga, n'ibindi bikorwa byose by'uburiganya bigamije kwambura abantu amafaranga.

**Ubukungu bushingiye ku ikoranabuhanga** (ubukuûngu bushiingîye ku iikôranabûhaânga). Eng: **Digital Economy**. Fr: **Économie Numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari** SH: Ubukungu bushingiye ku mikorere y'ikoranabuhanga n'ubucuruzi bwo kuri interineti.

**Ubukungu bushingiye kuri murandasi** (ubukuungu bushiingiyeye kurî murâandasî). Eng: **Net economy**; network economy; new economy. Fr: **Économie en ligne**; économie en réseau. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ubukungu usangamo kwibanda ku ihererekanya ibintu na serivisi, bigakorwa kuri murandasi hifashishijwe tekini z'ikoranabuhanga.

**Ubumenyi bw'ibanze bwa mudasobwa** (ubumenyi bw'îbaanzê bwaa mûdasobwâ). Eng: **Computer literacy**; Digital literacy. Fr: **Connaissance informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubuhanga n'ubumenyi bihagije kugira ngo umuntu abashe gukoresha mudasobwa, mu buryo bwo kwandika, kubara no gusoma n'ibindi.

**Ubumenyi bwa mudasobwa** (ubumenyi bwaa mûdasobwâ). Eng: **Computer Science**. Fr: **Informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubumenyi kuri porogaramu za mudasobwa.

**Ubumenyi bwa murandasi nziramugozi** (ubumenyi bwaa murâandasî nzîramûgozî). Eng: **Wireless computing**. Fr: **Informatique sans fil**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyohereza amakuru cyangwa amakuru hagati ya mudasobwa cyangwa ibikoresho bidahuzwa n'imigozi ahubwo bigahuzwa n'ihuzanzira nziramugozi, biboneka kuri mudasobwa nziramugozi, inziramugozi, incapanyandiko nziramugozi, n'ibindi.

**Ubumenyi ntahurashusho bwa mudasobwa** (ubumenyi ntaahuurashusho bwaa mûdasobwâ). Eng: **Computer vision**; Visual Artificial Intelligence. Fr: **Vision informatique**; Vision par ordinateur; Intelligence artificielle visuelle. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ikoranabuhanga rikoresha n'imashini kugira ngo zitahure ku buryo bwikoze amashusho kandi ziyasobanure nta kwibeshya kandi ku buryo buboneye.

**Uburame** (uburamê). Eng: **Time To Live (TTL)**. Fr: **Durée d'existence**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Umubare ugena igihe ipaki y'amakuru cyangwa ibyafashwe bigomba kuguma kuri murandasi cyangwa kuri mudasobwa cyangwa mu kigega mpuzamakuru yuko bikurwaho cyangwa bikongera bikemezwa kugumaho.

**Uburangare** (uburaângaare). Eng: **Exposure**. Fr: **Exposition**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikosa rituma umwanzi agera kuri sisitemu cyangwa umuyoboro w'itumanaho mu buryo butaziguye.

**Uburenganzira** (uburêengaanzira). HI: Kwinjira (kwîinjira). Eng: **Access**. Fr: **Accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahinjirirwa hagenewe imikorere y'inkoranabuhanga ishyiraho uburenganzira bwo gukoresha urwungano n'ibindi bijyana kugira ngo usome, wandike, uhindure cyangwa ukureho amakuru kandi ukoreshe inzira z'inkoranabuhanga zifite ubushobozi butandukanye.

**Uburiganya koranabuhanga** (uburigânya kuri murâandasi). Eng: **Phishing**. Fr: **Phishing**; Filoutage; hameçonnage. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Tekiniki ituma umuntu agerageza kubona amakuru akomeye nka nimeru za konti za banki, hifashishijwe gutitiriza bya kijura, biciye muri imeri cyangwa ku rubuga rwa murandasi, aho nyiri ukohereza ubutumwa yiyitirira ikigo gifitiye uburenganzira ubutumwa cyangwa umuntu w'agaciro.

**Uburyo bw'ibimenyetso bya gihanga** (uburyô bw'ibimenyeetso byaa gihaânga). Eng: **Forensic method**. Fr: **Méthode médico-légale**. NK: **Ikoranabuhanga ngaragazabimenyetso**. SH: Uburyo bwa siyansi cyangwa uburyo busanzwe bukoreshwa mu gukusanya, gusesengura no gusobanura ibimenyetso kugira ngo bikemure ibyaha cyangwa gukemura amakimbirane cyane cyane mu iyubahirizwa ry'amategeko, umutekano w'inkoranabuhanga, cyangwa ipererereza ry'amategeko.

**Uburyo bw'iyinjira** (uburyô bw'iyîinjira). Eng: **Access mode**. Fr: **Mode d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere yihariye yemewe n'inzeho z'umutekano nk'igikorwa gishoboka ku kintu kuko ubwinjiriro buba bugengwa n'inzira y'inkoranabuhanga ishyiraho uburenganzira bwo gukoresha urwungano n'ibyo rukoresha: gusoma, kwandika, guhindura, cyangwa gusiba amakuru cyangwa gukoresha inzira y'inkoranabuhanga hamwe n'ubundi buryo cyangwa ubushobozi.

**Uburyo bwizewe** (uburyô bwizêewe). Eng: **Trustworthy system**. Fr: **Système fiable**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imiterere ya mudasobwa ubwayo n'ubundi buryo bukoreshwa mu kurinda umwimerere w'inwandiko kugira ngo itinjirwamo, itononekara cyangwa bwubahiriza ubundi buryo bwemewe muri rusange mu kurinda umutekano w'amakuru.

**Uburyo bwo kwishyura ukoresheje telefoni** (uburyô bwô kwiishyura ukôreesheje telefoôni). Eng: **Mobile Payment Systems**. Fr: **Systèmes de paiement mobile**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo bwemerera abantu kohereza no kwakira amafaranga bakoresheje telefoni ngendanwa.

**Uburyo mbonezanzira** (uburyô mbonezanzira). Eng: **Framing code**. Fr: **Code de cadrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo guhuza amakuru mu nyakira ku buryo bw'umujoyo w'amakuru nyandiko asakajwe.

**Uburyo nkosoramakosa** (uburyô nkôsooramâkosâ). Eng: **Error correction code**. Fr: **Code de correction d'erreurs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira y'ibikorwa byo kugaragaza no gukosora amakosa y'itangamakuru cyangwa ibikwa ry'amakuru bityo bigatuma bigira ubudakemwa n'ubwiringirwe.

**Uburyo nyimuramakuru burobanuye** (uburyô nyîmuramâkurû burobâanuye). Eng: **Asynchronous transfer mode (ATM)**. Fr: **Mode de transfert asynchrone**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwo guhindura amakuru bukoreshwa n'imiyoboro y'itumanaho ikoresha uburyo bwo kugabanya igihe mu buryo butaziguye kugira ngo ishyire amakuru mu tunyangingo duto kandi dufite ingano ihamywe.

**Uburyo nyunganizi** (uburyô nyungaanizi). Eng: **Associated facility**. Fr: **Installations associées**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwongerwa k'ubwari busanzweho cyangwa bukoreshwa bufatanyijwe n'umuyoboro cyangwa na serivisi by'itumanaho koranabuhanga kugira ngo izo serivisi cyangwa uwo muyoboro bishobore gukora cyangwa kugira ngo izindi serivisi zitangwa n'uwo muyoboro cyangwa iyo serivisi zishobore kugera ku baturage.

**Ubushobozi bw'inkoranabuhanga** (ubushobozi bw'înkôranabûhaânga). HI: **Igikoresho nkoranabuhanga** (igikôreeshe nkôranabûhaânga). Eng: **Software feature; feature**. Fr: **Fonctionnalité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igice cy'inkoranabuhanga gifite umumaro runaka gikora, nk'ubushobozi bwo kwandika no guhindura inyandiko, ubushobozi bwo kubika amakuru, ubushobozi bwo kugarura neza amakuru n'ubushobozi bwo gushyikirana n'umukiriya.

**Ubushobozi bw'umuyoboro** (ubushobozi bw'ûmuyoboro). Eng: **Channel capacity; Maximal Data Rate.** Fr: **Capacité du canal;** débit de données maximal. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ubushobozi bw'umuyoboro C, busobanurwa nk'umuvuduko ntarengwa amakuru ashobora koherezwaho binyuze muri uwo muyoboro.

**Ubushobozi bw'umuyoboro mugari** (ubushobozi bw'ûmuyoboro mugari). Eng: **Bandwidth.** Fr: **Bande passante.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Ingano nini y'amakuru ari mu gipimo cya bayiti mu isogonda ashobora koherezwa mu ihuzanzira mu gihe gito kigenwe, ari mu gipimo cya bayiti mu isogonda cyangwa mu gikubo cyayo nka megabayiti mu isogonda cyangwa jigabayiti mu isogonda, twabigereranya n'uruhombo, uko umuyoboro ugira umurambararo munini ni ko hashobora gutambuka amakuru menshi.

**Ubushobozi bwo hasi ntarengwa bwo guhitisha videwo** (ubushobozi bwô haasî ntarengwâ bwô guhîtiisha videwo). Eng: **Low band video; Low bandwidth.** Fr: **Faible bande passante.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Ikoranabuhanga rya murandasi ziri kure, uburyo bwo gufata amashusho ahanini bukoreshwa mu ngo za rubanda bitari ku rwego rw'insakazamashusho z'itangazamakuru.

**Ubushobozi nkoranabuhanga** (ubushobozi nkôranabûhaânga). Eng: **Computing power.** Fr: **Puissance de calcul.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ubushobozi bw'urwungano koranabuhanga bwo gukora ibikorwa no gusesengura amakuru, kugaragaza intambwe yatewe, mu gihe runaka bigaragaza umuvuduko n'ubwiyongere bw'imikorere myiza mu bikorwa by'ikigo.

**Ubushobozi ntambutsamakuru** (ubushobozi ntâambuutsamâkurû). Eng: **Throughput.** Fr: **Le débit utile.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Ingano nyayo y'amakuru yashoboye kunyura neza muri sisitemu cyangwa mu muyoboro w'itumanaho akagera aho agenewe mu gihe runaka, ikaba ikunze gupimwa mu bipimo nka biti (bps), kilobiti (kbps), cyangwa megabiti (Mbps).

**Ubushyiguro** (ubushyîinguro). Eng: **Archive.** Fr: **Archive.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Urwunge rw'amakuru yimuwe agashyirwa mu bubiko ngo abungabungwe mu gihe kirekire kandi

aikagenda atandukanywa kugira ngo agumane umwimerere cyangwa se agakurwa mu cyo yari abitsemu cy'ibanze.

**Ubutumwa budakenewe** (ubutumwâ budakenêwe). HI: **Ubutumwa buvunda** (ubutumwâ buvuundâ). Eng: **Junk mail**; spam. Fr: **Courrier indésirable**; message non sollicité. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ibyoherejwe mu bubiko bw'ubutumwa koranabuhanga, uwandikiwe atabuhaye uruhushya rwo kwinjira, ahubwo yavogerewe, bukaba bwinjiye ku mayeri yo kuza mu ipaki yoherejwe abantu benshi icyarimwe, bushobora kuba burimo inkoranabuhanga ngome nka virusi cyangwa umunyorogoto koranabuhanga.

**Ubutumwa bumenyasha** (ubutumwâ bumenyêsha). Eng: **SMS Alert**. Fr: **Alerte SMS**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubutumwa bugufi bwo kumenyasha umukiriya ibyakozwe kuri konti ye.

**Ubutumwa bw'ako kanya** (ubutumwâ bw'aako kaanya). Eng: **Immediate message (IM)**. Fr: **Message immédiat**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwihuse kandi bw'ako kanya bwo kohereza no kwakira ubutumwa bwanditse hagati y'abantu babiri.

**Ubutumwa koranabuhanga** (ubutumwâ kôranabuhaanga). HI: **Imeri** (imêeri); **imeyiri** (imêeyiri). Eng: **E-mail**; email message. Fr: **Courriel**; Courrier électronique. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bw'itumanaho koranabuhanga ry'ako kanya bwihuse kandi bwizewe umuntu yohereza cyangwa akabwakira biciye mu ihuzanzira rya murandasi, mudasobwa cyangwa ibindi bikoresho ngendanwa cyangwa izindi nzungano koranabuhanga biikabuhana, abantu bakoherezanya inyandiko, amafishiye cyangwa amashusho.

**Ubutumwa koranabuhanga** (ubutumwâ kôranabûhaanga). Eng: **Electronic message**; Electronic mail; mail. Fr: **Message électronique**; courrier électronique; message. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Inyandiko cyangwa ibyerekanwe bibitswe, byakozwe, cyangwa byoherejwe hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga hagamijwe kuvugana n'undi muntu cyangwa umukozi w'ikoranabuhanga.

**Ubutumwa koranabuhanga** (ubutumwâ kôranabuhaanga). HI: **Imeri** (imêeri). Eng: **E-mail**; email message. Fr: **Courriel**; Courrier électronique. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bw'tumanaho koranabuhanga ry'ako kanya bwihuse kandi bwizewe umuntu yohereza cyangwa akabwakira biciye mu ihuzanzira rya murandasi, mudasobwa

cyangwa ibindi bikoresho ngendanwa cyangwa izindi nzungano koranabuhanga biikabuhana, abantu bakohererezanya inyandiko, amafishiye cyangwa amashusho.

**Ubutumwa menyesha** (ubutumwâ menyeesha). HI: **Imenyasha** (imenyeesha). Eng: **Notification message**. Fr: **Message de notification**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ubutumwa bwerekanwa na sisitemu runaka cyangwa ibishinzwe yerekana ko hari igikorwa runaka kimaze gukorwa.

**Ubutumwa mu majwi** (ubutumwâ mu majwî). Eng: **Audio message**. Fr: **Messagerie vocale**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ikoranabuhanga ryo mu itumanaho ry'ako kanya hifashishijwe ijwi ry'uwohereza ubutumwa mu kohereza ubutumwa.

**Ubutumwa nsobanurashusho** (ubutumwâ nsobaanurashusho). Eng: **Caption**. Fr: **Légende; sous-titre**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Amagambo ashwirwa muni cyangwa ku ifoto, igishushanyo kuri filime ndetse n'ibindi.

**Ubuvuzi bw'iyakure** (ubuvuuzi bw'iyakure). HI: **Ubuvuzi koranabuhanga** (ubuvuuzi kôranabûhaânga). Eng: **E-Health**. Fr: **Santé Numérique; e-Santé**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi z'ubuvuzi cyangwa ubuvuzi bukorerwa kure, aho abaganga n'abarwayi bashobora kuganira, gupimwa cyangwa kuvurwa batari ahantu hamwe.

**Ubuvuzi mu ikoranabuhanga** (ubuvuuzi mu iikôranabûhaânga). Eng: **Digital health**. Fr: **Santé numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoranabuhanga ryifashishwa mu gusuzuma, kuvura abarwayi cyangwa se gutanga serivisi z'ubuzima zitandukanye hagamijwe kuzamura ubuzima bwiza bw'abantu.

**Ubuvuzi nyamurandasi** (ubuvuuzi nyamûraandasi). Eng: **E-health**. Fr: **Cybersanté**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Serivisi z'ubuzima zishyigikirwa n'uburyo bw'ikoranabuhanga, itumanaho cyangwa ikoranabuhanga.

**Ubuuzima n'umutekano** (ubuuzima n'ûmutêekaano). Eng: **Health and Safety; Safety and emergency**. Fr: **Santé et sécurité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukureba cyane cyane uburyo

bwo gukora ufite umutekano wuzuye kuri mudasobwa n'ibindi bijyana na yo.

**Ubwenge buhangano** (ubwêenge buhaangano). HI: **Ubwenge bukorano** (ubwêenge bukôrano). Eng: **Artificial intelligence**. Fr: **Intelligence artificielle**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Sisitemu z'ikoranabuhanga zishobora kwigana ubwenge bw'umuntu zigakora ibikorwa bikomeye ubusanzwe usanga ari umuntu wabishobora nko gutekereza, gushyira mu gaciro, gutahura ingero ngenderwaho, gufata ibyemezo, gusobanura amahurizo, imirimo izi sisitemu zikora ni nko gukora sisitemu mpuguke, kumenya ururimi rw'abantu (NLP), gutahura ijwi no kubona bikorerwa mu ruganda.



**Ubwenge buhangano mpimbyi** (ubwêenge buhaangano mpiimbyi). HI: **Impangabintu** (impaangabiintu). Eng: **Generative AI**. Fr: **IA generative**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Sisitemu z'ubwenge buhangano zishobora kurema ibintu bishya nk'inyandiko, amafoto cyangwa umuziki, zishingiye ku kwiga amakuru menshi yari asanzweho.

**Ubwenge buhangano mu bikoresho** (ubwêenge buhaangano mu bikôreesho). Eng: **Embedded AI**. Fr: **IA embarquée**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano rishyirwa mu gikoresho cyangwa muri sisitemu, bugakora nta murandasi.

**Ubwenge buhangano nkorerahafi** (inkôrerahâafi). Eng: **Ambient AI**. Fr: **IA ambiante**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Imikorere y'ubwenge buhangano iba iri hafi y'umuntu, ikamenya icyo ukeneye hashingiwe ku byo uri gukora, ikagufasha itakubangamiye.

**Ubwigenzura mu kwaka** (ubwiîgeenzuure mu kwaaka). Eng: **Power Self Test (POST)**. Fr: **Autotest au démarrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere ya buri gihe yo kwigenzura kwa mudasobwa bikorwa na mudasobwa ikimara guhaguruka.

**Ubwijime** (ubwiijime). Eng: **Opacity**. Fr: **Opacité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukatagira umucyo cyangwa ukutabonerana ku ishusho mu nkoranabuhanga ishushanya.

**Ubwisubire mu isogonda** (ubwiûsubirie mu iisogôondâ). Engl: Frequency. Fr: **Fréquence**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Inshuro ikintu kisubiramo mu isogonda.

**Ubwoko bw'imyandikire** (ingarâgare). **Typeface**. Fr: **Police de caractères**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igishushanyo cyihariye cy'inyuguti, imibare n'ibimenyetso, gikoreshwa mu nyandiko kugira ngo zigaragare mu buryo bwihariye nk'uko bigaragara muri Arial cyangwa Times New Roman.

**Ubwunganizi** (ubwuunganizi). Eng: **Help desk**. Fr: **Service d'assistance**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Serivisi cyangwa umuntu ku giti cye utanga ubufasha n'amakuru, ubusanzwe ku bibazo by'ikoranabuhanga cyangwa ibya mudasobwa.

**Ubwuzuzanye bw'imiyoboro** (ubwuûzuzanye bw'imiyoboro). Eng: **Interoperability**. Fr: **Interopérabilité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukuba ibikoresho bishobora gukorana ku muyoboro kandi bikanakorana ku bikoresho bituma umufatabuguzi agezwaho serivisi z'itumanaho.

**Udakorera mu biro** (uûdakorêra mu biro). Eng: **Teleworker**. Fr: **Télétravailleur**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inzobere mu kazi ukorera mu rugo akoresheje itumanaho n'ikoranabuhanga.

**Ugenewe ubutumwa** (ugênewe ubutumwâ). Eng: **Addressee**. Fr: **Destinataire**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uwo uwateguye ubutumwa yifuza ko bugeraho.

**Ugucya** (ugucyâ). Eng: **Resolution**. Fr: **Résolution**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibyifashishwa by'ibanze mu gupima ubwiza amashusho, amafoto na videwo koranabuhanga, utunyangingo twansi???? dusobanura ko ifoto iba igaragara neza kurusha igihe ari duke, bityo ikirebwa kigatanga amakuru menshi kurusha iyo utunyangingo foto ari duto.

**Ugukenkemuka kw'amashusho** (ugukeenkemuka kw'âmashusho). Eng: **High-resolution**. Fr: **Haute résolution**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubushobozi bwo hejuru bwerekana urwego rw'ibisobanuro birambuye n'ubusobanuro bw'ishusho, videwo, cyangwa ekara.

**Ukora indemo** (uûkôra indemo). Eng: **Multimedia developer**. Fr: **Développeur de multimédia**. NK: **Isakazabumenyi koranabuhanga**. SH: Umuhanga mu gukora ibitangazamakuru by'amashusho n'amajwi, akora porogaramu za mudasobwa, ahuza ubuhanga mu gutegura porogaramu n'ubuhanzi buboneka mu mashusho n'ibindi bice byerekanwa.

**Ukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga** (uûkoreesha ibikôreesho by'îkôranabuhâanga). Eng: **Liveware**. Fr: **Utilisateur d'ordinateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuntu ukoresha sisitemu y'ikoranabuhanga bitandukanye n'ibice by'inyuma bya mudasobwa n'ibindi bitaboneshwa amaso.

**Ukoresha ikoranabuhanga** (uûkoreesha ikôranabûhaânga). Eng: **IT user; user**. Fr: **Utilisateur informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuntu ukoresha inzungano koranabuhanga cyangwa inkoranabuhanga mu rwego, ni ukuvuga umuntu uwo ari we wese ushobora kugera kuri mudasobwa, ku nkoranabuhanga n'ihuzanzira mu mirimo y'ubunyamwuga.

**Ukoresha serivisi** (uûkoreesha seriviîsi). Eng: **User**. Fr: **Utilisateur**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Umuntu ukoresha cyangwa usaba gukoresha serivisi rusange z'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho.

**Ukubonera** (ukubônera). Eng: **Consistency; correctness**. Fr: **Cohérence; exactitude**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo mbonera butegegetswe ko buri hererekanya ry'amakuru runaka rigomba guhindura amakuru yakozweho gusa ku buryo buteganywa n'amategeko, amakuru yanditswe mu kigege agomba kuba yemejwe hakurikijwe amategeko yagenwe habariwemo agahato, itondeka ry'ibikoresho cyangwa ihuza ryabyo.

**Ukugurira ku ikoranabuhanga** (ukugurira ku iikôranabûhaânga). Eng: **Electronic procurement; E-procurement**. Fr: **Acquisition électronique; approvisionnement électronique**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo ikigo gikoresha gihaha ibicuruzwa na serivisi cyifashishije ikoranabuhanga.

**Ukuhaba** (ukuhâba). HI: **Imibonekere** (imibonêkere). Eng: **Availability**. Fr: **Disponibilité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kuba umuntu ashobora kubona amakuru ku buryo bwizewe ndetse no kugera

ku zungano (sisitemu) bibaye ngombwa bigatuma imikorere n'imikoreshereze yabyo byorohera ababikoresha babifitiye uburenganzira.

**Ukumyasa** (ukumyaasa). Eng: **Flicker**; Screen flickering. Fr: **Scintillement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ishusho ya mudasobwa ifite urumuri ruhindagurika vuba ku muvuduko ugaragara bitewe n'umuvuduko muto wo kuvugurura amashusho cyangwa kwangirika kw'ibimenyetso.

**Ukuri kwaguye** (ukurî kwaagûye). Eng: **Augmented reality** (AR). Fr: **Réalité augmentée**. NK: **Urusobe ntangamakuru**. SH: Ikoreshwa ry'amakuru rifatiyeho ku buryo bw'inyandiko, amashusho, amajwi n'ubundi buryo bugezweho bw'isi shusho havanzemo n'ibintu byo mu isi ifatika nk'amadarubindi ngaragaza si shusho, irebero rya mudasobwa, telefoni igezweho, bigasesengura amashusho kugira ngo hamenyekane ikintu runaka cyangwa ibikikije ubikoresha.

**Ukuri shusho** (ukurî shusho). HI: **Isi shusho** (isî shusho). Eng: **Virtual reality**. Fr: **Réalité virtuelle**. NK: **Urusobe ntangamakuru**. SH: Igikorwa gishushishije gikoresha ikurikirana ry'imigaragarire ya mpandeshatu (3 D) hafi y'amaso kugira ngo ukoresha iyi serivisi yumve yacubiye mu isi ishushisha.

**Ukwatsa/Ihagurutsa** (ihâgurutsa). Icana (icâana). Eng: **Bootstrap**; Boot; bootstrapping. Fr: **Démarrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira usanga urwungano cyangwa imbenezamikorere yakirizwa ikinjizwa mu mbikamakuru hifashishijwe imbenezamikorere nto kandi yoroshye, yifitemo ubushobozi bwo kwihagurutsa.

**Ukwifunga** (ukwîifuunga). HI: **Ikwama** (ikwaama). Eng: **Lock up**. Fr: **Blocage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akabazo ka mudasobwa gatuma itabasha gukora kandi bikaba bikemuka ari uko izimijwe.

**Ukwigiraho guhanitse** (ukwîigirahô guhanîtse). Eng: **Deep learning**. Fr: **Apprentissage profond**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Kimwe mu bigize kwigiraho kwa mudasobwa gikoresha ihuzaturandaryi rikomeye mu kwigana ububasha mpitamo buhanitse bw'ubwonko bw'umuntu.

**Ukwigiraho kwa mudasobwa** (ukwîigirahô kwaa mûdasobwâ). Eng: **Machine learning**. Fr: **Apprentissage automatique**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Uburyo mudasobwa ifite ubushobozi bwo kwigana ubuhanga n'imyitwarire y'abantu, bigakoreshwa mu gukora imirimo igoye mu buryo busa n'ubwo abantu babikoramo.

**Ukwimukira ku ikoranabuhanga rigezweho** (ukwîimukira ku ikôranabûhaângâ rigezwêhô). Eng: **Digital Migration**. Fr: **Migration numérique**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uburyo bwo kwimura uburyo busanzwe bwo gusakaza radiyo na televiziyo bugasimbuzwa uburyo bushya bugezweho bwo gusakaza amakuru n'amashusho.

**Ukwisubiramo** (ukwîisubiramô). Eng: **Redundancy**. Fr: **Redondance**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ukugaruka kw'ibintu bisa cyangwa kw'inzungano za ngombwa kugira ngo habungwabungwe imikorere no kugabanya icikagurika kw'itangamakuru mu gihe habaye gupfa k'urwungano.

**Umubare ndanga** (umubarê ndaanga). Eng: **Digital identification; Digital ID; Security identification**. Fr: **Identification numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Uburyo sisitemu ya mudasobwa yifashisha mu gutandukanya amakuru yinjiza, ayo makuru ashobora kuba yerekeye ku muntu, ikigo cyangwa urubuga runaka.

**Umubare ndanga w'ibanga** (umubarê ndaanga w'îbaanga). Eng: **Personal Identification Number (PIN)**. Fr: **Numéro d'Identification Personnel (NIP)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umubare w'ibanga ukoreshwa mu kwemeza umukiriya igihe akoze kuri ATM cyangwa POS.

**Umubare ndanga wa SDID** (umubarê ndaanga wâ SDID). Eng: **SDID number token**. Fr: **Jeton de numéro SDID**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Umubare ukoreshwa nka nomero ya SDID utangwa mu buryo bwa tombora, wihariye kandi ufitanye isano na nomero ya SDID.

**Umubare ngenzuzi** (umubarê ngeenzuuzi). Eng: **Check digit**. Fr: **Chiffre de contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umubare wongerwa mu nyandiko yatanzwe hagamijwe gukosora amakosa.

**Umubare wuzuye** (umubarê wuuzûye). Eng: **Integer**. Fr: **Nombre entier**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imvugo yo mu mibare ihagarariye umubare udafite ibice, ikaba ikoreshwa cyane mu rurimi nyamudasobwa, ukarangwa no kutagira akitso cyangwa umugabane, urugero ni nk'imyanya koranabuhanga ya 32 cyangwa 64.

**Umucungahuzanzira rya hafi** (umucuungahuuzanzira ryaa hâafi). Eng: **LAN manager**. Fr: **Gestionnaire de réseau local**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Izinandanga rya porogaramu ya mudasobwa rihabwa porogaramu ya mudasobwa ikorwa n'ikigo cya Mikorosofuti™.

**Umucungarubuga rwa murandasi** (umucungarubuga rwa murandasi). Eng: **Webmaster**. Fr: **Webmestre**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ugenzura urubuga rukorera kuri murandasi.

**Umucuruzi mu ikoranabuhanga** (umucûruuzi mu iikôranabûhaânga). Eng: **Telesales operator**; E-seller. Fr: **Télévendeur**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Umuntu ukora ubucuruzi ku bantu bari kure akoresheje ikoranabuhanga.

**Umufatabuguzi** (umufâtabûguzî). Eng: **Subscriber**. Fr: **Abonné**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuntu ufiteye amasezerano n'utanga serivisi z'itumanaho rusange rikoresha ikoranabuhanga kugira ngo ahabwe izo serivisi.

**Umufotozi** (umufotozi). Eng: **Photographer**. Fr: **Phographe**. NK: **Ikoranabuhanga ry'amashusho**. SH: Umuntu ukora umwuga wo gufata amafoto akoresheje imfatafoto ari na yo bita kamera, akayatunganya akanayashohora byaba ari mu buryo bw'impapuro cyangwa bwa dijitari.

**Umugenamigambi w'ubucuruzi bw'iyakure** (umugênamîgaâmbi w'ûbucûruuzi bw'iyakure). Eng: **E-business strategist**. Fr: **Téléstratège**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Ushinzwe guteza imbere ikigo ku buryo bwagutse akoresheje itumanaho.

**Umugenerwabikorwa by'ikoranabuhanga** (umugênerwabikôrwa by'iikôranabûhaânga). Eng: **End-user**. Fr: **Utilisateur final**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umufatabuguzi wifitiye ibikoresho bituma abona serivisi zitangwa n'umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga ariko udatanga imiyoboro y'itumanaho rusange cyangwa udaha abantu serivisi z'itumanaho koranabuhanga.

**Umugenga w'imeri** (umugeênga w'imêeri). Eng: **Mail transfer agent** (MTA); message transfer agent; mail relay. Fr: **Agent de transfert de courrier**; agent de transfert de messages (MTA); relais de courrier. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ya mudasobwa igenga uburyo ubutumwa bwa imeyiri busakazwa ku ihuzanzira.

**Umugenzuzi w'amakuru** (umugeenzuuzi w'âmakurû). Eng: **Data controller**. Fr: **Contrôleur de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuntu usaba, ukusanya, uhuza, ucunga cyangwa ubika amakuru ya nyir'ubwite hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Umugenzuzi w'amakuru y'ubucuruzi** (umugeenzuuzi w'âmakuru y'ûbucûruuzi). Eng: **Sales data controller** (SDC). Fr: **Responsable du traitement des données commerciales**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Umukozi ugenzura imigendekere y'ubucuruzi, haba mu kwiga isoko, kugenzura urwunguko cyangwa igihombo cy'isosiyete.


**Umugereka** (umugêrekâ). HI: **Ubutumwa mushandiko** (ubutumwâ mushâandiko). Eng: **File attachment**. Fr: **Pièce jointe**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Amafishiye yinjijwe mu nzira z'itumanaho ziri kuri murandasi, twavuga nka imeri, ubutumwa buhutiyeho n'imbuga nkoranyambaga, ashobora kuba amashusho, inyandiko cyangwa za gahunda z'ikoranabuhanga.

**Umugozi ntwaramakuru w'indebero** (umugozi ntwâaramâkurû w'îndebero). Eng: **VGA cable**. Fr: **Câble VGA**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umugozi uhuza intima (CPU) n'indebero ufite utwinyo twinshi.



**Umugozi wa HDMI** (umugozi wa HDMI). Eng: **High-Definition Multimedia Interface** (HDMI). Fr: **Interface multimédia haute définition**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'umugozi uhuza mudasobwa n'indebero ya televiziyo zigezweho.

**Umugozi wa USB** (umugozi wa USB). Eng: **Universal Serial Bus Cable** (USB). Fr: **Cable USB**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rwo gucomeka ikoranabuhanga rya mudasobwa ku bindi nka mudasobwa n'ibikoresho nka telefone, mwandikisho, imbeba, mucapyi n'ibindi bikoresho by'imbikamakuru,



rugizwe n'umugozzi ufite umumaro wo guhererekanya amakuru hagati yabyo, gucomekaho insinga igihuza n'ikindi gice cyacyo, n'ibindi.

**Umugozzi w'amashanyarazi wa mudasobwa**

(umugozzi w'amashanyarazi wa mudasobwa).

Eng: **Power cable**; power cord; AC cord; mains cable. Fr: **Câble d'alimentation**; cordon secteur.

NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Ubwoko bw'umugozzi w'amashanyarazi ugaburira amashanyarazi ibyuma biyakoresha

uyakuye mu rucomekero rw'amashanyarazi (mu rukuta), imigozi ya USB ishobora gukoreshwa nk'umugozzi w'amashanyarazi cyangwa umugozzi ngaburamakuru.



**Umuhanzi w'inkuru** (umuhaanzi w'inkuru). Eng: **Content creator**. Fr:

**Développeur de contenu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Umunyamwuga w'iyamamaza ukora akazi ko gukora inkuru ku mbuga nkoranyambaga cyangwa se inkuru z'abamamaza, agahanga indemo koranabuhanga cyangwa se asanzwe yandika inyandiko zidatinda z'iyamamaza, amashusho, ikwirakwiza ry'amajwi, n'itangazwabintu ku mbuga nkoranyambaga.

**Umujura w'ikoranabuhanga** (umujuura w'ikoranabuhanga). Eng:

**Bot herder**. Fr: **Pirate informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Umuntu ugenzura itsinda rya mudasobwa cyangwa ibikoresho byanduye kandi akabikoresha mu kugaba ibitero kuri interineti, kohereza ubutumwa budakenewe, kwiba amakuru, cyangwa gukora ibindi bikorwa bitemewe kuri interineti.

**Umujyo nyatsamudasobwa** (umujyo nyatsamudasobwa). Eng: **Boot Sequence**. Fr: **Séquence de démarrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Igice cya mbere mudasobwa icamo ihaguruka mu kwaka kigizwe n'urukurikirane rw'ibikorwa mudasobwa ikora mu kwitegura gukoreshwa harimo gukangura ibikoresho, igashyira umuriro mu rwungano nyoboramikorere, igategura mudasobwa gukorana n'uyikoresha, bifatwa nk'ibikorwa bya buri muni byayo mu kwaka.

**Umukino nyamashusho** (umukino nyamashusho). Eng: **Video game**;

computer game. Fr: **Jeu video**; jeu informatique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH:

Umukino utuma umuntu akorana na mudasobwa cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga nk'urukiniro, telefoni

igezweho (simatifoni) biri kuri murandasi biciye mu ihuzanzira rya hafi cyangwa hadakoreshejwe murandasi.

**Umukono koranabuhanga** (umukonô kôranabûhaânga). Eng: **Electronic signature**; e-signature; digital signature. Fr: **Signature électronique**; Signature numérique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ijambo ryagutse ku bikorwa byose by' ikoranabuhanga byerekana ko yemeye amasezerano cyangwa inyandiko.

**Umukoro w'ikoranabuhanga** (umukôro w'îikôranabûhaânga). Eng: **IT task**; task. Fr: **Tâche informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umurimo cyangwa igikorwa cy'umwihariko gishyirwa mu ngiro hifashishijwe inzungano koranabuhanga n'ikoranabuhanga nyunganizi.

**Umunara** (umunarâ). Eng: **Tower unit**; Tower. Fr: **Tour**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: icyubakwa kirekire cyane, cyubakishijwe ibyuma, akenshi gisize amabara y'umweru n'umutuku gishinzwe gufata ubutumwa bw'igikoresho k'itumanaho kiri hafi kikabwohereza ku kindi gikoresho kiri ahandi hantu kure.

**Umunara wa telefoni** (umunarâ wa telefoôni). Eng: **Cellular tower**; cellur site. Fr: **Tour de téléphonie cellulaire**; site cellulaire. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ahantu hubatse ibikoresho by'itumanaho bikoresha amashanyarazi n'anteni bituma hafi aho abantu bakoresha ibyuma by'itumanaho nziramugozi nka telefoni na radiyo.

**Umunara w'itumanaho** (umunarâ w'itûmanahô). Eng: **Telecommunication tower**. Fr: **Tour de télécommunication**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inyubako ishyirwaho anteni n'ibindi bikoresho by'itumanaho nziramugozi usanga ari ingenzi mu gutanga serivisi z'itumanaho nziramugozi zizewe kandi rusange.



**Umuraba** (umurâba). Eng: **Wave**; radio wave; signal. Fr: **Onde**; onde radio; signal. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikimenyetso cya elegitoroniki kijyana amakuru, akenshi haba havugwa umuraba wa radiyo kuko utangiza umubiri w'umuntu, bityo ukaba ari wo mwiza mu itumanaho.

**Umuraba nsuzumashusho w'urwunge** (umurâba nsuzumashusho w'ûrwuûnge). Eng: **Multiburst signal**; multiburst waveform. Fr: **Signal**

**multirafale;** onde multirafale. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Urugero rw'igerageza rwiza rukoreshwa kugira ngo bamenye ku buryo bwihuse igisubizo nyamiraba cy'urwungano rw'amashusho, ikaba ari imisuzumire y'imiyoboro y'insakazamajwi cyangwa televiziyo.

**Umuraba w'umuyoboro shingiro** (umurâba w'umuyoboro shiingiro). Eng: **Baseband signal;** Baseband. Fr: **Signal en bande de base;** bande de base. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ikimenyetso cy'umwimerere cyo kohereza amakuru kitarahindurwa cyangwa ngo gicibwe ku murongo wacyo wa mbere.

**Umurimo koranabuhanga** (umurimo kôranabûhaânga). Eng: **Process.** Fr: **Processus.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikorwa cy'inkoranabuhanga gikubiyemo kode yacyo, amakuru yacyo, n'ibyifashishwa by'urwungano bikigenewe, ni inkoranabuhanga iri mu gikorwa, igacungwa n'urwungano nyoboramikorere mu guhindura amakuru yinjijwe ataboneye ngo azasohoke akoreshwa.

**Umurongo ngaragazabikorwa** (umuroongo ngâragazabikorwâ). HI: **Umurongo menyesha** (umuroongo menyeesha). Eng: **Status bar;** status bar command. Fr: **Barre d'état.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Umurongo uri hejuru cyangwa ahagana hasi y'ikirahure cya mudasobwa.

**Umurongo ntegeka** (umuroongo ntegeka). HI: **Umurongo w'itegeko** (umuroongo w'itêgeko). Eng: **Command-Line Interface;** Command-line. Fr: **Interface en ligne de commande;** ligne de commande. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uruganiriro rukoresha inyandiko rugatuma ukoresha mudasobwa ashobora gukorana n'urwungano nyoboramikorere cyangwa inkoranabuhanga za mudasobwa hakoreshejwe amategeko yayo.

**Umurongo utishyuzwa** (umuroongo utiishyûzwa). Eng: **Hot line;** hotline. Fr: **Aide en ligne.** NK: **Itumanaho koranabuhanga.** SH: Nomero y'umurongo wa terefone yakirwaho ubufasha buri kure ariko bushobora guhita bukoreshwa.

**Umurongo w'imiraba migufi** (umuroongo wîmirâba migufi). Eng: **Short wave;** shortwave. Fr: **Onde courte.** NK: **Itumanaho koranabuhanga.** SH: Itumanaho rya radiyo usanga ritarenga muri metero 60.

**Umurongo wa radiyo** (umuroongo wa râadayô). Eng: **Radio frequency** (RF). Fr: **Radiofréquence**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Ikoranabuhanga rikoresha itumanaho biciye mu miraba gitoroniki hagamijwe guhererekanya amakuru hagati y'indangizahuzanzira n'intangira gitoronike ifashe ku kintu kugira mu rwego rwo kugitahura cyangwa kugikurikirana.

**Umuryango koranabuhanga** (umuryaango kôranabûhaânga). Eng: **Virtual community**. Fr: **Communauté virtuelle**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Umuryango mugari w'abantu batumanaho bifashishije ikoranabuhanga.

**Umuryango mpuzamahanga ugenga murandasi** (umuryaango mpûuzamâhaânga ugêenga murâandasî (W3C). Eng: **World Wide Web Consortium** (W3C). Fr: **Consortium World Wide Web (W3C)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuryango mpuzamahanga ushyiraho kandi utegura amahame n'amabwiriza agenga urubuga rwa interineti.

**Umuryango nsangiramakuru** (umuryaango nsâangiramâkurû). Eng: **Information society**. Fr: **Société de l'information**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Iterambere rirangwamo ubushobozi kuri buri wese bwo gukora, kugera, gukoresha no gusangira n'abandi amakuru n'ubumenyi kugira ngo bagere ku iterambere rirambye kandi bihindure n'ubuzima bwabo.

**Umuryango w'ubufatanye mu ikoranabuhanga** (umuryaango w'ûbufatânye mu iikôranabûhaânga). Eng: **Digital Cooperation Organization**. Fr: **Organisation de coopération numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuryango mpuzamahanga washinzwe kugira ngo uhuze ibihugu mu guteza imbere ikoranabuhanga, gusangira ubumenyi no guteza imbere ubukungu bushingiye ku ikoranabuhanga.

**Umushimusi** (umushîimuusi). HI: **Umuremacyuho** (umurê Macyûhu). Eng: **Hacker**. Fr: **Pirate informatique; hacker; hackeur**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuntu wese uba mu bikorwa byo gushakisha uburyo yacengera mu buryo butemewe muri sisitemu za mudasobwa yifashishije murandasi, agashobora kurenga uburinzi bwazo.

**Umushotorambaga** (umushôotoorambâga). Eng: **Internet troll**; Troll. Fr: Troll.

NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuntu ushyira ubutumwa butera amakimirane cyangwa uburakari ku mbuga nkoranyambaga, agamije kubangamira abandi.

**Umutekano banga nyamubiri** (umutêekaano baanga nyamubiri). Eng: **Biometric security**. Fr: **Sécurité biométrique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bugezweho bwo gutahura no kwemeza ikintu hakoreshejwe ibimenyetso by'umubiri byihariye nk'ibimenyetso by'intoki (igikumwe), itahurasura, imbengeza y'ijisho, indiba y'ijisho, kugira ngo hatahurwe umuntu uwo ari we.

**Umutekano kuri murandasi** (umutêekaano kuri murâandasî). Eng: **Cyber security**; Cyberattack Protection. Fr: **Cyber-sécurité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibikorwa n'ingamba zifashishwa mu kurinda no gukumira ibitero n'ubujura bukorerwa kuri murandasi.

**Umutekano ndindamakuru** (umutêekaano ndiimâkurû). Eng: **Operational Security (OPSEC)**. Fr: **Sécurité opérationnelle (OPSEC)**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikorwa nyamutekano n'icungwa ry'ibiza kirinda amakuru y'ingenzi kugwa mu maboko y'abantu babi.

**Umutekano uhozaho** (umutêekaano uhôzahô). Eng: **Zero Trust security**; Zero Trust. Fr: **Sécurité confiance zéro**; confiance zéro. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: icyitegererezo cy'umutekano gishingiye ku ihame ryo gukomeza kugenzura neza uburyo abantu binjiramo no kutagira uwo bizera, ndetse n'abari mu gice cy'umuyoboro w'itumanaho.

**Umutekano w'amakuru** (umutêekaano w'âmakurû). Eng: **Data Security**. Fr: **Sécurité des données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kurinda amakuru koranabuhanga mu gihe cyose azamara kugira ngo arindwe kwangirika, kwibwa cyangwa ikindi gikorwa kidafitiwe uburenganzira.

**Umutekano w'ibikoresho mperahuzanzira** (umutêekaano w'ibikôreesho mpêrahuuzanzira). Eng: **Endpoint security**. Fr: **Sécurité des points de terminaison**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Kurinda ibikoresho biri ku mpera y'ihuzanzira cyangwa urwinjiri

rw'ibikoresho by'abakoresha ihuzanzira ba nyuma twavuga nka za mudasobwa zo mu biro, mudasobwa ngendanwa, hahashywa abiba ihuzanzira cyangwa inyigisho zigamije ikibi, ibikoresho bishobora kurindwa biri ku ihuzanzira cyangwa mu gicu huzanzira, babirinda ibitero bivuye kuri murandasi havumburwa inkoranabuhanga iyo ari yo yose yaba igamije kwangiza ibikoresho.

**Umutekano w'ibikorwa koranabuhanga** (umutêekaano w'ibikorwâ kôranabûhaânga). Eng: **Operational Technology Security (OTS)**; Industrial Control System security(ICS). Fr: **Sécurité des technologies opérationnelles**; sécurité des systèmes de contrôle industriel. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu cy'ingenzi mu kurinda umutekano w'inzungano n'ibikoreho bikoreshwa mu gukurikirana no kugenzura ibikorwa bifatika n'ibikorwa remezo ahantu h'inganda n'ibikorwa remezo bikomeye cyane.

**Umutekano w'icyiciro ntwaremakuru** (umutêekaano w'icyiiciro ntwaremakuru). Eng: **Transport Layer Security (TLS)**. Fr: **Sécurité de la couche de transport**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Irinda itumanaho rya interineti.

**Umutekano w'ihuzanzira** (umutêekaano w'ihuuzanzira). Eng: **Network security**. Fr: **Sécurité du réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Politiki zashyizwe mu bikorwa mu kurinda no gukurikirana abinjirira ihuzanzira batabyemerewe, abarikoresha nabi, abarihindura cyangwa abazibira mudasobwa gufata ihuzanzira, akaba rero ari ugukumira abavogera ihuzanzira bakarinda ibikoresho bigize umuyoboro w'ihuzanzira hagenzurwa uburyo bwo kwinjira, bagakumira amavirusi bakoresha inkoranabuhanga nkumiramavirusi, inkoranabuhanga zicunga umutekano, n'ubundi bwoko bwihuzanzira rifite isano no kurinda umutekano, twavuga nk'ibikoresho byo ku mpera y'ihuzanzira, urubuga, inziramugozi, indindamudasobwa, ihuzanzira si shuso ryigenga, n'ibindi.

**Umutekano w'ijambo banga** (umutêekaano w'ijaambo baanga). Eng: **Password protection**; password security. Fr: **Protection par mot de passe**; sécurité du mot de passe. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Sisitemu runaka yagenewe gusaba ugiye gukoresha mudasobwa kubanza gushyiramo ijambo banga mbere yo kuyikoresha.

**Umutekano w'ikoranabuhanga ngendanwa** (umutêekaano w'ikôranabûhaânga ngeendânwa). Eng: **Mobile security**. Fr: **Sécurité**

**mobile.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uburyo bwo kurinda amakuru abitse mu gikoresho ngendanwa yaba ari amakuru bwite, nk'amafoto, ubutumwa, n'amakuru agomba kwitonderwa nk'ibiranga amabanki cyangwa amagambo banga, ibirindwa rero ibitero bivuye kuri murandasi (gusiba amakuru, kwiba amagambo banga, kwangiza amakonti), ni telefoni zigezweho, irebero mudasobwa, na mudasobwa ngendanwa.

**Umutekano w'inkoranabuhanga** (umutêekaano w'iinkôranabûhaângà). Eng: **Application Security.** Fr: **Sécurité des applications.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igikorwa cyo mu iyubakwa ry'inkoranabuhanga cyangwa kuzongera mu ihuzanzira ndetse no kuzigenzura imikorere hagamijwe kwirinda ko zagira imibare yuzuye (idafite ibice) mike mu byerekeye umutekano zirwanya ibitero, twavuga nko kwinjira no guhindura amagambo banga nta ruhushya.

**Umutekano w'ububiko bw'iyakure** (umutêekaano w'ûbubûiko bw'iyakure). Eng: **Cloud Security;** cloud computing security. Fr: **Sécurité du cloud.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Urwunge rw'amategeko y'imikorere n'ikoranauhanga byakorewe gutanga igisubizo ku byahungabanya umutekano byo hanze cyangwa imbere bishobora kuboneka ku mutekano w'ikigo.

**Umutekano w'Umugenerwabikorwa w'inkoranabuhanga** (umutêekaano w'ûmugênerwabîkorwâ w'iinkôranabuhaângà). Eng: **End-user Security.** Fr: **Sécurité de l'utilisateur.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ingamba z'ubwirizi za nyuma zibanda ku kurinda no guha ibikoresho abakoresha ibikoresho by'umuryango, inkoranabuhanga hamwe n'amakuru.

**Umutekano wa mudasobwa** (umutêekaano wa mûdasobwâ). Eng: **Computer security;** Computational Security; cyber security; digital security; information technology security. Fr: **Sécurité informatique.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ingamba n'ubugenzuzi byemeza ibanga, ubunyangamugayo no kuboneka kw'amakuru yatunganijwe kandi abikwa na mudasobwa.

**Umutekano wa murandasi mpuzabikoresho** (umutêekaano wa mûraandasî mpûzabîkoreesho). Eng: **IoT Security.** Fr: **Sécurité de l'Internet des objets.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Ijamboro ry'ingenzi risobanura ibikoresho n'ingamba birinda ibikoresho bihujwe n'ibicu n'imiyoboro bikoresha kugira ngo bihuzwe.

**Umutekano w'amakuru** (umutêekaano w'âmakurû). Eng: **Information security; InfoSec.** Fr: **Sécurité des informations.** NK: **Ikorananabuhanga rya mudasobwa.** SH: Urwego rwo gukingira cyangwa kurindwa ikorehwa ry'amakuru ritemewe, cyane cyane amakuru y'ikoranabuhanga cyangwa ingamba zafashwe kugira ngo ibyo bigerweho.

**Umutekinisiye w'itumanaho koranabuhanga** (umutekinisiye w'itûmanahô kôranabûhaânga). Eng: **Electronic communication technician.** Fr: **Technicien en communication électronique.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uburyo bwo gukora cyangwa guhuza ibikorwa by'ingenzi by'akazi nko kubungabunga, kugena n'ibindi.

**Umutwe** (umutwê). Eng: **Header.** Fr: **En-tête.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Inyandiko ishyirwa hejuru y'urupapuro, mu gihe agace k'inyuma gashyirwa hasi.

**Umutwe w'ihuuzanzira** (umutwê w'ihuuzanzira). Eng: **Network head device; head end device.** Fr: **Périphérique de tête de réseau.** NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Igikoresho cyo kugenzura gikenewe gisabwa imiyoboro imwe n'imwe (urugero, imiyoboro y'akarere (LAN)) cyangwa imiyoboro ya metero nkuru (MAN).

**Umuvuduko w'amakuru** (umuvûduko w'âmakurû). Eng: **Bit rate; Bitrate.** Fr: **Débit binaire.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Igipimo cy'amakuru ku rugero ruto rushoboka atambuka mu gihe cy'isegonda, akaba ari umuvuduko amakuru asesengurirwaho, akoherezwa cyangwa agahindurwa mu rurimi rwa mudasobwa ku gihe runaka gipimwa mu mabayiti ku isogonda, yaba ari amakuru y'amajwi, ay'amashusho, ay'imibare cyangwa ay'inyandiko, uko umuvuduko ari mwinshi ni ko n'amakuru aba ku gipimo kiza.

**Umuvuduko w'imbeba ya mudasobwa** (umuvûduko w'imbeba ya mûdasobwâ). Eng: **Mouse acceleration; mouse accel.** Fr: **Accélération de la souris.** NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Imiterere y'imbeba zimwe na zimwe za mudasobwa usanga umuvuduko wazo uhinduka bitewe n'uri kuyikoresha, uburyo ari kwihutamo bitandukanye n'aho yaba iherereye.

**Umuvuduko w'isaha** (umuvûduko w'iisâahâ). Eng: **Clock Speed**. Fr: **Vitesse d'horloge**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuvuduko isaha ishobora gukoresha mu kubara.

**Umuyoboro** (umuyoboro). Eng: **Channel**. Fr: **Canal**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira ya za sinyare ikoreshwa mu gutwara amakuru ava hamwe ajya ahandi.

**Umuyoboro mpishamakuru** (umuyoboro mpishamâkurû). Eng: **Tunneling**. Fr: **Tunneling**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo bwo kohereza amakuru anyuze mu yandi masano y'itumanaho bigafasha gukoresha inzira zizewe cyangwa kurinda amakuru anyura mu muyoboro.

**Umuyoboro mpuzampugu** (umuyoboro mpûzampûgu). HI: **Ihuzanzira ngerakure** (ihuuzanzira ngerakure). Eng: **Long-haul network**. Fr: **Réseau longue distance**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuzanzira ry'itumanaho hagati ya mudasobwa ziri kure ahanini zikoresha telefoni isanzwe, usanga ari ihuzanzira rigamije kohereza amakuru ahantu harehare akenshi harenze km 1000, akaba ari uruti rw'umugongo rw'itumanaho ruhuza imigi minini, ibihugu cyangwa imigabane, rikaba ritwara amakuru menshi harimo amajwi, amashusho n'amakuru asanzwe.

**Umuyoboro mpuzansiro** (umuyoboro mpuzansiro). HI: **Umuyoboro mpuzamujyi** (umuyoboro mpuzamujyi); **Umuyoboro mbumbansiro** (umuyoboro mbumbansiro); **ihuzanzira ry'umujyi** (ihuuzanzira ry'umujyi). Eng: **Metropolitan area network (MAN)**. Fr: **Réseau de zone métropolitaine**; réseau métropolitain. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro unyaruka uhuza impuzanzira za hafi nyinshi mu mujyi, umudugudu, ishami rinini rya kaminuza, ubusanze ukwira kuri kirometero nyinshi.

**Umuyoboro mpuzasi** (umuyoboro mpûzasî). HI: **Ihuzanzira nzengurukasi** (ihuuzanzira nzêengurukasî). Eng: **Global area network (GAN)**. Fr: **Réseau mondial**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro wagutse w'ihuzanzira zigiyeye zihuzwa zigakwira ahantu hatagira impera.

**Umuyoboro mugufi** (umuyoboro mugufi). HI: **Ihuzanzira rya hafi** (ihuuzanzira ryaa hâafi). Eng: **Local area network (LAN)**; Ethernet local area network. Fr: **Réseau local d'internet**; adaptateur de réseau local. NK:

**Ikoranabuhanga rya murandasi.** SH: Murandasi usanga ihuza za mudasobwa ziri aho hafi kandi hamwe nko mu nzu imwe, inyubako imwe, ibiro, ishuri, raboratwari, ikigo cya kaminuza cyangwa inzu ikoranyemo ibiro.

**Umuyoboro mugufi nyakure** (umuyoboro mugufi nyakure). HI: **Ihuzanzira shusho rya hafi** (ihuuzanzira shusho ryaa hâafi). Eng: **Virtual LAN**. Fr: **Réseau local virtuel**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urusobe rwuzuye rw'itumanaho rushyira hamwe ibikoresho bisangiye umuyoboro.

**Umuyoboro mwihariko** (umuyoboro mwîhariko). HI: **Ihuzanzira ryihariye** (ihuuzanzira ryiihâriye). Eng: **Intranet**. Fr: **Intranet**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro wihariye washyizweho n'ishyirahamwe kugira ngo ukoreshwe n'abakozi gusa.

**Umuyoboro ngoboka** (umuyoboro ngoboka). HI: **Ihuzanzira ryihariye** (ihuuzanzira ryiihâriye). Eng: **Ad Hoc Network**. Fr: **Réseau ad hoc**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro washyizweho igihe kimwe kandi ntusaba rawuta cyangwa sitasiyo y'ibanze idakoresha insinga.

**Umuyoboro nsangiramakuru w'inzego za Leta** (umuyoboro nsâangiramâkurû). Eng: **Public authority network**. Fr: **Réseau de l'office public**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Umuyoboro w'itumanaho wubatswe ku mpamvu z'umutekano rusange, ukoreshwa mu rwego rw'ubutabazi cyangwa mu kurwana ku baturage.

**Umuyoboro nyamugozi** (umuyoboro nyamûgozi). HI: **Ihuzanzira ry'insinga** (ihuuzanzira ry'însiînga). HI: **Ingiramugozi** (ingîramûgozi); **ihuzanzira ngiramugozi** (ihuuzanzira nyamûgozi); **umuyoboro ntayega** (umuyoboro ntayegâ); **ihuzanzira yo mu butaka** (ihuuzanzira yô mu butaka); **umuyoboro wo mu butaka** (umuyoboro wô mu butaka); **urusinga rwo mu butaka** (urusiînga rwô mu butaka). Eng: **Wired network**; Fixed network; Landline Network; Landline. Fr: **Réseau filaire**; réseau fixe. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro uhuza ibikoresho nka mudasobwa ngendanwa cyangwa zo mu biro, murandasi cyangwa irindi huzanzira hakoreshejwe insinga, haba ari uguhamagara cyangwa se kohererezanya amakuru igihe bakoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa ryabugenewe.

**Umuyoboro nyarutsamakuru** (umuyoboro nyârutsamâkurû). HI: **Impuzanzira ya munyaruko** (impuuzanzira ya mûnyaruko). HI: **Umuyoboro munyaruko** (umuyoboro munyâruko). Eng: **Fiber Channel**. Fr: **Canal à fibre; Fibre Channel**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imbonezanzira yohereza amakuru inyaruka kuri murandasi ku buryo bw'insakazamakuru nyuramugozi yakorewe ihuzanzira ribika amakuru ryakorewe guhuza amatsinda y'amakuru hagati y'ibikoresho nkoranabuhanga mbikamakuru na mugabuzi ku buryo buboneye kandi haciyemo igihe gito.

**Umuyoboro nyunganizi** (umuyoboro nyungaanizi). HI: **Ihuzanzira rito** (ihuuzanzira ritô). Eng: **Subnetwork; Subnet**. Fr: **Sous réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igice cy'ihuzanzira ryagutse, gitanga amakuru ku itumanaho ku buryo buri gice kirangwa n'umubare kandi kigakora mu buryo bwigenga.

**Umuyoboro rusange** (umuyoboro rûsaânge). HI: **Ihuzanzira rusange** (ihuuzanzira rûsaânge). Eng: **Public network**. Fr: **Réseau public**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imiyoboro igenewe kugeza ku baturage itumanaho rigendanwa n'iritagendanwa.

**Umuyoboro rusange w'itumanaho koranabuhanga** (umuyoboro rûsaânge w'itûmanahô kôranabûhaânga). Eng: **Public electronic communications network**. Fr: **Réseau public de communications électroniques**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoresha insinga z'amashanyarazi mu gutanga ibimenyetso, imiyoboro ya radiyo na televiziyo, hatitawe ku bwoko bw'amakuru bitwaye.

**Umuyoboro shusho utekanya** (umuyoboro shusho utêekaanya). HI : **Ihuzanzira shusho ryihariye** (ihuuzanzira shusho ryiihâriye). HI: **Umuyoboro wihariye** (umuyoboro wiihâriye); **umuyoboro wigenga** (umuyoboro wiigêenga). Eng: **Virtual Private Network (VPN)**. Fr: **Réseau privé virtuel (VPN)**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ihuza mudasobwa n'ibindi bikoresho by'itumanaho bifatwe na VPN igahuza amakuru yawe bwite kandi igafasha mu guhagarika urubuga rwa interineti.

**Umuyoboro unyaruka** (umuyoboro unyâruka). Eng: **Broadband; Broadband communication device**. Fr: **Internet à haut débit; Appareil de communication à large bande**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**.

SH: Sisitemu yemerera igikoresho cy'ikoranabuhanga kuba cyakohereza ubutumwa bwinshi kandi icyarimwe mu gihe gikoresha murandasi.

**Umuyoboro unyaruka** (umuyoboro unyâruka). HI: **Ihuzanzira rinyaruka** (ihuuzanzira rinyarûka). Eng: **High speed network**. Fr: **Réseau à haut débit**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igihe itumanaho uri gukoresha rifite umuvuduko w'ihuzanzira urengeje megabayiti 25 ku isegonda.

**Umuyoboro w'inkorerakirere** (umuyoboro w'înkôrerakîrêrê). Eng: **Cloud network**; cloud networking. Fr: **Mise en réseau cloud**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Umuyoboro wagutse wa WAN wakira abakoresha mudasobwa ndetse n'ibyifashishwa ugatuma bashobora guhana amakuru biciye mu ikoranabuhanga ry'igicu mpuzanzira, ukabarirwamo intanganzira shusho, indindamudasobwa n'inkoranabuhanga ncungahuzanzira.

**Umuyoboro w'itumanaho** (umuyoboro w'îitûmanahô). **Ihuzanzira ry'itumanaho** (ihuuzanzira ry'îitûmanahô). Eng: **Telecommunication network**. Fr: **Réseau de télécommunication**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uburyo nyoherezabutumwa butuma haba ihererekanya ry'amakuru ku buryo bw'analoge cyangwa nyamibare ahantu hatandukanye hakoreshejwe ibimenyetso cyangwa urumuri hakoherezwa amakuru y'amajwi cyangwa amashusho.

**Umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga** (umuyoboro w'îitûmanahô kôranabûhaânga). Eng: **Electronic communications network**. Fr: **Un réseau de communication électronique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Sisitemu ihuza abakoresha mudasobwa n'imiryango kugira ngo bohereze kandi bakire ubutumwa, amakuru, cyangwa ubundi buryo bw'amakuru y'ikoranabuhanga.

**Umuyoboro w'itumanaho rusange** (umuyoboro w'îitûmanahô rûsaânge). Eng: **Mass communications network**. Fr: **Réseau de communications de masse**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Umuyoboro rusange w'itumanaho ukoreshwa mbere na mbere mu guhitisha cyangwa mu gutanga porogaramu za radiyo na televiziyo.

**Umuyoboro w'itumanaho ukodeshwa** (umuyoboro w'îitûmanahô ukôodeeshwa). Eng: **Leased line**. Fr: **Ligne louée**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Umuyoboro w'itumanaho ufite ubushobozi bwo

kohereza ubutumwa mu buryo butaziguye hagati y'ibikoresho by'itumanaho.

**Umuyoboro wagutse** (umuyoboro waagûtse). HI: **Umuyoboro wagutse mpuzamashami** (umuyoboro waagûtse mpûuzamâshami); **ihuzanzira ryagutse** (ihuuzanzira ryaagûtse). Eng: **Wide Area Network (WAN)**. Fr: **Réseau étendu**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoranabuhanga rihuza ibiro byanyu, ibigega by'ibonwa byanyu n'inkoranabuhanga zanyu ndetse n'ububiko bwanyu nshobozayakure.

**Umuyoboro wihuta neabutaka** (ihuuzanzira munyâruko ncaabutaka). Eng: **Terrestrial optic fiber network**. Fr: **Réseau terrestre à fibre optique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Insinga zifashishwa mu gukwirakwiza itumanaho rya murandasi zinyujijwe mu butaka akaba ari urwungano rw'itumanaho runyaruka rukoresha umugozi munyaruko mu koherereza amakuru mu ihuzanzira ritandukanye ryo ku isi, hifashishijwe guhindura imiraba y'amashanyarazi igenda mu makamba y'imiyoboro minyaruko hatakajwe utuntu duke kandi ku musaruro wo mu rwego rwo hejuru.

**Umuyobozi mukuru w'ikoranabuhanga** (umuyobozi mukurû w'îikôranabûhaânga). Eng: **Chief Digital Officer (CDO)**. Fr: **Directeur(trice) numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuyobozi ushinzwe gukoresha no gucunga amakuru mu muryango wose.

**Umuziki koranabuhanga** (umuzikî kôranabûhaânga). Eng: **IT Music**. Fr: **Musique informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu ikoranabuhanga ry'amakuru mu guhanga, gufata amajwi, gutunganya, kubika, gusakaza no kumva umuziki hifashishijwe mudasobwa, porogaramu n'ibikoresho bya elegitoroniki.

**Umuzindaro** (umuziindaaro) **Loud speaker**; multimedia speaker. Fr: **Haut-parleur** NK: **Ikoranabuhanga ry'amajwi**. SH: Igikoresho gifatira ihuzanzira kuri sisitemu y'ikoranabuhanga ikoreshwa mu gutanga amajwi kugira ngo yumvikane.

**Umuzindaro wa mudasobwa/** (umuziindaaro wa mûdasobwâ). Eng: **Computer speaker**; multimedia speaker. Fr: **Haut-parleur d'ordinateur**.

NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gifatira ihuzanzira kuri sisitemu y'ikoranabuhanga ikoreshwa mu gutanga amajwi.

**Umwanditsi** (umwaanditsi). Eng: **Registrar**. Fr: **Registraire**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Utanga serivisi zo kwandika amazina ndangarubuga mu cyiciro yaherewe uburenganzira bwo gucunga n'umwanditsi fatizo.

**Umwanya mbikamakuru** (igikôreesho mbïkamâkurû). Eng: **Memory unit**; memory. Fr: **Unité de mémoire**; mémoire. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gito gikoresha ububiko burimo ububiko bwa mudasobwa kandi kiboneka hakoreshejwe porogaramu.

**Umwanya ndanga w'ahandikwa** (umwaânya ndaanga w'âhaândikwa). Eng: **Insertion point**. Fr: **Point d'insertion**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Aho uwandikisha mudasobwa ashira amakuru iyo yandika muri mudasobwa.

**Umwanya ndangabikorwa** (umwaânya ndâangabïkorwâ). Eng: **Ribbon**. Fr: **Ruban**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umurongo munini ugaragara hejuru ya porogaramu ugizwe n'utundi duce n'ibikoresho bifasha gukora imirimo itandukanye.

**Umwanya ndangamikoro** (umwaânya ndâangamïkoro). HI: **Urubariro rw'ibikorwa** (urubâriro rw'ibïkorwâ). Eng: **Taskbar**. Fr: **Barre des tâches**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umurongo muto ukozwe n'utumenyetso ndanga, akenshi uba hasi ku irebero rya mudasobwa, ukagaragaza amadirishya cyangwa gahunda zifunguye ushobora gukoresha.

**Umwanya w'ibiheruka gukorwa** (umwaânya w'ibihêruuka gukôrwa). Eng: **Places bar**. Fr: **Barre des emplacements**; barre des lacets. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umwanya werekana ahantu rusange hanyurwa kugira ngo umuntu agere ku mafishi cyangwa ahantu hanyurwa aya ku mafishi.

**Umwanya w'ibitekerezo birambuye** (umwaânya w'ibitêekerezo biraambûuye). Eng: **Memo field**; data field; memo data type. Fr: **Champ de données**; champ de mémos. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Agace mu mbikamakuru cyangwa mu idirishya rya mudasobwa

kaba muri porogaramu iyo ari yo yose ifasha abari gukoresha mudasobwa gutanga ibitekerezo byabo ku byanditswe.

**Umwihariko ku makuru ndangamiterere y'umuntu** (umwihariko ku makuru ndangamiterere y'umuuntu). Eng: **Biometric exception**. Fr: **Exception biométrique**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Igihe umuntu adashobora gutanga amakuru y'ibipimo ndangamiterere y'umuntu yuzuye cyangwa iyo amakuru yuzuye ariko akaba atujuje ikigero shingiro ngenderwaho, ayo makuru akaba yandikwa muri sisitemu ya SDID.

**Umwinjizo ngenzurarwinjiriro** (umwijnizo ngenzurarwinjiriro). Eng: **Access control entry (ACE)**. Fr: **Entrée de contrôle d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amakuru agize urutonde ngenzurarwinjiriro, akagira umumaro wo gusobanura impushya z'iyinjira z'umukiriya cyangwa se z'itsinda ry'abakiriya, akaba ari kimwe mu bigize urutonde ngenzurarwinjiriro kigizwe n'amazeru, kikagenzura urwinjiriro rw'ikintu biciye mu wundi ufitiwe icyizere wagenwe.

**Umwirondoro koranabuhanga** (umwirooondoro kôranabûhaânga). Eng: **Digital Identity**. Fr: **Identité Numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Umwirondoro ukoreshwa ku mbuga za interineti mu kubona serivisi.

**Umwishingizi w'ikoranabuhanga** (umwishiingizi w'iikôranabûhaânga). HI: **Umwishingizi wo kuri murandasi** (umwishiingizi wô kurî murâandasî). Eng: **Online insurer**. Fr: **Assureur en ligne; e-assurance**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Uburyo umwishingizi yifashisha ikoranabuhanga agatanga ifatabuguzi kandi akagenzura amasezerano bitumye ajya ku cyicaro cy'ubwishingizi.

**Umwubatsi w'inkoranabuhanga** (umwûubatsi w'iinkoranabuhânga). Eng: **Coder**. Fr: **Codeur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuntu uzi kandi wandika indimi za porogaramu kugira ngo ategeke mudasobwa gukora imirimo yihariye.

**Urubariro ndangabikorwa** (urubâriro ndâangabikorwâ). Eng: **Menu bar**. Fr: **Barre de menu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urutonde rw'ibikorwa bitandukanye bigaragarira hejuru cyangwa hasi ku kirahure cya mudasobwa mu buryo butambitse.

**Urubariro ngaragazamakuru** (urubâriro ngâragazamâkurû). Eng: **Scroll bar**. Fr: **Barre de défilement**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu gikoreshwa mu gukoresha amashusho, gikoreshwa muri porogaramu za mudasobwa n'imbuga za interineti kugira ngo kibashe gusohorera ibikubiye mu nyandiko birenga igice kigaragara cy'idirishya cyangwa ikintu gikodeshwa.



**Urubariro ngaragazamigendekere** (urubâriro ngâragazamîgeêndekere). Eng: **Progress bar**. Fr: **Barre de progression**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'igenzura ry'amashusho gikoreshwa hagamijwe kureba imigendekere y'igikorwa koranabuhanga kirambuye, twavuga nk'ikurura ry'ifishi, iyoherezwa ryaryo cyangwa ishyingirwamo ryayo.

**Urubariro ngenzuzi** (urubâriro ngeenzuuzi). Eng: **Control bar**. Fr: **Barre de contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Idirishya rigaragaza umurongo w'amategeko abakoresha mudasobwa bifashisha batoranya amahitamo bashaka cyangwa batanga amategeko cyangwa babona amakuru bifuzwa bafunguye gahunda runaka.

**Urubariro nkoranabuhanga** (urubâriro nkôranabûhaânga). Eng: **Application toolbar**. Fr: **Barre d'application; barre d'outils**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Idirishya risa n'iry'urubariro rw'ibikorwa bya Windows.

**Urubariro nyabikorwa** (urubâriro nyabikorwâ). HI: **Urubariro** (urubâriro). Eng: **Toolbar; standard toolbar; system toolbar; bar**. Fr: **Barre d'outils; barre**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'igenzuramikorere hifashishijwe utumenyetso ndanga, gituma ukoresha mudasobwa ashobora kuvugana na yo, kikaba akenshi haruguru h'irebero.

**Urubariro rw'amahitamo** (urubâriro rw'âmahîtamô). Eng: **Menu**. Fr: **Menu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwunge rw'amahitamo yerekwa ukoresha inkoranabuhanga kugira ngo afashwe kubona amakuru cyangwa gukora igikorwa runaka.

**Urubariro rw'umukino** (urubâriro rw'ûmukino kôranabûhaânga). Eng: **Game bar**. Fr: **Barre de jeu**. NK: **Imbonezanzira koranabuhanga**. SH: Umwihariko wa sisitemu y'imikorere ya Windows, yagenewe guha

abakinnyi uburyo bworoshye bwo gucunga ubunararibonye bwabo mu mikino mu gihe ibafasha gukora ibikorwa bitandukanye.

**Urubibi rw'ihuzanzira** (urubibi rw'ihuuzanzira). Eng: **Network perimeter**. Fr: **Périmètre de réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urubibi rurinzwe ruba hagati y'ahihariye hatari rusange hagenzurwa n'ihuzanzira rya hafi, akenshi ni ihuzanzira ry'ikigo n'uruhande rugenewe abantu muri rusange akenshi aba ari murandasi, rukagirwa n'intanganzira ngenarubibi zikora nk'ibyapa ngaraganzira mu ihuzanzira.

**Urubibi rw'ishusho** (urubibi rw'ishusho). Eng: **Image boundary**. Fr: **Limite de l'image**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuzenguruko uboneka ku buso bw'ishusho, ukagaragaza ihinduka ry'ingirangingo foto z'ikintu zikagitandukanya n'ikindi.

**Urubuga 2.0** (urubûga 2.0). Eng: **Web 2.0**. Fr: **Web 2.0**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ijambo ryavutse mu 2004 kandi ryerekeza ku gisekuru cya kabiri cya World Wide Web.

**Urubuga bwisanzuriro** (urubûga bw'isaanzuriro). Eng: **Blog**. Fr: **Blogue**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Ahantu kuri murandasi hahora havugururwa hashyirwaho inkuru nshya, akenshi mu buryo bw'inyandiko zisanzwe.

**Urubuga mugabuzi** (urubûga mugabuzi). Eng: **Portal**. Fr: **Portail**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Uburyo bwohereza umuyoboro w'ihuzanzira ku yandi mahuriro.

**Urubuga nkoranyambaga** (urubûga nkôranyambâga). Eng: **Social media**. Fr: **Réseaux sociaux**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Ikoranabuhanga ryashyizweho ku buryo bw'ikoranabuhanga, abantu baganiriraho mu buryo bw'amajwi ndetse n'ubutumwa bugufi bwanditse, bityo bagashobora kohererezanyaho amashusho n'amafoto, bikaba uruhurirane rw'imbuga na porogaramu zigamije koroshya ubusabane n'ibiganiri hagati y'abantu, inshuti, imiryango.

**Urubuga nsangiramakuru** (urubûga nsâangiramâkurû). Eng: **Data Sharing Platform (DSP)**. Fr: **Plateforme de partage de données ; (DSP)**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga rw'ikoranabuhanga rufasha inzego za leta gusangira amakuru mu buryo butekanye kandi bunoze.

**Urubuga rw'ikoranabuhanga** (urubûga rw'îkôranabûhaânga). Eng: **Digital Platform**. Fr: **Plateforme Numérique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Urubuga rwo kuri interineti rufasha abantu guhanahana amakuru cyangwa serivisi.

**Urubuga rw'isoko koranabuhanga** (urubûga rw'îsokô kôranabûhaânga). Eng: **E-marketplace**. Fr: **Site de marché**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Urubuga rwa mudasobwa rwo guhanahana amakuru ajiyanye n'igice runaka cy'ibikorwa by'ubukungu.

**Urubuga rw'ukuri mberabyombi** (urubûga rw'ûkurî mbêerabyôombi). Eng: **Mixed reality Portal**. Fr: **Portail de réalité mixte**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Porogaramu yakozwe na "Mikorosofuti" kuri "Windowuzi 10" yemerera abakoresha kubona ibikubiye mu kuri kuvanze hamwe n'udukandara dukwiriye.

**Urubuga rwa Fesibuku** (urubûga rwaâ feesîbuuku). Eng: **Facebook**. Fr: **Facebook**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga nkoranyambaga rwifashisha murandasi, rukomeye cyane ku isi rwatangiye mu wa 2004 rukaba rufasha abantu gukora no kugeza ku bandi inkuru, amafoto, amavidewo ku buryo abaruhuriyeho bese babibona. Urubaho ashobora kugira paji kuri rwo yandikaho ibyo ashaka ko abanda basoma. Abarukoresha bashobora kuruhuriraho mu itsinda ryarwo.

**Urubuga rwa Insitagaramu** (urubûga rwaa insitagaraâmu). Eng: **Instagram**. Fr: **Instagram**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga nkoranyambaga rwifashisha murandasi rwatangiye mu wa 2010 rwakorewe abantu ngo bazajye baruganiriraho ngo banashyireho amafoto n'amashusho (amavidewo) ku buryo arebwa n'abaruhuriyemo, ariko na bo bakaba bashobora kureba ay'abandi bashyiraho. Urukoresha aba ashobora guhindura ibyo ashyiraho, kongeramo ibindi, kuganira n'inshuti cyangwa kugirana ubucuti bushingiye ku gutanga ibitekerezho ku byo ashyiraho, cyangwa bakagaragaza ko byabanyuze.


**Urubuga rwa murandasi** (urubûga rwaa mûraandasî). Eng: **Website**; web. Fr: **Site Internet**; site web. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urwaguriro rwa murandasi rufite izindi mbuga muri rwo zishinzwe gukora ibintu bitandukanye cyangwa se ni uruhurirane rw'amafishiye agerwaho uciye ku ndangarubuga rukibanda ku ntego cyangwa ikintu kimwe kandi rugacungwa n'umuntu cyangwa ikigo cyahariye, kikarangwa no kugira urwakiriro rwitwa ahabanza.

**Urubuga rwa murandasi mpuzabantu** (urubûga rwaa mûraandasi mpuuzabaantu). HI: **Urubuga mpuza** (urubûga mpuuzâ); **urubuga koranabuhanga** (urubûga kôranabûhaânga). Eng: **Web platform; Platform**. Fr: **Plate-forme Web; Plateforme**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoraniro ry'ikoranabuhanga ryakozwe ku buryo bw'ibigenderwaho byasangijwe bese by'ikigo cy'insomanyandiko za murandasi n'ibindi bigo by'imboneza koranabuhanga, bitanga uruhurirane rw'ibikoresho na serivisi hagamijwe guhanga, gucunga no guteza imbere inkoranabuhanga za murandasi n'izi'imbuga za murandasi.

**Urubuga rwa Tikitoko** (urubûga rwaa tikitoko). Eng: **TikTok**. Fr: **TikTok**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga nkoranyambaga abantu bifashisha bagakora, bakareba cyangwa bakanashyiraho utuvidewo tugufi, tukaba dushobora kurebwa n'abarukoresha bifashishije terefoni cyangwa kuri murandasi.

**Urubuga rwa Watsapu** (urubûga rwaa watsaâpu). Eng: **Whatsapp**. Fr: **Whatsapp**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga nkoranyambaga rwifashisha murandasi, rufasha abantu kuganira bohererezanya ubutumwa bwaba ubwanditse, ubw'amajwi, ubw'amafoto n'amashusho ako kanya.

**Urubuga rwa Yahu** (urubûga rwaa yahu). Eng: **Yahoo**. Fr: **Yahoo**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga rwa murandasi rwa kimwe mu bigo bikomeye, ikaba imwe mu nshakishamakuru bwite zikomeye kuri murandasi, intondekamapaji ya murandasi hakurikijwe ingeri z'ibivugwa n'izindi serivisi z'imbuga bijyana nk'ubutumwa koranabuhanga, amakuru agezeweho, iteganyagihe n'ibindi.



**Urubuga rwa Youtube** (urubûga rwaa yuutûube). Eng: **YouTube**. Fr: **YouTube**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga rwa mbere ku isi rusangiza abantu amashusho (videwo), akaba ari uwa Google, abantu bakaba bareba amashusho y'abandi ku buntu, bakayakurura bakanayasangiza abandi ku buntu.



**Urubuga rwa Egisi** ((urubûga rwaa egisi). Eng: **X**. Fr: **X**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urubuga nkoranyambaga mpererekanyamakuru rwifashisha murandasi mu gutanga ubutumwa (amakuru magufi) haba mu nyandiko, mu mafoto cyangwa mu tuvidewo, rugatangirwaho

amakuru mu buryo umuntu ashobora kugira icyo ayavugaho. Uru rubuga rwahoze rwitwa *Tuwita*, ubutumwa bwarwo bwitwaga *tuwiti* (Tweet).

**Urubuga rwagutse rw'ikoranabuhanga** (urubûga rwaagûtse rw'iikôranabûhaânga). Eng: **Cyberspace**. Fr: **Cyber-espace**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Ahantu bigaragara ko abahari babasha gukoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa byinshi bitandukanye, nka telefoni, mudasobwa, ibyuma bijyana amakuru n'itumanaho n'ibindi byinshi.

**Urucomekero** (urucômekero). HI: **Inzira** (inzira). Eng: **Port**. Fr: **Port**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Isoke cyangwa agace gateye kuri mudasobwa, kifashishwa mu kohereza.

**Urucomekero nyamikino** (urucômekero nyamikino). Eng: **Game port**. Fr: **Port de jeu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inzira iboneka kuri za mudasobwa n'ibikoresho bimwe na bimwe bifitanye isano na mudasobwa, igatuma habaho guhuza ibikoresho bikorehwa mu kugenzura imikino ya videwo nk'agakoresho nyobozi.

**Urucomekero rwa porogaramu** (urucômekero rwaa porogaraâmu). Eng: **Socket**. Fr: **Socket**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ifatishanzira bukoreshwa na porogaramu kugira ngo zikorane cyangwa zivugane hagati yazo binyuze mu ihuzanzira.

**Urufatiro huzanzira** (urufâtiro huuzanzira). Eng: **Access point** (AP). Fr: **Point d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Mudasobwa cyangwa igikoresho kiri ku ihuzanzira kigakora nk'intanganzira kijyana amakuru aho abantu bashobora kuyakoresha, kigahuza ibikoresho nziramugozi by'abakiriya biri mu nzu kibihuza bimwe n'ibindi, kikanacomekwa ku rwungano nsakazamakuru hakoreshejwe umugozi rw'ikigo.

**Urufatiro huzanzira nziramugozi** (urufâtiro huuzanzira nzîramûgozî). Eng: **Wireless Access Point**. Fr: **Point d'accès sans fil**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igikoresho cy'ihuzanzira cyohereza kikanakira amakuru ahantu hafi nta mugozi, kikaba gihuza ihuzanzira nziramugozi rya hafi n'ihuzanzira ngiramugozi ntayega.

**Urufunguzo** (urufuunguuzo). Eng: **Key**. Fr: **Clé**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Akabuto kaba kuri mwandikisho gakoreshwa mu kwinjiza inyuguti, imibare, cyangwa amabwiriza muri mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho cy'ikoranabuhanga.

**Urufunguzo banga** (urufuunguuzo baanga). Eng: **Access code**. Fr: **Code d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urusobe rw'inyuguti cyangwa ibimenyetso biguha uburenganzira bwo kwinjira muri mudasobwa no kuyikoresha.

**Urufunguzo mberabyombi** (urufuunguuzo mbêerabyôombi). Eng: **Key pair**. Fr: **Paire de clés**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urufunguzo rwihariye n'urufunguzo rusange rugenzura umukono ukozwe mu buryo koranabuhanga wakoze n'urufunguzo rwihariye.

**Urufunguzo nkoreshwarimwe** (urufuunguuzo nkôreeshwarîmwe). HI: **Ingaragazaburenganzira** (ingâragazabûreengaanzirâ). Eng: **Token**. Fr: **Jeton**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu gihagararira ko umuntu afite uburenganzira bwo gukora igikorwa runaka.

**Urufunguzo rusange** (urufuunguuzo rûsaânge). Eng: **Public key**. Fr: **Clé publique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urufunguzo rumwe rukoresha mu kugenzura umukono w'ikoranabuhanga ukozwe mu mibare.

**Urufunguzo rwihariye** (urufuunguuzo rwiihâriye). Eng: **Private Key**. Fr: **Clé privée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urufunguzo rumwe rwagenewe gukora umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare.

**Uruganiriro** (urugaaniiriro). Eng: **Interface**. Fr: **Interface**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ahantu umufatabuguzi ashobora gufatira inzira imuhuza n'umuyoboro rusange.

**Uruganiriro rw'ubwenge buhangano** (impuuzamuyoboro y'ûbwêenge buhaangano). Eng: **AI interface**. Fr: **Interface IA**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Imiyoboro y'ubwenge buhangano igufasha gukorana n'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano kugira ngo ukore cyangwa ugere ku nshingano.

**Uruganiriro rwa mudasobwa n'umugenerwabikorwa** (urugaaniiriro rwaa mûdasobwâ n'ûmugênerwabîkorwâ). Eng: **User Interface**; Human-machine interface. Fr: **Interface**; Interface homme-machine (IHM); Interface utilisateur. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga itanga serivisi ituma bakenera serivisi y'inkoranabuhanga, kwinjira mu ihuzanzira no gukoresha inkoranabuhanga z'igicu nkoranabuhanga, izo serivisi ni nko kohererezanya ubutumwa bugufi, kureba indangamisi, Mikorosofuti Ofisi 365™.

**Urugero mbonera** (urugero mbonerâ). Eng: **Model**. Fr: **Modèle**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Ikigerwaho gihindagurika hakoreshejwe imbenezamibare (itsinda ry'amategeko adahinduka) ku makuru yihariye, hakaba habaho amoko atatu y'ingero zigirwaho: itondeka nyabubiri, itonde ry'ibirango n'isubiranyuma.

**Urugero mbonera rwagutse** (urugero mbonerâ rwaagûtse). HI: **Urugero ngenderwaho rwagutse** (urugero ngeendêrwahô rwaagûtse). Eng: **Large model**. Fr: **Grand modèle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'ububiko usanga kode n'amakuru bishobora kurenga kilobayiti 64 gusa byahurizwa hamwe ntibirenge megabayiti 1.

**Urugero ngenderwaho** (urugero ngeendêrwahô). HI: **Urugero mbonera** (urugero mbonerâ). Eng: **Template**. Fr: **Modèle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyandiko iteguye nk'ibaruwa cyangwa indi nyandiko iyo ariyo yose, yorohereza ushaka kugira amakuru yongeraho cyangwa asimuzamo mu gihe ari inyandiko ishobora koherezwa kenshi.

**Uruhushya mpeshaburenganzira** (Uruhushyâ mpêeshabûreengaanzirâ). Eng: **Authorization**. Fr: **Authorisation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere ishoboza mudasobwa ko abayikoresha bemejwe neza bashora kugera gusa ku bikorwa nyirayo yabahereye uruhushya gusa.

**Uruhushya rw'ubucuruzi nkoranabuhanga** (uruhushyâ rw'ûbucûruuzi nkôranabûhaânga). Eng: **Computer commercial license**. Fr: **Licence commerciale informatique**. NK: **Ikoranabuhanga y'imari**. SH: Impushya z'ubucuruzi ziza mu buryo butandukanye, buri wese ufite amategeko

n'amabwiriza yashyizweho n'uwamamaza inkoranabuhanga cyangwa uwateza imbere.

**Urujya n'uruza kuri murandasi** (Urujyâ n'ûruûza kurî murâandasi). Eng: **Website Traffic**. Fr: **Trafic du site Web**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Abasura urubuga rwa murandasi, bukaba ari uburyo bwo gupima ireme ry'ubucuruzi bwo kuri murandasi no gukurura abasura.

**Urujya n'uruza rw'amakuru mu ihuzanzira** (urujyû n'ûruûza rw'âmakurû mu iihuuzanzira). Eng: **Network traffic**. Fr: **Trafic réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igiteranyo cy'amakuru nk'ubutumwa na za sinyare anyura muri sisiteme y'itumanaho cyangwa inkoranabuhanga runaka.

**Urujyano rw'ibimenyetso** (urujyaano rw'ibimenyeetso). HI: **Uruhererekane rw'ibimenyetso** (uruheêrerekane rw'ibimenyeetso). Eng: **Character string**; string. Fr: **Chaîne de caractères**; chaîne. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urukurikirane rw'ibinyabumwe by'ururimi rwa mudasobwa, uburebure bw'urukurikirane bungana n'umubare w'ibinyabumwe nyarurimi mu cyiciro.

**Urukiniro** (urukiniro). Eng: **Game console**. Fr: **Console de jeu**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gitoroniki cyakozwe mbere kigenewe gushyirwa ahantu kitayezwa mu rugo cyangwa ahandi, kigacomekwa ku irebero nk'irya televiziyo cyangwa mudasobwa, kikanacomekwa ku muriro hakoreshejwe umugozi, kikaba gikinwaho imikino y'amashusho hakoreshejwe ingenzuzi imwe cyangwa nyinshi z'imikino y'amashusho.

**Urukurikirane nyabubiri** (urukurîkirane nyabûbiri). Eng: **Binary string**. Fr: **Chaîne binaire**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Urukurikirane rw'imyanya nyantera ikoreshwa kugira ngo ishyirwemo amakuru nk'amashusho, amajwi n'ibindi byo mu itangazamakuru.

**Urumuri rwa razeri** (urumuri rwaa râzeeri). Eng: **Laser beam**; Laser light. Fr: **Faisceau laser**; lumière laser. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. (Biotechnology, imaging ikoreshwa kwa mugaganga). SH: Urumuri rwihariye ngaragazashusho ritabonwa n'amaso rutangwa n'igikoresho cya lazeri.

**Ururimi mbonera rwa mudasobwa** (ururîmi mbonerâ rwaa mûdasobwâ). Eng: **Formal Language**; machine-interpretable syntax. Fr: **Langage formel**; syntaxe interprétable par machine. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururirane rw'urukurirane rw'ibimenyetso bisobanuwe n'amategeko cyangwa ikibonezamvugo cyihariye, rukoreshwa mu kuranga imyubakire n'insobanuro z'indimi z'ibonezamikorere, z'imbonezanzira z'itumanaho n'izindi sisitemu z'ikoranabuhanga.

**Ururimi mpuza ngengamiterere** (ururîmi mpuûza ngêegamîteêrere). Eng: **Unified Modeling Language**. Fr: **Langage de modélisation unifiée**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi rukoreshwa mu gusobanura imiterere y'ibikorwa mu mikoreshereze ya mudasobwa mu buryo bunoze kandi busobanutse.

**Ururimi ngenamikorere nyubakankoranabuhanga** (ururîmi ngênamikorêre nyûbakankôranabûhaânga). Eng: **Visual Basic (VB)**. Fr: **Visual Basic**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuryango w'indimi za porogaramu zakozwe na Mikorosofuti™, zikoreshwa cyane cyane mu gukora porogaramu za Windows.

**Ururimi ngenamikorere rw'abatangizi** (ururîmi ngênamikorêre rw'âbatâangizi). Eng: **Beginner's All-purpose Symbolic Instruction Code (BASIC)**; **BASIC** programming language. Fr: **Code d'instruction symbolique polyvalent pour débutant**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuryango w'indimi zo ku rwego rwo hejuru kandi zikoreshwa muri rusange zagenewe koroshya ikoreshwa rya mudasobwa ku batangizi.

**Ururimi nkoreshwa rwa mudasobwa** (Ururîmi nkoreshwa rwaa mudâsobwâ). Eng: **Object code**; object module. Fr: **Code objet**; module objet. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe mbumbe cy'ururimi rwa mudasobwa kiba gitegereje gukoreshwa mu kubaka gahunda ya mudasobwa, kikaba gikomoka ku ifishi imwe cyangwa menshi kikabamo amabwiriza y'imashini, amakuru n'inyobozi y'amakuru biba ari ngombwa kugira ngo mudasobwa ikoreshwe.

**Ururimi nyubakankoranabuhanga** (ururîmi nyûbakankôranabûhaânga). Eng: **Visual Basic for Application (VBA)**. Fr: **Visual Basic pour Applications**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**.

SH: Ururimi rukoreshwa mu kwandika porogaramu za sisitemu y'imikorere ya Windows.

**Ururimi nyubakankoranabuhanga rwagutse** (ururîmi nyûbakankôranabûhaânga rwaagûtse). Eng: **Extensible Markup Language** (XML). Fr: **Langage de balisage extensible** (XML). NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi rukoreshwa mu gusobanura inyandiko zifite imiterere isanzwe ishobora gusomwa na porogaramu iyo ari yo yose ijyanye na XML.

**Ururimi nzira ebyiri rw'imbikamakuru** (ururîmi nzira ebyiri rw'iimbïkamâkurû). Eng: **dual in-line memory module** (DIMM). Fr: **Module de mémoire double en ligne**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'imbikamakuru koranabuhanga bwabanjije kuba bufite imibare nyabubiri 64, bugatuma haba iyoherezamakuru ryihuse, bugakoreshwa muri mudasobwa zo mu biro, izigendanwa n'impuzamakuru, ikarangwa no kugira inzira nkoranabuhanga z'imbikamakuru nyinshi ku ikarita y'intwaramakuru.

**Ururimi rw'ibanze rwa mudasobwa** (ururîmi rw'ïbâanzê rwaa mûdasobwâ). HI: **Ururimi shingiro rwa mudasobwa** (ururîmi shiingiro rwaa mûdasobwâ). Eng: **Low-level language**. Fr: **Langage de bas niveau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi bwite mudasobwa ikoresha ruhuriweho n'amabwiriza itanga ku buryo porogaramu zayo zikora ku buryo burambye.

**Ururimi rw'ihangamikorere rw'isi shusho** (ururîmi rw'ïihâangamïkorêre rw'ïisï shusho). Eng: **Virtual Reality Modeling Language** (VRML). Fr: **Langage de modélisation de réalité virtuelle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Amabwiriza yo kugendesha amashusho ya 3D atuma haremwa imbuga za interineti zikorana n'ukoresha mu buryo bwa 3D.

**Ururimi rwa C++** (ururîmi rwaa C++). Eng: **C++**. Fr: **C++**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ururimi rukomeye kandi rufite ubushobozi bwo gukoresha porogaramu, ruzwiho imikorere n'uburyo bworoshye bwo guhindura ibintu.

**Ururimi shingiro** (ururîmi shiingiro). Eng: **Source code**. Fr: **Code source**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikintu remezo

cyubaka gahunda koranabuhanga cyahanzwe n'umugenarurimi rwa mudasobwa.

**Urusobe koranabuhanga** (urusobê kôranabûhaânga). Eng: **Digital ecosystem**. Fr: **Ecosystème numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rw'abantu, ibigo n'inzungano bikoresha ikoranabuhanga kugira ngo bikorane, bigaca mu nzira eshatu: urusobe rw'ishyira mu ikoranabuhanga, urusobe rw'imbuga n'urusobe rw'impuzambuga, ibyo byose bihurira ku ishyirabintu mu ikoranabuhanga hifashishijwe gukorana n'abafatanyabikorwa b'abacuruzi, ariko hanagamijwe icungwa ryabyo ryoroshye.

**Urusobe koranabuhanga hererekanyamakuru** (urusobê kôranabûhaânga hêrererekanyamâkurû). HI: **Imbikamakuru koranabuhanga** (imbûikamâkurû kôranabûhaânga). Eng: **Blockchain**. Fr: **Chaîne de Blocs**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kubika amakuru mu buryo bwizewe kandi butavogerwa.

**Urusobe mpuzamiyoboro** (urusobê mpuuzamiyoboro). Eng: **Network Internet Access**. Fr: **Réseau Accès Internet**. NK: **koranabuhanga rya murandasi**. SH: Ubushobozi bwa mudasobwa cyangwa igikoresho runaka bwo kwihuza n'urusobe rutanga uburyo bwo kugera kuri interineti, bigatuma uyikoresha ashobora kureba imbuga, kohereza no kwakira ubutumwa bwa imeri, no gukoresha serivisi zo kuri interineti.

**Urusobe ntangamakuru** (urusobê ntâangamâkurû). HI: **Urusobe ntangazamakuru** (urusobê ntâangazamâkurû). Eng: **Multimedia**. Fr: **Multimédia**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bw'ikoranabuhanga bukoresha urusobe rw'intangamakuru: inyandiko, amakuru, amashusho, amajwi, hamwe na videwo yerekana amashusho.

**Urusobe rwa mudasobwa** (urusobê rwaa mûdasobwâ). Eng: **Computer network**. Fr: **Réseau informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ikoranabuhanga rya mudasobwa zisangiye ibyangombwa bitangwa n'ipfundo huzanzira, ibyo byangombwa bikaba bigizwe n'ibikoresho n'inkoranabuhanga bituma hashobora gushyirwaho ihuzanzira, icy'ingenzi akaba ari intanganzira.

**Urusobe rwa mudasobwa rwanujwe** (urusobê rwaa mûdasobwâ rwaandûjwe). HI: **Ihuzanzira rya za nyamwikoresha** (ihuuzanzira ryaa zaa nyamwiikoreesha). Eng: **Botnet**; zombi. Fr: **Réseau de zombies**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urwunge rwa za mudasobwa

zandujwe n'inkoranabuhanga y'ingome kandi zigenzurwa n'imwe yazigabyeho.

**Urutirigongo mpuzanzira** (urutirigoongo mpuuzanzira). Eng: **Network backbone**; backbone network; backbone; core network. Fr: **Réseau fédérateur**; réseau central; cœur de réseau. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igice cy'ihuzanzira koranabuhanga gihuza ihuzanzira ritandukanye, kigatanga umuyoboro wo guhererekanya amakuru hagati y'ihuzanzira za hafi cyangwa ihuzanzira rito, kigahuza ihuzanzira ryo mu nyubako imwe, amazu atandukanye ya kaminuza cyangwa se ahantu hanini, gifite imbaraga zo guhuza uturere dutandukanye, inzu z'amakuru na murandasi ndetse na serivisi z'ububiko bw'iyakure.

**Urutirigongo rw'ihuzanzira** (urutirigoongo rw'ihuuzanzira). Eng: **Backbone network**; Network backbone; backbone; core network. Fr: **Réseau central**; Réseau fédérateur. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igice gikuru cya mudasobwa gihuza imiyoboro itandukanye, kigatanga uburyo bwo guhererekanya amakuru biciye mu mpuzanzira zoroshye nka LAN na WAN ndetse n'iziri nto kuri zo.

**Urutonde ngenzurarwinjiriro** (urutoônde ngêenzuurarwîinjiriro). Eng: **Access Control List (ACL)**. Fra: **Liste de contrôle d'accès**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Akayunguruzo gacenshura amapaki y'impushya z'abakiriya ku ifishi imwe hifashishijwe urutonde rw'amategeko yemerera guhita cyangwa ahagarika amakuru, kakaganzura indanga nyoherezabutumwa, indanga nyakirabutumwa na numero y'urucomekero.

**Urutonde ngenzurarwinjiriro ndobanura** (urutoônde ngêenzuurarwîinjiriro ndobanura). Eng: **Discretionary access control list (DACL)**. Fr: **Liste de contrôle d'accès discrétionnaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Urutonde rw'amazeru rwerekana uburenganzira bw'iyinjira ku kintu kirinzwe, uburenganzira bwo kurugeraho butangwa na nyirarwo cyangwa se undi ubifitiye uburenganzira, rukagaragaza abantu bemerewe cyangwa batemerewe kugera ku kintu kirinzwe.

**Urutonde rw'igenzura ry'urwungano rw'urwinjiriro** (urutoônde rw'îgenzuura ry'ûrwuungaano rw'ûurwîinjiriro). Eng: **System Access Control List (SACL)**. Fr: **Liste de contrôle d'accès système**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Igenzura rikorerwa abakoresha iyo

uburenganzira ku kintu babuhawe cyangwa babwimwe, bikagira umumaro wo kugaragaza ahari icyuho mu burinzi kandi bikanagaraza ahantu nyakuri harangwa n'ubwagirike mu rwungano.

**Urutonde rw'inzira nyamudasobwa** (urutoônde rwinzira nyaamûdasobwâ). Eng: **Bus catalog**; bus catalogue. Fr: **Catalogue commun**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Urutonde rukubiyemo ibicuruzwa biri ku isoko byo mu bigo bitandukanye.

**Urutsinga huzanzira** (urutsiînga huuzanzira). Eng: **Networking cable**. Fr: **Câble réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuyoboro ucishwamo ibikoresho by'urusobe bikoreshwa mu guhuza igikoresho kimwe cy'urusobe n'ibindi bikoresho by'urusobe cyangwa guhuza mudasobwa ebyiri cyangwa nyinshi kugira ngo zisangire ibikoresho nk'incapanyandiko cyangwa imfotorashusho nyandiko.

**Urwakiro** (urwaakiiriro). Eng: **Home**. Fr: **Bureau**; écran d'accueil. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urutonde usangamo amakuru abitswe ku mafishi muri mudasobwa ku byakozwe n'uyikoresha.

**Urwakiro rw'ibitekerezo** (urwaakiiriro rw'ibiteekerezo). Eng: **Feedback Hub**. Fr: **Centre de commentaires**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu rusange yakozwe na Mikorosofuti™.

**Urwandikiro** (urwaandikiro). HI: **Mwandikisho** (mwaandikiisho). Eng: **Keypad**. Fr: **Clavier**; pavé numérique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cyo kwinjizamo kigufasha kwinjiza amakuru kuri mudasobwa yawe igendanwa, mudasobwa yo ku meza, telefoni igendanwa, cyangwa tabuleti ukanze utubuto.



**Urwandikiro nkoranabuhanga** (urwaandikiro nkôranabûhaânga). Eng: **Virtual keyboard**. Fr: **Clavier virtuel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu yigana mwandikisho isanzwe, ishusho ya mwandikisho igaragara kuri mugaragaza, maze umukoresha akayikandaho kugira ngo yandike amagambo.

**Urwandikiro nyamibare** (urwaandikiro nyamîbarê). Eng: **ICT spreadsheet**; spreadsheet; Excel. Fr: **Feuille de calcul TIC**; tableur; Excel. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu ikora ibijyanye no guteranya imibare ikabikora yifashishije imbonerahamwe.

**Urwandikiro nyamibare** (urwaandikiro nyamibarê). Eng: **Numeric keyboard**. Fr: **Clavier numérique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urutonde rugizwe n'imibare guhera kuri 0 kugera ku 9, rwifashishwa na mudasobwa mu kwandika amakuru agizwe n'imibare.



**Urwandikiro rworoshye** (urwaandikiro rwoorôshye). Eng: **Membrane keyboard**. Fr: **Clavier à membrane**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikibaho cya mudasobwa gikoze muri plasitiki cyangwa urundi rupapuro rukweduka, rufite ibimenyetso n'inyuguti na byo bikoze muri izo mpapuro.

**Urwego ngengabikorwa rw'ibya telefoni** (urwêego ngêengabikorwâ rw'iibya telefoni). Eng: **Telephony**. Fr: **Téléphonie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwego rw'ikoranabuhanga rubarirwamo gukora ibijyanye n'itumanaho, kubigerageza no gukwirakwiza serivisi z'itumanaho hagamijwe iyoherezwa ry'imiraba nyamajwi, za fagisi n'amakuru hagati y'ibikoresho bitegeranye.

**Urwego rugenzura** (urwêego rugeenzûura). Eng: **Supervisory authority**. Fr: **Autorité de contrôle**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwego rw'igihugu rufite mu nshingano umutekano w'ibijyanye n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho.

**Urwego rushinzwe iyandikambuga** (urwêego rushiinzwê iyândikambûga). Eng: **Top level domain registrar**. Fr: **Registraire du domaine de premier niveau**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Uwahawe uruhushya n'urwego ngenzuramikorere rwo gucunga amazina ndangarubuga yagenwe.

**Urwinjiriro rurinzwe rwa Wi-Fi** (urwîinjiriro ruriinzwê rwaa wifi). Eng: **Wi-Fi Protected Access (WPA)**. Fr: **Accès protégé du Wi-Fi**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inzira y'umutekano yagenewe gukora imiyoboro idafite insinga yizewe.

**Urwinjiriro rw'ihuuzanzira** (urwîinjiriro rw'ihuuzanzira). Eng: **Network tap**. Fr: **Dispositif d'accès-réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho gifatika gituma umuntu ashobora kugera ku makuru aca mu ihuuzanzira koranabuhanga.

**Urwinjiriro rw'urubuga** (urwîinjiriro rw'ûrubûga). Eng: **Front End** (Websites). Fr: **Front-end d'un site Web**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Ibyo ukoresha murandasi abona cyangwa akoresha iyo asuye urubuga runaka rwa murandasi.

**Urwinjiriro rwa Dolby** (urwîinjiriro rwaa Dolby). Eng: **Dolby access**. Fr: **Accès Dolby**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Inzira yawe yo kugera ku buryo butangaje bwo kwidagadura bwa Dolby ku mikino, filime n'ibiganiro kuri Xbox, Windows 10 PC cyangwa LG OLED TV yawe.

**Urwungano koranabuhanga** (urwuungaano kôranabûhaânga). Eng: **Framework**. Fr: **Cadre informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Imyubakire iri mu byiciro yerekana ubwoko bwa gahunda zishobora cyangwa zigomba kubakwa n'uburyo buri cyiciro kiba cyigenga.

**Urwungano koranabuhanga rw'iyamamaza** (urwuungaano kôranabûhaânga rw'îiyâmamaza). Eng: **Marketing technology system**; marketing technology; Martech. Fr: **Système de technologie de marketing**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Sisitemu y'ikoranabuhanga yo kwamamaza yerekeza ku bikoresho bikoresha ikoranabuhanga mu kunoza ibikorwa byo kwamamaza.

**Urwungano mbika na nsakazamakuru** (urwuungaano mbiika na nsâakaazamâkurû). Eng: **Store and forward**. Fr: **Stockage et transfert**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Sisitemu y'itumanaho rya imeri ibika ubutumwa bwinshi cyane mbere yo kubusakaza.

**Urwungano mbikamakuru** (urwuungaano mbîikamâkurû). Eng: **Agency Data Terminal**. Fr: **Terminal de données d'agence**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Igikoresho cyifashishwa n'abahagarariye banki mu gukora ibikorwa bya serivisi za banki.

**Urwungano mbikamakuru rw'ikigo** (urwuungaano mbîikamâkurû rw'îkigô). Eng: **Data Warehouse system (DW)**. Fr: **Entrepôt de données d'entreprise**; **entrepôt de données**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo kubika amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga buhuza kandi bugahuza amakuru menshi aturuka ahantu henshi hatandukanye.

**Urwungano mbumbankoranabuhanga** urwuungaano mbûumbankôranabûhaânga). Eng: **Multiprogramming system**. Fr: **Système de multiprogrammation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoresha gahunda nyinshi icyarimwe ku nshobozamudasobwa imwe.

**Urwungano mpuzaburenganzira** (urwuungaano mpûuzabûreenganzirâ). Eng: **Security group**. Fr: **Groupe de sécurité**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bushyirwaho bugamije kurinda inzungano bugenzura iyinjira n'isohoka muri izo nzungano, cyane cyane harindwa igikoresho cy'itangaburenganzira kiba kiri muri izo nzungano.

**Urwungano mpuzanyandiko** (urwuungaano mpuzanyandiko). Eng: **Hypertext**. Fr: **Hypertexte**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rutuma inyandiko zitandukanye zishobora guhuzwa bityo abantu batandukanye bagashobora kuzikoraho.

**Urwungano neungamirimo rukomatanyije** (urwuungaano ncuungamirimo rukomâtanyije). Eng: **Enterprise resource planning (ERP)**; ERP system. Fr: **Progiciel de gestion intégré**. NK: **Ikoranabuhanga ry'imari**. SH: Urwungano rw'inkoranabuhanga rufasha ibigo kuboneza imikorere y'ubucuruzi y'ingenzi yabyo, twavuga nk'imari, icungwa ry'abakozi rukomatanyije, ikorabintu, uruhererekane rw'igemurabintu, igurisha n'igura, rugatanga ishusho rusange y'umurimo kandi akaba ari inkomoko yihariye y'ukuri kw'ibikorwa.

**Urwungano ndangabantu** (urwuungaano ndaangabaantu). Eng: **Digital ID system**; DID system. Fr: **Identification numérique**. NK: **Ikoranabuhanga ndangamuntu**. SH: Imyigaragarize gitoroniki y'amakuru bwite ashobora gukoreshwa mu kugenzura ibiranga umuntu, urugero nk'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga.

**Urwungano ngengamafishiye shusho** (urwuungaano ngêngamafishiye shusho). Eng: **Virtual File Allocation Table (VFAT)**. Fr: **Table d'allocation de fichiers virtuels**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: sisitemu y'imikorere ikoreshwa mu gutunganya no kubona amadosiye kuri disiki ikomeye.

**Urwungano ngenzuzi nkoranabuhanga** (urwuungaano ngeenzuuzi nkôranabûhaânga). Eng: **Computer control system**; computer control. Fr: **Système de contrôle informatisé**; système de contrôle. NK:

**Ikoranabuhanga rya mudasobwa.** SH: Uburyo butuma ibikoresho byo hanze ya mudasobwa bigenzurwa kugira ngo hashobore gukorwa ingiro nsohoka zikenewe, bukagirwa n'urwinjiriro, inzira n'urusohokero, bukoreshwa nko mu kugenzura amatara, insaku za moteri, n'amaboko y'amarobo.

**Urwungano nkoranabuhanga** (urwuungaano nkôranabûhaânga). Eng: **Software framework**. Fr: **Cadre logiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inyurabwenge nkoranabuhanga ishingiraho itanga imikorere y'ibanze, ikaba yahindurwa ku buryo butoranyije hakoreshejwe ururimi rwa mudasobwa rw'inyongera rwanditswe n'ukoresha iyo nkoranabuhanga, hagakorwa indi nkoranabuhanga yihariye ijyana n'itsinda ry'inkoranabuhanga.

**Urwungano nkumiravogera** (urwuungaano nkûmiiravôogeera). Eng: **Intrusion prevention System (IPSs)**. Fr: **Système de prévention des intrusions**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho cy'umutekano w'ihuzanzira (gishobora kuba igikoresho gifatika cyangwa inkoranabuhanga) kigenzura ku buryo buhoraho gishakisha ibikorwa by'ubugizi bwa nabi kandi kigafata ibyemezo kugira ngo kibikumire, cyane cyane kiranga aho biherereye, kikabihagarika cyangwa kikabihanagura iyo bibaye.

**Urwungano nsangirabutumwa** (urwuungaano nsâangirabûtumwâ). Eng: **Mail-enabled**. Fr: **Extension de messagerie**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Inkoranabuhanga ishobora kohereza ubutumwa yikoreye, urugero nko gusubiza ko ubutumwa bwakiriwe.

**Urwungano nsangirabutumwa mpuzaburenganira** (urwuungaano nsâangirabûtumwâ mpûuzabûrenganzirâ). Eng: **Mail-enabled security group**. Fr: **Groupe de sécurité à extension messagerie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rutanga uruhushya rwo kugera ku makuru y'amasangiriro mu rutonde rukoresha rw'amakuru akoreshwa no kohereza ubutumwa bwa imeri bumenyeshya abazikoresha.

**Urwungano ntima** (urwuungaano ntîma). HI: **Ikarita ya mudasobwa** (ikarîta ya mûdasobwâ). Eng: **Motherboard**; Computer board; board. Fr: **Carte-mère**; carte mère; carte d'ordinateur; carte. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Igikoresho mwikorezi cya mudasobwa gituma ibindi bikoresho bihanahana amakuru hagati yabyo, ibyo ni nk'imbikamakuru, inshobozamudasobwa, ikarita y'amashusho n'ibindi bikoresho.



**Urwungano ntima ry'ubwenge buhangano** (urwuungaano ntîma ry'ûubwêenge buhaangano). Eng: **Neural processing unit** (NPU). Fr: **Unité de traitement neuronal**. NK: **Ubwenge buhangano**. SH: Igice cyo gutunganya imitsi (NPU) y'igikoresho gifite imiterere isa n'urusobe rw'imitsi rw'ubwonko bw'umuntu.

**Urwungano nyamiraba** (urwuungaano nyamîraba). Eng: **Microwave system**; microwave link. Fr: **Liaison micro-ondes**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: sisitemu y'itumanaho ikoresha umuraba w'imirasire ya radiyo mu rwego rwa **micro-onde frequency** kugira ngo yohereze videwo, amajwi, cyangwa amakuru hagati y'ahantu habiri, hashobora kuba hagati ya metero cyangwa metero nke, cyangwa hagati ya kilometero cyangwa kilometero nyinshi.

**Urwungano nyiganano** (urwuungaano nyîgaanano). Eng: **Clone**. Fr: **Clone**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ibikoresho cyangwa porogaramu byagenewe gukora kimwe cyangwa bisa cyane na sisitemu y'umwimerere.

**Urwungano nyoboramikorere** (urwuungaano nyôboramîkorêre). Eng: **Operating system** (OS). Fr: **Système d'exploitation**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Gahunda icunga ibyo mudasobwa ikoresha cyane cyane igenamikoreshereze y'ibyo bintu mu zindi gahunda, ibyo bintu ni inshozamudasobwa, imbikamakuru ya mudasobwa, ibika ry'amafishiye, ibikoresho byohereza cyangwa bikura amakuru muri mudasobwa n'ihuzanzira.

**Urwungano rukomatanyo** (urwuungaano rukômatanyo). Eng: **Embedded system**. Fr: **Système embarqué**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: sisitemu ya mudasobwa ishingiyeye kuri poroseseri nto

kandi ifite porogaramu zagenewe gukora akazi kayo, haba ku giti cyayo cyangwa muri sisitemu nini.

**Urwungano rw'amafishiye** (urwuungaano rw'âmafishiye). Eng: **File system**. Fr: **Système de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bukoreshwa na sisitemu y'imikorere kugira ngo itunganye, icunge, kandi igere ku madosiye n'ububiko ku gikoresho cyo kubika amakuru.

**Urwungano rw'amakuru nyabubiri** (urwuungaano rw'âmakuru nyabubiri). Eng: **Binary Large Object (BLOB)**. Fr: **Grand objet binaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'amakuru bukoreshwa mu kubika amakuru menshi ya nyabubiri adafite imiterere, nk'amashusho, amajwi, videwo, cyangwa inyandiko, mu bubiko cyangwa sisitemu.

**Urwungano rw'amazina y'ingeri** (urwuungaano rw'âamazina y'ingeri). Eng: **Domain Name System (DNS)**. Fr: **Système de noms de domaine**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Imikorere ihindura ingeri mo indanga za murandasi zikoreshwa n'inshakishamakuru zigashyira amakuru ku mapaji ya murandasi.

**Urwungano rw'ingamba nkoranabuhanga** (urwuungaano rw'îngaâmba nkôranabûhaânga). Eng: **ICT Strategic Framework**. Fr: **stratégique des TIC**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano rutanga ahantu ho mu rwego rwo hejuru kugira ngo hagenzurwe ku buryo buhamye amakuru n'ikoranabuhanga kugira ngo hashobore kwemezwa ko inzungano koranabuhanga zigenzurwa kandi zigakorerwa isuzumwa hakurikijwe intego z'ikigo n'ibyerekezo by'inzaaduka gifite.

**Urwungano rw'inkoranabuhanga** (urwuungaano rw'îinkôranabûhaânga). Eng: **Software package; programming package**. Fra: **Progiciel**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uruhurirane rwa za gahunda koranabuhanga ruhabwa icyemezo, izo gahunda zishobora gukururwa, cyangwa zikagurwa ku buryo twakwita ikirundo cy'ibicuruzwa bifitanye isano.

**Urwungano rwa BIOS** (urwuungaano rwa BIOS). Eng: **Basic Input/Output System (BIOS)**. Fr: **Système d'entrée/sortie de base**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: porogaramu itangira ibikoresho

bya mudasobwa kandi igashyiramo porogaramu iyo mudasobwa ifunguye.

**Urwungano rwa mugabuzi** (urwuungaano rwa mugabuzi). Eng: **Network Operating System**. Fr: **Système d'exploitation; Réseau**. NK: **Ikoranabuhanga rya murandasi**. SH: Itsinda rya mudasobwa ebyiri cyangwa nyinshi cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga bifitanye isano bikoreshwa hagamijwe guhana amakuru.

**Urwungano rwa mugabuzi** (urwuungaano rwa mugabuzi). Eng: **Server operating system**. Fr: **Système d'exploitation serveur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano huzanzira rwa mugabuzi rwihariye rucunga amakuru mpuzanzira no gutanga serivisi z'isangira ry'amafishiye, gucaba inyandiko no kubika inkoranabuhanga nkoresha zikenerwa n'abakiriya habariwemo abakoresha inzungano huzanzira zitandukanye.



**Urwungano rwa SAP** (urwuungaano rwa SAP). Eng: **Systems, Applications & Products (SAP)**. Fr: **Systèmes, applications et produits**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Urwungano ncuungamirimo rukomatanyije rukoreshwa cyane mu bigo, rugatuma buri rwego rw'umurimo rugera ku makuru rusange bakayasangira bigatuma buri mukozi akorera ahantu hari imikoranire ya buri muni haba mu ibaruramari, igurisha, ikorabintu, icungwa ry'abakozi n'imari.



**Ushinzwe inkoranabuhanga** (uûshiinzwe inkôranabuhaânga). HI: **Ushinzwe ikoranabuhanga** (uûshiinzwe ikôranabuhanga). Eng: **Systems administrator; IT administrator; system administrator; computer administrator; sysadmin; admin; Root**. Fr: **Administrateur de systèmes TIC; Administrateur informatique; administrateur du système; administrateur système; administrateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuntu urema itsinda rubugambaga kandi akaba afite ubushobozi bwo gushyiramo abantu cyangwa akabakuramo.

**Utanga itumanaho rusange** (uûtaanga itûmanahô rûsaânge). Eng: **Public communications provider**. Fr: **Fournisseur de communications public**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Utanga umuyoboro w'itumanaho cyangwa serivisi z'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Utanga serivisi** (uûtaanga seriviîsi). Eng: **Service provider**. Fr: **Fournisseur de service**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Urwego rwa Leta, rwigenga cyangwa umuntu ku giti cye biha abakoresha serivisi zabo ubushobozi bw'itumanaho hakoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa urundi rwego rutunganya cyangwa rubika amakuru abitse mu buryo koranabuhanga mu mwanya wa nyir'iryo tumanaho cyangwa w'abakoresha bene iyo serivisi.

**Utanga serivisi z'icyemezo koranabuhanga** (uûtaanga seriviîsi z'icyêemezo kôranabûhaânga). Eng: **Electronic certification service provider**. Fr: **Fournisseur de services de certification électronique**. NK: **Itumanaho koranabuhanga**. SH: Uwemerewe gutanga ibikoresho cyangwa serivisi bisuzuma umwimerere.

**Utanga umuyoboro w'isakazamakuru** (uûtaanga umuyoboro w'îsâakaazamâkurû). Eng: **Signal distributor**. Fr: **Distributeur de signaux**. NK: **Isakazamakuru**. SH: Uwahawe uruhushya rwo gutanga umuyoboro wa radiyo cyangwa serivisi z'itumanaho rikomatanya imirongo myinshi.

**Utunganya amakuru** (uûtuungaanya amakurû). Eng: **Data processor**. Fr: **Sous-traitant**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Umuntu ku giti cye, ikigo cya Leta cyangwa icy'abikorera cyangwa urwego bifite ubuzimagatozi byemerewe gutunganya amakuru bwite mu izina ry'umugenzuzi w'amakuru.

**Uwiyandikisha** (uwîiyandikiisha). Eng: **Registrant**. Fr: **Titulaire**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Usaba kugira cyangwa ufite izina ry'urubuga rwa interineti.



**Videwo** (videwo). Eng: **Video**. Fr: **Vidéo**. NK: **Ibikoresho by'itangazamakuru**. SH: Ubuhanga bwo guhuza amajwi n'amashusho

mu isura imwe ntangamakuru byereka abarebyi ishusho yafashwe ku buryo bw'ikoranabuhanga n'imfatashusho ikerekanarwa ku ndebero ya televiziyo cyangwa y'ikindi gikoresho.

**Virusi** (virûusi). Eng: **Computer virus**. Fr: **Virus informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ngome ikwirakwira muri za mudasobwa ikangiza amakuru n'ikoranabuhanga.

**Virusi ica inganda** (virûusi ica ingaando). Eng: **Resident Virus**. Fr: **Virus résident**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: virusi mbi yinjira mu bubiko bwa mudasobwa ikabugumamo, bityo ikabasha kwanduza andi madosiye ya mudasobwa n'iyi itaba iri gukora.

**Virusi koranabuhanga** (virûusi kôranabûhaânga). Eng: **Computer worm; worm**. Fr: **Ver informatique**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ngome irangwa no kwisubiramo igakwirakwira mu zindi mudasobwa kandi igakomeza kwangiza inzungano yagezemo.

**Virusi mvogerarwungano** (virûusi mvoogerarwuungaano). Eng: **Boot Sector Virus**. Fr: **Virus du secteur de démarrage**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ngome yangiza urwungano ntangizi rw'urwungano cyangwa rw'imbikamakuru ahoraho.

**Virusi nkuru** (virûusi nkurû). Eng: **Macro virus**. Fr: **Macrovirus**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bw'ikoranabuhanga yihagurutsa ubwayo igakora ibikorwa bitandukanye nkoranabuhanga bigira ingaruka zidahita zigaragara ikangiza cyane inzungano, irikuba inshuro nyinshi igakirakira mu zindi nzugano ikazangiza.

**Virusi nsabaganya** (virûusi nsaabaganya). Eng: **Multipartite Virus**. Fr: **Virus multipartite**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bwa porogaramu mbi ikora vuba cyane, igatera icyarimwe umurongo utangiza igikoresho n'amadosiye akora porogaramu.

**Virusi nshacyuho** (virûusi nshâacyûhu). Eng: **Browser Hijacker**. Fr: **Pirate de navigateur; virus de redirection de navigateur**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Porogaramu mbi ihindura uburyo bwo gukora bw'umukono w'urubuga idasabye uruhushya rw'umukoresha kandi ikamwohereza ku mbuga atateganyaga gusura.

**Virusi nto** (virûusi ntô). Eng: **Microvirus**. Fr: **Microvirus**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ngome ikora ishingiyeye ku mikorere y'amakode aba yihishe inyuma y'inyandiko y'ifishi, igasakaza amafishiye cyangwa imeri zanduye biva kuri mudasobwa bijya ku yindi, ku buryo ishobora guhanagura imbikamakuru nini yawe, igashyira muri mudasobwa yawe inkoranabuhanga yangiza.

**Virusi nyangizamafishiye** (virûusi nyangiizamafishiye). HI: **Virusi nyanduzamafishiye** (virûusi nyânduzamâfishiye). Eng: **File Infector Virus**; file-infecting virus. Fr: **Virus infecteur de fichiers**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga y'ingome ifata ku mafishiye afunguka ku buryo bwemewe mu rwungano runaka.

**Virusi yihinduranya** (virûusi yihiinduranya). HI: **Virusi yiyoberanya** (virûusi yiyôberanya). Eng: **Polymorphic virus**; metamorphic virus. Fr: **Virus polymorphe**; virus métamorphique. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ubwoko bwa porogaramu mbi bwateguwe ku buryo buhindura kenshi isura yabwo cyangwa imikono yabwo hakoreshejwe uburyo bushya bwo gusobanura no gupakurura amakode.

**Virusi yihisha ku rubuga** (virûusi y'ihisha ku rubûga). Eng: **Web Scripting Virus**. Fr: **Virus de Script Web**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga ngome ishobora kwinjira muri mudasobwa ikangiza ibigize umutekano w'urubuga rwa murandasi.

**Virusi yiyoberanya** (virûusi yiyoberanya). Eng: **Trojan horse virus**; trojan virus; Trojan horse; trojan. Fr: **Cheval de Troie**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Inkoranabuhanga yangiza ihenda ubwenge abakoresha mudasobwa ikababeshya ko ari gahunda ko ari inkoranabuhanga isanzwe ikabereka ibinyuranye n'ibyo igiye gukora.



**Wini 32** (Wiîni 32). Eng: **Win32**. Fr: **Win32**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gukora porogaramu za Windows (API) mu guteza imbere porogaramu za 32-bit.

**Wodati** (Woôdaati). Eng: **WordArt**. Fr: **WordArt**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Uburyo bwo gutunganya inyandiko bwa

Mikorosofuti Wadi, porogaramu ikunzwe cyane yo gutunganya amagambo.



**Yotabayiti** (Yotabayîti). Eng: **Yottabyte**. Fr: **Yottaoctet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe cyo kubika amakuru koranabuhanga, akaba ari ikinyabumwe kinini kuruta ibindi mu bikoreshwa, kikaba kingana na bayiti miriyari igihumbi za terabayiti.



**Zebibayiti** (zebibayîti). Eng: **Zebibyte**. Fr: **Zébioctet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe gikoreshwa mu kubika amakuru yo mu ikoranabuhanga kingana na bayiti 1 000 000 000 000 000 000 000.

**Zetabayiti** (zetabayîti). Eng: **Zettabyte**. Fr: **Zettaoctet**. NK: **Ikoranabuhanga rya mudasobwa**. SH: Ikinyabumwe cy'ibikwa ry'amakuru kingana na bayiti 1 000 000 000 000 000 000 000, mu by'ukuri kitajya gikoreshwa kubera ubunini bwacyo.





**INTEKO Y'UMUCO**

**Huye, SHRD2**

Agasanduku R'iposta 630 - Butare



Inteko yUmuco



[www.rwandaheritage.gov.rw](http://www.rwandaheritage.gov.rw)

